REPUBLIKA Y'U RWANDA

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu
n'Amajyambere ya Komini
B. P. 446 Kigali

# Raporo y'ihugurwa rya ba Suprefe

## (16-21 na 23-28 Ugushyingo 1986)

MUTARAMA 1987

APP 25 MARS 1987

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
N'AMAJYAMBERE YA KOMINI
B.P. 446 KIGALI
----oOo----

Kigali, kuwa 18/03/1987
N° 812 /04.09.01/16

Cl documentation APA
24/3/87

Ifatizo :
Umugereka:
Impamvu : Raporo y'Ihugurwa rya ba Suprefe.

Nyakubahwa Milita Prezida
wa Republika y'u Rwanda
KIGALI

APA

A traiter par ..........
Date entrée : 20-3-87
N° Classement 5551/04.09.7

Nyakubahwa Milita Prezida,

Nshimishijwe no kuboherereza raporo irambuye y'ihugurwa rya ba Suprefe ba Suprefegitura ryabereye ahahoze Iseminari ya Mutagatifu Paulo kuva tariki ya 17 kugeza kuya 21 Ugushyingo 1986 n'irya ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura ryabereye muri Centre Christus y'i REMERA kuva tariki ya 24 kugeza kuya 28 Ugushyingo 1986.

Iri hugurwa ryari rigamije gukangurira ba Suprefe kurushaho kwita ku murimo wabo wo kunganira Prefe wa Prefegitura. Kugirango iyo ntego igerweho, twahisemo kwibanda ku mirimo ireba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kandi dusaba bamwe muri ba Suprefe gutanga ibiganiro kugirango basobanurire bagenzi babo uko bakora akazi bashinzwe. Babonye umwanya uhagije wo kubijyaho impaka, bashaka uburyo bwatuma barushaho kugatunganya.

Kubera iyo mpamvu, ba Suprefe bafashe icyemezo cyo kurushaho gukurikiranira hafi imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini kugirango:

1° Ibibazo by'abaturage birusheho kubona ibisubizo bibangutse n'imanza zaciwe burundu zirangizwe vuba.

2° Ibihungabanya umutekano w'abaturage birusheho kurwanywa, abaturage batozwe umuco mwiza wa kinyarwanda wo gutabarana no kurera neza urubyiruko.

..../...

3° Abakozi bashinzwe ibarura ry'abaturage bakangukire kubahiriza amategeko arigenga.

4° Umutungo wa Komini umenyekane neza kandi urusheho gucungwa neza.

5° Imishinga ya Komini irusheho gutegurwa no gutunganywa neza.

6° Umuganda urusheho gutegurwa no gukorwa neza kugirango ugirire rubanda nyamwinshi akamaro.

7° Abaturage barusheho kujijuka, kohereza abana babo mu mashuri no guhugukira amajyambere.

Ku byerekeye ibyifuzo byatanzwe muri ayo mahugurwa, inzego zose zibifitiye ubushobozi zazadufasha kubishyira mu bikorwa kugirango amajyambere duharanira twese ashobore gusagamba mu baturage.

Mugire amahoro.

Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
n'Amajyambere ya Komini
HABANABAKIZE Tomasi.-

Umunyamabanga Mukuru
TEMAHAGALI Justin

Bimenyeshejwe:
- Bwana Umunyamabanga Mukuru
  wa M.R.N.D.
  KIGALI
- Bwana Ministri
  .............. ( Bose )
- Bwana Prefe wa Prefegitura
  .............. ( Bose )
- Bwana Suprefe
  .............. ( Bose )

# RAPORO Y'IHUGURWA RYA BA SUPREFE

( 16 - 21 na 23 - 28 Ugushyingo 1986 )

MUTARAMA 1987

# IJAMBO RY'IBANZE.

Muri Diskuru-Programu yo kuwa 8/1/1979, Nyakubahwa Milita Prezida wa Repubulika yasabye Ministeri ishinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu gufatanya n'Ibiro Bikuru bya M.R.N.D. gushaka ukuntu abakozi bose bahugurirwa imirimo bashinzwe.

Ndetse na Kongre zose zisanzwe za Muvoma yacu zifuje ko abakozi b'inzego zose bahugurirwa imirimo bakora kugirango barusheho kuyitunganya.

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yageragaje gushyira icyo kifuzo mu bikorwa, ariko yakunze kwibanda ku bakozi ba Komini, cyane cyane abacunga-mari, abakarani b'ibarura, abapolisi na ba Burgumestri.

Ibyo ariko ntibivuga ko abakozi ba Prefegitura bibagiranye kuko ba Prefe ba Prefegitura bamenyereye guhurizwa hamwe nibura rimwe mu gihembwe mu manama agamije kubafasha gutunganya neza imirimo itoroshye Igihugu cyabashinze.

Abafasha babo ba mbere aribo ba Suprefe ba za Suprefegitura na bagenzi babo bakorera kuri Prefegitura nabo ntibirengagijwe. Koko rero, kuva ku itariki ya 4 kugeza ku ya 17/11/1984, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yateguye ihugurwa rya mbere rya ba Suprefe ryabereye mu Kigo IWACU ku KABUSUNZU i KIGALI.

Nk'uko babyifuje rero, bene ayo mahugurwa yagenewe ba Suprefe ntiyahagarariye aho kuko muri uyu mwaka w'1986, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yateguye ihugurwa rya kabiri rya ba Suprefe; ba Suprefe bayobora za Suprefegitura 22 bahugurirwa muri Centre de Pastorale Saint Paul kuva ku itariki ya 17 kugeza ku ya 21 Ugushyingo, naho ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura bahugurirwa muri Centre Christus y'i REMERA kuva ku itariki ya 24 kugeza ku ya 28 Ugushyingo 1986.

Iri hugurwa rya ba Suprefe ryagize akarusho ku yandi mahugurwa kuko ba Suprefe barigizemo uruhare runini. Ubundi, mu mahugurwa nk'aya, impuguke za Ministeri nizo zitanga ibiganiro ariko siko byagenze. Ahubwo ba Suprefe nibo batanze ibiganiro, basobanurira bagenzi babo uko batunganya imirimo bashinzwe ndetse bungurana ibitekerezo kugira ngo barusheho kuyikora neza. Impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'I ihugu n'Amajyambere ya Komini zakoze akazi ko kubunganira.

Ikindi cyaranze iri hugurwa rya kabiri rya ba Suprefe n'uko bafashe ibyemezo by'ingenzi bagomba guhita bashyira mu bikorwa kugira ngo ibibazo byinshi bizitira amajyambere y'abaturarwanda bishobore kubonerwa umuti kandi amahoro, ubumwe n'ubutabera birusheho gusagamba.

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yasanze ari ngombwa gushubira muri iki gitabo ibitekerezo byose byavugiwe muri iryo hugurwa kugira ngo bishobore kugirira akamaro uzagisoma wese ariko cyane cyane abashinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo byafatiwemo.

0=0=0=0=0=0=0=0=0=0

# A M A S H A K I R O.


I. Abari mu ihugurwa .................................... 1

II. Ihugurwa rya ba Suprefe ba Suprefegitura

- 1/ Ibyakozwe ku byifuzo byatanzwe na ba Suprefe ba Suprefegitura mu ihugurwa ryabo ryabaye m'Ugushyingo 1984 .................................... 4
- 2/ Gahunda y'ihugurwa .................................... 9
- 3/ Ijambo rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ryatangije ihugurwa ... 10
- 4/ Ibiganiro
  - a) Ibibazo by'abaturage n'irangiza ry'imanza .................................... 13
  - b) Umutekano muri Komini .................................... 26
  - c) Ibarura ry'abaturage .................................... 30
  - d) Imyiyongerere y'umutungo wa Komini .......... 42
  - e) Itegurwa n'irangizwa ry'imishinga ya Komini . 48
  - f) Itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda .............. 54
  - g) Kugenzura imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini no gukora za raporo .................. 57
  - h) Imirimo ya Suprefe wa Suprefegitura ......... 67
  - i) Kujijura no guhugura abaturage .............. 74
- 5/ Inyandiko-mvugo y'ihugurwa .................................... 84
- 6/ Ibyemezo n'ibyifuzo by'ihugurwa .................. 122
- 7/ Ijambo rya ba Suprefe ba Suprefegitura mu isoza ry'ihugurwa .................................... 124
- 8/ Ijambo rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ryashoje ihugurwa ...... 126

III. Ihugurwa rya ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura.

- 1/ Ibyakozwe ku byifuzo byatanzwe na ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura mu ihugurwa ryabo ryabaye muw'1984 .................................... 129
- 2/ Gahunda y'ihugurwa .................................... 134
- 3/ Ijambo rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ryatangije ihugurwa .................................... 135

4/ Ibiganiro.

a) Ibibazo by'abaturage n'irangiza ry'imanza .............................. 137
b) Ibarura ry'abaturage .................. 149
c) Imyiyongerere y'Umutungo wa Komini ...... 159
d) Itegurwa n'irangizwa ry'imishinga ya Komini ............................ 163
e) Itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda .......... 171
f) Kugenzura imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini no gutegura za raporo ........... 179
g) Kujijura no guhugura abaturage
- Kurwanya ubujiji ..................... 189
- Amatwara rusange mu kwigisha gusoma, kwandika no kubara .................. 195
h) Imirimo ya ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura.
- Ibyerekeye Ubutegetsi n'Amategeko ..... 202
- Ibyerekeye imibereho y'abaturage n'umuco ............................. 207
- Ibyerekeye Ubukungu na Tekiniki ....... 214
- Ibyerekeye Politiki .................. 222

5/ Inyandiko-mvugo y'ihugurwa ................ 232
6/ Ibyemezo n'ibyifuzo by'ihugurwa ........... 265
7/ Ijambo rya ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura mu isoza ry'ihugurwa .......... 268
8/ Ijambo rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ryashoje ihugurwa ................................. 270.

0=0=0=0=0=0=0=0=0

ABARI MU IHUGURWA

a) Ba Suprefe ba Suprefegitura.-

| SUPREFEGITURA | A M A Z I N A |
|---|---|
| KANAZI | 1) RUZIGANA Michel |
| MURAMBI | 2) GAKULIRO Léonidas |
| RUSHASHI | 3) MUNYANTORE Evariste |
| KIYUMBA | 4) KOLONI Placide |
| RUHANGO | 5) KAYINAMURA Félicien |
| NYABISINDU | 6) GASANA J.Chrysostome |
| BUSORO | 7) SIMBALIKURE Assiel |
| GISAGARA | 8) SEMASAKA Faustin |
| MUNINI | 9) NTIBABWILIZWA Joseph |
| KADUHA | 10) SEZIBERA Benoît |
| KARABA | 11) NDAYISABA Pascal |
| RWESERO | 12) KAREKEZI-RURANGIRWA Jean Chrysostome |
| BUGUMYA | 13) NSEKANABO Edouard |
| BIRAMBO | 14) RUKUBAYIHUNGA Michel |
| KABAYA | 15) NDAGIJIMANA Pierre |
| NGORORERO | 16) BIKUMBI Raphaël |
| KIRAMBO | 17) NTAHONTUYE Alexis |
| BUSENGO | 18) NZANANA Dismas |
| NGARAMA | 19) RUDAKUBANA Anaclet |
| KINIHIRA | 20) KANYAMIBWA Alexis |
| RWAMAGANA | 21) SEKAGINA Faustin |
| KIREHE | 22) HABIMANA Joseph |

b) Ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura.-

| PREFEGITURA | A M A Z I N A |
|---|---|
| KIGALI | 1. NYIRARENZAHO Victoire<br>2. MINANI Athanase<br>3. NZANYWAYIMANA Anthère |
| GITARAMA | 1. NTAGUGURA Georges<br>2. GATSINZI Jean Baptiste<br>3. KAGABA Jean Népomuscène<br>4. NZARAMBA Joseph |
| BUTARE | 1. NDABAMENYE Michel<br>2. KAYIBANDA Vincent<br>3. KALIMANZIRA Callixte<br>4. MUNANIRA Jérémie |

- Abandi bakozi

1) NIYIBIZI Tite
2) MUNYEMANZI Ignace
3) AYINKAMIYE Marie Claire
4) HABIYAKARE Ildephonse
5) HARELIMANA Anselme
6) HABUMUGISHA Michel
7) RWAKAYIJA Christophe
8) NKIKO Faustin
9) MUKARUGOMWA Agnès
10) KAMPIRE Odette

d) Abahagarariye Prezidansi ya MRND

1) RUKEBESHA Aloys
2) MURANGIRA François
3) BIGILIMANA Anselme

e) Uhagarariye MINIREI

SIBOMANA Benoît

| | |
|---|---|
| GIKONGORO | 1. NGENDAHAYO Révérien<br>2. NIYITEGEKA Bernard<br>3. HAVUGA Froduald |
| CYANGUGU | 1. BALIVUGA Laurent<br>2. GATSIMBANYI Tharcisse<br>3. MUNYANGABE Théodore |
| KIBUYE | 1. MUNYESHEMA Jean Baptiste<br>2. HAKIZAMUNGU Jean Baptiste<br>3. NSABIMANA Joseph |
| GISENYI | 1. SINARUHAMAGAYE Jean Bosco<br>2. MINANI Faustin<br>3. RUSATSI Jean Baptiste<br>4. GATERA Gaspard |
| RUHENGERI | 1. RUTAYISIRE Sophonie<br>2. BANYURWABUKE André<br>3. NTAWITONDA Placide |
| BYUMBA | 1. BUDARAMANI Grégoire<br>2. RUKABUKIRA Ildephonse<br>3. BUCYEKABILI Célestin |
| KIBUNGO | 1. GASHONGORE Fabien<br>2. HATEGEKIMANA Joachim<br>3. NZEYIMANA François |

c) Abakozi ba MININTER.-

- Abayoboye ihugurwa

1) TEMAHAGARI Justin, Umunyamabanga Mukuru

2) NDAGIJIMANA Papias, Umuyobozi Mukuru w'ibyerekeye Politiki n'Ubutegetsi.

.../...

- Abandi bakozi

1) NIYIBIZI Tite
2) MUNYEMANZI Ignace
3) AYINKAMIYE Marie Claire
4) HABIYAKARE Ildephonse
5) HARELIMANA Anselme
6) HABUMUGISHA Michel
7) RWAKAYIJA Christophe
8) NKIKO Faustin
9) MUKARUGOMWA Agnès
10) KAMPIRE Odette

d) Abahagarariye Prezidansi ya MRND

1) RUKEBESHA Aloys
2) MURANGIRA François
3) BIGILIMANA Anselme

e) Uhagarariye MINIREI

SIBOMANA Benoît

# IBYAKOZWE KU BYIFUZO BYATANZWE NA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA MU IHUGURWA RYABEREYE KU KABUSUNZU (12-16 NOVEMBRE 1984)

## I. IBYEREKEYE POLITIKI

- Ba Suprefe bashyirwa mu nzego z'ubutegetsi bwa M.R.N.D. (Kongre ya Prefegitura na Kongre y'Igihugu).

R. Hakurikijwe itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rishinga imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8 n'iya 17, ubutegetsi n'amajyambere ya Prefegitura bishinzwe Prefe. Aba Suprefe, baba aba Prefegitura, baba aba Suprefegitura, ni abakozi Prefe yahawe kugira ngo bamufashe mu mirimo yashinzwe n'igihugu. Mu by'ukuri, ntacyo bahagarariye uretse nyine kuba ari abafasha ba Prefe, cyane cyane dukurikije uko amategeko ateye muri iki gihe. Dushobora gufata urugero ku bakozi bakora muri Ministeri, iyo ari yo yose. Ministeri ifite uyishinzwe, ari nawe ushinzwe Selire yayo mu rwego rwa M.R.N.D., uretse nanone bamwe mu bakozi babishaka bagatorwa na bagenzi babo kugira ngo babarwe mu bagize Komite ya Selire.

Byongeye kandi mbibutse ko Kongre y'igihugu igizwe n'aba bakurikira : (Article 17).

- Abagize Komite-Nyobozi
- Abagize za Komite za Prefegitura
- Ba Prezida na ba Visi-Prezida ba za Kongre za Komini
- Abayobozi b'ingaga zishamikiye kuri Muvoma mu rwego rw'Igihugu.

Naho Kongre ya Prefegitura, igizwe n'aba bakurikira : (article 31).

- Abagize Komite ya Prefegitura
- Abagize Inama y'Abayobozi b'Imirimo muri Prefegitura
- Abagize Komite za Komini
- Abayobozi b'Ingaga zishamikiye kuri Muvoma muri Prefegitura
- Abajyanama ba Komini.

Ikibazo rero aho kiri ni aha :

1) Abasuprefe bajya mu nzego z'ubutegetsi bwa Muvoma bitwa bande ?
2) Iki cyifuzo abasuprefe bose bagihuriyeho, abaprefegitura n'aba Suprefegitura. Mu by'ukuri, uretse abitwaza ko ngo batagera aho abo bayobora mw'izina rya Prefe bafitiye uburenganzira,

hakemerwa bande kandi kubera izihe mpamvu ? Abasuprefe babifitemo nyungu ki ? Igihugu cyo cyakuramo iyihe nyungu.

Yenda mwaba mwifuza ko amategeko ariho ubungubu yahinduka. Icyakora, njye uko mbyumva, ubanza atari yo yonyine yahinduka. Ubwo yaza ashimangira indi mitunganyirize n'imitegekere y'Igihugu cyose, abaturage bakwishyiriraho biramutse bibaye ngombwa. Ariko nabyo bigomba kugira impamvu zigaragara mushobora namwe kuba mwatangaho ibitekerezo.

## II. IBYEREKEYE UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA

1. Umushinga w'ubufatanye n'ubutwererane ukwiye gushyigikirwa no gusakazwa mu makomini, Suprefegitura na Komini.

R. Birubahirizwa amakomini menshi afitanye ubufatanye n'ubutwererane n'amakomini yo mu mahanga, andi ari mu nzira zo kubishyikira. Hari icyakozwe nanone mu rwego rwa Prefegitura, twavuga nka Prefegitura ya GISENYI n'ahandi bigishakwa. Mu rwego rwa Suprefegitura ho, ubanza bikiri kure, uretse ko nanone umuntu yageraho akanibaza niba ari ngombwa, kuko Suprefegitura iri kandi igengwa na Prerefegitura.

2. Bitewe n'uko utunama mu rwego rwa Komini ari twinshi, turasaba ko inama ya Komini Iharanira Amajyambere yakwiremamo utunama dushinzwe kugenzura iyo mirimo.

R. Iki cyifuzo twasanze kidasobanutse.
Nk'uko Itegeko-Teka ryo kuwa 26 Nzeli rihindura itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963, ryerekeye imitegekere ya Komini ribivuga mu ngingo yaryo ya 70, Inama Iharanira Amajyambere muri Komini igizwe na Burugumestri, ari nawe uyiyobora, abajyanama ba Komini, abari mu kanama k'Impuguke ke n'abategeka imirimo muri Komini.

Aho ikibazo kiri ni ukumenya ibi bikurikira :

- Utwo tunama twaza ari utuhe ?
- Twakora iki kandi dute ?
- Twabona igihe ?
- Ese ko mu rwego rwa Prefegitura hari Suprefe (Ubutegetsi n'Ubucamanza) ushinzwe kumenya uko ubutegetsi bw'amakomini n'inzego zabwo zikora, ntiyagongana n'utwo tunama, kimwe na Suprefe (Politiki) ushinzwe kumenya uko inzego za Politiki zo mu rwego rwa Komini zikora.

.../...

3. Ubuzima-gatozi bwa Prefegitura bukwiye gushyirwa mu bikorwa.

R. Nibyo. Imishinga y'amategeko yashyikirijwe inama ya Leta.

4. Turasaba ko inkiko za Kanto zakwirakwizwa mu makomini yose y'u Rwanda.

R. Hasigaye amakomini 12 . Ariko nk'uko Ministeri y'Ubucamanza ikunda kubivuga, ntibyoroshye kuko bigomba amafranga.

5. Inama yifuje ko mu gihe cyo gutanga mutation z'abasuprefe, ikibazo cy'imiryango yabo cyajya cyitabwaho; imyigire y'abana n'akazi k'abagore bako byazirikanwa.

R. Iki cyifuzo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yaracyubahirije cyane cyane ku byerekeye abana, biga. Nta mutations zigitangwa hagati mu mwaka w'amashuri.
Ku kibazo cy'abagore bakora rero, ntibyoroshye kuko ahenshi amajyambere mu mpande zose z'igihugu akiri make.
Amahirwe yo kubona umurimo aho umuntu agiye cyangwa se ahahinduriwe hose aracyari make cyane, ndetse hamwe na hamwe ni ntayo.
Yenda bizaza.

6. Turasaba ko Radiyo zo gutumanaho ziri ku mirwa ya Prefegitura na Suprefegitura zajya zikora amanywa n'ijoro.

R. Nibyo. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini iracyasuzuma ukuntu byashoboka. Icyakora nanone nabyo ntibyoroshye kuko bisaba kwongera abakozi. Ubwo n'ikibazo cy'amafranga yo kubahemba kikaziraho.

7. Suprefe wa Suprefegitura akeneye umufasha wajya amusigariraho igihe adahari.

R. Nibyo, birateganyijwe mu mushinga w'amategeko mashya azagenga Prefegitura.

8. Abashoferi ba za Suprefegitura bakwiye kugenerwa prime kimwe n'abandi bashoferi batwara izindi modoka zikora buri gihe.

R. Iki cyifuzo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yaragisuzumye. Yasanze imodoka Suprefe wa Suprefegitura agenderamo idakora buri gihe kandi ko itagomba gukora buri gihe. Igomba gukoreshwa mu masaha yagenewe izindi modoka za Leta muri rusange. Kubera iyo mpamvu rero nta prime.

9. Turasaba ko ba Suprefe bacumbikirwa ku buntu; ahatarubakwa bikihutirwa, naho ahubatse amacumbi agafatwa neza, agashyirwamo n'ibyangombwa, hakurikijwe amikoro y'igihugu.

.../...

R. Kugeza magingo aya, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ibifashijwemo na Leta, yakoze uko ishoboye. Ku basuprefe ba Suprefegitura 22, 15 gusa bacumbikiwe neza bamwe mu mazu mashya. Abandi muri bo hari abacumbitse mu tururi, hakaba n'abacumbitse kure y'aho bakorera, ku buryo iyo imodoka yapfuye cyangwa se imvura yaguye, batabona uburyo bwo kuruhuka cyangwa se kujya ku murimo. Abo nabo bitaweho. 1987 ishobora kuzarangira hasigaye bake cyane badacumbikiwe uko babyifuza, uko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ibyifuza.

Ayo mazu agomba gufatwa neza, nk'andi mazu ya Leta, ariko ugomba gufata inzu ya Leta neza mbere na mbere ni uyicumbitsemo.

Ku byerekeye ibikoresho, ndumva hakiri ah'impaka. Iteka rya Prezida n° 356/08 ryo kuwa 14 Ukwakira 1980 rishyiraho uburyo bwo guhabwa amacumbi ku bakozi ba Leta (ingingo ya mbere) rivuga ko icumbi ririhwa n'umukozi, ibyangombwa (ibitanda, intebe, utubati, amashyiga n'ibindi) nabyo ni uko.

Igituma umuntu yavuga rero ko impaka zishobora kuba zikiri ndende, ni uko abasuprefe bahindagurika, cyangwa se bahindurwa kenshi. Ibyo bikaba bishobora gutuma utwabo duke twangirika. Twizere ko ababishinzwe bazabonera umwanzuro ushimishije kuri iki kibazo. Ariko kandi tudakabije, abasuprefe ni abakozi nk'abandi bose muri rusange, uretse ko bo bagira amahirwe amategeko abagenga akaba yarateganyije ko bashobora kugira uburenganzira bushyizweho n'itegeko.

10. Tumaze kubona ibitekerezo n'ibyifuzo twagejejweho muri iri hugurwa, turasaba ko amahugurwa nk'aya yaba menshi, ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, kandi tukajya duterana turi kumwe na bagenzi bacu bakorera kuri Prefegitura.

R. Iki cyifuzo cyitaweho kandi ngirango nta wundi mugabo watangwa uretse iri hugurwa mwahamagawemo. Ni ukuvuga rero ko bigikomeza. Ariko kandi, byaba byiza yenda mu myanzuro muzakora iri hugurwa rirangiye mutubwiye kurushaho niba hari icyo murikuramo, uretse guhura mukaramukanya, abataziranye bakamenyana, ndetse mukanaruhukiramo gato.

Mwifuje ko abasuprefe ba Suprefegitura n'aba Prefegitura bahurira mw'ihugurwa. Yenda hari icyo byakwungura kurushaho. Ariko mu by'ukuri, uretse ko kubona ahantu abasuprefe 62 muri iki gihe bateranira kandi bitabogamiye abandi, muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini turacyakomeza kwibwira ko,

.../...

mu mirimo bashinzwe, Suprefe wa Suprefegitura ntaho ahuriye na Suprefe wa Prefegitura. Kuri Prefegitura, Suprefe yahariwe imwe mu mirimo Prefe yashinzwe n'itegeko. Naho muri Suprefegitura, Suprefe ashinzwe ibyo Prefe ashinzwe gukora byose muri Prefegitura ayobora. Ni uko amategeko abivuga. Ni ukuvuga rero ko abo bagabo bombi badafite ibibazo bimwe, yenda mwebwe haba hari ukundi mubibona. Ubwo mwatubwira.

11. Leta ikwiye kwihutisha umushinga wo kuvugurura amategeko agenga imitegekere ya Komini n'abakozi bayo, n'amategeko agenga imitegekere ya Prefegitura.

R. Byarakozwe. Umushinga w'amategeko agenga Prefegitura washyikirijwe inama ya Leta. Naho ibyerekeye Komini n'abakozi bayo, Ministeri yarawurangije. Ubu urasuzumwa n'akanama gashinzwe ibyerekeye Politiki, itangaza-Makuru n'Umutekano (C.I.C. Technique).

## III. IBYEREKEYE UBUKUNGU

1. Leta ikwiye kugena uruhare rw'abategetsi ba Komini n'aba Prefegitura mu itegura ry'imishinga ije mu turere bashinzwe n'imigenzurire yayo.

R. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ntiyasobanukiwe neza iki cyifuzo. Ariko kandi ikiruhije ni ukumenya uburyo bwakoreshwa kugira ngo urwo ruhare abategetsi bifuza rutaba urw'umurato gusa, urwo kugaragara gusa. Mubishoboye mwatanga ibindi bisobanuro bihagije, cyane cyane ibyerekeye inyungu yabyo.

2. Kubera ko amikoro ya Komini ari make, inama irasaba ko amafranga aturuka mu nkiko za Kanto yaharirwa Komini.

R. Byarakozwe. Amagarama yose Leta yemeje ko ajya mu isanduku ya Komini.

## IV. IBYEREKEYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE

Kubera ko intego z'ibigo bitsura amajyambere (C.S.D.) n'ibigo bihugura abaturage ubutitsa (CCDFP) ari imwe, inama ya ba Suprefe ba Suprefegitura yifuje ko Ministeri ibishinzwe yakwihutira guhuza ibyo bigo byombi bikaba bimwe, n'ubihagarariye akaba umwe muri Prefegitura, Suprefegitura na Komini.

R. Byarakozwe.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

GAHUNDA Y'IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA (16-21 UGUSHYINGO 1986)

| UMUNSI | AMASAHA | IBIGANIRO | ABATANZE IBIGANIRO: SUPREFE WA SUPREFEGITURA | ABATANZE IBIGANIRO: ABAKOZI BA MININTER |
|---|---|---|---|---|
| Ku cyumweru 16/11/1986 | 16H00 | Kugera muri Centre de Pastorale St Paul | - | - |
| Kuwa mbere 17/11/1986 | 09H00 | Gufungura ihugurwa | - | MININTER |
| | 10H00-12H30 | Ibibazo by'abaturage n'irangiza ry'imanza | NTAHONTUYE Alexis | GATWABUYEGE Claudien afashijwe na NYEMAZI Primien |
| | 15H00-17H00 | Umutekano muri Komini | SEKAGINA Faustin | BAKOMERA Jean Pierre afashijwe na Cdt MUNYAKAZI Laurent |
| | 20H00 | Kwerekana Sinema | | |
| Kuwa kabiri 18/11/1986 | 08H00-10H00 | Ibarura ry'abaturage | SIMBALIKURE Assiel | RISERURANDE Jean afashijwe na HARELIMANA François |
| | 10H30-12H30 | Imyiyongerere y'umutungo wa Komini | KAREKEZI-RURANGIRWA J.Chrysostome | BAZIMAZIKI Bernardin afashijwe na TWAGIRAMUNGU Thomas |
| | 15H30-17H00 | Itegurwa n'irangizwa ry'imishinga ya Komini | KANYAMIBWA Alexis | NIYIBIZI Tite afashijwe na MUNYEMANZI Ignace |
| | 20H00 | Kwerekana Sinema | - | - |
| Kuwa gatatu 19/11/1986 | 08H00-10H00 | Itegurwa n'ikorwa ry'umuganda | KOLONI Placide | KARANGWA Frédéric |
| | 10H30-12H30 | Kugenzura imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini no gutegura za raporo | GAKULIRO Léonidas | HARELIMANA François afashijwe na KABUREGE Project |
| | 14H30-17H00 | Gusura OVIBAR n'Ikigo cyororerwamo amatungo magufi i KABUYE | - | - |
| | 20H00 | Kwerekana Sinema | - | - |
| Kuwa kane 20/11/1986 | 08H00-10H00 | Imirimo ya Suprefe wa Suprefegitura | - | HARELIMANA François |
| | 10H30-12H00 | Kujijura no guhugura abaturage | BIKUMBI Raphaël | KARENZI Daniel afashijwe na LIBAKARE Elie |
| | 16H00 | Gutegura ibyemezo n'ibyifuzo | | |
| Kuwa gatanu 21/11/1986 | 09H00 | Gusoza ihugurwa | - | MININTER |

# IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA.

IJAMBO RYA MINISTRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'AMAJYAMBERE YA KOMINI MU MUHANGO WO GUTANGIZA IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA (17 - 21 UGUSHYINGO 1986).

---

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Ba Milita Suprefe,

Ba Militante, ba Milita ba M.R.N.D.,

Nk'uko Muvoma yacu na Prezida-Fondateri wayo, Nyakubahwa Jenerali-Major HABYARIMANA Yuvenali, badahwema kubitwibuta, abayobozi n'abayoborwa bagomba guhura kenshi, kugira ngo bashyikirane, abayobozi nabo ubwabo bagomba guhura, bakajya inama kandi bakungurana ibitekerezo, mu iyobora ry'abo bashinzwe.

Kuva Repubulika ya Kabili ishinzwe, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, yagerageje kubahiriza iryo hame. Koko rero, iyo dusubije amaso inyuma, dusanga ba Prefe ba za Prefegitura baragiye bateranira hamwe nibura rimwe mu gihembwe. Ba Burgumestri bamaze guteranyirizwa hamwe mu mahugurwa inshuro eshanu:

- Ihugurwa rya mbere ryabereye ku KICUKIRO h'i KIGALI mu mwaka wa 1975.
- Irya kabiri ribera i MURAMBI h'i GITARAMA mu mwaka wa 1978.
- Irya gatatu ribera muri Komini KIBALI h'i BYUMBA mu mwaka wa 1980.
- Irya kane ribera muri Komini NGOMA h'i BUTARE mu mwaka wa 1983.
- Irya gatanu ribera naryo muri Komini NGOMA h'i BUTARE mu mwaka wa 1985.

Izo ariko ni ingero, ubundi hahuguwe abakozi benshi kandi b'inzego hafi ya zose.

Ba Milita Suprefe, namwe ntimwibagiranye. Ihugurwa ryanyu rya mbere ryabaye mu Gushyingo 1984, mwe mushinzwe kuyobora za Suprefegitura, mwahuguriwe mu kigo IWACU ku KABUSUNZU, kuva ku itariki ya 12 kugeza kuya 16 Ugushyingo 1984. Iyi nshuro ibaye iya kabiri, muhurira hamwe mu ihugurwa ribateganyirijwe, kuva none tariki ya 17 kugeza kuya 21 Ugushyingo 1986.

.../...

Ba Milita Suprefe, nk'uko mwabyifuje mu ihugurwa ryanyu ryabaye muri 1984, twashatse ko iri hugurwa ryanyu, murigirano uruhare runini. Aho kuza gutega amatwi impuguke za Ministeri, zibasobanurira uko mugomba gukora imirimo mushinzwe, bamwe muri bagenzi banyu, nibo bazababwira uko batunganya iyo mirimo, cyane cyane iyerekeye ibarura ry'abaturage, umutungo wa Komini, Umuganda, irangiza ry'imanza n'ibindi. Nyuma, muzabona umwanya uhagije wo kubijyaho impaka, mwungurana ibitekerezo, kugira ngo murusheho gutunganya iyo mirimo. Impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini nazo zizabunganira, ariko uruhare runini, ni urwanyu.

Nubyo muzasuzuma, harimo irangiza ry'imanza. Ntawe utazi ko amahoro n'ubumwe bizatugeza ku majyambere, bishingiye ku butabera. Igihe jye na Ministri w'Ubucamanza twakoraga ingendo muri za Prefegitura, tureba uko irangiza ry'imanza ryifashe, hari muwa 1985, twasanze mu Rwanda hose hari imanza 284.636 zaciwe burundu zitararangizwa ! Ni nyinshi cyane rero.

Muri iki gihe se byifashe bite ? Nasabye ba Prefe, kwihutira kungezaho raporo, yerekana uko irangiza ry'imanza ryakozwe muri uyu mwaka wa 1986. Ibyo bizadufasha kumenya niba abashinzwe kurangiza imanza bose bariminjiyemo agafu, nyuma y'ingendo zacu zari zigamije kubakangurira umurimo wabo, kandi mubo mvuga namwe murimo.

Ba Milita Suprefe, mwe mwegereye abategetsi ba Komini, mufite uruhare runini muri uwo murimo utoroshye wo kurangiza imanza. Nimukomeze gutoza abategetsi ba za Komini zigize Suprefegitura muyobora, kurangiza imanza zose zaciwe burundu, kuko umutekano w'abaturage uzarushaho gusagamba, igihe uwatsindiye ibintu abihawe nk'uko ubucamanza bwabitegetse, ariko kandi ubutabera si ibyo gusa.

Nasabye ba Burgumestri, kujya bavuga uko irangiza ry'imanza ryifashe muri Komini, buri gihe cyose bazajya bafata ijambo mu birori, birimo abategetsi bo mu nzego zo hejuru. Mugomba kugenzura niba ibyo babikurikiza kimwe n'andi mabwiriza yose yerekeye irangiza ry'imanza.

Ba Milita Suprefe, muzanagaruka ku kibazo cyerekeye Umutungo wa Komini. Muri iki gihe, twahagurukiye gushaka uko Komini yaba ishingiro nyakuri ry'amajyambere, kuko Repubulika ya Kabili ikomeye kuri iyo ntego kandi Umukuru w'Igihugu ntahwema kubitwibutsa.

.../...

Twasanze bimwe mu bibazo bizitira Komini, ari imyenda myinshi ituruka cyane cyane ku birarane by'imishahara y'abakozi; dutegeka abategetsi ba Komini gukoresha abakozi bashobora guhemba. Ibyo byatumye, kuva ku itariki ya 1 Nyakanga uyu mwaka, abakozi ba Komini basaga magana atanu bahagarikwa ku kazi.
Musabwe kugenzura niba abakozi Komini zasigaye zikoresha, bahembwa, kuko ibirarane by'imishahara y'abakozi, bitazongera kwihanganirwa.

Komini izaba ishingiro nyakuri ry'amajyambere, igihe izaba ishobora kwinjiza amafranga ahagije atuma ihemba abakozi ikoresha bose, ikagura ibikoresho byose ikenera mu gutunganya imirimo yose isabwa, kandi ikanasagura amafranga yo gutunganya imishinga y'amajyambere.

Nimuhatire abategetsi ba Komini, kubarura no kumenya neza aho bakura amafranga yinjira mu isanduku ya Komini, kugira ngo yiyongere. Nimubatoze kwita ku mishinga yose ishobora kungura Komini, kandi mubafashe kuyitunganya.

Sinarangiza ntongeye kubibutsa ko ari mwe mushinzwe kugenzura imikoreshereze y'imari ya Komini zigize Suprefegitura muyobora. Nimugenzure niba amafranga yose yinjira mu isanduku ya Komini kandi agakoreshwa uko byateganijwe.
Amabwiriza yaratanzwe, ahasigaye ni ukuyakurikiza.

Nk'uko nabibabwiye ntangiza ihugurwa ryanyu rya mbere, akazi mushinzwe karakomeye kuko muri intumwa z'amahoro, intumwa z'ubumwe, intumwa z'ubutabera, intumwa z'amajyambere.
Ni akazi katoroshye ariko mugomba kwitangira kuko igihugu kibibasaba.

Mbifurije ihugurwa ryiza ritangiye uyu munsi tariki ya 17 Ugushyingo 1986.

M U R A K O Z E . -

Kigali, kuwa 17 Ugushyingo 1986

# IBIBAZO BY'ABATURAGE.-

Mbere y'uko turebera hamwe mu magambo arambuye uko ibibazo by'abaturage byakirwa ku rwego rwa Suprefegitura, ndagira ngo tubanze twiyibutse amagambo amwe akubiye mu intangiliro (Préambule) za Manifeste na Stati za Muvoma yacu M.R.N.D. cyane cyane ahavuga ko: "Turemeza ko tutagera ku majyambere n'ubukungu bw'Igihugu cyacu mu myilyane n'inzangano mu banyarwanda. Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu nibyo bizatubera inkingi y'ibikorwa byacu byose".Ni ngombwa ko twazilikana amagambo Nyakubahwa Prezida wa Republika Jenerali Major HABYARIMANA Juvenali adahwema kwibutsa abanyarwanda igihe agira ati: Umutegetsi wese asabwe kugororokera abaturage, singombwa gutanga ibisubizo bya nikize, singombwa kuzerereza abaturage mu nzego zo hejuru, tugomba kumenya ko abo baturage alibo bategetsi bacu ......

Muli iyi nzira tulimo irangwa n'umuco wa demokrasi izira umuvundo n'akarengane mu bantu ni ngombwa ko habaho ibibazo by'abaturage kuko ahali abantu hanuka urunturuntu, inzego z'ubutegetsi zishinzwe kwakira no gukemura ibibazo abaturage bazishyikiliza kugira ngo Ubumwe, Amahoro bisugire bisagambe mu baturage, bityo bigakwira mu Gihugu cyose.

Twavuze ibibazo by'abaturage, ese ikibazo ni iki ? Ikibazo gitaniye he n'ikirego, hali uburyo bungahe bwo kwakira ibibazo by'abaturage, ibibazo by'abaturage bishobora gutangwa ku buryo bungahe ? n'ibindi .......

Twese twabonye ibaruwa n°2572/04.00 yo kuwa 22 Nzeli 1986 ya Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yatugezagaho amabwiliza yerekeye ibibazo by'abaturage n'inzira bigomba kunyuzwamo, baradusobanulira ikibazo icyo alicyo n'aho gitaniye n'ikirego.

Ikibazo ni impaka zose zili hagati y'abantu ubwabo cyangwa se hagati y'umuturage n'ubutegetsi bagira ikintu bapfa.

Ikirego ni ikibazo cyashyikilijwe inkiko kikandikwa mu bitabo byabigenewe hakulikijwe amabwiliza yatanzwe kikazakemurwa burundu n'inkiko aliko ntitwakwirengagiza ko no mu nkiko bakira ibibazo by'abaturage igihe cyose basiganuza icyo batumva ku bibazo bafite cyangwa urubanza uru n'uru.

…/…

Muli make lero igihe cyose ikibazo kitarashyikilizwa inkiko kiba kitaraba ikirego, kikaba cyakemurwa n'inzego z'ubutegetsi ziliho mu Gihugu uhereye kuli Selire kugeza kuli Prezidansi ya Republika (Resiponsabule wa Selire, Umujyanama, Burugumestri, Suprefe, Prefe, Ministri na Prezida wa Republika).

Ibibazo by'abaturage bishyikilizwa ba nde ?

Reba ibaruwa n°2372/04.00 yo kuwa 22/09/1986 ya Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yandikiye ba Burugumestri bose abinyujije kuli ba Prefe bose aravuga ati: Kuva Republika ya Kabili ishingwa, yakoze uko ishoboye kugirango ubutegetsi bwegere abaturage. Ni ngombwa ko abaturage basanga abategetsi babo kugirango bumve ibibazo byabo, babishakire umuti. Nta muntu lero ukwiye gusimbuka inzego z'ubutegetsi bumwegereye ngo yirukankire mu nzego zo hejuru kandi ikibazo cye kitananiye abategetsi bamwegereye.

Niba ikibazo kinaniye Resiponsabule wa Selire kigomba gushyikilizwa Umujyanama wa Segiteri, cyamunanira kigashyikilizwa Burugumestri wa Komini, cyamunanira kigashyikilizwa Suprefe wa Suprefegitura aho ali, cyamunanira kigashyikilizwa Prefe wa Prefegitura, bityo kikabona gukomeza mu zindi nzego zo hejuru, sibyiza gusimbuka inzego z'ubutegetsi zikwegereye.

Mbere y'uko dusuzumira hamwe uburyo bwo kwakira ibibazo by'abaturage n'uburyo ibyo bibazo bishobora gutangwa, reka turebe ibyangombwa bibanziliza kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage. Icya mbere ni uko kuli gahunda y'imilimo ya buli Cyumweru ya Suprefe wa Suprefegitura agomba guteganya umunsi cyangwa iminsi yo kwakira ibibazo by'abaturage hali aho bakira ibibazo by'abaturage limwe cyangwa kabili mu cyumweru, urugero kuli Suprefegitura KIRAMBO, umunsi wa kabili n'uwa gatanu w'icyumweru yahaliwe kwakira ibibazo by'abaturage. Uretse iyo minsi, kuli Suprefegitura hagomba kuba igitabo (registre des requêtes) cyandikwamo ibibazo by'abaturage b'ingeli nyinshi, imbonerahamwe y'uko icyo gitabo cyandikwamo yometse inyuma, hateganyijwe imyanya 8.

1) Mu mwanya wa mbere handikwamo italiki wakiliyeho ikibazo;
2) Mu mwanya wa kabili uzandikamo numero z'ibibazo uko zikulikirana, bizagufasha kumenya umubare w'ibibazo wakiliye buli kwezi nk'igihe utanga raporo;
3) Mu mwanya wa gatatu uzandikamo amazina y'uzanye ikibazo n'aho atuye;
4) Mu mwanya wa kane, uzandikamo impamvu z'ikibazo, urugero, inka, umulima;

.../...

5) Mu mwanya wa gatanu uzandikamo mu magambo make aliko ahagije kugirango ikibazo cyumvikane uko giteye nyakuli;
6) Wandikamo umwanzuro ubona ukwiye ikibazo washyikilijwe;
7) Niba bibaye ngombwa kugira urundi rwego wandikira, ugomba kwandika mu mwanya ukulikira numero z'ibaruwa n'italiki uyohererejeho.
8) Kwandikamo niba ibaruwa yarashubijwe, ibyo bizagufasha kujya wibutsa izitashubijwe mu gihe ikibazo kikiliho.

Dukulikije uko ibibazo by'abaturage bitangwa n'uko biteye, bishobora kwakirwa ku buryo butatu: mu RUHAME, mu IBANGA no mu NYANDIKO.

A) MU RUHAME: Ku munsi w'ibibazo abaturage bamenyeshejwe baza ku biro bya Suprefegitura, bagateranira mu cyumba cy'inama cyabigenewe, Suprefe cyangwa umufasha we igihe abaturage bamaze kwicara akababaza niba hali abafite ibibazo bifuza ko byakwakilirwa kandi bigasuzumirwa mu ibanga, ubwo ababifite bakabivuga noneho Suprefe akareba niba ibibazo byo mu ibanga niba aliby o byabanza cyangwa niba habanza ibigomba gusuzumirwa mu ruhame, ubwo ibibazo bikandikwa muli cya gitabo cyabigenewe, uretse kubera amikoro make hagombye kuba igitabo cyandikwamo ibibazo byakilirwa mu ruhame n'ikindi cyandikwamo ibyakilirwa mu ibanga.

Kugirango abaturage baje nyuma badaca ku baje mbere hali inumero zihabwa abaje mu bibazo ukulikije uko bagiye bagera ku biro bya Suprefegitura, zitangwa n'umukozi ubishinzwe cyangwa umuplanto aliko Suprefe agomba kubigenzura niba bikoranwa ubutabera kuko kenshi bishobora gukurura rwaserera (guhisha numero za mbere zihabwa amacuti, n'ibindi nk'ibyo ...).

Abaturage baje mu bibazo bamaze kwandikisha ibibazo byabo muli cya gitabo, Suprefe abaza buli muturage akulikije uko biyandikishije gusobanura uko ikibazo cye giteye, akagisobanura abandi baturage baje mu bibazo bumva, Suprefe akulikije uko ikibazo giteye n'uko cyasobanuwe akagishakira umwanzuro ndetse akaba yasaba abaturage baje mu bibazo kuvuga icyo batekereza kuli icyo kibazo, iyo umwe mu baje mu bibazo atanze umwanzuro ukaza guhuza n'umwanzuro wa Suprefe, umuturage waje mu kibazo ataha yishimye kandi ubwo buryo bukazafasha abaturage kujya bakemura ibibazo byabo nk'igihe bali muli gacaca.

B) MU IBANGA: Ikibazo kibera mu muhezo (huis clos) igihe nyiracyo abisabye umutegetsi kandi akamusobanulira impamvu yifuza ko cyabera mu muhezo, igihe kilimo amagambo ateye isoni cyane cyane ibyo

.../...

bikunda kuboneka igihe iyo abashakanye bashwanye, bashaka gutana, umwe agasebya undi agirango icyaha kimuhame (guterana ibibuno igihe baryamye, kutubaka urugo n'ibindi ...) Igihe cyose umutegetsi asanze ikibazo cyagilira ingaruka mbi uwagitanze nk'igihe umuturage ashaka gutungira agatoki ubutegetsi aranga abagizi ba nabi, kwerekana ahahishwe ibyibano, fraude n'ibindi.

- C) MU NYANDIKO: Igihe uwatanze ikibazo yandikiye ubutegetsi abugezaho akarengane ke kandi abusaba gukulikirana mu ibanga (Confidentiel) bukazamugezaho umwanzuro kuli ako karengane ke.

ICYITONDERWA:

Mu gihe ubutegetsi bwa Suprefegitura bwakira ibibazo by'abaturage cyane cyane ibibera mu muhezo, bugomba kuzilikana amabwiliza yatanzwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini igihe Burugumestri wa Komini Rusumo i KIBUNGO ahitanywe n'umugizi wa nabi akamutemagura amusanze mu biro, ayo mabwiliza muli make aravuga ko ubutegetsi bugomba gusaka abaje mu bibazo kugirango burebe intwaro bashobora kuba bafite aliko ikibabaje ni uko kugeza ubu hafi ya za Suprefegitura zose zidafite byibura umuplanto warangije mu Ngabo z'u Rwanda ngo abe yashobora kugenzura izo ntwaro kandi azi uburyo bwo kubikora byatuma abaturage baje mu bibazo batinuba.

RAPORO YEREKEYE KWAKIRA
IBIBAZO BY'ABATURAGE:

Kugirango Prefe ashobore gukulikiranira hafi imikorere ya Suprefe wa Suprefegitura kuli icyo kibazo cyo kwakira ibibazo by'abaturage no kubikemura, buli kwezi Suprefe yifashishije cya gitabo yandikamo ibibazo by'abaturage yohereza Bwana Prefe raporo igaragaza uko yakira ibibazo n'uko abikemura. Iyo raporo igomba kuba iliho umubare n'ubwoko bw'ibibazo yashyikilijwe muli uko kwezi, ibyo yashoboye gukemura (umubare n'ubwoko) ibyo atashoboye gukemura akabyohereza mu zindi nzego z'ubutegetsi (numero z'amabaruwa n'amataliki) ibyo agipererereza kugirango amenye aho ukuli guherereye.

ICYIFUZO: IBIBAZO BIKWIYE GUKEMURWA N'INZEGO ZO HEJURU:

1) Ibibazo byanditse bishyikilizwa inzego zo hejuru bitagira umukono cyangwa igikumwe cy'uwabyanditse, hanyuma ubutegetsi bwo hejuru bugasaba Suprefe gupererereza kuli ibyo bibazo kandi kenshi ali ugusebanya.

.../...

2) Abaturage basimbuka inzego z'ubutegetsi zibegereye kandi atalizo bafitanye ibibazo bakirukira ubutegetsi bwo hejuru zaperereza zigasanga alibo bali mu makosa kandi ntizibahane.

3) Ikiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'ibisubizo abagishinzwe batanga bishobora kugandishiliza ubutegetsi bwa Komini; urugero umuturage wacyandikiye avuga ibyerekeye aho umuntu agomba gutangira umusoro w'umubili, bamusubiza ko agomba kuwutangira aho ali hose (Komini alimo) batanga urugero ku bakozi ba Leta.

| DATE | N° | NOMS ET PRENOMS + ADRESSE | OBJET DE LA REQUETE | REQUETE PROPREMENT DITE | SOLUTION PROPOSEE | LETTRE N° | SUITE |
| --- | --- | --- | --- | --- | --- | --- | --- |
| 03.86 | 001 | RUMAZIMINSI, Commune NYAMUGALI, Secteur RUKORE | Imilima 2 yaguze na BARASEBANYA | Avuga ko yaguze na BARASEBANYA imilima 2, umwe kuwa 1/10/70, undi kuwa 23/1/72 aliko kuva icyo gihe kugeza ubu akaba atakayandikishije muli Komini. Igihe tugiye kwandikwa murumuna we witwa RWIHITIRAMO amurega mu rukiko ngo ibyiza ni uko yansubiza amafranga agasubirana imilima ya mwene nyina; kandi igihe twaguraga hali umurwanashyaka witwa Stan[illegible] SIBOMANA; kandi kuli Bon-Pour RWIHITIRAMO nawe yarasinye. Nkaba mbaza ukuntu nasubizwa amafranga y'imilima naguze kandi maze guteramo insina ? | Itegeko-teka n°09/76 ryo kuwa 4/3/76 ryerekeye igura n'igurisha ry'amasambu ryasohotse wowe waraguze. Ubwo ni ukuvuga ko imilima yombi ali iyawe. | L.N°0084/04.05/3 isaba Burugumestri wa Komini NYAMUGALI kubandika kuko ubuguzi bwanyuze mu kuli. | L.N°51/04.05/3 ivuga ko azabandika amaze kumva icyo urukiko rubivuzeho.<br>----------<br>Urukiko rumaze guca urubanza bahise bandikwa muli Komini. |

....../......

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| [illegible].04.86 | 002 | NYIRAMAJYAMBERE Secteur KAMUBUGA Commune CYERU | Amafranga 15.000 | Kwishyuza amafranga 15.000 yategetswe n'urukiko ngo amufashe kurera abana yabyaranye na SEBIKALI utuye Secteur KABINGO Komini NYAMUGALI kuko bata ndukanye. | Asubijwe kwa Burugumestri kugira ngo amurangilize urubanza. | L.N°148/04.07 du 18/04/86. | Yasubiranye n'u… mugabo we SEBIKALI. |
| [illegible].11.86 | 003 | MUKARUHANGO Domitilla Secteur KABINGO Commune NYAMUGALI | Isambu y'umugabo we witabye Imana. | Alifuza gusubira mu isambu y'umugabo we witabye Imana, aho bali balimukiye muli ZAIRE iyo sambu ubu ikaba ituwemo n'uwitwa SEBIGARA-GARA ntawayimuhaye. | Icyo kibazo ugomba kugi-shyikiliza Inkiko kugira ngo zibakiranure | - | - |

# IRANGIZA RY'IMANZA.-

Muli Disikuru Programme yo kuwa 8 Mutarama 1984 yavuzwe na Nyakubahwa Prezida wa Repablika, Prezida-Fondateri wa MRND Milita Jenerali Major HABYARIMANA Yuvenali, igihe arahira kandi atangiza Inteko ya Kabili y'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yavuze ko Minisiteri y'Ubucamanza, umulimo wayo wa mbere ni uwo gutunganya ubucamanza ngo bihure n'ibyo abaturage bakeneye muli urwo rwego. Umuturage ufite ikibazo cye agishyikiliza inkiko ngo zigisuzume zimurenganure, ubwo urukiko rugaca urubanza rukemeza ko atsindiye ibintu bye, birumvikana ko inzego z'ubutegetsi zishinzwe kurangiza imanza zamuhesha vuba ibyo bintu yatsindiye. Dore muli make ibivugwa mu ibwiliza N° 3102/05.00 rya Ministeri y'Ubucamanza ryerekeye irangiza ry'imanza ryoherejwe ba Prefe na ba Burugumestri binyujijwe kuli Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta mu ibaruwa n°3102/05.00 yo kuwa 1 Nzeli 1974.

Bwana Prefe,

Bwana Burugumestri,

Muli iki gihe hali abaturage binubira ko batsinda aliko ibyo batsindiye ntibababibonere igihe.

Ibyo ahanini biterwa n'uko mu irangiza ry'urubanza hazamo ingorane cyane cyane ku baturage batsinzwe bakajulira aliko bakanga kurekura ibyo batsindiye kandi nta hagalika-rubanza libibahera uburenganzira. Imanza nk'izo zirushya cyane cyane ubutegetsi bwa Komini, igihe uwatsinze avuga ko Komini yamwimye ibye. Kugirango lero ubutegetsi, ali ubwa Komini, ali ubwa Prefegitura, ali ubwa Ministeri y'Ubucamanza bushobore gukulikira neza imirangilize y'imanza zaciwe n'inkiko, no kugirango tumenye Komini yitaye kurangiza vuba imanza no kubahiliza ubucamanza igihe ihesha mu gihe gitegetswe umuturage ibyo yatsindiye, kuva ubu, Ubutegetsi bwa Komini bushinzwe kurangiza imanza, bugomba gukora ibi bikulikira :

1. Iyo umuturage amaze gutsindira ibintu, yihutira kujya kuli Komini agaha Burugumestri kopi y'urubanza rwe (matoleo) maze ako kanya akamwandika mu gitabo kibigenewe (Registre y'irangiza ry'imanza). Icyo gitabo cyandikwamo ku buryo bukulikira: Italiki umuturage azaniyeho kopi y'urubanza, Numero zerekana uko ibibazo byo kurangiza imanza byagiye bikulikirana (Numéro d'ordre),Numero z'urubanza, ikiburanwa, Urukiko rwaciye urubanza, italiki rwaciweho, Adresi z'uwatsinzwe, Adressi z'uwatsinze, icyo yatsindiye, Umunsi wo kuzamurangiliza urubanza.

.../...

2. Iyo umuturage amaze kwandikwa, Burugumestri amuhaye igihe azamuheshereza ibye, nta kindi kigomba kumubabaza, uretse nyine gutegereza amasezerano ahawe n'uwo umuhesha w'ibyo yatsindiye.

3. Burugumestri akora uko ashoboye kwose, kugirango ayo masezerano ahaye uwo muturage arangizwe; niba abonye impamvu imubuza kujyayo ku munsi wateganyijwe, iyo mpamvu izandikwa munsi y'igihe yatanze, yandikaho kandi n'umunsi noneho ntarengwa azajyayo guhesha uwo muturage ibye, kandi nawe abimumenyeshe.

4. Burugumestri kandi ntagomba kwibagirwa ko muli iryo rangiza ry'imanza agomba kuba yalihamagayemo nyirugutsindwa, cyane cyane niba ali ibyerekeye imilima n'ibindi byose bisaba ko aba ahali kugirango hatazavuka izindi manza.

5. Gusa iyo nyirugutsindirwa ibintu adahali kandi yarabibwiwe, akaba yaranze cyangwa se yaragiye ahandi, ali uguhimana gusa, ntagituma nyirugutsinda adahabwa ibye.

6. Iyo nyirugutsindwa yongeye kwiha ibyo bintu yatsindiwe, ndetse agashinguza n'imbago, aho kubwira nyirabyo ngo niyongere ajye ku Rukiko kubaza, ahubwo Burugumestri afata uwo ku ngufu, kuko aba agugura, maze akamwohererereza ubucamanza bukamuhana.

7. Niba mu irangiza-rubanza nyirugutsindwa arenganye, aho gutera amahane, ngo asuzugure ubutegetsi bwa Komini, ahubwo asanga abacamanza baruciye, maze akabibabwira kuko alibo bazabisuzuma.

8. Kugirango impaka zivugwa ku ngingo ya 7 zoye kuboneka mu irangizarubanza, Burugumestri niwe wenyine ugomba guhesha ibintu nyirabyo, nta gutuma undi bizabaho kandi azabikora akulikije kopi y'urubanza ruliho inyandiko-mpuruza (formule exécutoire).

9. Kugirango abacamanza bashobore gusobanukirwa neza, niba haramutse habaye impaka mu irangiza-rubanza, Burugumestri azajya akora inyandiko-mvugo y'irangiza-rubanza, ayohererereze Urukiko rwaciye urwo rubanza.

10. Niba mu irangiza-rubanza, Burugumestri asanze hali aho ashidikanya, cyane cyane igihe asanze nk'imbago zivugwa mu rubanza ntaho zili, aho kugirango akore ibyo atumva neza, agomba kubimenyesha abacamanza baciye urwo rubanza kugirango babimufashemo.

11. Burugumestri ategetswe kurangiza imanza zose, atabujijwe n'amagambo y'uwatsinzwe, amubwira ngo yarajuliye.

.../...

12. Nubwo ijulira ryaba ryarabaye, ntilishobora na gato guhagalika irangiza-rubanza keretse igihe Burugumestri azaramuka abonye ihagalika ry'irangiza-rubanza, livuye mu Rukiko nyirukujulira yajuliliyemo kandi liteyeho icyapa cy'izina ry'urwo Rukiko n'umukono wa Prezida w'Urukiko watanze icyemezo cy'ihagalika-rubanza.

13. Nta na limwe Burugumestri azareka irangiza-rubanza ashingiye ku magambo gusa cyangwa indi nyandiko atali ivuzwe mu ngingo ya 12, nubwo byaba bivuzwe n'umwe mu bacamanza bo mu Rukiko rwajuliliwe.

14. Niba mu irangiza-rubanza hagomba gufatirwa ibintu bitimukanwa by'uwatsinzwe, Burugumestri agomba kwibuka ko ntawe ufatira inzu umutindi atuyemo cyangwa igice cya kabili cya hegitari gihingwa cy'ingobyi y'urugo ngombwa kugirango bitunge uwafatiwe urugo rwe, keretse bigaragajwe ko afite ibindi cyangwa ashobora kubibona atagizwa umutindi nyakujya ngo abere umuzigo uvunanye rusange rw'abaturage ali uko yabuze epfo na ruguru.

Nizeye ko ili bwiliza lizafasha Ubutegetsi bwa Prefegitura n'ubwa Komini gutunganya irangiza-rubanza. Nzi ko benshi muli mwe mwahagurukiye icyo kibazo kugirango urubanza ruciwe rushobore kubahilizwa.

Nsabye ba Burugumestri kuzasobanulira ili bwiliza abaturage mu nama za Komini kugirango nabo bamenye uko bagomba kwifata iyo basaba Ubutegetsi bwa Komini kujya kubarangiliza urubanza.

MINISTRI W'UBUCAMANZA
HABIMANA Bonaventure
(Sé)

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika y'u Rwanda KIGALI
- Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga i NYABISINDU
- Bwana Prokireli wa Republika i KIGALI
- Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ubujulire (Bose) .............
- Bwana Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo (Bose) ;;; ...........
- Bwana Juji-Prezida w'Urukiko rwa Kanto (Bose) ..................

Tumaze kugezwaho amabwiliza yerekeye irangiza ry'imanza aliko ntitwakwirengagiza ko itegeko-teka n°9/80 ryo kuwa 7 Nyakanga 1981 lishyiraho igitabo cy'imitunganyilize n'ububasha by'inkiko ryatangiye kuwa 15 Mata 1982 (A.P.N°221/07 du 14 Avril 1982) ryaba ryahinduye ingingo zimwe muli ayo mabwiliza, urugero ubujulire buhagalika irangiza-rubanza.

Muli iki kiganiro tulibanda ku kibazo cyo kurangiza imanza aliko dushubije amaso inyuma twakwibaza tuti urubanza ni iki ? Urubanza rutaniyehe n'ikibazo ? Ibyo twabisobanuliwe mu ibaruwa n°2372/04.00 yo kuwa 22/09/1986 ya Militant Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yohereje ba Burugumestri abinyujije kuli ba Prefe bose.

Urubanza rugomba kurangizwa ni uruhe ? Ni urubanza rwaciwe burundu rutakijulilirwa, ku manza z'amahugu n'ubucuruzi ni imanza zirengeje amezi 3 ziciwe zitajuliliwe kuko nk'uko nabivuze muli iki gihe ubujulire buhagalika irangiza-rubanza, naho ku manza nshinja byaha ni imanza zirengeje ukwezi ziciwe zitajuliliwe.

Icyakora ku manza zitaracibwa burundu Urukiko rushobora gutegeka irangiza-rubanza ry'agateganyo nk'igihe rusanze ikiburanwa gishobora kuligiswa aliko mu bintu bitimukanwa ntilibaho kandi libuzwa mu mimerere y'abantu, urugero Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rushobora kwemeza ko abashakanye batandukanye, umwe muli bo akajulilira Urukiko rw'Ubujulire rukaba rwahindura urwo rubanza.

Intego ya Republika ya Kabili ni ugushimangira Ubumwe, Amahoro byo nkingi y'Amajyambere mu baturage, bityo byatumye yegereza inzego z'Ubutegetsi abaturage. Kandi kugirango irangiza ry'imanza z'abaturage zaciwe burundu ryihute, abajyanama bose ba za Komini na ba Burugumestri bagizwe abahesha b'inkiko uretse ko badafite uburenganzira bwo kugulisha ibintu bitimukanwa kandi abahesha b'inkiko (l'huissier) babifitiye ububasha bakili bake, ibyo bituma irangiza-rubanza ry'izo manza lidakorwa bwangu, abatsinze bagakomeza kwinuba kuko badahabwa vuba ibyo batsindiye.

Kugirango umutegetsi ubigenewe arangize urubanza agomba kwifashisha kopi y'urubanza iteyeho inyandiko-mpuruza kandi byaba byiza ababuranyi bombi bahali hamwe n'abamilitante n'abamilita benshi kugirango bafashe Ubutegetsi gukemura (kurangiza) urwo rubanza mu ruhame rwa benshi. Birumvikana ko Ubutegetsi bugomba kugira igitabo (Registre) cyandikwamo imanza zose bushyikilizwa, uko giteye n'uko cyandikwamo bikubiye ku mbonerahamwe yometse inyuma.

.../...

Mu mabwiliza yatanzwe yerekeye kurangiza imanza, Ubutegetsi bwarangije urubanza bukora inyandiko-mvugo ku mpapuro ngombwa bukayishyiraho umukono hamwe n'ababuranyi bombi ndetse n'abagabo batoranyijwe mu mbaga y'abaturage yali ihali igihe urubanza rwarangizwaga. Imbonerahamwe y'iyo nyandiko-mvugo yometse inyuma (kuyibasomera).

Buli kwezi Ubutegetsi bushinzwe kurangiza imanza bugomba gutanga raporo ku rwego rwisumbuye kugirango rushobore gukulikirana uko imanza zaciwe burundu zirangizwa (reba imbonerahamwe yometse inyuma) kandi hali amabwiliza ya Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini avuga ko igihe cyose Burugumestri afashe ijambo imbere y'aba Militante n'aba Milita nk'igihe habaye umunsi mukuru agomba kuvuga ku buryo burambuye uko imanza zirangizwa muli Komini ashinzwe mbere yo kuvuga uko Komini ayobora iteye n'Ubukungu bwayo cyangwa ingorane ifite.

Kuli icyo kibazo cyo kurangiza imanza z'abaturage ba Nyakubahwa Ministri w'Ubucamanza na Milita Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini basuye amwe mu makomini y'u Rwanda mu kwezi kwa Werurwe 1985, nko muli Prefegitura ya Ruhengeri kuwa 12/3/1985 bagendereye Komini MUKINGO, murumva lero ko ikibazo cyo kurangiza imanza zaciwe burundu kigomba kwitabwaho.

Na none buli gihembwe Ubutegetsi bushinzwe kurangiza imanza bugomba gutanga raporo y'irangiza ry'imanza ku rwego rwo hejuru, uko iyo raporo iteye (imbonerahamwe) yometse inyuma (kuyibereka).

Muli rusange, nta mahoro n'ubumwe bishobora kubaho igihe nta mutekano abaturage bafite, imanza zaciwe zigomba kurangizwa vuba kugirango uwo mutekano usugire usagambe mu ba Militante n'aba Milita bibumbiye muli M.R.N.D.

Ndabashimiye kuba mwanteze amatwi, Murakabaho.

IGITABO CYANDIKWAMO IMANZA Z'ABATURAGE ZACIWE BURUNDU

| (1) [illegible] | (2) N° | (3) IKIBURANWA | (4) URUKIKO RWA-CIYE URUBANZA | (5) ITALIKI RWACI-WEHO | (6) ADRESSE Y'UWA-TSINZWE | (7) ADRESSE Y'UWA-TSINZE | (8) ICYO YATSI-NDIYE | (9) UMUNSI AHAWE-WO KUJYA KURANGIZA URUBANZA | (10) IMPAMVU |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| .10.86 | 15 | IMILIMA+URUTOKI | Kanto NYAMUGALI | 03.04.86 | UWIMANA<br>Sect. KABINGO<br>Com.NYAMUGALI | HAVUGIMANA<br>Secteur MUSHUBA<br>Com.NYAMUGALI | IMILIMA | 31.10.1986 | |
| ?.10.86 | 16 | IMILIMA | Kanto KIRAMBO | 15.06.86 | NKUBITO<br>Secteur KABONA<br>Commune CYERU | NKULIKIYINKA<br>Sect. RUHANGA<br>Commune CYERU | IMILIMA | 04.11.1986<br>Inama y'aba Bourgmestres kuli Prefe-gitura RUHENGERI | Habaye inama y'aba Bourgmestres kuli Prefegitura RUHENGERI |

## UMUTEKANO MULI KOMINI.

Ijambo Umutekano livuga iki?

Ubusanzwe ijambo umutekano umuntu yaryitiranya n'ituze, amahoro cyangwa umudendezo. Ijambo umutekano livugwa mu bihugu byinshi uretse ko bamwe balivuga aliko ntibubahilize icyo livuga".

Manifeste ya Mouvement Revolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda mu ntangiliro yayo igira ati: "Turemeza rwose ko tutagera ku majyambere n'ubukungu mu myilyane n'inzangano mu banyarwanda. Amahoro n'ubumwe bw'Igihugu nibyo bizatubera inkingi y'ibikorwa byacu byose.

Njya mbwira abantu tuganira ko umuntu ufite amahoro, umutekano, ali umuturage wabyaye neza, abana be bakaba bitunze, akaba yubatse neza, afite isambu nziza, ushaka icyo kunywa ntakibure ngo usange ahangayitse, usorera igihe, ufite icyubahiro mu rugo rwe ndetse no hanze. Ibyo byose aliko bikaba atali ukumutinya.

Mwese mulibuka imvano ya Révolution yo muli 1959. Ndetse si niyo révolution yonyine. Révolution yose, iterwa n'uko ibintu bitagenda neza mu gihugu iki niki , rubanda nyamwinshi rutishimiye bimwe mu biliho. Noneho kugira ngo igaragaze icyo ishaka kuko biba byabaye insobe, intambara ikarota. Muli ibyo bintu hapfa byinshi birumvikana, aliko ibikulikiyeho iyo yagenze neza, ntaho biba bihuliye n'ibyangilitse.

Mulibuka na none impamvu Ingabo z'Igihugu cyacu ziyobowe na Nyakubahwa HABYALIMANA Juvenal Général Majoro, Prezida wa Republika ziyemeje gufata ubutegetsi muw'i 1973. Kugira ngo na rubanda nyamwinshi rubashyigikire, ni uko intego yabo ya mbere yali iyo kugarura ituze mu banyarwanda mu turere twose tw'Igihugu.
Muzi neza mwese aho umwiryane n'amatiku byali bigeze rubanda nyamwinshi, byose kandi ali ibigamije kubarangaza, bityo n'ibyali bimaze kugerwaho bigasenyuka.

Kuli iyo ngingo Manifeste yacu irongera ikagira iti : "Niyo mpamvu duciye burundu icyatanya abatura-Rwanda cyangwa se kigashaka gusumbanya ubwoko cyangwa se umulyango, akarere n'amadini. Irongera iti: "Mouvement yacu iharanira imizamukire y'Igihugu ishaka ko kugira ngo ikizamure yakwiha amategeko ya Politiki aboneye, aharanira icyashyira abatura-Rwanda cyose imbere mu mahoro, mu bwumvikane, kandi byimilije imbere ubumwe bw'igihugu cyose. Igomba kurwanya byimazeyo abashaka gushyira imbere ibyabo bwite cyangwa se ibyabo bafatanyije kuruta uko bita ku bya benshi cyangwa ku by'Igihugu. Mouvement yacu ntiyemera kugundira ibyahise".

Nkuko dusanzwe tubizi kandi n'Umukuru w'Igihugu akaba adahwema kubisubiramo, Komini niyo shingiro ry'amajyambere. Birumvikana rero ko ali nta majyambere yagerwaho abantu bali mu mwiryane, mu matiku. Muli Diskuru Programu yo ku tariki ya mbere Kanama 1973, igihe yashyiraga ho Leta ya mbere, Prezida wa Republika yaravuze ati: "Hazitabwaho mbere na mbere kuvugurura Komini; aliyo shingiro ry'amajyambere y'Igihugu. Komini ni yo rwego rw'Ubutegetsi rwegereye abaturage kuruta izindi nzego, igomba rero kugira uruhare rukomeye mu kuzamura ubukungu n'imibereho iboneye umuco w'Igihugu. Niyo mpamvu dushaka kuyivugurura kugira ngo abaturage ubwabo bashobore kwita ku cyabazamura no gufatanya na Leta mu ngufu ziganije amajyambere y'Igihugu. Bityo Komini nimara kuvamo ibisigisigi by'amatiku ya Politiki, izabe isoko y'uburumbuke, y'imvugurura-muco n'umutekano w'abaturage.

.../...

Asoza inama za Prefegitura kuli 20 Gicurasi 1975 Prezida wa Republika yagize ati: "Mu gutegeka abaturage banyanyagiye ku mirenge, ikibazo gikomeye ni ugushyira muli bulikarere ahantu h'ubutegetsi, h'iremezo ry'ibikorwa bifitiye akamaro akarere kose... Komini niyo shingiro ry'imirimo izamura ubukungu n'umutekano bwo ku mirenge. Niho hashyigikiye ubutegetsi bw'izamura-majyambere, amabwiriza ahuje na Politiki y'Igihugu niho aturuka ajya ku mirenge kandi hakaba ahantu hahuza Prefegitura na Leta n'abaturage igihe bashyira hamwe ibikorwa byerekeye amajyambere".

Akingura Kongre ya kabiri y'Igihugu isanzwe ya Muvoma, Prezida wa Republika yagize ati: "Twashatse ko Mouvement Revolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda yaba isangano ry'abatura-Rwanda bose, ikaba ihuliro ry'imbaraga, ubumenyi n'ibitekerezo byabene-Gihugu bose, buri wese akiyumvamo ko amahoro ubumwe n'amajyambere igamije agomba kubigiraho uruhare".

Twasanze ko Muvoma izadufasha twese kujya imbere mu bitekerezo no mu bikorwa. Twemera ko Muvoma yacu ibaye urumuli rw'amahoro n'umutekano mu gihugu, igashimangira ubutabera n'umutima uzira uburyarya.

Twagaruye amahoro mu gihugu, abana b'u Rwanda barumvikana, kandi bumva neza ko bagomba guhora bayarwanira ubwabo, kuko ahatali amahoro n'ubutabera nta majyambere aharangwa. Niba amahoro aliyo dushaka guhamya kugira ngo abe inkingi y'amajyambere twifuza discipline n'ubutabera bigomba kuba intego ya buri wese muli twe.

Kugira ngo Igihugu gishobore guteranyiliza hamwe imbaraga z'abana bacyo, kugira ngo bagere ku majyambere, twiyemeje kurwanya igikorwa cyose kigamije gutera imvururu mu gihugu no kwanduza umwuka w'amahoro twagaruye kuva igihe Republika ya kabiri ishinzwe.

Niyo mpamvu twasabye abashinzwe kwubahiliza ubutabera ko bakwiye kubwitangira, nta buhemu, kandi batizigama. Tubasaba ko bagomba kurwanya abahungabanya amahoro n'abagize ruswa programu y'ubuzima bwabo".

Yongeyeho ati: "Tumenye ko amajyambere dushaka kugeraho, nk'uko amahame ya Muvoma abidutegeka, tutayageraho mu mwiryane mu kugarura amatiku n'ubutiriganya cyangwa se mu bunebwe. Tutibeshye dushobora kuvuga ko Muvoma imaze kuzana umwuka mwiza w'amahoro ali nawo utuma ahanini imirimo yose mu gihugu irushaho gutungana, kugira ngo tugere ku ntego twiyemeje yo kuzamura abanyarwanda no kubageza ku majyambere nyakuri. Na none haracyali byinshi bigomba gukorwa, aliko ibyashobotse nabyo byashobowe ahanini n'umwuka w'amahoro n'ubwitange bw'abanyarwanda. Birumvikana ko amahoro dufite n'umutekano bigomba gutuma tudasinzilira mu bunebwe ahubwo ko agomba gutuma dukanguka tugashaka umukiro wacu ushingiye ku bikorwa bya kijyambere".

Koko rero kugira ngo uwo mutekano ugerweho, ubutegetsi bwa Komini bwaravuguruwe. Ku rwego rwa Segiteri rwahozeho, hongeweho n'urwa Selire ali narwo rwa mbere umutekano ugomba kuba wiganjemo kugira ngo no muli Segiteri, muli Komini, muli S/Prefegitura, muli Prefegitura ndetse no mu Gihugu cyose amahoro asagambe. Ubu muzi neza ko selire igizwe n'imiryango kuva kuri 50 ujya hejuru, uretse ko hamwe na hamwe mu gihugu amaselire menshi n'amasegiteri bifite umubare mwinshi w'ingo, bityo bikarushya abashinzwe ubuyobozi gukurikirana neza imibereho yabo bashinzwe. Byagiye no kuba byiza kurushaho, abaselire bakitorerwa n'abaturage b'iyo selire, ndetse na segiteri biba uko. Ubundi mu cyifuzo cy'Abategetsi bakuru basangaga ubwo buryo ali bwo bwerekana democratie nyayo kandi n'abo batowe bakaba bazi neza abo bashinzwe ali nabo babatoye.

Kongre ya gatanu isanzwe ya Muvoma yaje kwemeza ko abaselire bagabanywa imirimo kugira ngo n'itangwa ry'amanota yabo ryorohe kuko buli wese azahabwa amanota hakurikije uko yatunganyije akazi ke. Muri iryo gabanywa ry'imirimo, ibibazo by'umutekano muli Selire byashinzwe umuntu.

Bityo ikibaye cyose kidasanzwe muli Selire uwo abamilita (nte ) bitoreye akaba akizi akakigeza kuli responsable wa Selire nawe akakigeza kuri Konseye, cyavaho kikagera kuli Komini, nyuma kuli S/Prefegitura na Prefegitura ali naho hali urwego rw'inama ishinzwe umutekano muli Prefegitura.

Umuntu yakwibaza ati: "Ese buli kintu kibaye muli Selire, Segiteri, Komini, gihungabanya umutekano w'abaturage , kigomba gukorerwa inyandiko yanditse? Nk'uko bitentu kigomba kumenyekana mu buryo bwihutirwa ntabwo ali ngombwa gutinda mu makorosi ganywa n'amategeko ubundi iyo nyandiko igomba gukorwa koko. Aliko rero, ali nk'ikiumuntu yandika raporo. Ishobora gukorwa nyuma, aliko abashinzwe gutabara cyangwa gufata icyemezo iki n'iki babimenye kare ali abatabara bagatabara cyangwa hali ikindi kigomba gukorwa kikaba cyakozwe.

Ingero: - Icyorezo cya Korera muli Komini iyi n'iyi

- Amabandi yica yateye muli Komini iyi n'iyi
- Impunzi zateye cyangwa abantu basubiranyemo mu karere aka n'aka
- Umugizi wa nabi uwo aliwe wese, ali ushakwa n'ubutegetsi cyangwa ubangamiye amahoro mu karere aka n'aka. Umuntu usebya ubutegetsi ku buryo birangaza abaturage. Passage Discours du Président du 08.01.1979 p. 180 extrait

Uko bimeze muli iki gihe kugira ngo buli muturage abumbatire uwo mutekano, hemejwe ko ubonye umushyitsi umuzindukiye abimenyesha membre cyangwa responsable wa selire kugira ngo aramutse agize ingorane ubutegetsi bube bubizi. Ibyo kandi bisanzwe bizwi ko iyo habaye nk'ikintu muli selire, bibye cyangwa bishe umuntu, ufatwa rugikubita n'uba utazwi muli ako gace. Niyo mpamvu rero uwo mushyitsi agomba kumenyeshwa ubutegetsi bwo hafi kugira ngo izo ngorane ziramutse zibaye butabare uwo muryango yacumbitsemo ndetse nawe ubwe. Ikibazo cy'amarondo. Tournée Présidentielle 1976 dans les Préfectures p. 73 extrait.

Iyo ali umuntu uhamara igihe yaraje gupagasa cyangwa yaraharwaliye ni ngombwa kwaka permis de résidence mu butegetsi bwa Komini kuko buli muntu wese uli muli selire iyi n'iyi agomba kuba azwi n'abatuye iyo selire bitaba na bose aliko responsable wa selire namuhe runaka bo bakaba bamuzi. Nkuko rero nabivuze mu mwanya ushize, ubundi ikintu cyose cyahungabanya umutekano muli segiteri, selire, kigomba kumenyeshwa ubutegetsi bwa Komini mu maguru magufi, nabwo bukabimenyesha ubwa Prefegitura.

Sinzi niba ali hose, aliko henshi mu makomini hali akanama gashinzwe umutekano. Ako kanama kakaba kagomba gufata ibyemezo by'agateganyo mu rwego rwo hasi ku kibazo iki n'iki kireba umutekano muli Komini mu gihe ubutegetsi bwisumbuye alibwo bwa Prefegitura butaratabara cyangwa ngo bugire icyo bwemeza ku bintu bihungabanya umutekano bwashyikilijwe, kuko byaba na ngombwa ikibazo kiramutse gikomeye, kubanza kubimenyesha Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ndetse na Prezidansi ya Republika, ali nazo nzego zigomba gutanga umwanzuro kuli icyo kibazo waba uw'agateganyo, cyangwa udasubirwaho.

Aho utunama navuze haruguru tuli tugizwe n'aba bakulikira :

1. Burugumestri
2. Umukonseye umwe
3. Prezida w'Urukiko rwa Kanto
4. Brigadiye wa Komini

Kuli S/Prefegitura naho hari urwego rushinzwe umutekano rugizwe na :

1. S/Prefe
2. V/Présidinstance 2ème chambre
3. 1er Substitut
4. Burugumestri w'Umugi

Ako kanama gashobora kwiyambaza undi mukozi wese/Chef de service kugira ngo agire ibisobanuro atanga ku ngingo iyi n'iyi yigwa.

Kuli iyi ngingo twaza kwungurana ibitekerezo kugirango turebe turebe niba ubwo buryo ali bwiza cyangwa niba hali ubundi umuntu yakoresha ndetse mukagira n'icyo mwavuga kuli baliya bantu bagize ako kanama.

Nkuko nabivuze mu mwanya, igihe umutekano uhungabana ku buryo bugaragara mu makomi-ni ya Prefegitura runaka, kandi bishobora no gusatira indi Prefegitura, Prefe afite uburenganzira ahabwa n'Itegeko-Teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 lishinga Imitunganirize n'Imikorere ya Prefegitura mu ngingo yaryo ya 11.
Iyo ngingo igira iti : "Prefe atanyuranyije n'ingingo ya 46 y'ili tegeko-teka, ashobora kwitabaza ingufu za gisilikari kugira ngo agarure umutekano rusange, ibyo kandi akabikora mu buryo buteganywa n'amategeko aliho, cyane cyane itegeko-teka ryo kuwa 23 Mutarama 1974 lishyiraho "Gendarmerie" (Umutwe w'abasilikari ushinzwe kulinda amahoro mu Gihugu), cyane cyane mu ngingo zaryo: 24, 29, 31, 32, 34, 35 na 36.

Mu magambo atarambiranye, umutekano ushinzwe buli mutura-rwanda wese kuko ali wo utuma abantu bagera ku bikorwa bibafitiye akamaro kandi bigafitiye n'igihugu cyose. Muvoma yacu nicyo yaje igamije kandi inzira abatura-rwanda twibumbiye muli yo tuli-mo ni nziza. Dukwiye gukomeza gushyigikira Umukuru w'Igihugu cyacu tumufasha guce-ngeza byimazeyo amatwara ya Muvoma yatuzaniye.

MURAKOZE.

## IBARURA RY'ABATURAGE.

Nyakubahwa Milita Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ba Nyacyubahiro mwese muteraniye hano namwe bagenzi banjye ba Su-Prefe dufatanije umulimo;

Nshimishijwe mbere na mbere n'icyizere Milita Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yangiliye, yemera kumpa ijambo muli ili hugurwa ryacu ngo mbagezeho ikiganiro cyerekeye "IBARURA RY'ABATURAGE", nk'uko bigaragara ku ngereka y'urwandiko n° 2655/04.09.02/1 rwo kuwa 21/10/1986 Milita Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yandikiye ba Prefe abagezaho gahunda y'ihugurwa rya ba Su-Prefe. Ndagira ngo rero mbabwire uburyo mbona iryo barura liteye, mbabwire n'uburyo mbona bwadufasha gutunganya umurimo w'ibarura, noneho tujye impaka zatuma tugera ku myanzuro tubona ko yakulikizwa, kugira ngo IBARURA RY'ABATURAGE lijye likorwa ku buryo buboneye, kuko ntashidikanya ko twese uko duteraniye aha twagiye duhura n'ibibazo bituruka limwe na limwe kw'ibarura lidatunganye. Aha nahita ntanga urugero rw'igena ry'ingengo y'imali ya Komini liruhanya mw'itegurwa ryayo, iyo mali ikaza no kuruhanya mw'ikoreshwa ryayo bitewe ahanini n'ibarura lidatunganye ry'ibyo iyo mali ya Komini ikomokaho.

## IBARURA RY'ABATURAGE NI IKI ?

Uko mbitekereza, ndakeka ko mbere yo kwibaza ikibazo cyerekeye uko ibarura ryahagurukirwa likarushaho gukorwa neza, twabanza kumvikana kuli ili jambo ryitwa IBARURA, aha aliko tukibuka ko ibarura tuvuga ali iry'abaturage nk'uko nabibabwiye ku mutwe w'iki kiganiro.

Ibarura ry'abaturage, ni uburyo bwashyizweho n'abanyabwenge bugamije kumenya umubare w'abatuye iyi si, bakamenyekana hakulikijwe ubwoko bwabo, ibitsina, n'ingano yabo (âge). Bityo buli gihugu kikaba kigomba cyangwa se gikeneye kumenya umubare w'abaturage bacyo hakulikijwe uburyo bwakoreshwa kugira ngo uwo mubare umenyekane koko. Iyo mibare niyo abategetsi n'abatekinisiye bifashisha mu gukora za raporo z'ubwoko bwose, haba mu buhinzi n'ubworozi mu kugereranya umusaruro n'uko uzakoreshwa, haba se mu mitulire no mu mibereho myiza y'abaturage, haba mu byerekeye ubuzima bwiza ku batuye Igihugu umuntu afashe uko bili ubu n'uko bizaba byifashe mu minsi ili imbere, haba se mu byerekeye ubujijuke bw'abatuye Igihugu, n'ibindi...Iyo mibare ishingiye kw'ibarura, niyo Komini iheraho ikora imishinga, ni nayo Igihugu cyose giheraho mu guteganya imishinga y'amajyambere.

Dukulikije izo ngero zose, ni ngombwa rero ko ibarura ry'abaturage likorwa, kandi likerekana koko imibare nyayo.

UKO IBARURA LIKORWA.

Aha, twahita dutanga urugero rw'uburyo bumwe na bumwe bw'Ibarura. Nko kumenya umubare w'abana bavuka buli munsi, abafite umwaka umwe kuli uwo munsi n'abafite indi myaka ikulikiyeho kuli wa munsi twavuga ko ali ifatizo, n'umubare w'abapfuye. Bityo, kuli uwo munsi, tukaba tuzi umubare w'abaturage Igihugu gifite.

Hali n'ubundi buryo bwo kubarura abantu ufatiye ku kigero cy'imyaka, aliko ukagenda ugereranya uti: Mu mwaka uyu n'uyu cyangwa mu kwezi uku n'uku, umubare w'abantu bafite hagati y'umunsi umwe n'imyaka 7 ni uyu. Hagati y'imyaka 7 na 15, ni ukuvuga abana bageze mu kigero cyo kuba bali mu mashuli abanza ni uyu. Bityo, bityo, kugeza ku myaka nka 60 no kurengaho. Hali n'ibarura likorwa hakulikijwe ibitsina cyangwa se amoko y'abatuye Igihugu, mu gihe icyo gihugu kilimo amoko menshi y'abaturage.

Ni ukuvuga ko gukora ibarura ry'abaturage ali ugushyira hamwe umubare w'abantu ba buli murenge ugize Segiteri hakulikijwe ibyiciro tumaze kuvuga, igiteranyo cy'abatuye za Segiteri kikaba kigaragaza umubare w'abatuye Komini yose. Na none abatuye Komini zose za Prefegitura, bityo, abatuye za Prefegitura zose z'u Rwanda bakaba bagize umubare w'abatuye Igihugu cyose.

Ikindi twavuga, nuko ibarura ry'abaturage litagamije gusa uburyo bwo kumenya umubare wabo, ahubwo, linagamije gusesengura imibereho yabo n'iy'abo bazabyara, kumenya tudashidikanya uwo muturage uwo ali we (identité complète), n'ibindi....
Ibyo byose bikorwa hakulikijwe amategeko aliho mu gihugu. Haba ubwo ibarura likorwa hakulikijwe kwandika mu bitabo by'imyirondoro bikulikiza uko selire cyangwa segiteri zikulikirana, etc...., hakaba ubwo ibarura likorwa hakulikijwe kwandika mu mafishi y'ibarura.

Izo nzira zoseino iwacu i Rwanda turazikoresha aliko ndakeka ko kugeza ubu umubare nyawo w'abanyarwanda utaramenyekana . Imibare dufite ikaba ali ikigereranyo mu mwaka. Dore nk'ubu, dufite gusa umubare w'abanyarwanda baliho mu mpera z'umwaka w'1985 = 6.300.000. Ku buryo rero uwambaza umubare w'abanyarwanda uyu munsi tuliho, sinshobora kuwumubwira vuba. Niyo mpamvu maze kubabwira ko kumenya umubare nyawo w'abaturage, biruhije cyane. Ni ugukomeza gushakashaka uburyo bwakoreshwa kugirango iyo mibare nyayo imenyekane.

Icyo twashobora gukora kitavunanye muli iki gihe mu Gihugu cyacu, ni uko Burugumestri, Konseye, Umuselire wese, n'abandi bose bajijutse twahaguruka, tukamenya aho abaturage bacu bali hose, tukababwira abashinzwe ibarura.

Naho gutegereza ko umuturage azibwiliza akajya kwiyandikisha no kwandikisha abe mu biro bishinzwe ibarura kuli Komini, biracyaruhije kubere ubujiji, ali nayo mpamvu imibare nyayo iruhije kumenyekana. Uwashirika ubute akazenguruka segiteri yose abara abaturage bayituye, yarangiza akajya kuli Komini kureba umubare w'abanditse mu gitabo cy'i yo segiteri, maze akagereranya iyo mibare yombi, yasanga abo yibariye ubwe ali bo benshi ntaho bahuliye n'abanditse mu gitabo.

AHAKORERWA IBARURA.

Nk'uko maze kubivuga haruguru ku kigereranyo natanze cy'umubare w'abaturage ugaragara mu bitabo bya Komini n'umubare w'abatiyandikisha, muli iki gihe, ahakorerwa ibarura ni kuli Komini uretse ko Burugumestri ashobora no kugena ahandi hegereye abaturage.

Ni ukuvuga ko ibarura dufite ubu lishingiye ku butegetsi bwa Komini. Nyamara iyo twitegereje uko Komini ingana, dusanga ali nini cyane mu gihe twaba tuyifashe gusa muli uru rwego rw'IBARURA RY'ABATURAGE".

Kugira ngo umukozi wa Komini ushinzwe ibarura azamenye atibeshya umubare w'abatuye Komini yose ntibishoboka, binakubitiyeho ko imibare yandika ali imusanze mu biro, nayo akenshi akayibwirwa na bene ubwite (abaturage baza kwiyandikisha). Niyo mpamvu navuze ko guhagurukira icyalimwe twese, kuva ku muselire kugeza ku muyobozi wa Komini, ndetse n'undi wese ujijutse muli Komini, tugafasha wa mukozi wa Komini ushinzwe ibarura.

Twibukiranye ko mu gihe cya gikoronize, umurimo w'ibarura wakorerwaga mu rwego rwa Susheferi, kandi tukaba tuzi ko Susheferi yali nk'icya gatatu cyangwa icya kabili cya segiteri. Aho naho kandi, ntitwahamya ko imibare yali imeze neza, nkanswe ubu, uwo murimo ukorerwa mu rwego rwa Komini, kandi tukaba tumaze kubona ko Komini ali nini cyane tuyifashe ku byerekeye umurimo w'ibarura.

Akenshi usanga twibagirwa ko Itegeko liha ba Burugumestri ububasha bwo gutoranya ahandi hantu hatari ku biro bya Komini Umukarani w'Ibarura yajya asanga abaturage, bakahamubwirira icyo bashaka gukoresha cyerekeranye n'ibarura.

Ba Burugumestri bose bagiye babukoresha byakorohereza abaturage, kandi bwabaha kumenya abatuye Komini zabo, n'ubwo ntawavuga ko umubare nyawo waba umenyekanye, aliko nibura hagaragara umubare utali kure cyane y'umubare nyakuri.

## IBARURA LIKORWA HAKULIKIJWE AMATEGEKO.

Ibarura, kimwe n'indi mirimo yose ya Leta cyangwa se iy'amasosiyete ndetse n'ikorwa mu muryango w'umuntu ubwe, bigomba gukorwa hakurikijwe amategeko.

Ku byerekeye ibarura, muli iki gihe mu Rwanda dukulikiza Itegeko-teka N° 01/81 ryo kuwa 16 Mutarama 1981 ryerekeye Ibarura ry'abaturage, ikarita ndanga-muntu, aho umuntu yandikwa n'aho aba. Iryo Tegeko ryashyizweho kugira ngo risobanure neza imibereho bwite y'Umunyarwanda, umwirondoro we, n'inkomoko ye, ku buryo riteganya:-

- Ifishi y'ibarura;
- Igitabo cyandikwamo abaturage;
- Igitabo cyandikwamo abavutse;
- Igitabo cyandikwamo abimukiye mu yindi Komini;
- Igitabo cyandikwamo abimutse muli Komini;
- Igitabo cyandikwamo abacumbika;
- Igitabo cyandikwamo abashyingiwe;
- Igitabo cyandikwamo abapfuye.

Iyo fishi y'ibarura na buli gitabo, bifite uko biteye biturutse ku cyemezo cya Ministri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu. Dufatiye urugero kw'ifishi y'ibarura (Fiche Individuelle de Recensement) dusanga iteye ku buryo igaragaza ibi bikulikira: 1) Ifoto, 2) Amazina, 3) Igitsina, 4) Se, 5) Nyina, 6) Ubwoko, 7) Aho yavukiye, 8) Itariki yavukiyeho, 9) Aho ababyeyi batuye, 10) Umwuga wa Se, 11) Umwuga wa Nyina, 12) Uko ababyeyi bashakanye, 13) N° ya Karita imuranga, 14) Umwuga we, 15) Uburyo yashatse, 16, Itariki n'aho bashyingiriwe, 17) Izina ry'uwo bashakanye, 18) N° ya Karita iranga uwo bashyingiranywe, 19) Aho atuye, 20) Itariki n'aho yavukiye, 21) Amazina y'abana, igihe bavukiye n'igitsina cyabo, 22) Ukwimuka, 23) Ibindi bishobora kuvugwa kuri uwo muntu (observations).

Naho igitabo cyandikwamo abaturage (Registre de population) giteye ku buryo cyerekana:-
1) N° y'ibarura (N° d'ordre) 2) Amazina (Noms et Prénoms) 3) Igihe yavukiye (date de naissance) 4) Aho yavukiye (lieu de naissance) 5) Igitsina (Sexe) 6) Amazina ya Se (Nom et Prénoms du Père) 7) Amazina ya Nyina (noms et prénoms de la mère) 8) Aho atuye (lieu de domicile) 9) Ubwoko (Ethnie) 10) Amashuli yize (Etudes faites) 11) Imibereho ye bwite (Etat civil) 12) Umwuga (profession) 13) Abagore (femmes) 14) Umubare w'abana be bwite (légitimes) abahahano (naturels), indagizo (S/Tutelle) 15) Itariki yandikiweho (date d'enregistrement) 16) Itariki yandukuweho n'impamvu (date et motif de radiation).

Ikarita ndanga-muntu twese turayizi kuko tuyitunze tukaba dutegetswe no kuyigendana buri gihe. Ikozwe ku buryo yanditsweho ibi bikurikira:-

.../...

1) Republika y'u Rwanda, 2) Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu 3) Prefegitura na N° imprimé zitangwa hakurikijwe na Prefegitura, 4) Komini ya, 5) Segiteri na N° ya nyiri Karita, 6) Amazina, 7) Igitsina. Kuri iyo Karita ndanga-muntu hateganywa no kwandikwaho ibindi bishobora kumuranga, nka : - N° za Police d'assurance, Permis de conduire, N° za Caisse Sociale, Immatriculation, Groupe sanguin. Igaragaza n'andi magambo ngo: Uzayikoresha binyuranyije n'amategeko azahanwa.

Iyo Karita igaragaza na none ibi bikurikira:- Ifoto y'uyihawe, Se, Nyina, Ubwoko, Aho yavukiye, Itariki yavutseho, Umurimo akora, Aho atuye (domicile), Amazina y'uwo bashakanye na N° y'ikarita ye, Itariki itangiweho (itanzwe kuwa), Amazina n'umukono wa Burugumestri na Kashe ya Komini, Umukono cyangwa igikumwe cya nyirayo, amazina y'abana, igihe bavukiye, n'igitsina cyabo.

Igitabo cyandikwamo abavuka (registre des naissance)
1) N° y'ibarura (N° d'ordre), 2) Amazina y'umwana (Noms et Prénoms de l'enfant), 3) Igitsina (Sexe), 4) Ubwoko (Ethnie), 5) Igihe yavukiye (Date de naissance), 6) Aho yavukiye (Lieu de naissance), 7) Aho atuye (Domicile de (s), 8) Amazina ya Se (Noms et Prénoms du Père), 9) Umwuga (Profession), 10) Igihe yavukiye (Date de naissance), 11) Ubwoko (Ethnie), 12) Amazina ya Nyina (Noms et Prénoms de la Mère), 13) Umwuga (Profession), 14) Igihe yavukiye (Date de naissance), 15) Ubwoko (Ethnie), 16) N° ya Karita iranga Se cyangwa Nyina (N° C.I. du Père ou de la Mère), 17) Uburyo bashakanye (Nature d'union), 18) Igihe n'aho bashyingiriwe (Date et lieu de mariage), 19) N° ya karita iranga ubivuze (N° C.I. du déclarant), 20) Itariki byanditsweho (Date de déclaration), 21) N° ya fishi y'ibarura (N° fiche individuelle de recensement), 22) Abagabo n'umukono (témoins et signature), 23) Ibindi byongerwaho (Observations).

Igitabo cyandikwamo abashyingirwa (registre de mariages)
1) N° y'ibarura (N° d'ordre), 2) Amazina (Noms et Prénoms), 3) Itariki y'ishyingirwa (Date de mariage), 4) Igihe yavukiye (Date de naissance), 5) Amazina y'uwo bashakanye mbere (Noms du précédent conjoint), 6) Abana afite (Nombre d'enfants), 7) Aho atuye (lieu de domicile), 8) Aho agiye kuba (Umurenge) Komini) (Lieu de résidence après mariage localité & commune), 9) N° ya karita imuranga (N° C.I.), 10) Ubwoko (Ethnie), 11) Icyo yakoye (nature de dot), 12) N° ya gitansi (Quittance N°) 13)Umukono w'abasezeranye (signature des conjoints), 14) Amazina y'abagabo (noms des témoins), 15) Umukono w'abagabo (signature des témoins), 16) Umukono wa Burugumestri (signature du Bourgmestre), 17) Ibindi byongerwaho (observations par instruction).

Igitabo cyandikwamo abapfuye: (registre des décès)

1) N° y'ibarura (n° d'ordre), 2) Amazina y'uwapfuye (Noms et Prénoms du défunt), 3) Igitsina (Sexe), 4) Ubwoko (Ethnie), 5) Itariki yapfuyeho (Date de décès), 6) Icyamwishe (cause de décès), 7) Aho yapfiriye (lieu de décès), 8) Itariki byavugiweho (date de déclaration), 9) Igihe yavukiye (date de naissance), 10) Aho yavukiye (lieu de naissance), 11) N° y'ifishi y'ibarura (N° fiche individuelle de recensement), 12) Imibereho bwite cyangwa izina ry'uwo basezeranye (état civil ou nom du conjoint), 13) Aho yari atuye (domicile du défunt), 14) Amashuli yize (Etudes faites), 15) Icyo yakoraga (occupation), 16) Amazina ya se (noms du père), 17) Amazina ya Nyina (Noms de la Mère), 18) Amazina n'umukono w'ubivuze (noms et signatures du déclarant), 19) Abagabo (témoins) 20) Ibindi byongerwaho (observations).

Igitabo cyandikwamo abimukira muli Komini (Entrées)

1) N° y'ibarura (N° d'ordre), 2) Amazina (noms et prénoms), 3) Igitsina (Sexe), 4) Igihe yavukiye (date de naissance), 5) Aho yavukiye (lieu de naissance), 6)Aho aturutse (Igihugu n'aho aliho) lieu d'origine (localité et pays), 7) Imibereho bwite (état civil), 8) Izina ry'uwo bashakanye (noms de l'épouse), 9) Ubwoko (Ethnie) 10) Icyo azi gukora (umwuga) (profession), 11) Itariki yajeho (date d'arrivée), 12) Umurenge agiye kubaho (colline de résidence), 13) N° ya Karita imuranga (N° C.I. ), 14) umubare w'abana atunze (enfants à charge), 15) Ibindi byakongerwaho (Observations).

Igitabo cyandikwamo abimuka muli Komini: (Sorties)

1) N° y'ibarura (N° d'ordre), 2) Amazina (noms et prénoms), 3) Igitsina (sexe) 4) Igihe yavukiye (date de naissance), 5) Aho yavukiye (aho aliho, Prefegitura cyangwa igihugu) lieu de naissance), (localité, Préfecture ou Pays), 6) Itariki yimukiyeho (date de départ), 7) Imibereho bwite (état civil), 8) Izina ry'uwo bashakanye (nom de l'époux (se), 9) Segiteri aturutsemo (secteur de provenance), 10) Aho yimukiye (lieu de destination) 11)Ubwoko (Ethnie), 12) Abana yimukanye (Enfants à charge), 13) N° ya karita imuranga (N° C.I. ), 14) Ibindi byongerwaho (Observations).

Igitabo cyandikwamo abacumbika: registre des résidents

1) Amazina (noms et prénoms), 2) Igihe yavukiye (Date de naissance), 3) Igitsina (sexe), 4) Izina rya Se (nom du père), 5) Izina rya Nyina (nom de la mère), 6)Ubwoko (Ethnie), 7) Aho atuye (Commune de domicile), 8) Prefegitura atuyemo (Préfecture de domicile), 9) Segiteri abamo (secteur de résidence), 10) Umwuga (Profession), 11) Igihe ahagereye (date d'arrivée), 12) Igihe ateganya kuhaba (durée de résidence), 13) Izina ry'uwo bashakanye (nom du conjoint), 14) Umubare w'abana atunze (nombre d'enfants à charge), 15) N° ya karita y'akazi (N° de la carte du travail), 16) N° ya karita imuranga (N° de la C.I. ), 17) Igihe agendeye (date de départ), 18)Ibindi byongerwaho (Observations).

.../...

URUHUSHYA RWO GUCUMBIKA: (PERMIS DE RESIDENCE)

N°.................

| | |
|---|---|
| REPUBLIKA Y'U RWANDA | PREFEGITURA YA |
| MINISTERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU | PREFECTURE DE ................. |
| REPUBLIQUE RWANDAISE | KOMINI YA |
| MINISTERE DE L'INTERIEUR | COMMUNE DE |
| | ............................. |

IFOTO
PHOTO

| | |
|---|---|
| 1. Amazina ............................ Nom, Prénom | 11. Imibereho bwite .................. Etat Civil |
| 2. Igihe yavukiye n'igitsina........... Date de naissance et Sexe | 12. Izina ry'uwo bashakanye ........... Nom du conjoint |
| 3. Amazina ya Se....................... Noms du père | 13. Umubare w'abana atunze............ Nombre d'enfants à charge |
| 4. Amazina ya Nyina.................... Noms de la Mère | 14. N° ya karita y'akazi.............. N° carte de service |
| 5. Ubwoko ............................. Ethnie | 15. N° ya karita imuranga............. N° C.I. |
| 6. Komini atuyemo...................... Commune de domicile | 16. Ruzakoreshwa kugeza kuwa........... valable jusqu'au |
| 7. Prefegitura atuyemo................. Préfecture de domicile | 17. Ibindi byongerwaho................ Observations |
| 8. Segiteri abamo...................... Secteur de résidence | Bikorewe i .......... kuwa............ Fait à ............. le............... |
| 9. Umwuga.............................. Profession | Kashe |
| 10. Igihe ahagereye.................... Date d'arrivée | Umukono wa Burugumestri Cachet Signature du Bourgmestre |

---

Iyo hashyizweho itegeko, ligomba gusobanurirwa abalihawe kandi likubahilizwa. Guhora umuntu yibutsa ayo mategeko n'amabwiliza ni ngombwa cyane cyane iyo umukozi ushinzwe kuyakoresha ali mushya mu mulimo, atarafata akamenyero ko kuwukora atajijinganya.

UMUKARANI W'IBARURA AGOMBA KUMENYA AKAZI ASHINZWE

Kugira ngo ashobore gutunganya neza umulimo ashinzwe, Umukarani w'ibarura ry'abaturage agomba:-

1° Kugira no gusoma buli gihe amategeko n'amabwiliza cyangwa se inyigisho, byerekeye ibarura ry'abaturage, akareba niba izo nyigisho n'ayo mategeko bili mu biro by'ibarura kugira ngo azajye ahora abyifashisha mu gihe bibaye ngombwa;

2° Gukora raporo zose zisabwa n'ubutegetsi bw'inzego zose akulikije amabwiliza yahawe, kandi izo raporo zigatangirwa igihe;

3° Kureba niba umubare w'abaturage wo muli raporo y'umwaka, uhura n'uwo muli raporo y'impera z'ukwezi k'Ukuboza k'uwo mwaka;

4° Mbere y'uko Burugumestri asinya mu ndanga-muntu, umukarani w'ibarura agomba kubanza kureba ko ibyanditswe muli ya ndanga-muntu ali nabyo byanditse kw'ifishi, na none akagenzura niba nyili ugufata indanga-muntu yanditse mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage. Iyo amaze kureba ko byose bitunganye, abimenyesha Burugumestri ndetse akabimwereka, Burugumestri akabona agasinya mu ndanga-muntu;

5° Kureba niba amafishi abitswe mu buryo bwiza kandi hakulikijwe buli segiteri , ibitsina, udutsiko, ndetse hakulikijwe n'urutonde rw'inyuguti;

6° Guhora areba ko numero y'ibarura yanditse kw'ifishi ali nayo yanditse mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage;

7° Guhora agenzura amafishi y'abashakanye, akareba ko amazina na nomero by'umwe muli bo byanditse kw'ifishi y'undi.

8° Guhora yiyibutsa amategeko arebana n'imyandikire y'abana babyawe n'abagore b'ubuhalike cyangwa iy'abana bemewe;

9° Guhora agenzura iyandikwa ry'abantu binjiye muli Komini n'iry'abayisohotsemo, akareba niba itariki y'iyandikwa muli Komini batuyemo yanditse no kw'ifishi yoherejwe n'ubutegetsi bwa Komini baturutsemo. Amafishi y'abasohotse muli Komini agomba guhita yoherezwa muli Komini bagiyemo;

10° Buli mwana wese uvutse agomba kugira ifishi ye bwite kandi akagira na nomero z'ibarura;

11° Kureba niba itegeko ryo kwandikisha abana likulikizwa mu ngingo zaryo zose, kuko hali ubwo wasanga abagore barongowe ku buryo bunyuranye n'amategeko bandikisha abo bana ku bagabo babyaranye ku buryo butemewe n'amategeko.

12° Kugenzura byimazeyo ikibazo cyo guhindagura amoko cyangwa imyaka, kuko byagaragaye henshi ko abantu bamwe basigaye bahinduza ubwoko bwabo kandi bitemewe;

13° Kumenya neza imiterere ya buli gitabo gikorerwamo ibarura, kandi kikandikwamo ibyo cyagenewe gusa. Ntihagire uwandika abapfuye mu gitabo cy'abimukira ahandi, cyangwa se ngo yandike abavutse mu gitabo cy'abinjira muli Komini baturutse ahandi;

14° Hali igihe usanga hali abantu barengeje imyaka 20 batarafata iranga-muntu bitewe ahali n'ubujiji bwo kutamenya ko ali ngombwa no kudasobanukirwa n'amategeko. Kugira ngo ayo makosa abe yakosorwa, Umukarani w'ibarura yagombye kujya yohereza Konseye amazina y'abujuje imyaka 16, akamubwira n'umunsi abo bose bazajya bafatira indanga-muntu. Abo bakarane kandi bakamenya ko nta muntu n'umwe ugomba kwimwa indanga-muntu.

.../...

INGORANE ABAKARANE B'IBARURA BAKUNDA KUGIRA.

1. Kutagira ububiko bukwiye. Nyamara aliko ubwo amakomini yose afite ibiro bishya kandi bihuje n'igihe tugezemo ndetse buli mukozi wa Komini akaba afite aho akorera hagutse, iyo ngorane ntiyagombye kuba ikivugwa. Za étagères na za fichiers zigomba guteganywa, zikagurwa.

2. Kwandika mu bitabo by'ibarura bifata umwanya munini kuko umwana wese uvutse agomba kugira ifishi ye y'ibarura, kandi akandikwa no mu gitabo cy'ibarura (registre de population). Iyo habonetse abantu benshi bandikisha abana, bamwe bararalirana bakazagaruka ku wundi munsi. Ibyo rero usanga bitera ibibazo, bamwe bakagenda bijujuta ngo umukarane ntiyabanditse kandi babonye ko atigeze yicara. Hagombye abakozi babili muli "service de recensement".

3. Imibare yo mu biro by'ibarura ry'abaturage akenshi usanga idatunganye kubera ko batihutira bose kwandikisha abana bavutse, ntibanihutire gusibisha ababo batakiliho.

4. Ibikoresho bike (nk'imashini) bishobora gutuma raporo zisabwa buli kwezi zidatangirwa igihe. Hali ubwo usanga Komini ifite nk'imashini yandika imwe gusa, iyo mashini ikaba igomba gusaranganywa muli za "services" nyinshi, bityo, raporo zimwe zikaba zatinda gukorwa no gutangirwa igihe bitewe no kubura icyo umukozi azikoresha. Zishobora na none gutinzwa n'uko umukarane ushinzwe ibarurá ali umwe gusa, nko mu gihe yatangiye gukora raporo, imilimo ya buli munsi yo kwandika mu bitabo ikamuzitira.

5. Hali n'izindi ngorane zikunda kuboneka mw'iyandika ry'abana bakomoka ku bagore ba kabili. Icyakora izo ngorane ntizagombye kubaho, keretse nyine ko bene kwandikisha batavuga ukuli, ali nayo mpamvu hashyizweho itegeko ry'uko umwana yandikwa hali ababyeyi be bombi cyangwa abagabo babili babonye avuka.

Dore rero uko abo bana bagomba kwandikwa kw'iranga-muntu no ku mafishi :

a) Abandikwa kw'iranga-muntu no ku mafishi ya ba Se ni aba :

- Umwana uvuka ku mugore w'isezerano (wemewe n'amategeko);
- Umwana uvuka ku mugore w'ubuhalike aliko washyingiwe mbere y'italiki ya 24/11/1962, italiki itegeko-nshinga ryatangalijweho;
- Umwana uvuka ku mugore utali uw'isezerano nyuma yo kuwa 24/11/1962 aliko Se akaba yaramwemereye imbere y'amategeko.

b) Abandikwa ku ndanga-muntu no ku mafishi ya ba Nyina ni aba :

- Umwana umugore yabyaranye n'umugabo badafitanye amasezerano y'ubushyingirwe;
- Umwana umugabo yabyaranye n'umugore w'ubuhalike aliko akaba yaramushatse nyuma yo kuwa 24/11/1962 kandi uwo mugore akaba atarashatse kumwemera imbera y'amategeko;
- Umwana umugore yabyaranye n'umugabo utazwi;
- Umwana umugore w'umunyarwandakazi yabyaranye n'umunyamahanga badafitanye isezerano ryo gushyingirwa cyangwa ikindi cyemezo cy'Igihugu uwo mugabo akomokamo kibisobanura ukundi.

.../...

UKO NGENZURA IMILIMO Y'UMUKARANI W'IBARURA.

01. Kureba uburyo umukarani akoresha igihe cye buli cyumweru.

02. Ububiko bw'ibitabo, amafishi kimwe n'amategeko n'amabwiliza akoreshwa mw'ibarura, na za raporo.

03. Kureba niba bibikanywe isuku na gahunda, kureba niba amafishi abitse akulikije za Segiteri n'ibitsina, kimwe n'urutonde rw'inyuguti.

04. Kureba imyandikire yo mu bitabo byose bifitanye isano n'ibarura. Niba nomero yanditse kw'ifishi ali nayo yanditse mu gitabo cy'ibarura, niba amazina na nomero by'umwe mu bashakanye, byanditse kw'ifishi y'undi.

05. Ku byerekeye itangwa ry'indanga-muntu, umukarani w'ibarura agomba kwerekana niba nyili ugufata indanga-muntu yanditse mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage, na none agahuza ibyanditse kw'ifishi ye n'ibyo agomba kwandika ku ndanga-muntu, akabona kuyishyikiliza Burugumestri kugira ngo ayisinyemo. Kugenzura ko indanga-muntu ya mbere itangirwa ubuntu, naho iyatakaye cyangwa ishaje igasimburwa n'indi ku kiguzi cy'amafranga 50.

06. Kugenzura niba raporo zerekeye ibarura zitangwa buli kwezi na buli mwaka. Twibutse kandi ko raporo y'ukwezi k'ukuboza igomba guhuza na raporo y'umwaka.

07. Kureba ibyerekeye amafishi y'abantu binjiye, tukareba n'igitabo bandikwamo.

08. Kugenzura niba indanga-muntu z'abasohotse (abimutse muli Komini) zisigara muli Komini bimutsemo.

09. Kureba niba ingaragu zirengeje imyaka 16 zarakorewe amafishi yazo bwite, ku buryo abo bana baba batakili gusa ku mafishi y'ababyeyi babo.

Ubwo abo bana bafite nomero y'ibarura, imbere y'amazina yabo ali ku mafishi y'ababyeyi handikwaho inyuguti REC zerekana ko na bo babaruwe.

10. Kureba niba amafishi y'abasohotse muli Komini yaroherejwe aho bagiye.

11. Kureba niba abana bavutse bafite amafishi yabo bwite kandi bakaba bagomba kugira nomero z'ibarura kuko bahita bandikwa mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage (registre de population).

12. Kureba ibyerekeye ibarura ry'abanyamahanga batuye muli Komini cyangwa se ab'impunzi.

13. Kubaza niba nta baturage bakunda guhindagura ubwoko cyangwa imyaka.

14. Kureba imyandikire y'abana bavuka ku bagore badafitanye amasezerano y'ubushyingirwe n'abo babyaranye. Abo bana bandikwa ku mafishi ya ba Nyina.

15. Kureba ko mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage bandikamo inyuguti "S" ku basohoka bava muli Komini bimukira mu yindi, tukanareba ko bandika DCD ku bapfuye aho gusiba amazina yabo.

16. Kureba niba umubare w'abana uli mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage uhuye n'uwo kw'ifishi y'umubyeyi wabo. Akenshi uwo mubare wandikishwa ikaramu y'igiti mu gitabo cy'ibarura kuko uhora uhindagulika buli gihe cyose umwana avutse.

17. Kureba niba buli muturage ali mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage, bitaba ibyo hakagaragara impamvu zibisobanura.

18. Gutegeka ahali ikosa hagakosorwa.

19. Kureba ko Burugumestri asinya buli gihe mu gitabo cy'abashyingirwa imbere ya buli sezerano.

.../...

IBY'INGENZI NABONYE BIDAHWITSE MAZE GUKORA IGENZURA

01. Bamwe mu bakarane bibagirwa kwandika inyuguti "S" isobanura "Sortie" ku baturage basohoka muli Komini bimukira mu yindi. Ahubwo bakiyandikira: "Mutation". Ibyo narabibabujije, mbategeka kujya bandika uko amategeko abiteganya binakubitiyeho ko bene abo bantu baba bafite ikindi gitabo bandikwamo ko bimutse muli Komini (Registre des Sorties). Icyakora ku byerekeye abapfuye, abakarani bose barabimenye ntibagicishamo ikaramu basibasiba mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage, bandika uko bikwiye DCD.

02. Mu kugereranya raporo y'umwaka igaragaza umubare w'abaturage bose baliho, n'umubare w'abaturage banditse mu gitabo cy'ibarura, nasanze umubare uli muli raporo uruta kure umubare ugaragara mu gitabo cy'ibarura. Ibisobanuro bampaye, ni uko mu gihe cyo hambere (mbere ya 1981) impinja (abavutse) zitandikwaga mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage, handikwaga gusa abagejeje ku myaka yo gufata indanga-muntu (ab'imyaka 16).
Aha rero nasanze iyo mibare yombi idahura kubera izo mpamvu. Nyamara raporo y'umwaka nasanze ihuye na raporo y'ukwezi k'ukuboza mu makomini atatu kuli ane agize S/Prefegitura BUSORO. Iyo Komini nayisabye gukosora ibikosamye muli za raporo itanga.

03. Ku byerekeye ibarura ry'abanyamahanga, abenshi bali mu makomini abili (KIGEMBE na NYAKIZU) kandi bakomoka mu gihugu cy'u BURUNDI duhana imbibi. Hafi ya bose kandi, baratuye. Aliko ntibahawe ubwenegihugu. Nasanze nta gitabo banditsemo, nyamara bahabwa buli mwaka uruhushya rwo gucumbika (Permis de résidence), aliko ntibanditse mu gitabo cy'abacumbitse. Tukaba tuzi na none ko uruhushya rwo gucumbika ruhabwa Umwenegihugu uba aho atanditse mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage. Iki ni ikibazo nifuzaho inama z'abandi kugira ngo kigendere inzira imwe n'ibindi bikorwa by'ibarura. Twibutse na none ko abo banyamahanga bavugwa atali impunzi, ahubwo ni abantu baje mu RWANDA kera, ndetse bahafite abana n'abuzukuru n'abuzukuruza, aliko ntibarahabwa ubwenegihugu.

04. Ku byerekeye imyandikire yo mu gitabo, cyane cyane kwandika abavutse, bigomba gushyirwa mu bitabo byinshi. (Igitabo cyandikwamo abavuka, igitabo cyandikwamo abaturage, kuzuza amafishi). Nasanze bikomereye umuntu umwe kugira ngo abyuzuze byose mu munsi umwe, ali na yo mpamvu handikwa bake bake ku minsi yagenwe yo kwandika abavutse, abandi barambirwa guhora basiragira kuli Komini bakarekera iyo, ubwo ibarura likaba lijemo amakosa. Nuko ali ubukene bw'amakomini, naho ubundi mu biro by'ibarura hagombye kuba nibura abakozi babili.

05. Ku byerekeye uko abakarane b'ibarura bakoresha igihe cyabo mu cyumweru (emploi du temps = calendrier de travail), nasanze buli mukarani afite "calendrier" ye yihaliye idahuje n'iy'undi, uretse ko ibyo bakora byo bisa.
Urugero: Kuwa mbere: Kwandika abana bavutse mu gitabo cy'abavutse;
kuwa kabili: Guha abo bana nomero mu gitabo cyandikwamo abaturage no gutunganya amafishi agashyirwa mu bubiko bwayo neza.
Kuwa gatatu: Gutanga indanga-muntu.
Kuwa kane : Kwandika abapfuye no kwandika amatungo.
Kuwa gatanu: Kwandika mu gitabo cy'abimutse muli Komini n'abimukiye muli Komini.

.../...

N.B. : Kuwa gatanu wa mbere w'ukwezi: Kwandika mu gitabo cy'abashyingirwa.

Kuwa gatandatu : Umuganda.

N.B. Hali n'umunsi wo gukora raporo y'ukwezi ushobora gufatwa muli iliya twerekanye haruguru. Icyo gihe indi milimo irahagarara cyangwa se igakorwa bitewe n'uko ali mike.

Aho nasanze "calendrier" itamanitse ku biro by'ibarura nategetse ko bikorwa, kuko bamwe bambwiraga ngo iyo kalendari abaturage bayifashe mu mutwe, ngo si ngombwa kubimanika ku biro. Nategetse ko programu nk'iyo igomba kumenyekana, igashyirwa ahagaragara ku biro, umuntu wese unyuze kuli Komini akayisoma kugira ngo amenye igihe azazira gukoresha imilimo yerekeranye n'ibarura.

AMAKOSA DUKUNDA KUBONA KU BAKARANE B'IBARURA

1° Kwiliza abaturage imbere y'ibiro, ntibatunganyilizwe vuba umulimo uba wabazinduye. Ibyo bituma abaturage basiragira kenshi ku biro bya Komini, bakazageza aho bacika intege ntibabe bakijya kwandikisha, bityo imilimo igendana n'ibarura igapfa.

2° Hali aho dusanga abakarane b'ibarura bakira amafranga ya "amende" acibwa abaturage, akenshi ayo mafranga ntagera yose mw'isanduku ya Komini. Umulimo wo kwakira amafranga ufite abakozi Komini yawushinze, Umukarane w'ibarura ntaho yagombye guhulira nayo.

oooooo
oo
o

I B Y I F U Z O.

1° Guhugura buli mwaka abakarane b'ibarura ni ngombwa, binakubitiyeho ko Komini ihora ihindagura abakozi, uwahuguwe akaba yakwirukanwa; agasimburwa n'utaligeze abona inyigisho zifitanye isano n'umulimo akora.
Bitewe rero n'uko ibarura likozwe neza ali ryo lituma raporo nyinshi ziba zikoze neza, tukaba ndetse tuzi ko ibarura ry'abaturage ali ryo imishinga myinshi y'amajyambere ya Komini n'ay'Igihugu ishingiyeho, birakwiye ko abakora uwo mulimo w'ibarura bakwihugura nibura limwe mu mwaka.

2° Abakarane b'ibarura bakwiye guhaguruka mu biro bagasanga abaturage ku mirenge batuyeho, kugira ngo babashe gutunganya umulimo w'ibarura. Icyo gihe baba babonye uburyo bubangutse bwo kwifashisha Abaselire n'Abajyanama, bo bazi neza abaturage.

IMYIYONGERERE Y'UMUTUNGO WA KOMINI.

Nkuko Umukuru w'Igihugu adahema kubitwibutsa, Komini niyo shingiro ry'amajyambere. Komini zavutse muli 1960 nyuma ya revolisiyo yacu yo muli 1959, zisimbura za Susheferi zahozeho mu gihe cya gikoronize. Icyo gihe amakomini yali menshi cyane, aliko baza kuyagabanya bayagira manini, muli iki gihe akaba ali 143. Kuva zashyirwaho kugeza ubu Komini zifite ubuzima gatozi; igacunga umutungo wayo ikulikije ibyo ikeneye. Aliko mbere, igice kinini cy'umutungo wayo cyajyaga muli Leta, kuko ku misoro bahaga Leta 70% cyangwa 65%, Komini igasigarana 30% cyangwa 35% yo guhemba abakozi n'utundi tulimo ducye. Amafranga yavaga cyane mu misoro, tagisi nazo zaliho aliko ali nke cyane.
Aliko muli iki gihe tagisi zaliyongereye cyane ku buryo alizo zisigaye zitunga Komini. Twakwibaza rero niba uko amajyambere ya Komini yagiye yiyongera, ali nako umutungo wayo wiyongereye? Cyangwa niba Komini z'iki gihe zihagije kurusha iza kera?

Muli iki kiganiro turarebera hamwe iby'umutungo wa Komini, turebe uko wagiye wiyongera, nuko dushobora kuwongera muli iki gihe. Tuligira hamwe izi ngingo zikulikira:

1° Aho umutungo wa Komini uturuka

2° Umutungo wa Komini uko wagiye wiyongera

3° Umutungo wa Komini uko umeze muli iki gihe

4° Icyo twakora kugira ngo tuwongere.

I. AHO UMUTUNGO WA KOMINI UTURUKA.

Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 lyerekeye imiyoborere ya Komini (article 123 - codes et Lois du Vol. II p. 477), livuga ko umutungo wa Komini ushobora guturuka ku bintu bitanu:

a) 1. Imisoro na tagisi zishyirwaho muli Komini (la fiscalité communale).

Inama ya Komini niyo ifite uburenganzira bwo gushyiraho tagisi iyi n'iyi, ikulikije umulimo iba yakoreye uwo yaka iyo tagisi (service rendu), akagomba kandi kuyitanga uko byagenda kose n'ubwo yaba atasabye Komini ko imukorera uwo mulimo.
Leta nayo hali amafranga cyangwa imisoro y'amatagisi amwe n'amwe irekera Komini. Imisoro CPM kera igice kinini cyajyaga muli Leta (Urugero: frais de justice ziheruka kwegulirwa za Komini, na frais de soins médicaux dans les Dispensaires et Centres de Santé de l'Etat).

2. Inguzanyo Komini ishobora kwaka hirya no hino (les emprunts)

Inama ya Komini ikulikije ibyo ikeneye ishobora kwaka inguzanyo muli Banque cyangwa n'ahandi bayibemereye.

.../...

3. Imfashanyo ihabwa Komini n'abantu cyangwa n'imiryango ku giti cyabo (Dons et legs des particuliers)

Imiryango cyangwa abantu bashobora gufasha Komini mu majyambere yayo, nta nyungu bateze cyangwa kwishyurwa (Urugero: Padri wo mu Nyakabanda watangiye CCDFP, Centres de Santé zimwe na zimwe zubatswe n'imfashanyo z'abagiraneza, imiyobora y'amazi mu makomini).

4. Umutungo ushobora guturuka ku bintu Komini ifite (les revenus et produits du patrimoine communal)

Komini ishobora kuvana mu mutungo wayo inyungu, tuvuge abafite camion, amashyamba, amazu akodeshwa, salle de cinéma cyangwa se gukodesha imilima ya Komini. Komini ifite nk'ikibuga cy'umupira kitarebwa na Leta ishobora gukoresha amatiki ikayaguli-sha.

5. Imfashanyo ishobora guturuka muli Leta (l'aide éventuelle de l'Etat).

Leta ikulikije ubukene bwa Komini, ishobora kuyifasha. Byagiye biboneka kenshi ko nk'imishinga Komini itishoboreye, Leta ikunda kuzitera inkunga kugira ngo ikorwe (Urugero: kubaka ibiro bya Komini, kubaka ibigega bihunika imyaka, kubaka za CCDFP, etc.). Muli iki gihe FDC (Ikigega Gitsura Amajyambere ya Komini) ifasha amakomini cyane, aliko nazo zikaba zishyiramo 10% y'amafranga yakiṙa ku buryo busanzwe. Komini ishobora gushora amafranga mu mishinga izana inyungu. Komini ishobora gushyira muli Banki amafranga kuli konti izana inyungu.

II. UKO UMUTUNGO WA KOMINI WAGIYE WIYONGERA.

Komini zitangira, umutungo wazo wali ugizwe cyane n'imisoro yavaga mu baturage, ali iy'impanga, ali iy'inka, aliya magare. Ndetse kera n'imisoro y'ihene, intama, ingurube n'amaradiyo yali iliho usibye ko Leta yaje kuyikuraho. Iyo misoro igice kimwe cyajyaga muli Leta, ikindi kikaguma muli Komini. Andi mafranga yavaga muli tagisi zindi, nk'izo mw'isoko, za kabare n'izindi. Imisoro y'impanga n'inka ntabwo yakunze guhindagulika. Tagisi nizo zakunze kugenda zongerwa, bitewe n'ubukene bwa Komini, n'ibyemezo by'inama ya Komini.

IMISORO (impositions)

1960 - 1963: Hagati y'icyo gihe, umubare w'amafranga y'umusoro w'impanga (CPM Hommes) ntabwo wali uhuye mu Gihugu cyose. Wali hagati ya 380 FRW na 490 FRW. Amatungo manini (inka: IGB) yali 200 FRW, naho ihene 20, intama 20, ingurube 50. Umusoro wa malaya (femmes libres) wo wali 6.000 FRW. Kuli ayo mafranga, 70% yagombaga kujya mw'isanduku ya Leta, naho 30% akaguma muli Komini.

Inteko nkuru y'Igihugu yo muli 1964 (Assemblée Nationale) yashyizeho itegeko lishinga imisoro ya rubanda imeze kimwe mu gihugu cyose kuli ubu buryo bukulikira:

.../...

a) Imisoro y'abantu : - umusoro w'umubili : 400 FRW

- Umusoro wa malaya : 6.000 FRW
- Umusoro w'umugore w'ubuhalike wa mbere y'itegeko nshinga : 400 FRW.

b) Imisoro y'amatungo :- Umusoro w'inka : 200 FRW

- Umusoro w'ihene : 25 FRW
- Umusoro w'intama : 25 FRW
- Umusoro w'ingurube : 50 FRW.

c) Umusoro wa Radio :- Icanwa n'insinga : 100 FRW

- Icanwa n'amabuye : 50 FRW

d) Amagare : 75 FRW.

Mu mwaka w'1965, iyo misoro ntabwo yahindutse, yagumye nkuko yali ili, 70 % aguma muli Leta naho 30 % aguma muli Komini.

1966 - 1967 : Uretse umusoro w'amagare wavuye kuli 75 FRW ukajya kuli 150 FRW, indi misoro ntiyigeze ihinduka. Naho uko amafranga agabanwa, Leta yafashe65 % naho Komini ifata 35 %.

1968 - 1969 : Hasohotse itegeko ryo kuwa 28/02/1968 lihamya umusoro w'abantu n'uw'amatungo ryemeje amafranga akulikira :

a) Umusoro w'abantu : - Umusoro w'impanga abagabo : 400 F

- Umusoro w'abagore ba kabili barongowe : 400 F mbere y'itegeko nshinga
- Urengeje taliki ya 30/Ukwakira atarayatanga yongererwaho 100 F akaba : 500 F.

b) Umusoro w'amatungo : - Umusoro w'inka : (IGB) : 200 F

- Umusoro w'ihene: : 25 F
- Umusoro w'intama : 25 F
- Umusoro w'ingurube : 50 F

Ugejeje taliki ya 30 Ukwakira atarawutanga yongeraho 50 ku nka akaba 250, kw'ihene n'intama akongeraho 5 akaba 30 F naho ku ngurube akongeraho 10 akaba 60F. Amagare n'amaradiyo ntacyahindutse.

1970 : Umusoro w'inka (IGB) waongerewe uva kuli 200 F ujya kuli 250 F, hakiyongeraho 50 F, ugejeje kuli 30 Ukwakira atarayatanga akaba 300 F.

Kugeza muli 1974, nta bindi byahinduwe cyane uretse ko hagati aho umusoro w'ihene, intama n'ingurube n'amaradiyo waje kuvaho.

1975 - 1977 : Amafranga 65 % yajyaga muli Leta hagasigara 35 % yaje kuvaho, Komini igasigarana 100 %, yose akaba ayayo, aliko: umubare w'amafranga y'umusoro ntiwahindutse.

Kuva 1978 kugeza ubu : hasigaye imisoro y'impanga, y'inka n'iy'amagare, indi yose ivaho. Uretse 10 % y'amafranga yinjiye muli Komini ku buryo busanzwe (budget ordinaire) ajya muli FDC hafi y'amafranga yose yinjiye muli Komini agumamo.

.../...

Tableau I. : Uko amafranga yagiye asumbana mu ngengo y'imali kuva muli 1965 kugeza muli 1986 ku misoro CPM Hommes na tagisi muli Komini KAGANO.

| | | 1965 | 1968 | 1972 | 1974 | 1977 | 1981 | 1984 | 1986 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| TSORO | Umubare w'abantu | 2.238 | 2.900 | 3.100 | 3.250 | 4.000 | 4.000 | 4.500 | 5.000 |
| | Amafranga | 895.200 | 1.160.000 | 1.240.000 | 1.300.000 | 1.600.000 | 1.600.000 | 1.800.000 | 2.000.000 |
| AGISI | | 101.820 | 116.910 | 252.460 | 293.200 | 857.040 | 1.792.850 | 2.565.000 | 2.426.310 |

entaires : 1. Kugera muli 1974, aliya mafranga ntabwo aliko yinjiraga muli Komini yose. Imisoro, 35 % niyo yonyine yasigaraga muli Komini naho 65 % ikajya muli Leta. Aliko amafranga ya tagisi yose yali aya Komini.

2. Urebye imibare neza, usanga muli Republika ya II aliho amafranga mu makomini yagiye yiyongera cyane. Bikerekana ko amajyambere yiyongereye cyane muli iki gihe, abakozi baba benshi mu makomini n'ibintu biba byinshi.

3. Imisoro yiyongereye ikulikije uko umubare w'abaturage ugenda wiyongera, uretse ko utahindutse ukaguma kuli 400 F.

Uko amafranga yinjiye mu makomini KIRAMBO na GATARE kuva muli 1982 - 1985 mu misoro no mu matagisi.

| | | 1982 | 1983 | 1984 | 1985 |
|---|---|---|---|---|---|
| KIRAMBO | Imisoro | 935.640 | 990.360 | 1.011.600 | 1.364.760 |
| | Amatagisi | 3.180.438 | 3.733.539 | 3.442.872 | 3.592.030 |
| TARE | Imisoro | 1.435.320 | 1.672.920 | 1.878.120 | 2.284.920 |
| | Amatagisi | 2.555.000 | 2.266.812 | 1.894.058 | 1.445.047 |

mmentaires : 1. Imisoro, uko imyaka igenda yiyongera niko amafranga y'imisoro yiyongera, bitewe nuko abaturage baba biyongera, cyangwa n'umwete wo kuyashaka. Amakomini abona amafranga menshi muli tagisi, aliko ntibakulikirane bihagije imisoro. Biraboneka nko muli Komini KIRAMBO.

2. Amatagisi yo yiyongera cyangwa agabanuka bitewe nuko amasoko ameze. Nko mu GATARE, higeze gutera indwara ya kolera bafunga amasoko, kuva icyo gihe isoko bali bafite lirapfa, ahubwo ryo ligenda lisubira inyuma, murabona ko amafranga yinjiye uwo mwaka ntaho ahuliye nayo muli 83. Naho muli KIRAMBO, kubera inzara yigeze gutera muli 1984, murabona ko amafranga yinjiye uwo mwaka ntaho ahuliye nayo muli 83.

..., ...

b) Tagisi za Komini. Mbere Komini zibandaga cyane ku misoro, ugasanga tagisi batazitaho cyane. Kubera ko Komini yahariwe amafranga yavaga muri izo tagisi zose kandi zikurikije ubukene bwazo, zagiye zongerwa cyane ntizitangwe kimwe mu makomini yose y'u Rwanda.
Umuntu akaba yibaza niba hari ukuntu tagisi zaba zimwe mu Gihugu cyose.
Kubera ko uva muri Komini ujya muyindi ugasanga ikintu kimwe icyakaho tagisi zinyuranye.Nka cabarets usanga hamwe bazisoresha 5.000 Frs ahandi 3.000 Frs kandi wenda zinegeranye. Ibyo bigatuma abaturage bizo Komini bibaza niba amategeko agenga tagisi atari amwe mu makomini. Hari n'amakomini amwe n'amwe yirengagiza amabwiliza aba yarahawe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ugasanga nk'aho baka 100 Fr bp bahaka 500 ndetse ni 1000 Frs bitwaje ko Inama ya Komini yabyemeje. Urugero : hari ibihano umuturage atagomba gucibwa amafranga arenze 200 ariko muri iki gihe ntibitangaje kumva umuturage bamuciye 500 Frs cyangwa 1.000 Frs. Usanga henshi bigiye bikabya, komini ari ukwishakira amafranga gusa ngo itunganye imirimo yayo ariko yica abaturage.

Umutungo wa Komini uko umeze muri iki gihe.

Muri iki gihe, usanga umutungo wa Komini ari mukeya cyane ngereranyije n'ibigomba gukorwa. Uretse ko na kera uwo mutungo utari uhagije ariko Komini nazo zikaba zitarabazwaga ibintu byinshi. Ubu Komini igomba kugira imodoka, kubaka amazu y'ubutegetsi (Ibiro bya Komini, CCDFP, icumbi lya Burugumestri), gukora imishinga imwe n'imwe, guhemba abakozi n'ibindi.

Muri iki gihe amakomini twayagabanyamo ibice bitatu:

1° Amakomini akize ashobora gukora imirimo isanzwe agasagura n'ayo ashobora gukoresha imishinga, ku buryo ashobora kwaka inguzanyo akabona icyo yishyura. Ayo makomini ni afite cyane cyane amasoko akomeye. Izo ninka RUBAVU(GISENYI) BICUMBI (KIGALI) TAMBWE (GITARAMA), KAMEMBE (CYANGUGU), naza Komini z'umugi nka NYARUGENGE (KIGALI) na NGOMA (BUTARE). Ayo makomini ni makeya cyane mu Gihugu.

2° Amakomini ashobora gukora imirimo isanzwe yangombwa, nko guhemba abakozi no gukora utundi turimo dusanzwe, ariko ntabe yashobora kugira ikindi yakwimarira nk'umushinga cyangwa ibindi: ayo niyo menshi cyane.

Hari rero n'ayandi akennye mbega atishoboye, ageragez agahemba abakozi bayo biyigoye ndetse limwe na rimwe ntibahembe, ugasanga igihe cyose ifite igihombo ku ngengo y'imari isanzwe, kuko kenshi bakoresha amafranga ya FDC, CSR n'ayandi. Ayo makomini usanga acungira igihe cyose ku misoro y'abaturage, nta gasoko zigira kazana amafranga atubutse. Izo ni nka Komini HUYE (BUTARE) , RWAMIKO (GIKONGORO) KAGANO, CYIMBOGO n'izindi.

Uko Komini yakongera umutungo wayo.

Nkuko tumaze kubibona, Komini zirakennye. Ariko umuntu yakwibaza ibibazo bimwe na bimwe. Ese koko Komini zirakennye?

Umusoro wa 400 Frs ntiwigeze wiyongera, kandi ibyo Komini ishinzwe bigenda byiyongera, waba warabaye muke se ku buryo uramutse wongerewe Komini zamererwa neza?

Hari imisoro yavanweho mu gihe cyashize nk'iyiradiyo, ihene, ingurube n'intama. Ubwo se iramutse isubiyeho hari icyo byayimarira cyane, cyangwa kwaba ari ukugondoza abaturage?

Amatagisi ntabwo ahuye muri Komini zose, kuburyo inama ya Komini yashyiraho amafranga ishatse. Baramutse bashyizeho igiciro kimwe mu Gihugu cyose hari icyo byamara, cyangwa ahubwo byajya iwandabaga?

Amakomini hari ubwo usanga ateganya nabi, ntibashakishe kandi umutungo wa Komini n'umwete. Hari nkabashyiraho imibare y'abantu basora uko bishakiye batarebye neza uko abaturage babo bangana, cyangwa ntibasoreshe bihagije bagashaka kwishyirira mu mifuka yabo. Ibyo byose biramutse bikosowe, hari icyo byamarira Komini?

Ariko se amakomini arakennye koko? Cyangwa n'uko adashakisha amafranga uko bigomba, n'utwo ibonye ikadukoresha nabi. Cyangwa se Komini zakomeje kwitonda ku misoro na tagisi ku buryo bibagiwe gukurikirana ahandi bavana amafranga nko mu nguzanyo n'ahandi.

None se uwo mutungo wa Komini wakwiyongera gute? Ku bwanjye dore ingingo zimwe na zimwe Komini yakurikiza kugira ngo iwongere:

1°- Komini zabarura neza aho zashobora kuvana umutungo wazo. Kuko usanga kenshi zijandajanda, zitazi neza ahantu zigomba gusoresha, ama Kabare n'ama Butiki ari muri Komini n'ibindi.

2°- Ama Komini akwiye gushora amafranga mu mishinga izana inyungu. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'izindi mpuguke zigashaka uko Komini zashinga ama Koperative zikurikije akarere zituyemo.

Izo Koperative zigahabwa inguzanyo na F.D.C. bakabaka inyungu nkeya, kugira ngo zishobore gutunganya iyo mishinga. Ariko iyi mishinga ikayoborwa n'abantu ku giti cyabo, ku buryo Komini nayo yaba ari umunyamuryango. F.D.C. nayo ikaba nka banki, amafranga ya Komini yose akaba aliho abitswa, akajya abyara inyungu. Byatuma abantu benshi babona akazi amafranga akiyongera mu giturage, aho kugirango ajye mu giturage.

3°- Leta ikwiye kugenera Komini amafranga y'amahôro amwe n'amwe (impôts sur les revenus) ikabaha ; runaka. Nk'abacuruzi aho kugira ngo batange amafranga muri Finances gusa, bakagira icyo bagenera Komini.

## ITEGURWA N'IRANGIZWA RY'IMISHINGA YA KOMINI.

Nk'uko Prezida wa Repubulika, Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Juvénal ahora abyibutsa, Komini igomba kuba ishingiro ry'amajyambere y'Igihugu. Kugira ngo ibyo bigerweho, umutungo wa Komini ugomba gucungwa neza imari yayo igashorwa mu mishinga ituma imibereho y'abaturage irushaho kuba myiza cyangwa se iyizanira inyungu kugira ngo imari yayo yiyongere. Ibyo bigomba gukorwa hakurikijwe icyo Umukuru w'Igihugu yasabye mu ijambo yavuze kuwa 8 Mutarama 1984 igihe arahira kandi atangiza inteko ya kabiri y'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere aho avuga ati : " Amakomini azihatira cyane cyane guteza imbere imirimo mu byaro, iteganya imirimo ihwanye n'ubushobozi bwayo kandi ifitiye abaturage akamaro".

UMUSHINGA NI IKI ?

Ni igikorwa Komini cyangwa urundi rwego rw'ubutegetsi rwiyemeje gukora kugira ngo abaturage bagire imibereho myiza. Urugero : Imihanda, amazi meza .... Mu gusuzuma umushinga akenshi bibanda kuri ibi bikurikira :

1. Kwerekana uko umushinga uteye ( identification)
2. Kuwutegura ( Préparation)
3. Kureba ibishobora kugerwaho ( évaluation)
4. Gutanga icyemezo cyo kuwutangira ( Décision d'investir)
5. Gutangira imirimo ( Réalisation d'investissement)
6. Kugenzura umushinga ( contrôle).

1. KWEREKANA UKO UMUSHINGA UTEYE.

- Izina ryawo : Rigomba kuba ryumvikana kandi ryerekana icyo ugamije
- Aho uzakorera : Kuvuga uko uteye, gutanga ifoto y'aho uvuga impamvu nyazo zerekana koko ko uwo mushinga ukenewe. Kwerekana ukoresheje karita uturere uzakoreramo.
- Niba ari mushya cyangwa ari ukunganira uwari usanzwe no kuvuga ibyo wagezeho.
- Abashyigikiye umushinga ( bailleurs de fonds) : Kuvuga amasezerano bagiranye na Komini uko ateye n'amafranga bemeye gutanga.

- Abashinzwe umushinga ( Responsables du Projet ) : Kuvuga abagize tekerezo cyo kuwushyiraho, abasabye imfashanyo, abazawutunganya r zakurikirana uko ukora.

## 2. KUWUTEGURA ( PREPARATION).

Mu kuwutegura ni ukwita kuri ibi bikurikira :

A/ Isoko ryo gucururizamo ibyo umushinga uzatanga

B/ Kwiga imiterere y'aho umushinga ugiye kujya ( études techniques)

C/ Kureba ibibazo byerekeranye n'aho amafranga azaturuka, amategeko azagenga uwo **mushinga** n'inkunga Leta yawutera.

D/ Kugereranya igiciro ( devis et recettes ) : Ni ngombwa kwerekana :

- Uruhare rwa Komini n'urw'abaturage
- Imfashanyo yasabwe cyangwa inguzanyo
- Devis : ikigereranyo cy'amafranga buri murimo ujyana n'umushinga uzatwara. Ituma Komini imenya Entrepreneur uhendutse, Icyo kigereranyo gikorwa hakurikijwe ibyiciro (postes) n'uko bikurikirana (suite logique) ku buryo kimwe gishobora gukorwa ari uko ikindi kirangiye.

Gusa icyo ngira ngo nibutse ni uko, nk'uko Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yabisabye mu ibaruwa ye n° 1470/04.09.01/12 yo kuwa 10 Nzeli 1984 ndetse akabigarukaho mu ibaruwa n° 0579/04.09.01/12 yo kuwa 3 Werurwe 1986, mbere yo guhitamo " Entrepreneur " uzakora umurimo uyu n'uyu Prefe wa Prefegitura abanza **gukora igereranya ry'ibiciro** bitangwa nibura n'abantu batatu kugira ngo Komini ibashe guhitamo ufite ubushobozi kandi adahenda. Ikindi ni uko Prefe abanza kwemera Kontaro Komini iba yagiranye nawe.

<u>DORE UKO ITEYE</u> :

| IBIKORESHO | IGIPIMO FATIZO | UKO BINGANA | IGICIRO KU GIPIMO FATIZO | IGITERANYO |
|---|---|---|---|---|
| Amatafari | Rimwe | 100.500 | 4 Frws | 402.000 F |

.../....

e. Igihe imirimo izamara n'uko ibikorwa bizakurikiranywa (calendrier des travaux). Kuvuga uko izakorwa hakurikijwe ibyiciro.

Ibimaze kuvugwa haruguru birafasha cyane mu gusuzuma uburyo bwakoreshwa kugira ngo intego y'umushinga igerweho.

3. KUREBA IBISHOBORA KUGERWAHO ( EVALUATION).

Mu kureba ibishobora kugerwaho, bafata umushinga nk'aho ibya ngombwa byose bijyana nawo byakozwe, mbese ko uri hafi gutangira.

Bikorwa kuri ubu buryo :

a. Kureba ibyerekeye imari:

Ni ugusuzuma uko imari yifashe, waba ari umushinga uteganya inyungu bakita ku rwunguko abashoyemo imari babona. Bikorwa hakurikijwe ibiciro biri ku masoko.

b. Kureba ibyerekeye ubukungu :

Aha ntabwo bakurikiza ibiciro byo ku masoko kubera ihindagurika ryabyo, ahubwo bafata ibiciro bigereranije kugira ngo bagereranye inyungu y'umushinga. Ibyo nibyo bita ibiciro fatizo ( prix de référence).

Evaluation ikorwa mu byiciro bitatu :

- Igihe umushinga ucyigwa ( au niveau des études).

Bituma bagereranya ibyo umushinga ushobora kuzageraho n'inyungu uzagira bakabona kuwugaragariza abiyemeje kuwushyigikira ( bailleurs de fonds).

- Igihe umushinga watangiye ( au niveau d'exécution)

Bituma : - Umuntu amenya niba imirimo ikorwa hakurikijwe gahunda yatanzwe.
- Imicungire y'umushinga
- Kumenya ibishobora kuzitabwaho mu itegura ry'imishinga y'ubutaha n'ibyakosorwa kuri uwo mushinga.

.../...

- Igihe umushinga warangiye( l'après-projet)

  - Kureba icyo wamariye abo wazaniwe
  - Uko ibikorwa byawo byifashe
  - Niba nta yindi nkunga wakenera mbese niba ushobora kwirwanaho ( capacité d'autofinancement).

Evaluation rero niyo ituma abarebwa n'umushinga bose bamenya uko uteye n'uko wifashe, ndetse bikaba byatuma bagira icyo bongera cyangwa bahindura ku byari biteganyijwe bamaze kubyumvikanaho :

Abo ni nk'aba : - Ubuyobozi bwawo
- Ministeri iwugenga
- Abategetsi b'akarere ukoreramo
- Imiryango iwushyigikiye.

4. ICYEMEZO CYO GUTANGIRA UMUSHINGA (DECISION D'INVESTIR).

Kugira ngo mu mishinga ibiri bashobore guhitamo uyu n'uyu, bifashisha ibimaze kuvugwa haruguru, ariko bakita k'ufite inyungu kandi uziyishyura vuba ( taux de rentabilité interne le plus élevé).

5. GUTANGIRA IMIRIMO ( REALISATION D'INVESTISSEMENT)

Iyo bamaze guhitamo umushinga ufite inyungu kandi uziyishyura vuba, imirimo ihita itangira; tuvuge nko kuyobora amazi kwegeranya ibikoresho n'ibindi ....

6. IGENZURA ( CONTROLE DU PROJET).

Rituma abashinzwe umushinga bamenya niba imirimo ikorwa uko yateganijwe, ko gahunda yatanzwe yubahirizwa. Rishobora gukorwa nyuma ya buri cyiciro ( phase).

Iyo imirimo irangiye, uwayikoze akora Facture y'imirimo yakozwe. Ariko mbere y'uko amafranga asohoka, ababishinzwe bagomba kugenzura niba koko imirimo yarakozwe hakurikijwe amasezerano bagiranye. Iyo basanze hari ibitameze neza bamuha igihe ntarengwa cyo kubikosora.

.../...

## INZEGO ZITEGURA N'IZIRANGIZA IMISHINGA.

### 1/ AKANAMA K'IMPUGUKE.

Hakurikijwe ingingo ya 69 y'Itegeko lyo kuwa 23 Ugushyingo 1963 ryahinduwe n'Itegeko-teka ryo kuwa 26 Nzeli 1974 naryo rikuzuzwa n'itegeko-teka n° 4/75 ryo kuwa 30 Mutarama 1975 rigena imitegekere ya Komini, Akanama k'Impugüke gafasha Burgumestri n'Inama ya Komini Iharanira Amajyambere mu gutekereza, gutegura no kurangiza imishinga, ndetse no gushaka amafranga azakoreshwa muri iyo mishinga.

### 2/ INAMA YA KOMINI IHARANIRA AMAJYAMBERE.

Ingingo ya 76 y'iryo tegeko-teka ivuga ko Inama ya Komini Iharanira Amajyambere :

- ikurikirana uko imishinga yemejwe ikorwa,
- ikemeza imishinga igomba gutangizwa,
- igasuzuma kandi ikemeza uburyo bukoreshwa kugira ngo imishinga itunganywe.

### 3/ URUHARE RWA PREFEGITURA.

Prefe niwe ukurikirana akanagenzura niba biriya byiciro by'umushinga utegurwa byubahirizwa. Ni nawe utanga icyemezo cyo gutangira uwo mushinga.

### INGERO.

| | | |
|---|---|---|
| A/ Umushinga warangiye | : | Umushinga w'amazi muri Komini TUMBA , ariko haracyari umwenda igomba kwishyurwa. |
| B/ Umushinga wigwa | : | Amacumbi y'abakozi muri CYUNGO. |
| C/ Umushinga utekerezwa | : | Isoko rya GASEKE muri BUYOGA. |

.../...

## INGORANE N'IBYIFUZO.

Abakozi bake, n'abahari bakaba badahugukiwe bihagije, cyane cyane mu rwego rwa Komini. Kugira ngo izo ngorane zigabanuke, Komini yari ikwiye kugira abakozi b'impuguke bafasha Burgumestri mu bibazo by'imishinga.

Mu rwego rwa Suprefegitura naho bakongerwa kandi bagahugurwa. Kuri iyi ngingo, ihugurwa rya bamwe mu bakozi ba Suprefegitura ryabereye i MURAMBI muri Kamena 1986 ryabagiriye akamaro. Amahugurwa nk'ayo yari akwiye kuba menshi biramutse bishoboka, tutirengagije amikoro y'Igihugu cyacu.

o=o=o=o=o=o=o=o

ITEGURWA N'IKORWA RY'UMUGANDA

Ba militantes, ba militants ba M.R.N.D.

Muli uyu mwanya tugiye kurebera hamwe uko Umuganda utegurwa n'uko ukorwa mu Gihugu cyacu. Tubanze aliko twiyibutse ingingo zimwe na zimwe zo muli Manifeste ya Muvoma yacu Umuganda ushingiyeho.

Tugomba kwiyumvisha buli munsi kurushaho ko imbaraga zacu bwite alizo zizatuma tujya mbere. Ngiyo ba militantes, ba militants imwe mu ngingo y'ingenzi, Muvoma yacu ishingiyeho kugira ngo Igihugu cyacu kizamuke. Nanone Muvoma yacu irongera ikagira iti: Muli iki gihe tugezemo, buli muvuka-Rwanda wese, ibikorwa nibyo bili imbere kuko alibyo bituma abona umwanya n'agaciro mu bandi. Ikindi kandi ni uko tuzi ko u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko n'imbaraga z'abana barwo.

1.- UMUGANDA UBWAWO

Ijambo Umuganda ni irya kera cyane kuko ryahimbwe n'abakurambere bacu. Umuganda kuva kera wagize akamaro gakomeye, wagaragazaga umushyikirano n'umubano, ukagaragaza ubwumvikane no kugobokana. Urugero: Iyo umuntu yajyaga kwubaka inzu, yitwererezaga ku nshuti no ku bavandimwe bakamuzanira imiganda y'ibiti, urubingo n'ubwatsi bwo gusakaza inzu, abategarugoli batangaga Umuganda, bagafatanya gusya amasaka, guhingirana, kubagara no gusarura aliho haturutse icyo twita ubudehe, ibimina n'uburaru nabyo bwali uburyo bw'Umuganda.

Abazungu bageze mu Rwanda, basanze nta mihanda irahangwa, barayipima, bategeka Abanyarwanda kuyiharura, iryo tegeko ryubahilizwaga n'igitsure kivanzemo n'ikiboko. Abo bazungu bali bazi akamaro k'imihanda aliko ntibabanje gusobanulira Abanyarwanda icyo iyo mihanda izabamalira, ubwo lero habuze icyo twita sensibilisation, bityo iyo mihanda ikorwa abayihanga batavuga ko ali Umuganda baha Igihugu, ahubwo iyo milimo yitwaga uburetwa cyangwa se akazi k'abazungu. N'imilingoti yakorwaga icyo gihe yitwaga uburetwa kubera ko abanyarwanda bayicukuraga batigeze basobanulirwa akamaro kayo.

Amahirwe twagize ni uko muli Gashyantare 1974, Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D., Général-Major HABYARIMANA Juvénal yatekereje, yibuka ko kera hahozeho Umuganda, arawuvugurura kandi we n'Abamufasha biyemeza kuwusubiza ishema n'agaciro, bityo gukora twikorera dusanga ali agombwa n'imilimo y'amaboko iba ihawe agaciro. Mu kuli rero, Prezida HABYARIMANA yujuje wa mugani ngo: Kora ndebe iruta vuga numve, ubwo yafataga inzira ya Nyarugunga. Kandi muzi ko Abanyarwanda tuvuga ko "Umwera uturutse ibukuru, bucya wakwiliye hose" kandi ngo "Interuro nyili urugo ateye, niyo bikiliza". Nimumfashe lero

...,...

ba militantes, ba militants twongere dushimire Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Juvénal Prezida wa Republika, Prezida-Fondateur wa M.R.N.D. wasubije imilimo y'amaboko agaciro azura Umuganda kuwa 2 Gashyantare 1974, uwo muganda wazuwe ukaba umaze imyaka 12 yose.

2.- Reka turebere hamwe uko Umuganda ugomba gutegurwa n'uko ugomba gukorwa n'akamaro kawo.

Muzi ko muli buli Komini no mu maselire y'Ibigo byigenga cyangwa bya Leta hali akanama gahoraho, gategura ibikorwa by'Umuganda, kugira ngo ibikorwa bigire umumaro n'agaciro nyako.

Urugero: - igihe cyo kurwanya isuli batera ibyatsi bigomba gukorwa mu gihe cy'amezi y'imvura.

- igihe cyo kubumba amatafali no kwubaka ni igihe cy'amezi y'izuba

- igihe cyo guhanga imihanda no kuyikora, hagomba kuboneka umuntu uzi gupima umuhanda kugira ngo aba militantes naba militants batazakora umuhanda ukagawa cyangwa se ntiwuzure, bagacika intege n'uwo mulimo ukaba uragayitse, bityo agaciro k'umuganda kakaba ntako.

Igikorwa kizakorwa n'Umuganda ni ukubanza kukiga neza, tukareba inyungu kizagilira Igihugu n'abagikoze.

Gusobanulira abazakora Umuganda akamaro k'igikorwa bagiye gukora (sensibilisation) binashobotse nabo bakagira uruhare rwo kuvuga icyo babitekerezaho kuko iyo abantu bakora ibintu babyumva, bibashimisha kandi bakabikora neza. Iyo Umuganda uteguwe neza, buli wese akora umulimo azi, bigendeka neza. Iyo ali ubwubatsi bigakorwa n'abafundi, byaba ali ukubaza, bigakorwa n'ababaji.

3.- IKORWA RY'UMUGANDA

Abaturage bose bakuze kandi bazima bategetswe kumva ko bagomba gutanga Umuganda bitewe ni uko Umuganda ali itegeko (institutionalisation de l'Umuganda) ku mukozi wa Leta uwusibye agomba kumva ko yasibye akazi nk'agasanzwe akora buli munsi. Umuturage nawe akiyumvisha ko yagandiye Igihugu. Kubayobozi b'Umuganda nubwo ali ngombwa, bagomba kumenya nabo ko bagomba gukora si ukuyobora Umuganda bihagaraliye niyo mpamvu Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yagendereye Prefegitura zose z'u Rwanda mu mwaka w'1984 ayobora ubwe kandi agakoresha Umuganda muli buli Komini ya Prefegitura, ntabwo yahagaraliraga Umuganda, ahubwo yafatanyaga naba militantes naba militants gutanga Umuganda.

... ...

Urwo rugero Abayobozi b'inzego zose bagomba kurukulikiza, niba Umuganda ali uguhinga, zana isuka kandi uhinge, niba ali ukubumba amatafali, kata urwondo kandi niba bishobotse ubumbe n'ibindi n'ibindi ...

Abategura Umuganda bagomba gukulikirana ko ibyakozwe bitapfuye ubusa cyangwa se ko ibyakozwe byarangiye neza, impamvu ni iyihe ni uko niba ukoresheje umuhanda ku buryo bw'umuganda, nturangire neza, ugatangira ishuli ntiryuzure, nutangira ikindi gikorwa uzasanga abantu binuba, bavuga ko bakoreshwa ibidafite akamaro. Niyo mpamvu ali byiza nubwo hali ingenga bihe k'Umuganda, mbere yo gutangira neza igikorwa runaka, kubanza gusobanulira aba militantes naba militants, ko ibyakozwe byuzuye, ibyatangiye byasubitswe kubera kubura ibikoresho, ibyatangiye byasubitswe kubera ubushobozi bucye (ibitakorwa n'Umuganda), urugero: ahacukurwa umuhanda, iyo bageze ku rutare hagomba dynamites zo kurwasa, iyo zibuze barahagarara.

4.- KUGENZURA IBYAKOZWE N'UMUGANDA

Ka kanama gahoraho, kagomba kugira igihe cyo kureba ko ibyateguwe byakozwe n'uko byatunganye bakamenya n'ingorane zaba zarabonetse zateye Umuganda kudatungana kandi limwe na limwe kagahura n'abaturage kugira ngo kumve neza ibyifuzo byabo no gukosora ibyaba bibabangamiye. Ako kanama gategetswe kandi kumenya agaciro k'ibyakozwe n'umuganda buli kwezi n'abaturage bakabimenyeshwa kugira ngo bamenye uruhare bagize mu mizamukire ya Komini yabo.

Ba militantes, ba militants,

Ntawe uyobewe ko buli gihe intangiliro ikunda kurushya, mulibuka ko Umuganda ugisubizwa agaciro kawo, haliho umubare muto w'abawuzagamo kubera kudasobanukirwa neza n'akamaro kawo aliko ubu ntitwabura kwemeza tutibeshya ko ntawutarasobanukirwaho numwe, ibyo bigaragazwa n'ibyo Umuganda umaze kutugezaho ali nayo mpamvu muli za Animation ijambo "UMUGANDA NURAMBE" limaze gukwira hose.

Buli macye ni uko mbona itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda, buli wese muli twe afite uko abyifatamo ku buryo bwe, mbashimiye kuba mwanteze amatwi.

.....

... ...

## KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO

Imitegekere ya Komini igengwa n'itegeko lyo kuwa 23 Ugushyingo 1963. Ilyo tegeko lyavuguruwe n'itegeko-teka ryo kuwa 26 NZELI 1974 hamwe n'itegeko-teka n° 4/75 ryo kuwa 30 MUTARAMA 1975.

Ku byerekeye igenzura ly'imikorere y'ubutegetsi bwa Komini, ingingo ya 86 y'itegeko ligenga imitegekere ya Komini maze kuvuga, iteganya ko Prefe ubwe cyangwa se intumwa ye, agenzura imikorere y'ubutegetsi bwa Komini nibura kabili mu mwaka. Raporo y'ilyo genzura ayishyikiliza Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, akabimenyesha inama ya Komini.

Ku ba Suprefe ba za Suprefegitura, muzi ko itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 lishinga imitunganyilize n'imikorere ya Prefegitura liteganya, mu ngingo yaryo ya 17, ko Suprefe wa Suprefegitura ahagaralira Prefe mu milimo ye yose ( uretse iyo mu rwego rwa Politiki nk'uko twabisuzumye mu ihugura liherutse ryabaye kuva kuwa 4 -17 Ugushyingo 1984). Ni ukuvuga ko Suprefe akora uwo mulimo agashyikiliza raporo Prefe kugira ngo nawe azabone uko atanga raporo kwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Turebe noneho uko ilyo genzura likorwa:

### Ibyerekeye ubutegetsi ( Administration)

1. Mu buryo rusange.

- Ni ukureba niba Burugumestri yitangira umulimo ashinzwe kandi akawukorana umurava.
- Kumenya niba afatanya neza n'Abajyanama ntabanigane ijambo mu nama kandi ko abakozi ba Komini bashyirwaho mu nzira ziteganywa n'amategeko. Ni ukuvuga ko icyemezo cy'inama ya Komini kigomba gutangira gukulikizwa iyo Prefe amaze gufata icyemezo kigishyigikira nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 80-83 y'itegeko lishinga imitegekere ya Komini.

-

.../...

Ni ngombwa kandi gukulikira umuntu akamenya ubufatanye buli hagati ya Bourgmestre n'aba techniciens bakorera muli Komini.

- Kugenzura ko Bourgmestre yita ku madosiye y'abakozi atanga amanota y'ishimwe (cotes) kandi ko ayo madosiye yuzuye. Ubundi muli dosiye y'umukozi hagomba kubaho ibi bikulikira =

1. Ibaruwa yanditse asaba akazi ( niba ali uwahise agahabwa na Komini).
2. Icyemezo cy'inama ya Komini.
3. Icyemezo cya Prefe kimwemerera kuba umukozi wa Komini.
4. Ibaruwa ya Bourgmestre imumenyesha gutangira akazi.
5. Ibyemezo bitangwa na Komini.
6. Ku bagengwa na kontaro, kontaro bagiranye na Komini.
7. Izindi nzandiko zireba umukozi mu kazi ke.

- Ni ngombwa kumenya ko abakozi bafite ubupatane n'isanduku y'ubwiteganyilize bw'abakozi ( affiliation à la Caisse Sociale du Rwanda;).

- Kureba niba kuli Komini hali discipline, niba abakozi batilirwa bacungera cyangwa biganirira mu biro. Ibi umuntu abigeraho ali uko anyarukiye kuli Komini azi neza ko Burugumestri adahali.

- Ikindi umuntu atibagirwa ni ukureba niba inzu ya Komini ifite isuku.

2. <u>Secrétariat ya Komini</u>

- Umunyamabanga wa Komini agomba kuzilikana buli gihe ko kubika neza inzandiko byoroshya akazi, inyandiko ishatswe ikaboneka bitagoranye. Izo nyandiko kandi zigomba guhabwa nomero bakulikije amabwiliza yatanzwe na Ministri w'Ubuteretsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ( Enregistrement Officiel ).

- Ibitabo byandikwamo inzandiko zoherezwa n'izakiliwe bigomba gufatwa neza kandi bikagilirwa isuku, bikuzulizwa igihe. Ibyo bitabo byombi nibyo byatuma umuntu amenya ko Komini isubiza inzandiko kandi ikazibika ku bulyo zishobora kuboneka mu gihe zikenewe.

- Ku byerekeye imikorere y'umuganda, ku bafite registre y'umuganda, umuntu areba abakozi bawitabira.

3. Ibiro y'ibarura

Mu biro by'ibarura ni ukureba niba ibarura likorwa neza, ni ukuvuga niba ibitabo byandikwamo nuli gihe; ndetse umuntu yahasanga abaturage akareba uko bakirwa.

Mu bitabo umuntu areba hali =

1. Igitabo cy'ibarura ly'abaturage ( registre de la population ).
2. Igitabo cyandikwamo abavutse.
3. Igitabo cyandikwamo abapfuye.
4. Igitabo cyandikwamo abinjiye n'abasohoka.
5. Igitabo cyandikwamo abacumbitse.
6. Igitabo cyandikwamo abashyingirwa = Kureba umukono wa Burugumestri ko ugaragaza ko abashyingiye.

Ni ngombwa kureba ko amafishi abitse neza hakulikijwe Setiteri na Alphabet kugira ngo mukuyashaka byorohe. Ibarura ni ikintu gikomeye muli Komini, Bourgmestre agomba kulikurikirira hali akagenzura ko umukozi w'ibarura yubahiliza itegeko-teka n° 01/81 ryo kuwa 16 Mutarama 1981 ryerekeye ibarura hamwe n'amabwiliza yose yatanzwe.

N.B. Umwana uvutse yandikwa mu gitabo cy'abavutse akanandikwa muli registre de la Population.

Hali amakosa menshi umuntu asanga mu biro by'ibarura =

- Hali ubwo ushobora kubona umuntu ufite amafishi menshi akaba yagira nomero ebyili,
- Ubundi ugasanga amafishi adatondetse bakulikije Segiteri cyangwa imyaka itali ku ifishi,
- Ushobora kubona izina ry'umugabo litari ku ifishi y'umugore we, cyangwa se umugore utanditse ku ifishi y'umugabo we,
- Hali n'abana bavuka ntibakorerwe amafishi ngo bandikwe mu gitabo cy'abaturage bose,
- Ushobora gutomboza ugasanga umuntu wapfuye atarasibwe mu gitabo cy'abaturage cyangwa se barasibasibye ifishi ye kandi iba iliho umwirondoro ukenerwa,
- Hali n'ubwo ugera ku mafishi atagira amafoto ya banyirayo

Limwe na limwe kugira ngo ubigereho usaba umukozi w'ibarura ifishi y'umuntu wanditse mu gitabo cy'ibarura, noneho ukareba n'aho babitse amafishi kugira ngo umenye niba nomero yanditse aliyo koko kandi ko umwirondoro uhura n'uwo mu bitabo.

Ikindi raporo y'ibarura y'ukwezi k'Ukuboza igomba guhura na raporo y'umwaka

Mu biro by'ibarura wagombye gusanga umukarani w'ibarura atunzi ibi bikulikira kandi azi kubikoresha =

1. Itegako-teka n° 01/81 lyo kuwa 16 Mutarama 1981 ligenga ibarura.
2. Inyigisho ya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini n° 797/03.05/1 yo kuwa 29 Gicurasi 1981
3. Itageko ryo kuwa 28 NZELI 1983 lishinga ubwenegihugu .
4. Igitabo cy'ibarura rusange ly'abaturage lyo kuwa 16 KANAMA 1978 kugeza kuwa 31 Kanama 1978.

Mu by'ukuli, ubu ibarura lyagombye kuba ligenda neza kuko lifite umukozi wihaliye. Kugeza kuwa 21 Nyakanga 1972, ubwo hashyirwagaho umukarani w'ibarura, Umunyamabanga wa Komini niwe wakomatanyaga iyo milimo yombi ku bulyo umwe wapfiraga mu wundi.

Iyo umulimo w'ibarura wakozwe neza, umuntu ashobora kumenya abaturage ba Komini iyi n'iyi bakulikijwe ibitsina ubwoko , n'imyaka kimwe no kumenya amatungo magufi n'amaremare ali muli Komini, kandi ukaba wamenya abagabo basora, abagore basora n'amatungo manini yakwaho umusoro.

4. <u>Isanduku ya Komini</u>

Ku ma suprefegitura afite abagenzuzi b'imali mu ingenzura ry'imitegekere ya Komini ni ngomwa ko umujyanama kuko agufasha muli byinshi =

- Hali ukureba ko ibitabo bigaragaza uko amafaranga akoreshwa byuzuzwa buli gihe. ( livre de caisse).
- Kureba niba abakozi bose bahemberwa limwe kandi guhembwa bikaba byarategetswe na Bourgmestre bikemezwa na Prefe, kiwe nuko bafite n° z'ubupatane muli C.S.R.
- Ugenzura areba ko nta " bons pour" zijyamo; kimwe nuko mu isanduku batabikamo amafranga arenga 50.000 frw, kuko arenga agomba kuba ali kuli compte ya Komini.
- Ni ngombwa kumenya ko Bourgmestre akulikilira hafi isanduku ya Komini nk'uko biteganywa n'ingingo ya 36 y'iteka lya Prezida n° 213/01 lyo kuwa 15 Ukuboza 1967 lyerekeye amategeko rusange agenga imicungire y'isanduku ya Komini.

.../...

- Kugira ngo ushobore kumenya ko abakozi ba Komini bateganyilizwa muli C.S.R., usaba ko bakwereka impapuro Mod. VI bagomba kwoherereza C.S.R., ukanabaza urupapuro rugaragaza uko amafrangà yagiye atangwa (état des versments à la C.S.R.) kimwe n'ayatanzwe mu biro by'imisoro.
- Buri gihe amakomini agomba kuzilikana ko iyo atohereza impapuro Mod.VI, C.S.R.. iyaca ihazabu ( 1,5% ku kwezi k'ubukererwe na 50 fr ku muntu ugomba guteganyilizwa).
- Iyo ibyo birangiye, ugomba kumenya noneho abo Komini ibereyemo imyenda n'abayifitiye umwenda kimwe n'impamvu zateye uwo mwenda.
- Kugira ngo ushobore kumenya uko amahôro ( taxes) yakirwa, ufata umunsi ukanyarukira mu isoko lyaremye.

5. Police Communale : - kureba uko bifashe ( discipline) + Imyambaro
   - Kureba niba bamenya umushyitsi ugeze kuli Komini
   - Kureba Etat de l'Armement et munitions.

6. Ibyerkeye I.G.A

- Kureba ko Umuyobozi wa IGA afite gahunda y'imilimo kandi ko ayikorerana na Burugumestri ku buryo nyuma amukorera raporo kugira ngo Bourgmestre ashobore gukulikilira hafi imilimo yo guhugura abaturage, ibibazo bivutse akamufasha kubibonera umuti.
- Umuyobozi wa IGA agomba kugira ubufatanye n'abihaye Imana.
- Ku byerekeye kujijura abaturage, ugenzura agomba kumenya ukuntu Bourgmestre cyangwa Konseye ageza ku baturage amabwiliza yatanzwe, ibyemezo bya Leta. Ni ukuvuga inama zikoreshwa kandi niba abaturage bazitabira.
- Ni ngombwa kumenya niba abaturage barahagurukiye kurwanya ubujiji kandi ko basoma ibinyamakuru, dore ko amaradiyo yo yasakaye mu maselire.

7. URUBYIRUKO na za KOPERATIVE = - Encadreur agomba kwegera urubyiruko
   - Urubyiruko ruli mu mashyirahamwe
   - Imikino.

8. URUKIKO RWA KANTO =

Kugira ngo umuntu amenye ko Urukiko rukora neza, ahera kuli discipline abacamanza bafite kuko hali abananiza abaturage bakabatumira kuburana aliko abacamanza bakabura, inteko ntiyuzure kubera umwe utaje kandi wenda : nta mpamvu. Ibyo bituma rwose abaturage binuba.

.../...

Abaturage bagomba kwakirwa neza ababurana bakaburanishwa, abatanga ibirego bikakirwa.

Prezida wa Kanto agomba kugaragaza uburyo atanga raporo kwa Bourgmestre buli gihembwe amugaragaliza imanza zaciwe n'izitaracibwa kugira ngo amufashe raporo nawe agomba gutanga buli gihembwe yerekeranye n'irangiza ry'imanza. Ni ngombwa rero ubufatanye hagati ya Bourgmestre n'abacamanza kuko no mu irangiza ry'imanza iyo abakeneye abitabaza.

Ku byerekeye ibirego by'inshinjacyaha, ni ngombwa kumenya ubufatanye buli hagati ya IPJ (près le Canton) na bourgmestre ufite ububasha bwa OPJ. Hali aho agasigane kavuka abaturage bafite ibibazo bagasigara mu cyeragati.

9. Ibyerekeye ubuvuzi.

Ikibazo gikunda kuvuka ni icyerekeye imiti ibura mu mavuliro kimwe niyo amavuliro ali make mu karere, ugasanga abaturage bagera ku ivuliro bazihize. Ni ngombwa kumenya ko abo baturage bakirwa kandi bakavurwa neza. Ibibazo bikunda kuvuka ni ibihe ?
Ese Bourgmestre afatanya neza n'abavuzi ku buryo iyo ibibazo bivutse babishakira umuti ? ( Iyo havutse indwara z'ibyorezo).

- Ingobyi y'abarwayi nta kibazo ikunda gutera ko hali ba Bourgmestres bafite ingeso yo kuyikoresha mu yindi milimo.
- Kumenya ko za pharmacies zikora neza ntizikabiliza abaturage mu biciro.

- Ibyerekeye uburezi

Umuntu ativanze mu milimo ireba umugenzuzi w'Akarere n'Umuyobozi w'Ikigo, agomba kumenya niba mu balimu halimo umwuka mwiza utuma bitangira akazi. Ni ngombwa kumenya niba abana batajyanwa no kwilirwa ku ishuli batiga kubera ko habuze mwalimu runaka cyangwa ko badaterreranwa mu ishuli abalimu bagiye kwinywera. Abalimu bagomba kubahiliza ingenga-bihe ( horaire) yagenwe na MINEPRISEC. Ni byiza rero kunyuzamo ukabonana n'umugenzuzi w'Akarere kimwe n'abalimu

.../...

kugira ngo ushobore kumenya ingorane zabo n'ukuntu bafatanya n'abategetsi bo mu karere kugira ngo haboneke umuti.

11. Ibyerekeye ubuhinzi n'ubworozi

Mu rwego rwa Komini hali abakozi bashinzwe ubuhinzi n'ubworozi ( Agronome na Monagri, vétérinaire) bagomba kwegera abahinzi-borozi bakaberekera mu byerekeye ubuhinzi n'ubworozi bya kijyambere kandi bagakorana na Bourgmestre. Ubwo bufatanye bugomba kugaragara mu bikorwa ( ibihingwa ngandura-rugo, ngenga bukungu, kurwanya isuli, kworora kijyambere kandi mu biraro.

Abavuzi b'amatungo bagomba kwita ku mulimo wo kuvura amatungo kandi agakingirwa ( uburenge, ubutaka); ndetse n'ibyuzi by'inka bikabona umuti kimwe nuko bawuziterera mu mpago ( couloir d'aspersion).

Ni ngombwa kumenya uko amashyamba ya Komini yifashe = kuba afashwe neza kandi agakoreshwa neza ku buryo yongera koko umutungo wa Komini.

Sinakwibagirwa no kuvuga ko imihanda ya Komini ifatwa neza, amasegiteri akaba nyabagendwa. Ese amazu ya Komini afashwe neza kandi abayacumbitsemo barayishyura ?

12. Ibyerekeye ku bucuruzi.

Bitewe n'uko ubucuruzi bwiza bufite uruhare mu mizamukire y'ubukungu bwa Komini, ugenzura agomba kumenya uko bwifashe. Niba Komini ifite abacuruzi bakomeye bashobora gutuma Centre y'ubucuruzi itera imbere. Aliko kandi bagomba kubahiliza ibiciro byashyizweho na Leta. Ese Bourgmestre agenzura ko byubahilizwa ?

Mu buryo rusange, ugenzura agomba kuba yagira icyo avuga ku buryo Bourgmestre yitangira imilimo ye afatanyije n'abajyanama n'impuguke zili muli Komini; mbese uko ahuza imilimo yose ikorerwa muli Komini kimwe n'uko abaturage bumva ubutegetsi.

.../...

13. Ibyerekeye imishinga.

Kugira ngo Prefe ashobore gukulikilira hafi imigendekere y'imishinga ikorerwa muli Komini kandi abibafashemo ni ngombwa kumenya imishinga yabonye inkunga y'abagiraneza n'uko amafaranga ayitangwaho akoreshwa. Ugenzura rero agomba kubaza Bourgmestre raporo zitangwa muli ubwo buryo.

Bourgmestre agomba kandi kumenyesha Prefe buli gihe imishinga Komini itaganya kugira ngo ayibafashemo ishyikilizwe inzego zafasha Komini kubona inkunga.

II. Gutegura raporo.

Raporo zigomba gutangwa zili amoko menshi kandi zigomba gutangirwa mu bihe biteganywa.

1. Raporo zitangwa buli gihe ( rapport circonstanciel)

Bene izo raporo zitangwa na Bourgmestre igihe cyose habaye ikintu kidasanzwe muli Komini, cyaba cyiza cyangwa kibi. Izo raporo nizo zituma Prefe nawe akora raporo isobanura ibintu by'ingenzi cyangwa bidasanzwe byabaye muli Prefegitura. Muli iyo raporo usobanura uko ibintu biteye , n'icyemezo wabaye ufashe. Hali kandi raporo y'umutekano buli kwezi.

2. Raporo y'ukwezi

Ni raporo ikorwa buli kwezi isobanura uko ubukungu bwifashe, ubutegetsi, politiki ubufatanye bw'inzego zose n'imiberehe myiza y'abaturage. Iyo raporo igomba gukoranwa ubwitonzi Bourgmestre akifashisha inzego zose( Konseye, abaselire n'impuguke zili muli Komini) kugira ngo itazamo uguhimba; cyangwa ngo buli gihe usange handukurwa ibintu bimwe.

3. Raporo y'ukwezi yerekeye ibarura ly'abaturage n'amatungo

4. Raporo ya buli kwezi yerekeye imitulire y'abaturage ( habitat)

Izo raporo zose zisaba ko imibare igenzulirwa muli Seliro kugira ngo yegere ukuli, kandi imbonerahamwe zikuzuzwa bakulikije Segiteri kugira ngo uwayisoma ashobore kumenya uko amasegiteri arushanwa mu gutera imbere, haba mu mitulire myiza barwanya nyakatsi, mu bworozi bwa kijyambere, ndetse no mu bwiyongere bw'abaturage.

5. Raporo yerekeye irangiza ly'imanza

- Iyo raporo itangwa buli gihembwe, ikagaragaza imanza zaciwe n'izangijwe.
- Kugira ngo iyo raporo ishobore gutangwa neza hagomba ubufatanye bwiza hagati ya Bourgmestre na Prezida w'Urukiko rwa Kanto kuko aliwe umugezaho buli gihe imanza zaciwe zigomba kurangizwa.
- Ikindi, kuli Komini no muli buli Segiteri hagomba kuba igitabo cyandikwamo imanza zaciwe n'uko zirangizwa.
- Ni ngombwa ko nyuma y'irangiza ly'urubanza Bourgmestre cyangwa Konseye akora inyandiko-mvugo y'irangiza ly'urubanza kugira ngo isigare ali ikimenyetso kigaragaza uko urubanza rwarangijwe =
  * kopi 2 zihabwa ababuranyi
  * kopi 1 yoherezwa urukiko rwaciye urubanza
  * kopi 1 iguma muli Komini
  * kopi 1 iguma muli Segiteri
  * kopi 1 yoherezwa Prefe(re).

6. Raporo y'igihembwe

a) muli rusange

Iyo raporo igomba gusobanura ku bulyo burambuye imiterere ya Komini mu gihe cy'amezi atatu, ikavuga uko ubukungu bwifashe, ubutegetsi na politiki, ubufatanye bw'inzego zose n'imibereho y'abaturage.

b) Police Communale :

Art. 16 de l'A.P. n° 285/03 du 4/10/1977= Organisation communale = tous les 3 mois le Bourgmestre (donne un) rapport au Préfet avec copie au Responsable de la Gendarmerie.

- Mu rwego rwa Suprefegitura : Ba Suprefe ba Suprefegitura bohererereza Prefe raporo y'igihembwe igaragaza imiterere ya Suprefegitura ( amakomini ayigize) mu mezi atatu. Iyo raporo yibanda kuli izi ngingo =

I. IBYEREKEYE UBUTEGETSI

1) Imitegekere ya Suprefegitura
Imilimo yitaweho
Inama zabayeho nicyo zali zigamije

2) Imitegekere y'amakomini = - muli rusange
- umutekano

II. IBYEREKEYE POLITIKI

1. Uko abaturage bumva amatwara ya MRND.
2. Itangwa ly'umusanzu wa MRND/ Commune, muli buli Segiteri.
3. Animation n'Umuganda.

III. IBYEREKEYE UBUKUNGU

1. Ubuhinzi
2. Ubworozi
3. Ubucuruzi
4. Inganda n'Ubukolikori
5. Umutungo wa Komini

IV. IBYEREKEYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE

1. Ibarura ry'abaturage
2. Imiturire y'abaturage
3. Gusoma ibinyamakuru
4. Ibyerekeye uburezi
5. Urubyiruko na za Koperative
6. Ibyerekeye imikino
7. Ubuvuzi.

V. IBYEREKEYE IMISHINGA.

- Imishinga yabonewe imfashanyo ikaba ikora, aho igeze.
- Imishinga yabonewe imfashanyo ikaba itaratangira.
- Imishinga itateganywa ikaba igishakirwa imfashanyo.

Murambi, kuwa 15 Ugushingo 1986

Suprefe wa Suprefegitura Murambi
GAKULIRO Léonidas.

(sé)

# IMIRIMO YA SUPREFE W'A SUPREFEGITURA.

## I. INTANGIRIRO:

Ubutegetsi bwa Prefegitura n'ubwa Komini ni bumwe mu nzego z'ubutegetsi zashyizweho n'Itegeko-Nshinga ryo kuwa 20 Ukuboza 1978, mu ngingo yaryo ya 11. Iyo ngingo iravuga iti:
" Repubulika igabanyijwemo za Prefegitura zifite ubuzima-gatozi. Prefegitura ishobora kugabanywamo za Suprefegitura.
Buri Prefegitura igabanyijwemo za Komini zifite ubuzima-gatozi.
Itegeko ryemeza umubare, imbibi, imitunganyirize n'imikorere ya za Prefegitura, za Suprefegitura na za Komini. Umurwa wa Repubulika ushyirwaho n'itegeko " .

Mu by'ukuri rero, kandi nk'uko bikunda kugaragara mu bikorwa, ubutegetsi bw'Igihugu bugizwe n'inzego eshatu z'ibanze: Prezidansi ya Repubulika ihagararirwa na Ministeri ishinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu mu bikorwa, Prefegitura na Komini.

Imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura yagaragajwe bwa mbere n'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975, rishinga imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura. Iryo tegeko-teka niryo rigena imirimo Prefe ashinzwe, rigateganya abagomba gufasha Prefe mu mirimo ashinzwe, cyane cyane abasuprefe, baba aba Prefegitura, baba aba Suprefegitura, uko bagomba kwiyumva n'uko bagomba gukora. Mwebwe rero muhagarariye Prefe, mu mirimo yose.

## II. IMIRIMO YA PREFE

Nk'uko ingingo ya 8 y'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 ibivuga, Prefe niwe mbere na mbere ushinzwe ubutegetsi n'amajyambere ya Prefegitura. Ashinzwe cyane cyane ibi bikurikira :

1. Gutegeka Prefegitura akurikije amategeko n'amabwiriza ariho, kuyarangiza no kuyubahiriza mu buryo bwose;
2. Kubahiriza ubwitonzi, umudendezo rusange n'amahoro mu bantu no mu bintu byabo;
3. Kurangiza Programu za Leta, gufata ibyemezo byose no kwishakira ubwo icyatuma Prefegitura ijya mbere muri byose, akurikije ububasha bwe n'amabwiriza ya Leta;
4. Gufasha no kugenzura abategetsi ba Komini;

5. Gutera inkunga ibikorwa n'ibitekerezo by'abantu badakorera Leta, abikorera ku giti cyabo cyangwa bari mu miryango, bifitiye rubanda rwose akamaro, gutuma byiyongera no kureba neza, niba bakurikiza amategeko kandi bubaha Politiki rusange ya Leta;
6. Kwita ku mizamukire n'amajyambere y'imirimo y'ubushyirahamwe na Koperative;
7. Kumenyesha abategetsi bakuru uko Prefegitura iteye n'ikiyibayemo cyose gishobora kwitabwaho;
8. Gufasha abaturage kumenya amategeko n'amabwiriza na Politiki rusange Leta ikurikira;
9. Gukora Raporo buri gihembwe na buri mwaka ku byerekeye imitegekere ya Prefegitura.

## III. IMIRIMO YA SUPREFE WA SUPREFEGITURA

Nk'uko byavuzwe mu kanya, Suprefegitura ni rumwe mu nzego z'Ubutegetsi bwa Prefegitura, bwemewe n'Itegeko-Nshinga ryo kuwa 20 Ukuboza 1978. Nta buzima-gatozi Suprefegitura yahawe; ni ukuvuga ko mu by'ukuri, Prefe ariwe uyiyobora.

Mbibutse ko kugeza kuri iyi tariki, mu Rwanda dufite amasuprefegitura 22, agizwe n'amakomini agenda ahindagurika u mibare.

KIGALI

1. KANAZI : ifite amakomini 3
2. RUSHASHI : ifite amakomini 3
3. MURAMBI : ifite amakomini 3

GITARAMA

. KIYUMBA : ifite amakomini 4
. RUHANGO : ifite amakomini 3

BUTARE

. NYABISINDU : ifite amakomini 4
. GISAGARA : ifite amakomini 5
. BUSORO : ifite amakomini 4

GIKONGORO

MUNINI : ifite amakomini 4
KADUHA : ifite amakomini 4
RABA : ifite amakomini 3

CYANGUGU

1. RWESERO : ifite amakomini 3
2. BUGUMYA : ifite amakomini 3

KIBUYE

1. BIRAMBO : ifite amakomini 3

GISENYI

1. KABAYA : ifite amakomini 5
2. NGORORERO : ifite amakomini 3

RUHENGERI

1. KIRAMBO : ifite amakomini 3
2. BUSENGO :ifite amakomini 4

BYUMBA

1. NGARAMA : ifite amakomini 6
2. KINIHIRA : ifite amakomini 5

KIBUNGO

1. RWAMAGANA : ifite amakomini 4
2. KIREHE : ifite amakomini 2

Ayo masuprefegitura uko ari 22, ngira abayashinzwe, aribo ba mwebwe muri iki gihe, bashyirwaho n'iteka rya Prezida wa Repubulika, ariko mu mirimo yabo bakayoborwa na Prefe.

Ingingo ya 17 y'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rishinga imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura ibishimangira ivuga iti: " Iyo Suprefe ashinzwe Suprefegitura, ahagararira Prefe mu mirimo ye yose. Muri iyo mirimo ategekwa na Prefe, ari nawe ibazwa ". Ni ukuvuga ko, uko Umukuru w'Igihugu aharanira Ubumwe, Amahoro n Amajyambere mu gihugu cyose, Prefe ushinzwe Ubutegetsi n'amajyambere ya Prefegitura ashinzwe, nawe asabwa guharanira iyo ntego, Burugumestri nawe ni uko mu rwego rwe. Suprefe wa Suprefegitura rero nawe, ibyo ngibyo biramureba mu rwego rw'akarere ashinzw kandi we akaba ahagarariye Prefe mu mirimo ye yose. Ntibyoroshye, ariko bigomba gukorwa kandi bigashoboka, kuko ariko Igihugu kibisha

…/…

Suprefe wa Suprefegitura rero ni intumwa ya Prefe. Niwe abereyeho. Ibyo bikaba bivuga ko ntacyo Suprefe yagombye gukora akirengeje Prefe. Niyo mpamvu, muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, dukunda kwibaza igituma Suprefe wa Suprefegitura, uretse na none abo muri Prefegitura ya KIGALI, agira atya akiyizira mu Murwa w'u Rwanda, Prefe atamutumye, cyangwa se akohereza ikibazo cyanditse muri Ministeri, Prefe akakibonera kopi gusa. N'undi wese ahangaha yakwibaza niba Prefe, dore ko ariwe ushinzwe Prefegitura, cyangwa niba Suprefe wa Suprefegitura aba abona muri Prefe ubushobozi buke, bwo gukemura ibibazo ashyikirizwa n'abo yatumye, bamuhagarariye mu karere aka n'aka.

Suprefe wa Suprefegitura ashinzwe kugira inama no kuyobora, mw'izina rya Prefe, abategetsi bo mu rwego rwa Komini. Mbibutse ko imirimo Ubutegetsi bwa Komini bushinzwe nayo yashyizweho n'itegeko, mbere na mbere iryo kuwa 23 Ugushyingo 1963, ryerekeye imitegekere ya Komini, nk'uko bigaragara mu ngingo zaryo 57, 58 na 59, zigena imirimo y'ushinzwe ubuyobozi bwa Komini ariwe Burgmestri. Iryo tegeko ryaje kuvugururwa n'itegeko-teka ryo kuwa 26 Nzeli 1974, rihindura itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini, mu nteruro yaryo ya mbere. Iryo tegeko-teka ryaje ryongera ku mirimo Burgmestri ashinzwe: "Kugenzura mu bireba ubutegetsi abakozi ba Leta bayobora imirimo muri Komini". Ibyo byose ariko bigakorwa Burgmestri afatanyije na Prefe mu gushakira abamilitante n'abamilita ibibafitiye akamaro bose.

Ni ukuvuga ko, nk'uko itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 ribivuga, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, Prefe ashinzwe ubutegetsi muri Prefegitura, kandi akaba n'intumwa ya Leta. Agenzura ibikorwa n'abategetsi ba Komini. Ibyo ngibyo Prefe ashobora kubikora ku giti cye, cyangwa akabiharira intumwa, yaba Suprefe cyangwa undi mukozi yizeye kandi aziho ubushobozi.

Kugenzura ibikorwa n'Abategetsi ba Komini tubisanga mu ngingo ya 8 y'Itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 ryavuzwe, igena imirimo Prefe ashinzwe. Imwe mu mirimo iryo tegeko-teka riha Prefe, ni ugufasha no kugenzura abategetsi ba Komini, kumenyesha abategetsi bakuru uko Prefegitura iteye n'ikiyibayemo cyose gikwiye kwitabwaho; gukora raporo buri gihembwe na buri mwaka ku byerekeye imitegekere ya Prefegitura.

/

Izo ngingo uko ari eshatu, Suprefe wa Suprefegitura nawe agomba kuzitaho, mu buryo bwihariye, kuko ari zimwe mu nkingi zikomeye, bwa Bumwe, ya Mahoro na ya Majyambere bigenderaho. Abibutse ko ari ngombwa ko inzego nkuru z'Ubutegetsi bw'Igihugu zimenya buri gihe kandi mu buryo butaziguye, uko Ubutegetsi bwifashe kandi bumerewe mu ma Prefegitura icumi agize Republika y'u Rwanda muri iki gihe, ikibubangamiye cyangwa se igishobora kububangamira, n'amizero Igihugu gishobora kugenderaho. Abasuprefe ba Suprefegitura, mufite uruhare runini kuri iyi ntego.

Mu mirimo yabo, Abasuprefe ba Suprefegitura bashinzwe gufasha no kugenzura Abategetsi ba Komini, mu byo bashinzwe kandi bakora. Uyu ni umurimo utoroshye, kandi ugomba kwitabirwa, kuko nk'uko Prefe ashinzwe byose muri Prefegitura ayobora, Burugumestri nawe ni uko muri Komini ayobora. Ni byinshi, ku buryo abategetsi ba Komini badakurikiwe kugirango bagirwe inama, kenshi kandi ku gihe, imirimo imwe yagenda idindira kubera gukorwa nabi cyangwa se kudakorwa na busa.

Bigomba gukorwa bite rero ?

Aha nagira ngo, niba mubimenyereye, ngaruke ku kiganiro Suprefe wa Suprefegitura MURAMBI yagejeje ku bari muri iyi nama ejo hashize, kandi namushimire ku mugaragaro. Mw'ijambo yatugejejeho ryerekeye "Kugenzura imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini no gutegura raporo", yavuze byinshi, byangombwa kandi byuzuye ku buryo yanshuze.
Nasanze rero ntacyo nagombye kongera kuri gahunda we yabonaga ko yakurikizwa, kugirango Suprefe wa Suprefegitura ashobore kugirira akamaro ubutegetsi bukuru bwamutumye, n'akarere ashinzwe.
Ndetse navuga ko, biramutse bikozwe hose uko yabivuze, ariko ntibibuze umuntu kwiyongereraho ake kugira ngo yenda birusheho gutungana, byashimisha.

Uretse ubumenyi abenshi dukura mw'ishuri kandi nabwo bukaba ari ngombwa, hari amabwiriza atangwa, yerekana inzira n'uburyo abayobozi bagomba gukurikiza kugira ngo imbogamizi zigabanuke mu mirimo bashinzwe; inama zisanzwe abayobozi bahuriramo bagambiriye kujya impaka no kwungurana ibitekerezo ku bibazo ibi n'ibi, nabyo ni ingira-kamaro; cyangwa se gutunganya amahuriro agamije kwihugura mu bumenyi bushya, bwerekeye cyane cyane imirimo rusange, igomba koroha mu mitunganyirize yayo, ari nabyo dukunda kwita ihugurwa (séminaires).

...,...

Nanone amategeko aratangwa, amabwiriza akoherezwa, ariko bigera aho bikaba ngombwa ko abayatanga nabo bagomba gusuzuma niba amategeko n'amabwiriza yatanzwe akurikizwa, neza cyangwa se nabi; nabyo kubera impamvu zigomba gusobanuka vuba kugira ngo ibikocamye bikosorwe hakiri kare, cyangwa se ubutegetsi bushobore gushaka uburyo bundi bwo kubyifatamo, buteganyiriza ibihe biri imbere.

Kugenzura no kugira inama abategetsi ba Komini buri gihe, kandi ku gihe, kumenya niba Burugumestri afatanya n'abajyanama mu mirimo y'ubuyobozi bwa Komini ntabapfukirane, uretse na none ko icyo twita kuniganwa ijambo ku bajyanama ba Komini muri iki gihe turimo, gishobora kujyana no kutamenya cyangwa kudasobanukirwa amategeko nabo ubwabo; kumenya niba umubano hagati ya Burugumestri n'abatekinisiye mu kazi ari mwiza; kureba niba amadosiye y'abakozi ba Komini afashwe neza; kureba niba impapuro n'ibitabo bifashwe neza, kandi abategetsi ntibahishe amategeko n'amabwiriza abakozi bakeneye kuyasoma; gutunganya ibarura ry'abaturage, kugenzura umutungo wa Komini; gutanga raporo ku gihe gitegetswe. Ngibyo ba Milita Suprefe, bimwe mubyo mugomba kwitaho kugirango nibura imirimo yo mu butegetsi bwa Komini igende neza. Kugenzura imikorere y'inzego z'ubutegetsi bwa Komini ntibigomba kwibagirana. Ndetse biramutse bishobotse, Suprefe akaba yajya akunda kujya mu nama z'inzego z'ubutegetsi bwa Komini, kuko bituma yibonera ubwe ibyo yabwirwaga cyangwa se yasangaga mu mpapuro gusa. Ibyo ngibyo kandi Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, yabibasabye mu nama ya ba Prefe yateranye kuva kuwa 22 kugeza kuwa 24 Mata 1985, ba Suprefe ba Suprefegitura bakaba bari bayitumiwemo.

UMWANZURO

Mu magambo make rero ba Milita Suprefe, Suprefe wa Suprefegitura ni intumwa ya Prefe muri Suprefegitura ashinzwe, nk'uko Prefe nawe ari intumwa ya Leta muri Prefegitura ashinzwe. Ibyo umwe ashinzwe muri Prefegitura, undi abishinzwe muri Suprefegitura. Kimwe na Prefe, kandi mw'izina rya Prefe, mushinzwe guhamya no gushimangira ya ntego ya Muvoma yacu, Ubumwe, Amahoro, Amajyambere, mu karere buri wese ashinzwe. Bityo bikorohereza Prefe mu gushobora kwita kuri Komini zitari muri Suprefegitura, cyane cyane mwubahiriza gahunda y'imirimo yanyu mwerekanye mu nama yavuzwe haruguru:

1. Kujya mu nama zo kuri Prefegitura;
2. Kwakira, kwiga no gusubiza amabaruwa;

..., ...

3. Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage kuri Suprefegitura;
4. Gusura amakomini, mureba uko akazi k'ibiro gakorwa, gufatanya na ba Burugumestri kurangiza binwe mu bibazo bahura nabyo;
5. Gukoresha inama no kujya mu zatumijwe na Burugumestri, ari iza Beliro, Segiteri, Komini cyangwa n'utunama tugize ubutegetsi bwa Komini;
6. Kwakira impuguke za Ministeri zije mu butumwa muri Suprefegitura.
7. Kugenzura umutekano no gukoresha inama zibigenewe kuri za Suprefegitura zo ku nkengero;
8. Kwita ku muganda no kuri animasiyo mu mpande zose za Suprefegitura;
9. Gukora izindi ngendo zose zerekeranye n'Ubutegetsi bwa Suprefegitura.

# IKIGANIRO CYEREKERANYE NO GUHUGURA ABATURAGE.-

## I. INTANGILIRO

Abanyarwanda twese dukora duharanira icyateza Igihugu cyacu ku majyambere. Ayo majyambere rero twese abatura-Rwanda tugomba kuyahagurukira kuko ali ayacu. Ntabwo rero twagira icyo tugeraho abaturage bakili mu bujiji. Niyo mpamvu rero bagomba kuva mu bujiji kuko ali inkwe mu nkomyi za mbere z'amajyambere. Bagomba guhugurwa mu bigo bya Komini byabigenewe, kandi koko rero twese tuzi ko Komini ariyo shingiro ly'amajyambere.

Manifesto ya M.R.N.D. igira iti: "Umuvuka-Rwanda wese agomba gukamukano ibitekerezo byose by'amafuti n'imihango ya kera, n'ibindi byose bizitira amajyambere bibuza abantu ubwenge bwo kwumva ibitekerezo bishya, ubwo bikaba binamubuza gufasha abandi gukora ibikorwa bishya bituma imibereho y'abantu muli iyi si ihinduka, kandi ikaba myiza kurushaho kuli buli muntu".

Kuwa 6 Mutarama 1979, ubwo Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D, yashingaga Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative kuyobora ibigo bihugura abaturage ubutitsa alibyo twita ICA (Ihuliro lyo guhugura abaturage cyangwa se CCDFP mu gifransa), yagize ati: "Iyo Ministeri izakomeza umwete wa Leta wo gushaka ibishobora byose guteza imbere imizamukire y'Abaturage (Kwongera za Koperative, kwigisha abaturage gusoma no kwandika, kubajijura, gutura neza, gukwiza amazi meza mu byaro ...)". Yongeyeho ati: "Ibigo by'amajyambere muli Komini bizajya byita ku myitozo y'amasomo y'abahinzi batowe mu makipe y'amaselire, tukazatangilira kubashinzwe ayo maselire ubwayo".

Kuwa 8 Mutarama 1984, na none Prezida wa Republika yagize ati: "(Inzira y'Amajyambere) ..... tuzayiyoborwamo cyane cyane na Ministeri ishinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu ali nayo ishinzwe amajyambere ya Komini, ishinzwe umulimo wo gukangura abaturage kugira ngo buli munyarwanda agaragarize mu bikorwa iyo ntego twiyemeje muri Demokrasi Responsabule".

Ku byerekeye umulimo wo guhugura abaturage, umugambi wa III wo gutsura amajyambere mu bukungu, mu mibereho, mu bujijuke n'umuco uteye utya: "Ihuliro rya Komini n'irya Prefegitura ryo kwihuguliramo ubudahwema bizakora iyi milimo ikulikira:

- gukangura no guhagurukira icyalinwe abayobozi n'abaturage
- guteza imbere no guhuliza hamwe imilimo y'amajyambere
- kujijura no guhugura ubutitsa abayobozi n'abaturage
- guteza imbere uduce twitabiye amajyambere".

..., ...

Amabwiliza kuli iyi ngingo yo guhugura abaturage ni menshi cyane; nk'ayo make tumaze kurebera hamwe aragaragaza neza ukuntu Leta yitaye cyane kuli icyo kibazo. Biratwereka kandi ko ibikorwa byose by'amajyambere dusaba abaturage bigomba gushingira k' "UKUBAJIJURA" kuko bitabaye ibyo twaba tugosorera mu rucaca.

Reka noneho turebe ingingo z'ingenzi zerekeye umulimo wo "Guhugura abaturage".

## II. AMAVU N'AMAVUKO Y'UMULIMO WO GUHUGURA ABATURAGE MU RWANDA.

Ibikorwa bigamije guhugura abaturage byatangijwe n'abapadiri b'abamisiyoneri (missionnaires) mu ntangiliro z'ikinyejana cya 20 baje mu Rwanda kwamamaza ivanjiri. Bagiye bigisha abanyagatigisimu gusoma no kwandika iyo byashobokaga. Aliko muwa 1949, niho uwo mulimo wo kujijura abaturage watangiye kwitabwaho cyane.

### (1) UKO BYAGIYE BIGENDA

#### - Ku gihe cy'Ababiligi

Mu mwaka w'1949 hashinzwe ikigo mboneza mubano (Foyer Social) cy'i Butare. Icyo kigo cyali kigamije kwigisha abali n'abategarugoli imyifatire myiza "Umunyamujyi" agomba kugira.
Muw'1952, hashyizweho ikindi kigo nk'icyo ku Nyundo, aliko cyo kikaba cyari kigamije imibereho mu cyaro. Muw'1956, hashinzwe ishuli mbonezamubano ryo ku KARUBANDA, likaba lyari ligenewe gutegura abazasimbura abanyamahangakazi bigishaga muli ibyo bigo bitaga ba "Auxiliaires Internationales" AFI. Muw'1957 hashinzwe ikigo mbonezamubano cy'i Nyanza kubera abagore b'i Bwami n'abandi bahegereye.

#### - Ku gihe cya Republika ya mbere

Intego yo kujijura rubanda nyamwishi yitaweho aliko bahereye ku bagore. Muw'1961, abakobwa ba mbere b'abanyarwandakazi barangije ishuli mboneza mubano lyo ku Karubanda, bashinzwe kuyobora imilimo yerekeye imizamukire y'abagore muli za Prefegitura za Byumba, Kibuye, Gitarama, Kigali na Butare. Muw'1964 ndetse, umwe muli bo, AYINKAMIYE Madalina, yabaye Ministri w'Imibereho Myiza y'Abaturage.

#### - Muva aho Republika ya Kabiri ishingiwe

Aho Republika ya II ishingiwe muli 1973, yagize uruhare runini cyane mu mizamukire y'ibikorwa byo gukangulira abaturage amajyambere yabo.

### INKOMOKO YA IGA (CCDFP)

Mu ihugurwa ry'abaturage, hari ibyiciro bitatu tugomba kumenya.

..., ...

A) Twese tuzi ko kera bitaga"Foyer Social", izo zabayeho kuva muw'1949 kugeza muw'1973 ubwo babonaga ko programu yo guhugura abaturage itakwibanda ku gitsina gore gusa, ahubwo n'abagabo bagomba kujijurwa. Nibwo bashyizeho programu yo guhugura abanyarwanda mu bigo bitsura amajyambere (C.S.D.) ali nabyo byasimbuwe na za CCDFP.

B) Kuva muw'1965, hali abapadiri 2 b'ababiligi alibo Sylvain Bourguet na Michel Donnet bagize igitekerezo cyiza cyane cyo guhuliza hamwe urubyiruko rw'i Nyakabanda ho muli Gitarama rutashoboye kujya mu mashuri yisumbuye, barwigisha imyuga yerekeye guhinga bya kijyambere, kubaka, kubaza n'ibindi. Bamaze kubona ko urubyiruko rushishikaye cyane, bashinze ikigo ruzajya rwigiramo iyo myuga alicyo CARA (Centre d'Animation Rurale et Artisanale).

Ababyeyi b'urwo rubyiruko nabo banyuzwe n'ibyo bikorwa by'abapadiri, maze hagati ya 1972 nabo basaba kwiga muli CARA.

Muw'1973, abo bapadiri bashingiye no ku cyifuzo cya Repu-blika ya II, batangiye gukangura abo baturage bakuze b'i Nyakabanda. Nibwo abagabo, abagore abasore n'inkumi biremyemo udukipi tw'abantu icumi cumi. Buli kipi itora umuyobozi umwe uzajya ayihagaralira muli CARA, agahugurwa, nyuma nawe akazageza kuli bagenzi be ibyo yize.

C) Kuva muw'1974 kugeza muw'1976, ubutegetsi bwa Republika ya II bwasanze ko ibikorwa bya CARA byakwizwa mu mpande zose z'u Rwanda kubera intambwe byari bimaze kugezaho abaturage bo muli Komini Nyakabanda. CARA yarasuwe cyane. Muw'1975, gahunda y'Amajyambere ya Komini (Plan d'Action Communale) ivuga ko hajyaho ikigo cya Komini cyo kwihugura (Centre Communal de Stage) cyari cyaragaragaje ibikorwa i Nyakabanda, inasaba ko muli Komini hashyirwaho muli Komini, umulimo (service) ushinzwe guhugura abaturage ubutitsa. Muw'1977 nibwo inama ya Leta yahise yemeza izina lishya rya CCDFP aribyo kuvuga Centre Communal de Développement et de Formation Permanente. Kuva icyo gihe kugeza ubu CPDFP (Centre Préfectoral de Développement et de Formation Permanente) 10 zashyizweho mu rwego rwa Prefegitura, CCDFP nyinshi nazo zirakora hirya mu makomini n'ubwo zimwe zidakorera mu mazu yazo bwite. Leta igerageza gushyira abakozi b'aba susitati muri ibyo bigo, aho bidashobotse cyangwa se aho babaye bake, Komini nayo ishyiraho akayo. Mu nama yahuje abayobozi b'ibigo bihugura abaturage mu rwego rwa Prefegitura yabereye i Kigali mu kwezi kwa Werurwe (kuva kuya 4 kugeza kuya 9) muli 1985, nibwo hemejwe izina ly'ikinyarwanda IGA (Ihuriro ryo Guhugura Abaturage), mu gifransa bagakomeza kuvuga CCDFP.

## III. IGA NI IKI ?

Mu magambo make, umuntu yavuga ko IGA ali ihuliro rya Komini abaturage baboneramo ubutitsa inyigisho z'amoko menshi zigamije kubafa-

sha gukora imilimo yabo ku buryo bwa kijyambere, kugirango bashobore kwongera umutungo wabo, kuvugurura imibereho yabo, kandi bafashe Leta kugera ku migambi y'amajyambere rusange.

## IV. IMIGAMBI N'INTEGO ZA IGA

* Imigambi y'ingenzi:

- Gufasha abaturage kwongera umutungo wabo, bakora ku bulyo bwa kijyambere. Nk'uko bisanzwe bizwi, akenshi umusaruro uba muke kubera ko abaturage bagumya gukoresha tekiniki zishaje zidahuje n'igihe tugezemo. Tuvuge nko mu milimo y'ubuhinzi, amasambu yabaye matoya kubera ubwiyongere bw'abaturage, n'ubutaka bwarashaje. Ubuhinzi bukomeje gukoresha tekiniki za kera igihe amasambu yari manini kandi ubutaka bukili bushya, umusaruro w'ibihingwa ngandura rugo wagenda ugabanuka.

- Gufasha abaturage gukoresha umutungo wabo kugirango bavugurure imibereho yabo. Iyi ntego irumvikana bihagije. Kenshi na kenshi, n'abaturage bafite umutungo uhagije, babaho nabi kuko batazi akamaro k'ibintu bimwe na bimwe, cyangwa se ukuntu babikoresha.

- Gufasha abaturage kumva neza imigambi ya Leta yo gutsura amajyambere, n'uruhare bafite muri urwo rwego.
  Iyo umuntu asuzumye neza iyo migambi Leta ifata buli myaka itanu, asanga imyinshi idashobora kugerwaho abaturage batabyitabiliye. Niyo mpamvu rero bagomba kumenya uruhare bafite kuri iyo migambi.

Intego zishamikiye ku migambi ya IGA :

a) Intego ya mbere na mbere, ni ukwigisha abaturage ubumenyi bw'ibanze buzabafungurira inzira yo kwiga no kumva neza izindi nyigisho.

b) Intego ya kabili, ni ukwigisha abaturage ubulyo bushya bwo guhinga no kworora bya kijyambere.

c) Intego ya gatatu, ni ukwigisha abaturage ubulyo bwo kwikorera ubwabo ibikoresho bakeneye mu milimo yabo no mu ngo zabo.

d) Intego ya kane, ni ukumenyesha abaturage ibikorwa bya kijyambere biri hirya no hino mu gihugu, cyane cyane mu ntara zibegereye, kugirango bashobore kubikulikiza iwabo, kandi bamenyeshwe n'akamaro ibiriho bishobora kubagirira.

## V. INYIGISHO ZIGOMBA GUTANGWA MURI IGA

Kugirango imigambi n'intego zo guhugura abaturage ubutitsa bigerweho, buli huliro ligomba guhitamo inyigisho zihuje n'imilimo abaturage basanzwe bakora, ibibazo n'imbogamizi bafite, n'ibyo bakeneye cyangwa se ibyo bali bakwiye kwihutira kugeraho kurusha ibindi.

Ntabwo rero IGA zose zo mu Rwanda zakwigisha ibintu bimwe icyalimwe, kuko uturere twose tudahuje ibibazo. Nyamara ariko hari inyigisho z'ibanze abanyarwanda bose bakwiye kugezwaho kuko zikenewe. Izo nyigisho ni izi:

a) Ku byerekeye ubumenyi bw'ibanze

- gusoma, kwandika no kubara: kutamenya gusoma, kwandika no kubara by'abaturage ni ikibazo giteye inkeke mu gihugu cyacu.
  Ibarura rusange ly'abaturage ryakozwe muw'1978, liragaragaza ko 60,3 % by'abanyarwanda bafite hejuru y'imyaka 7 ali injiji.
  Niyo mpamvu rero programu yo kurwanya ubujiji igomba kwitabwaho cyane mu nzego zose z'igihugu kuko twabonye ko ubujiji ali imwe mu nzitizi za mbere z'amajyambere.
- kugira isuku ku mubili no mu ngo
- kulya neza
- gushakashaka no gukoresha amazi meza
- gucunga neza umutungo w'umulyango
- kubyara abana umulyango ushoboye kurera
- ubumenyi rusange (amateka n'imiterere y'igihugu cyacu, amategeko agenga imibereho y'abanyarwanda, ibikubiye mu mugambi wa Leta n'ibindi..)

b) Ku byerekeye ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba
- ubulyo bwo gufata ubutaka neza
- ubulyo bwo kworora kijyambere amatungo yose
- ubulyo bwo kwongera no gufata neza amashyamba.

c) Ku byerekeye kwikorera ibikoresho by'ibanze
- gukora no tutunganya ibikoresho by'ubwubatsi
- kubaka no gutura kijyambere
- gukora ibikoresho bikenewe mu buhinzi no mu bworozi
- gukora ibikoresho by'ubukorikori byo gutaka mu mazu
- gukora ibikoresho bikenewe mu milimo yo mu rugo
- ubushakashatsi mu byerekeye ingufu zituruka ku bidukikije.

## VI. UBULYO BUKORESHWA MU GUHUGURA ABATURAGE

Ubulyo bwo guhugura abaturage mu cyaro buterwa n'abantu umuntu agomba guhugura n'inyigisho bagomba kugezwaho.
Icyakora abahugurwa bo ni benshi : bashobora kuba ari abantu bari mu mashyirahamwe, abiga gusoma no kwandika, abakuru b'amakipe aribo abakangura-mbaga, cyangwa se abandi bantu batoranijwe guhugurwa. N'ubwo ari ngombwa guhugura abo bose byaba byiza ko habaho uburyo bumwe bwo guhugura abaturage mu cyaro (une approche méthodologique commune d'animation en milieu rural) kugira ngo tudakoneza kurushya abaturage, buri wese ashishikajwe no kuvuga ngo arangize iyo mirimo nyamara kandi abaturage duharanira kuzamura ari bamwe.

.../...

Kugeza ubu hali ubulyo butatu bukoreshwa muli IGA

- Ubulyo bw'amakipe bwatangiriye i Nyakabanda none bukaba bwarakwiriye muli Gitarama hose. Bukoreshwa kandi muli Kigali, Byumba, Butare, Kibungo, Cyangugu na Gikongoro aho IGA zikora.

- Ubulyo bwa kabiri ni ubukoresha amashyirahamwe y'abahinzi-borozi. Bwiganje cyane cyane muli Gisenyi.

- Ubulyo bwa gatatu ni ubukoreshwa na BAF na PAK byo ku Kibuye. Bo bahita bahugura abaturage batagombye kunyura ku bakuru b'amakipe.

Icyokora iby'ingenzi bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

a) Kwumvikana n'abaturage ku nyigisho zibafitiye akamaro n'uburyo izo nyigisho zigomba gutangwa.

b) Guhitamo uburyo buzakoreshwa.

c) Gutanga urugero.

Baca umugani ngo "kora ndebe iruta vuga numve". Inyigisho zitangwa muli IGA ntizigomba gusa n'izo mu mashuli dusanzwe tuzi y'abana, baza bakicara, bagatega mwalimu ugutwi, bagafata mu mutwe ibyo ababwiye, hanyuma bakazabisubiza mu gihe cy'ibazwa. Izo muli IGA zigomba kuba intangarugero ku buryo bukulikira :

- Kuli IGA ubwayo no ku mashami yayo
Kubera ko IGA yigisha gukora, igomba kugira kuli buli nyigisho ibikoresho by'ifatizo abaje kwihugura bakoresha, kandi bishobotse hakaba n'ibikorwa ntangarugero abaturage bareberaho. Kubivuga mu magambo gusa ntibihagije. Ku byerekeye ubuhinzi n'ubworozi, kuli buli IGA hagombye kuba umulima ntanga-rugero, ulimo imbuto z'indobanure zihinzwe kijyambere, ikiraro ntanga-rugero kirimo amatungo yorowe kijyambere.

- Urugero rw'abategetsi begereye abaturage. Burugumestri, abajyanama ba Komini n'abagize Komite z'abaselire n'abandi nibo bashinzwe kuyobora abaturage mu nzego nyinshi, cyane cyane mu bikorwa by'amajyambere. Niyo mpamvu bagomba gufata iyambere mu gushyira mu bikorwa inyigisho zihabwa abaturage.

- Gusura abaturage kenshi iwabo programu ya IGA igomba guteganya igihe gihagije abashinzwe gutanga inyigisho bagomba gusura abaturage, kugira ngo barebe uko bakora, bamenye ingorane zabo, babagire inama, byaba ngombwa kandi banaberekere uko imilimo igomba gukorwa.

- Gukoresha amashami ya IGA.
Inyigisho nyinshi si ngombwa ko zitangirwa ku kigo cya IGA ubwacyo. Hali nyinshi zigomba kugumya gutangirwa mu bigo bisanzwe, alibyo umuntu yakwita amashami ya IGA.

1. AMAVU N'AMAVUKO Y'IHUGURWA RY'ABATURAGE MURI GISENYI.

Iryo hugurwa ryatangiwe n'umuryango w'abanyamahanga b'abafransa witwa " Maisons Familiales Rurales " muri Komini Nyamyumba. Icyo gihe batangiye bahugura urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa rwari rurangije amashuli abanza. Babahuguraga mu mibare ( Mathématiaues), igifransa, ubumenyi bw'isi, physique, biologie, chimie n'ibindi. Aha umuntu yakwibutsa ko urwo rubyiruko rwacumbikirwaga kandi rukagaburirwa ( système d'internat). Iryo gerageza ryabaye mu gihe cy'imyaka ibili nyuma liza kurangiriraho kubera ko ibyo bigishaga babonaga bidahuye n'ibyifuzo by'abaturage n'imibereho yabo ya buri munsi. N'urubyiruko rwizeraga kuzabona diplôme cyangwa impamyabumenyi izabahesha akazi. Babonye ko ibyo bifuzaga bitabaye bacika intege."Maisons Familiales Rurales " rero zari zaratangiye muri 1977-1978. Ibyo byarangiranye n'umwaka wa 80.

Babonye ko iby'urubyiruko bitagishobotse, bafashe ababyeyi babo. Icyo gihe "Maisons Familiales Rurales " zabaye nka koperative bacuruza amasuka, ibuto z'indobanure n'ibindi bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi nyuma abaturage nabo bakabigura bakajya kubikoresha mu ngo zabo. Nabyo byaje kuta gera ku byo bifuzaga bihagarara mu w'1981.

Mu mwaka w'1981nibwo " Maisons Familiales Rurales " zatangiye guhugura amashyirahamwe kugeza na n'ubu. Programu rero yakwiriye mu bigo bihugura abaturage byose byo muri Gisenyi babifashijwemo na "Maisons Familiales Rurales ".

2. Uburyo bukoreshwa mu guhugura abaturage ( méthode)

2.1. Intego z'ubwo buryo ( principes de la méthode)

Icya mbere k'ibanze ni uguhugura abaturage bakurikije ibyifuzo byabo. Iryo hugurwa kandi rigomba kugera ku bikorwa bigaragara n'abaturage n'abaturage bakiyumvisha ko byose bizagerwaho bivuye mu maboko yabo. Niyo mpamvu abakangurambaga babahugura bagomba :

- Kwitegereza no kumenya akarere bakoramo.
- Gusura abaturage bakaganira ku byerekeye imibereho yabo ya buri munsi n'ingorane bakunze guhura nazo.
- Kurebera hamwe n'abandi bakozi bo muri Komini bashinzwe imibereho myiza y'abaturage n'ubutegetsi ibyerekeye ibyo bibazo, izo ngorane bahura nazo bagafata imyanzuro ariyo miti yibyo bibazo.

Ihugurwa rero muli Gisenyi rihabwa abantu bari mu mashyirahamwe asanzwe mu ma Komini cyangwa mu bandi bantu bahuliye ku mugambi umwe. Ariko iryo hugurwa batangiye no kuriha abantu bagize utunama tw'amazi, tw'ubuzima, isuku, abigisha gusoma , kwandika no kubara, n'andi ma groupe yabera abandi baturage urugero( Formation des groupes spécifiques).
Iyo abakangurambaga bamaze kumenya akarere, bakora programu y'ihugurwa bakurikije ibyifuzo by'abaturage n'imigambi itangwa buri mwaka mu rwego rw'Igihugu. Buri mukangurambaga akurikirana amashyirahamwe kuva kuri atatu kugera kuri ane y'abantu b'inzego zose ( abagore, abagabo, urubyiruko).

.../...

Buri shyirahamwe ahura naryo rimwe mu cyumweru.

Inyigisho ( formation) igatangwa mu bice 4 by'ingenzi (4 principes):

1°- Gusura abo ahugura kugirango yitegereze ibisanzwe mu ngo zabo, ingorane bahura nazo bityo bigatuma ategura inyigisho ikwiranye n'imibereho y'abo ayiha. ( Visite d'observation).

2°- Igice cya kabili ni ugutanga inyigisho yo mu mutwe ( leçon théoriques).

3°- Gushyira mu bikorwa ibyizwe mu mutwe nicyo gice cya 3. Bikorerwa kuri umwe mu bahugurwa cyangwa IGA cg mu mirima y'amashyirahamwe. (formation pratique).

4°- Igice cya 4 ari nacyo cya nyuma ni ugusura abaturage areba ko bakoze ibyo bigishijwe. ( suivi ou évaluation).

<u>N.B.</u>: Kuri ibi bice hari ibishobora guhomatanywa.

- Icya mbere n'icya kane.
- Icya kabili n'icya gatatu.

Aha umuntu yakwibutsa ko programu y'ihugurwa ikorwa buri mwaka, abakangurambaga bafatanije n'indi mirimo ikorera muri Komini ( service techniques). Ninaho bayemeza kandi bakayubahiriza.

2.2. <u>Inyigisho zitangwa mu mahugurwa( contenu de la formation)</u>

Mu bigo bihugura abaturage hatangwa inyigisho zikurikira :

- Ubuhinzi n'ubworozi ( Association agri-élevage)
- Ubuzima n'isuku ( santé et hygiène)
- Mirire ubusitani, ibiti byera imbuto ziribwa

Inyigisho zijyanye n'ibibazo by'ubwiyongere bw'abaturage.

- Ubworozi bw'amafi
- Ubworozi bw'inzuki
- Inyigisho y'amazi
- Gucunga amatungo
- Inyigisho yo gutera amashyamba ( boisement)
- N'izindi ...........

2.3. <u>Gukurikirana ibyagezweho.</u>

Buri mukangurambaga akurikirana ( asura) buri miryango yahuguwe. Kuri ayo asura barifashwamo n'abashinzwe ubuhinzi n'ubworozi mu masegiteri iyo ari ibibareba. Ariko si kenshi kuko nabo baba bafite programu yabo kandi bafite imirimo myinshi. Kuri ayo masura bareba niba ibyo bize byarashyizwe mu bikorwa. Ahenshi usanga barageze kuri ibi bikurikira :

- Ingarani
- Amahumbikiro ( pepinière) n'ubusitani
- Udutanda tw'amasahani
- Kwicira urutoki
- Kugirira isuku imisarane
- Gucukura no gutera amafi
- Gutera ibyatsi ku mirwanya suri
- Kubaka ibibuti by'inkwavu n'ikoko.

2.4. <u>Andi mahugurwa atangwa</u>

Nk'uko byigeze kuvugwa haruguru, kugirango abaturage bahugurwe muri IGA za Gisenyi, hongewcho andi mahugurwa. Ahenshi hakunze kubonaka aya INADES, aba Conseillers, abayobozi ba serire, abigisha gusoma no kwandika n'abandi bigeze kuvugwa.

4. Igikorwa cyo kwigisha gusoma no kwandika

Nta wahakana ko kumenya gusoma no kwandika aribyo rufunguzo rw'amajyambere ayariyo yose. Niyo mpamvu rero mu rwego rwo guhugura abaturage, Prefegitura ya Gisenyi itirengagije icyo gikorwa.

Cyatangiye mu makomini yose ya Prefegitura mu ntangiriro y'umwaka w'1985. Cyatangiye bakora ibarura ry'abatazi gusoma no kwandika. Birangiye bashyizeho abashinzwe uwo murimo muri buri Komini ndetse baranahugurwa.

Nabo ku ruhande rwabo bahuguwe ababishinzwe mu ma Segiteri no mu ma Serire, kwigisha gusoma no kwandika no kubara biratangira. IGA zagize uruhare mu migendekere myiza y'iyo programu kuko zagerageje gushaka ibikoresho by'ibanze by'abigisha gusoma no kwandika mu masegiteri n'amaserire. Ariko haracyari byinshi bikenewe nk'ibibaho, aho bigishiriza n'ibindi. Impamya bumenyi zatanzwe kuwa 08/09/86.

5. Uburyo buhari butuma programu za IGA zigerwaho - ( Moyens matériels et Humains)

5.1. IGA zo muri Gisenyi zifite abakangurambaga baheraho. Abake ni abafite ubumenyi bwa ngombwa ( sous-statuts D5 et D7 abenshi bakaba badafite ubumenyi buhagije kugirango batunganye uwo murimo bashinzwe S/Contrat bafite 3 ans Post-primaire). Uretse abakangurambaga bahoraho, hari n'abadahoraho ( formateurs interventants) aribo bamwe bakorera muri Komini bashinzwe ubuhinzi, ubworozi, ibigo nderabuzima, ibitato cyangwa za dispensaire, abayobozi b'urubyiruko n'abandi.

5.2. Amazu

Buri Komini ifite ikigo gihugura abaturage ( IGA ) uretse atatu, abiri bikaba byaratangiye kubakwa, indi bikaba bitaratangirwa. Usibye ibyo bigo bikuru, hari na za sikirisari zagiye zubakwa hirya no hino mu masegiteri ari kure y'ikigo gikuru. Ibyo bikorwa kugirango bohereze abaturage ingendo, aha twakwibuka ko imyubakire y'ibyo bigo tuyikesha " Maisons Familiales Rurales" muri Prefegitura.

5.3. Imfashanyigisho.

Kugirango inyigisho zitangwa zirusheho kwumvikana, buri IGA ihabwa imfashanyigisho z'amashusho ( flanellographe) zikulikira:

- Ibiraro by'amatungo
- Ubworozi bw'amatungo magufi
- Ibibazo by'ubwiyongere bw'abaturage
- Kurwanya isuri
- Kwicira urutoki ( mu makomini y'ubugoyi)
- Imirire
- Ugusama no gutwita
- Amazi
- Indwara zo guhitwa.

Usibye ayo mashusho hari ibitabo, affiches, ibibaho ibikoresho by'ubwubatsi, ububaji, guteka biboneka muri za IGA.

6. Ubufatanye ( collaboration )

6.1. N'indi mirimo ( service Techniques)

Ubufatanye n'indi mirimo burahari ariko ntibushimishije. Bukunze kugararagara hagati ya IGA n'imirimo ikurikira:

- Ubuhinzi
- Ubworozi
- Abashinzwe urubyiruko n'amashyirahamwe
- Ubuzima
- Abashinzwe ibigo mboneza mirire.
- Ubwo bufatanye bukunze kuboneka igihe cy'inyigisho zo mu mutwe n'izo gushyira mu bikorwa. Mu masura si kenshi.

6.2. Ubutegetsi

Twese tuzi ko Burugumestri ariwe muyobozi wa mbere w'ibigo bihugura abaturage. Niwe ureba imigendekere y'imilimo igamije amajyambere y'abaturage. Birumvikana ko IGA idahezwa kandi ariyo huriro ry'iyo mirimo. Ubufatanye n'aba Konseye n'abwo bugenda bwiyongera kubera amahugurwa babonera muri za IGA. N'iyo abakangurambaga bateganyije inama n'abaturage , aba Konseye n'abayobozi b'amaserire babibafashamo cyane kuko ntacyo bakora batabanyuzeho.

6.3. N'imishinga ikorera muri Komini.

Za IGA zifatanya n'imishinga yose ikorera mu makomini. Iboneka muri Perefegitura ni PCCV, GBK, IPV, SNV( Association des Volontaires Nerlandais), n'umushinga w'uburobyi mu gutegura indyo yuzuye. Usibye imishinga ikorera muri Perefegitura hari indi ikorera hirya no hino ndetse n'ibigo byigenga :
- CNAPO
- INADES
- CERC
- ALFA-CARITAS
- CENR........

7. Uruhare rw'abaturage mu mahugurwa yabo

Iga zigira inzego z'ubutegetsi zigizwe n'abazihugurirwamo. Izo nzego ni :
- Inama rusange
- Inama y'ubutegetsi
- Bureau y'inama y'ubutegetsi
- Na Komisiyo.

Izo nzego zose rero zigizwe ahanini n'abaturage bahugurirwa muri CCDFP. Izo nzego nizo zireba ibyerekeranye n'umutungo n'imikorere ya za IGA muri rusange.

8. Ihugurwa ry'abaturage muri S/Prefegitura NGORORERO

Iryo hugurwa ryatangiye nyuma y'andi makomini yo muri Prefegitura. Ryatangiye mu mwaka 1984. Uburyo bwo guhugura ni bumwe nk'ubwayandi makomini kimwe n'imikorere yabo. Ibyagezweho birumvikana ko ari bike kubera gutangira nyuma. Amazu kandi nayo ntarangira nibura mu makomini abiri batangiye kubakamo. Ku byerekeye inzego, muri S/Prefegirura NGORORERO hatangiye kubakamo. Ku byerekeye inzego, muri S/Prefegitura NGORORERO hatangiye gushyirwaho comité de Gestion. Hazashyirwaho kandi na Conseil Pédagogique muri buri Komini z'iyo S/Prefegitura.

.../...

INYANDIKO-MVUGO Y'IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA RYABEREYE MURI CENTRE DE PASTORALE SAINT PAUL ( 17 - 21/11/1986).-

==================

Milita HABANABAKIZE Tomasi, Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini akaba n'umwe mu bagize Komite Nyobozi ya M.R.N.D. amaze gukingura ku mugaragaro ihugurwa rya ba Suprefe ba za Suprefegitura, inama yakomeje imirimo yayo iyobowe na Milita TEMAHAGALI Yustini, Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Mbere yo guha ijambo Suprefe wa KIRAMBO Milita NTAHONTUYE Alegisi, Umunyamabanga Mukuru yabanje kwifuriza ba Suprefe kuza neza muri iryo hugurwa, anabagezaho gahunda yagombaga gukurikizwa muri icyo cyumweru cyose imirimo yagombaga kumara. Milita TEMAHAGALI yakomeje agira ati : " Nkuko mubibona kuri gahunda mwashyikirijwe, iri hugurwa ririmo ibyiciro bibiri : mwebwe ba Suprefe ba za Suprefegitura na ba Suprefe bo kuri Prefegitura. Ibi byatewe n'uko ahanini usanga ibibazo, imirimo n'ingorane mufite bidahuye n'ibya bagenzi banyu bakora kuri Prefegitura". Umunyamabanga Mukuru yanasobanuye kandi uko iryo hugurwa ryateguwe kuko mu gitekerezo cya Ministeri, iryo hugurwa rya ba Suprefe ryagombaga ahanini guha umwanya bamwe muri bo, bakavuga uko imirimo bakora iteye, ibibazo bakunze guhura nabyo, bose hamwe bakuzuzanya kandi bakanashakira hamwe umuti wabyo. Mbere y'uko Suprefe wa KIRAMBO afata ijambo, ba Suprefe bahawe urubuga rwo kugira icyo bavuga kuri iyo gahunda yose ndetse Milita TEMAHAGALI yabamenyesheje ko bitabujijwe kugira ingingo zimwe zakwongerwaho. Mbere yo kwemeza neza iyo gahunda, ba Suprefe bifuje ibi bikurikira :

- Kubabwira aho umushinga w'ivugururа ry'amategeko agenga imitegekere ya Komini ugeze kuko ibibazo bimwe bahura nabyo biterwa n'amategeko ya Komini adahuje n'igihe tugezemo.
- Kubabwira mu magambo make ibyerekeye ihugurwa ry'abaturage nkuko intumwa za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini zimaze iminsi zizenguruka zibisobanura muri Prefegitura.
- Gusuzuma ibyifuzo byatanzwe mu ihugurwa riherutse, bakareba niba hari ibyashoboye gushyirwa mu bikorwa.

Kuri ibyo bitekerezo uko ari bitatu, Umunyamabanga Mukuru yavuze ko muri iryo hugurwa haboneka igihe kitarenze iminota cumi n'itanu ( 15') noneho abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bashinzwe iby'amategeko cyangwa Ubuyobozi Bukuru mu Byerekeye Ubutegetsi na Politiki bagira icyo babibabwiraho. Ariko hari ukwiga amategeko, hari no kuyakurikiza. Ndetse n'umushinga w'ivugururwa rya Prefegitura bazagire icyo bawuvugaho.

...../.....

Gusa ibikubiye mu mushinga w'itegeko ntabwo aba ari itegeko. Ibyo aribyo byose niyo ayo mategeko yakwihutishwa, ntabwo yazubahirizwa mbere y'umwaka w'1988.

Suprefe BIKUMBI Rafayire, wateganyirijwe umwanya wo gutanga ikiganiro cyerekeye kujijura no guhugura abaturage yasabwe kumvikana n'abashinzwe ihugurwa ry'abaturage muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini mu kugitegura. Ariko ingendo ziri gukorwa ubu zigamije gushyira mu bikorwa ibyifuzo by'ihugurwa ryabaye muri Gicurasi 1986.

Ku byerekeye ibyifuzo by'inama ya ba Suprefe y'ubushize, Prezida w'inama yabwiye ba Suprefe ko badakwiye kwifuza ibintu babona birenze ubushobozi bw'Igihugu cyacu. Yakomeje avuga ati : " Ibyiza ni ugusaba ikintu nawe ubwawe abona gishoboka. Nko gusaba ko Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yakwoherereza iki n'iki kugira ngo nawe wirwaneho. Ibyo ni byiza kandi ntawutagushyigikira". Ibyifuzo bizatangwa muri iri hugurwa bigomba kwibanda cyane ku bushobozi bwa Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Hakurikiyeho ikiganiro cyerekeye IBIBAZO BY'ABATURAGE N'IRANGIZA RY'IMANZA cyatanzwe na Milita Suprefe NTAHONTUYE Alegisi.

Nyuma y'icyo kiganiro Prezida w'Inama yashimiye Milita Suprefe kuba yavugishije ukuri kandi akavuga n'ibintu biriho koko atari mu magambo gusa. Yakomeje kandi asaba Umuyobozi ushinzwe ibyerekeye amategeko muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kugira icyo avuga ku kibazo kibogamiye ba Suprefe cyane cyane ba Suprefegitura cyo kurangiza imanza kandi itegeko ritabaha ubwo bubasha.

Milita NYEMAZI Primiyani yavuze ko icyo kibazo atari icyo guhubukirwa. Akomeza avuga ko kugeza ubu Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, Prefe cyangwa Suprefe badafite ubwo burenganzira bwo kurangiza imanza ahubwo bafite ububasha bwo kubaza Burgumestri impamvu atarangije urubanza uru n'uru. Yongeyeho ko ba Suprefe bashatse babusabirwa, ariko ibyiza ni uko byaguma uko bimeze ubu. Kandi rero urukiko rufite ububasha bwo guha uburenganzira umutegetsi runaka bwo kurangiza urubanza uru n'uru.

Icyo kibazo cyabyukije impaka nyinshi ariko zose ugasanga zikubiye mu bice bibiri :

- Gusabira ba Suprefe ububasha bwo kurangiza imanza nabo bakaba abahesha b'inkiko (huissier).
- Kureka ibintu uko byari bisanzwe, ba Suprefe bagakomeza kuba abategetsi badafite ubwo bubasha.

Nyuma y'izo mpaka hemejwe ko ibintu byaguma uko bimeze ubu kubera ko bituma hatazamo izindi nzego z'ubujurire bw'irangiza ry'imanza bityo imanza ntizikomeze gukururukana kandi zikarangizwa n'inzego zegereye abaturage arizo ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Segiteri.

Mbere y'uko ibibazo bikomeza, Prezida w'inama yatanze ingingo z'ingenzi zikubiye muri icyo kiganiro cyatanzwe ari zo :

- kugira igitabo (registre) cyandikwamo ibibazo byose bitangwa kuri Suprefegitura.
- Gushyiraho iminsi y'ibibazo kuri Suprefegitura kugira ngo abaturage batazajya bajarajara.
- Gushyira mu bikorwa ibisubizo byose byatanzwe ku bibazo byakiriwe kuri Suprefegitura.
- Kwubahiriza inzego z'ubutegetsi mu kwakira ibibazo by'abaturage.
- Kwohereza ibibazo mu nzego zigomba kubisuzuma.

Umwe mu bari mu nama yabajije ukuntu Suprefe wa Suprefegitura yajya abona raporo z'imanza zaciwe muri Suprefegitura. Umuyobozi w'inama yamushubije ko Suprefe wa Suprefegitura afite uburenganzira bwo gukoresha inama inzego zose za Suprefegitura ayobora, agatanga amabwiriza kandi agasaba raporo yifuza kugira ngo akazi karusheho kugenda neza.

Ku byerekeye ibitabo bibiri (registres) uwatanze ikiganiro yavuze ko ari ngombwa kuri Suprefegitura (icy'ibibazo bisanzwe n'icy'ibibazo by'amabanga), Prezida w'inama yibukije ko icyo gitabo cyandikwamo ibibazo by'amabanga atari icya Suprefe wenyine. Yibukije ko ibanga nk'iryo ari iry'akazi atari iry'umuntu ku giti cye. Ni nayo mpamvu igihe Suprefe adahari, hagomba kuba hari umukozi wa Suprefegitura uzi ibyo bibazo by'ibanga biri muri icyo gitabo. Yakomeje asaba ba Suprefe kujya bifashisha abakozi bo muri Suprefegitura ndetse n'abaturage mu kurangiza imanza.

Undi Suprefe yagaragaje impungenge afite zerekeye raporo z'irangiza ry'imanza, kuko imbonera-hamwe (tableaux) zitangwa zidahuje n'ukuri. Prezida w'inama yavuze ko mu by'ukuri mu mbonera-hamwe yoherejwe mbere hatari hateganijwe ahagomba kwandikwa imanza zaciwe zanditse, izitanditse, izifite kopi n'izitazifite. Imbonera-hamwe yoherejwe ubu, ibyo birateganijwe. Tukaba twizeye ko zizaza zuzuye. Umwe mu bari mu nama yifuke ko ibiganiro bya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini byajya bibanza kujonjorwa mbere y'uko binyura kuri Radio Rwanda.

..../...

Nyuma ya saa sita isaa kenda n'igice nibwo inama yakomeje imirimo yayo noneho Prezida aha ijambo Suprefe SEKAGINA Fawusitini wa Suprefegitura RWAMAGANA kugira ngo ageze kuri bagenzi be ikiganiro yari yabateguriye cyerekeranye n'Umutekano muri Komini. Ubwo ariko Suprefe SEKAGINA yabanje kwisegura avuga ko mu by'ukuri icyo kiganiro ari nk'amahamba, ikaba ari nayo mpamvu agitegura yibanze kuri za " principes " noneho bagenzi be bakazabona kumwunganira mu nama basobanura uko icyo kibazo bahura nacyo buri munsi n'uko bacyifatamo.

Suprefe SEKAGINA amaze kugeza kuri bagenzi be ikiganiro yari yabateguriye, Prezida w'inama yaboneyeho kumushima, avuga ko ntawavuga ibibazo by'umutekano ku buryo bunononsoye kuko ari ibibazo bikomeye cyane. Yunzemo ati umutekano niryo shingiro ry'amajyambere n'ukubaho kw'abantu bahuriye ku murenge, muri Segiteri, muri Komini, muri Prefegitura, no mu Gihugu. Prezida w'inama kandi yongeye kwibutsa ko mubyo Suprefe SEKAGINA yari yavuze harimo n'uko byagiye bigenda, n'uko byagenda, kugira ngo umutekano ugaruke uramutse uhungabanyijwe; noneho akomeza yibutsa indi ngingo itibanzweho cyane : impamvu umutekano ugenda uhungabana kuko mbere yo kuvura ugomba kubanza kumenya indwara.

Prezida w'inama yarakomeje asobanura ko umutekano w'Igihugu cyose wo tuwufite ariko ko mungo, mu miryango, mu makomini amwe n'amwe hari ubwo umutekano uhungabana ku buryo biba ngombwa ko ugarurwa hifashishijwe abantu n'ibikoresho byangombwa, noneho aboneraho kubaza ba Suprefe ati ese mwe mwegereye abaturage mubona nyine ari iki gituma umutekano uhungabana ?

Ubwo ijambo ryahawe Suprefe SEKAGINA asobanura ko nk'uko yabinyuzemo mu kiganiro yari yatanze, hari byinshi byahungabanya umutekano nk'icyorezo gituma abantu bacika intege, ubwigomeke ku butegetsi mu karere aka n'aka, n'umusaruro muke bitewe n'ihinduka ry'ibihe cyangwa kwonerwa n'inyamaswa nko kubaturiye za pariki. Yaboneyeho kongera gutanga umwanzuro agira ati tugomba guhora tureba icyateye umutima mubi, icyatumye abantu babura amahoro, noneho tukakibonera umuti kandi vuba kitararengerana.

Ubwo yahise atanga urundi rugero ati nk'impunzi iyo zije ntiwahita uzisubizayo kuko uba wishe andi mategeko mpuzamahanga, ahubwo wakihutira kubimenyesha ababishinzwe vuba vuba kugira ngo hafatwe ibyemezo bikwiriye.

.../...

Prezida w'inama yahaye ijambo undi mu Suprefe nawe ashima uburyo Suprefe SEKAGINA yari yatanze ingero zerekeranye n'ibyahungabanya umutekano mu Gihugu noneho yungamo avuga ko muri Repubulika ya kabiri, impamvu hashyizweho utunama tw'umutekano kuri za Prefegitura ni uko hari hamaze kuza ubugizi bwa nabi nk'amabandi, abaforoderi, n'ibindi. Ati yego ubu umutekano urahari muri rusange ariko iyo turebye mu miryango, hari ikintu cyitwa kwihorera bikaba ari umuco mubi ugenda wiyongera, ku buryo mu masegiteri hirya no hino ugira utya ukumva habaye akantu.

Yasobanuye ko biterwa n'impamvu nyinshi :

- nk'ababuranye imanza ntizicibwe vuba noneho icyizere mu bucamanza kikagabanuka ku buryo abaturage bihorera,
- ibisambo biba byarafashwe byarakoze amarorerwa noneho bikajya gushishira muri gereza cyane cyane nk'ubu.

Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere yongeye kwemeza ko uwicishije intwaro nawe agomba kwicwa nyamara ugasanga abenshi bakatiwe urwo gupfa bamaze igihe kinini baryoheye muri gereza ku buryo ndetse umuntu atatinya kuvuga ko ibyemezo bihera mu mpapuro, nabyo rero bikaba bituma umuntu yahitamo gushaka uburyo yihorera.

Ibyo rero ngo bikaba bikwiye kuvugururwa, imanza zikarangizwa vuba, bitagenda bityo kwihorera bikaba bitazacika mu bantu.

Undi mu Suprefe nawe yahawe ijambo yungamo ati nanjye ndabona irangiza-rubanza ridakorwa vuba ku buryo umutekano uhungabana cyane cyane kubera ababandi n'abaforoderi biba bakica, ati ndetse hari n'ikibazo cy'amasambu ubu yabaye make ku buryo usanga umuntu ashaka kumenesha mugenzi we kugira ngo yigire mw'isambu ye, nabyo bikaba bihungabanya umutekano cyane.

Yakomeje atanga igitekerezo cy'uko haba akanama k'umutekano muri Segiteri, ibyo bikaba byakorohereza Konseye mu murimo we wo kubumbatira umutekano kuko ubundi mu gihe atabajwe hari ubwo yanga kubyivangamo wenyine atinya ingaruka mbi.

Yatanze izindi ngingo nazo zituma umutekano uhungabana :

- Iyo Parike ikurikirana ikintu abaregwa bari hanze usanga bamereye nabi uwareze.

.../...

- Abantu ntibagitabarana ahari kubera gutinya intwaro zikomeye zisigaye zikoreshwa n'abagizi ba nabi.

Kuri iyo ngingo yatanze urugero rw'abajura bashobora kwica umuzamu imbere y'iduka kandi hafi aho hose hari abandi bazamu batigeze batabara, icyo rero kikaba ari ikibazo gikomeye. Ingingo yarangirijeho ni iyerekeye ukurekura abagizi ba nabi biturutse ku mbabazi zitanzwe n'Umubyeyi w'Igihugu, cyangwa izihabwa abanyururu bifashe neza muri gereza, abantu barekuwe muri ubwo buryo nabo bakaba bashobora guhungabanya umutekano.

Ubwo nyuma y'ibyo bitekerezo, Prezida w'inama yahaye ijambo Milita BAKOMERA Yohani Petero ukora muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini nawe ageza kuri ba Suprefe ibindi bisobanuro ku byerekeye ihungabana ry'umutekano.

Muri make, Milita BAKOMERA yavuze ko umuntu ashobora guterwa ubugizi bwa nabi n'ibimukikije, mbese n'ibifite aho bihurira nakamere - muntu ye.

Yatanze ingero agira ati nk'ubukungu bw'abantu bamwe bushobora gutera ubujura ku bakene, ababa mu migi bavuye mu cyaro bakabura akazi bashobora gushakira umukiro wabo mu bujura no mu bundi bugizi bwa nabi, abaturage biyongera bashobora gutuma imirima iba mike noneho bikaba byakurura ubusabirizi cyangwa ubujura.

Milita BAKOMERA yasobanuye ariko ko ibyo bibazo atari byo byonyine bitera ibibi kuko kamere y'umuntu yonyine ishobora kumutera ubugizi bwa nabi, ku buryo ku bagizi ba nabi aba n'aba usanga harimo ababitewe na kamere yabo gusa nta kindi kibazo bari bafite.

Prezida w'inama yasubiranye ijambo avuga ko kubyerekeye abagizi ba nabi, baba ababiterwa na kamere yabo cyangwa se ababiterwa n'ibibakikije, icya ngombwa ari ukumenya ukuntu barwanywa kugirango abantu babeho mu mudendezo.

Yongeye kugira icyo avuga ku buryo Suprefe SEKAGINA yari yavuze, bwerekeye ukuntu ubugizi bwa nabo bwagabanuka, ni ukuvuga impushya zo gucumbika, amarondo ya n'ijoro, utunama tw'umutakano no gutanga za raporo.

.../...

Yibukije ko amarondo ya n'ijoro agomba gukorwa mw'ibanga, agakoranwa discipline kandi ashyigikiwe n'ingufu za ngombwa kubera ko hari ushobora gusanga amabandi afite intwaro zikomeye icyo gihe rero bakaba bagomba kwitabaza abasirikare. Kubyerekeye inama z'umutekano, Prezida w'inama yibukije ko zigomba gukorwa neza kandi zikiga ibibazo bizireba aho kugira ngo usange ziyigira ibyerekeye ubukungu cyangwa itunganywa ry'imidugudu. Naho kubyerekeye za raporo, Prezida w'inama yavuze ko nazo ari ngombwa kubera ko zituma ubutegetsi bufata ibyemezo bikwiye, asobanura ko muri raporo kandi umuntu agomba kugeza kubutegetsi ibyabaye, ingaruka byateye, n'icyakozwe kugira ngo bitungane.

Yongeye kugaruka ku ngero zari zatanzwe zerekeranye n'ibishobora guhungabanya umutekano nk'ibyorezo by'indwara, konerwa byatima umusaruro ugabanuka, kwihorera byo ariko bikaba biteye inkeke, abakoze ibyaha bahanwe mu nyandiko ariko ntibahanwe kuburyo ntangarugero cyane cyane nka babandi bibisha intwaro bagasiga bishe, abafunguwe by'agateganyo cyangwa bakababarirwa ariko bikaba bikwiye kwitonderwa kubera ko muri iki gihe mbere yo kubohereza babanza kubaza abategetsi bo mu turere bazajyamo niba babona batazahungabanya umutekano bagirira abandi nabi cyangwa se bagiririrwa nabi.

Prezida w'inama yaboneyeho kwibutsa ikindi ba Suprefe bari bibagiwe mubishobora guhungabanya umutekano : imyifatire y'abategetsi imbere y'abaturage. Yatanze ingero ati nk'igisambo kirafatwa, umuntu yakigeza kuri Komini yagikubise urushyi rumwe ugasanga niwe ufunzwe, umucuruzi yaza kuri Komini afite ikibazo Burgumestri agatangira kumucyocyora ngo ese noneho nawe uradukeneye, undi nawe yaza avuga ati nimuntabare, bati zana imodoka noneho tubone kujya kumva ibyawe. Yaboneyeho no gutanga ikibazo ati se abantu bahuriye n'ibibazo nk'ibyo mu butegetsi bakongera kubwitabaza bate ? Ahubwo ntibahitamo kwirwanaho ?

Ubwo ndetse yunzemo ati na ruswa igomba kwamaganwa kuko nayo ibaho, abategetsi nabo bakirinda gukabiriza utubazo twose tuvutse batwitiranya n'umutekano w'Igihugu kuko bishobora gutuma abaturage bahitamo kutagana ubutegetsi kandi aribo bubereyeho.

Ubwo Prezida w'inama yahaye ijambo ba Suprefe bandi bari bafite ibyo bavuga kuri icyo kibazo cy'umutekano, maze uwa mbere abanza kuvuga ikibazo cy'abaporisi ba Komini batagira imbunda zihagije n'amasasu bafite akaba yarashaje kuburyo umuntu atatinya kuvuga ko ubu ari nk'ab'umurimbo nyamara bavuga ko ushaka amahoro yitegura intambara.

Yunzemo abaza niba hadakwiye kubaho uburyo rusange mu gihugu bwo kurwanya amabandi cyane cyane mu murwa mukuru kubera ko iyo uvuze ikibazo nk'icyo mu cyaro bavuga ngo n'i KIGALI amabandi yarabananiye sitwe twayashobora.

Ikindi yavuze n'icy'ikinamico rihita muri Radio Rwanda ngo hakaba ubwo ryigisha ibintu bibi mu rubyiruko nko gutera za gatarina n'ibindi, ibyo nabyo ngo bikaba byari bikwiye kwigwa neza bakareba ibikwiye kunyuzwa muri Radio n'ibidakwiye.

Ijambo ryahawe undi Musuprefe avuga ko ubukene bw'abashinzwe kugenza ibyaha bubangamiye umutekano ariko ko twagombye kugerageza kwirwanaho dukoresheje ubushobozi buke dufite. Yatanze urugero rwo muri Suprefegitura ya KABAYA aho Abajyanama bafite amafishi bakorewe yerekeranye n'umutekano, noneho ikibaye cyose kigashyirwaho ku buryo bumwe, kandi ifishi igahita yoherezwa mu butegetsi vuba.

Yunze kandi murya mugenzi we avuga ko abanyamakuru nk'igihe banditse ku by'ububandi bari bakwiye no gukurikirana bakazanavuga uko ibihano byatanzwe kugira ngo n'urubyiruko rumenye ko ububandi ari bubi. Nanone kuri ibyo byerekeranye no kubumbatira umutekano, undi yasabye ko urubyiruko rwakitabwaho cyane, umuco wa kera wo gucisha akanyafu ku bana ukagaruka kugira ngo bagire uburere bwiza, ngo naho ubundi muri iki gihe uhana umwana akirukira kuri Parike ugasanga baguciye amafranga.

Undi nawe yatanze icyifuzo cy'uko uburyo bwo gufunga mu Rwanda bwanononsorwa, noneho uwafungiwe gutera gatarina ntafunganwe n'uwibye igitoki, kubera ko iyo bigenze bityo hari abigira muri gereza ibibi batari bazi kandi ubundi ikigamijwe ari ugukosora no gusubiza abantu mu nzira nziza. Yanagaragaje igitekerezo cy'uko service ya "identité judiciaire " yagira akanyamakuru cyangwa ubundi buryo imenyekanishirizamo abagome kugira ngo abantu babirinde, cyane cyane nk'abafunguwe bakajya kwiturira mu yandi makomini batazwimo kandi bashobora kugirira nabi abaturage.

Uwakurikiyeho yibanze ku kibazo cy'imikwabu iba mu mugi noneho abafashwe b'imburamukoro bakabohereza mu makomini. Yavuze ko Leta ikwiye kureba uko yongera ibigo ngorora-muco yashyiramo abantu nk'abo aho kugira ngo iboherez e muri Komini kandi Komini nta bushobozi ifite bwo kubagorora. Yanavuze n'ikibazo cy'amategeko amwe n'amwe yanditswe ariko ngo akaba adakwiye kuvugwa muri Radio kuko ngo ashobora gutuma abantu bamwe bigomeka, nko kuvuga ngo umusurveillant wa gereza uzakubita umunyururu azamurege, ibyo rero bikaba ari nko kwiyibagiza ko hari abavuga ko " Urugo rubi rurutwa na gereza ", ibyo bikaba

.../...

bivugirwa ko abanyabyaha bafatirwa neza muri gereza.

Undi nawe yahawe ijambo yunga mu rya bagenzi be bari bamubanjirije avuga ko itangazamakuru hari ubwo rikabiriza utuntu tumwe na tumwe tubi, nyamara ibyiza ntibivugwe, nabyo rero bikaba byahungabanya umutekano. Yatanze urugero rw'uko muri iyi minsi ku KIBUYE umunyamakuru wa ORINFOR yibanze cyane ku bantu bagiye bicwa ku buryo umuntu yakeka ko muri ako karere nta kindi kihakorwa uretse kwica, ibyo bikaba bituma ntawukizera undi.

Ikindi kibazo ni icy'abahesha b'Inkiko basumbana, kandi akenshi bakaba ari aba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, n'icy'amarozi ubushinjacyaha bwirengagiza ngo nta bimenyetso, bikaba rero bikwiye kubarirwa mu bihungabanya umutekano.

Yarangirije ku kibazo cya za kabare na risitora ubu abantu bakoreshamo urubyiruko rutarageza no ku myaka yemewe, kubera iyo mpamvu rero itegeko ribigenga rikaba rikwiye gushyirwaho vuba.

Hakurikiyeho undi Musuprefe nawe yibanda ku bukene bw'Igihugu butuma umuturage atabona ibyo akeneye byose kuri Leta, naho ubukene bw'umuturage, nabwo bugatuma ararikira iby'abandi nabyo rero bikaba byahungabanya umutekano.

Naho kubyerekeye itangazamakuru, yavuze ko ryagombye gutuma umuturage arushaho gusobanukirwa no kwirinda akurikije amategeko, akamenya kwikorera, kandi akamenya ko ariwe byose bigomba gutukaho kugira ngo umutekano uhame.

Undi nawe yahawe ijambo avuga ikibazo cy'ubuharike nacyo ngo gihungabanya umutekano, amategeko yaba abigenga nayo adakurikizwa neza.

Yunzemo abaza niba kubyerekeye imikwabu, abategetsi bayikora badakwiye akantu kabaranga kugira ngo batavaho bagira ibibazo.

Uwakurikiyeho nawe yongeye kugaruka ku kibazo cy'imbunda n'amasasu by'abapolisi ba Komini cyane cyane abaturiye imipaka kuko ngo baramutse batewe nta kindi bakora uretse gukizwa n'amaguru, icyo kibazo rero kikaba gikwiye kwitabwaho.

.../...

Abo ba Suprefe bamaze kwinigura, Prezida w'inama yafashe ijambo avuga ko mubyo ba Suprefe bari bamaze kuvuga ibibazo bishya birimo ari bitatu : Intwaro Komini zahawe kera zikaba zishaje kandi zidahagije, itangaza-makuru lyaba isôko yakwiza ubugizi bwa nabi, amabandi n'izindi nzererezi zifatwa zigasubizwa mu makomini noneho bikagabanya umutekano n'amahoro aho kubyongera.

Prezida w'inama yavuze ko kubindi byari byavuzwe yashobora gusubiza nk'icyerekeye umushinga ugenewe gutunganya za kabare na resitora, uwo mushinga ukaba warateguwe ndetse ukaba wararenze urwego rw'akanama gahuza za Ministeri ku buryo ubu uri mu nama ya Guverinoma mbere y'uko usohoka yasobanuye ariko ko kutabaho kw'iryo tegeko bitabuza gutwama amafuti hakurikijwe amategeko asanzwe ariho mu gihe irishya ritarasohoka.

Ikindi Prezida w'inama yavuze ni uko kubyerekeye ubukene ngo bwaba butuma ubujura bubaho, ngo hari n'ubushingiye ku ngeso bityo rero umuntu akaba atakitwaza ubukene ngo avuge ko ubujura bugomba kubaho, ahubwo ubwo bukene bugomba gutuma buri wese yihatira gukora kugira ngo igihugu gitere imbere.

Kubyerekeye abahesha b'inkiko, Prezida w'inama yavuze ko mu myanzuro y'inama hazashyirwamo ko bahabwa ibikoresho bya ngombwa bituma bakora ibyo bashinzwe.

Nyuma y'ibyo bisubizo, Prezida w'inama yagarutse kuri za ngingo eshatu nshya zari zavuzwe na ba Suprefe kubyerekeye umutekano muri Komini; noneho aha ijambo Komanda MUNYAKAZI ushinzwe abapolisi muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, asobanura ko ibibazo byinshi bireba abapolisi bibona ibisubizo mw'ibwiriza n° 172/03.04/1 ryo kuwa 16 Gashyantare 1976.

Yakomeje asobanura ko Repubulika ya kabiri yitaye cyane ku bapolisi ba Komini ari mu gushyiraho abashoboye akazi, ari mu kubahugura, ariko muri 1982, hakaba ingorane ba Burgumestri batangiye gusa n'abarwanya ba Burigadiye O.P.J. bavuga ngo nibo batera umwuka mubi mu giturage aho kugarura amahoro. Bityo rero kubaha intwaro biba bisubitswe kuburyo n'ubu bicyigwa. Ubundi kandi n'abareservistes nabo ntibaboneka mu makomini yose kuburyo hari n'ikibazo cyo kwigisha abapolisi gukoresha izo ntwaro baramutse bazibonye. Byose bikaba bicyigwa muri Ministeri y'Ingabo kuko ariyo igenga ibyerekeye intwaro n'ibikoresho byazo.

.../...

Komanda MUNYAKAZI yaboneyeho gusaba ba Suprefe n'abandi bategetsi bakorana n'abaturage, kugerageza koroherez abapolisi akazi kabo, bakabubahisha aho kugira ngo babatukire imbere y'abaturage kuko bituma basuzugurika.

Ubwo Prezida w'inama yasubiranye ijambo nawe avuga ko bibabaje kubona Igihugu gitanga amafranga menshi kubapolisi hanyuma ba Burgumestri bakaba aribo bafata iya mbere bavuga ko ntacyo bamaze, ko badakwiye kuba ba O.P.J., ngo ba Burgumestri nibo babikwiye ; ugasanga rero abo ba Burgumestri basa nk'aho batinyira ba Burigadiye ko baba bafite imbunda, nyamara bakiyibagiza ko urwego rw'abapolisi ba Komini arirwo rwa mbere rugomba kurinda umutekano w'abaturage. Prezida w'inama yafashe umwanzuro asaba ba Burgumestri gufata neza abapolisi babo bakabambika neza, bagatanga amafranga bagomba gutanga ku bikoresho by'abapolisi, bagacunga neza abapolisi babo kugira ngo bakore akazi kabo, kandi bakamenya ko aribo ba mbere bagomba kwitabaza mu kubungabunga umutekano w'abaturage.

Kubyerekeye itangazamakuru Prezida w'inama yavuze ko atari ubwa mbere bivugwa kuko hari n'inama ya ba Prefe yabivuzeho, ariko ko kubyisukira bitoroshye kubera ko turi mu Gihugu kigengwa n'amategeko kandi Prezida wa Repubulika akaba yarasobanuye bihagije inshingano y'umunyamakuru ariyo yo guhuza abayobozi n'abayoborwa mu bibazo by'amajyambere y'Igihugu.Yavuze ko itangazamakuru rifite akazi gakomeye ariko kangombwa ku buryo abanyamakuru ubwabo bahora mu bibazo by'urudaca byaba biturutse kuruhande rw'abayobozi, cyangwa se kuruhande rw'abayoborwa byose bitewe nicyo baba babavuzeho.

Yarakomeje ati ntawagira icyo abivugaho rero kirenze icyo Prezida wa Repubulika yabasabye cyo kuba abahuza b'ubutegetsi n'abaturage, kubera iyo mpamvu tukaba tudashobora kwivanga mu kazi kabo, uretse ko ahubwo buri wese afite uburenganzira bwo kugira igisobanuro yatanga ku bintu itangazamakuru ryavuga bimwerekeye.

Prezida w'inama yarangirije ku kibazo cyerekeye gusubiza abagizi ba nabi bafunguwe iwabo, asobanura ko cyagiweho impaka nyinshi mu rwego rwa Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ariko nanubu kikaba kitari cyanononsorwa neza. Yibukije ko mu muhango w'itahwa ry'ibiro bishya bya Komini NYARUGENGE, Ministri HABANABAKIZE Tomasi yari yasabye ko abagizi ba nabi bajya berekanwa mu ruhame kugira ngo abantu babamenye, babirinde, yungamo ati ibyiza ahari ni uko mu byifuzo by'iyi nama hazasabwa ko icyo kibazo cy'abagizi ba nabi barekurwa bagasubizwa muri za Komini cyakwigwa neza kuko hari ubwo bahungabanya umutekano w'abaturage basanze.

Nkuko byasabwe mu nama yo kw'itariki 17 Ugushyingo 1986, mbere y'uko inama ikomeza imirimo yayo kuwa 18 Ugushyingo 1986 mbere ya saa sita, Milita NYEMAZI Primiyani, Umuyobozi mu byerekeye amategeko muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yasobanuye mu magambo make imishinga ibiri y'amategeko azagenga imitegekere ya Komini na Prefegitura. Uwa mbere urakigwa mu kanama gashinzwe guhuza za Ministeri naho undi washyikirijwe inama ya Guverinoma.

Icyo kiganiro ntabwo bagitinzeho kubera ko iyo mishinga itaremerwa. Ariko ba Suprefe basabye ko na Suprefegitura nayo yateganyirizwa "organigramme".

Nyuma yaho, hakurikiyeho ikiganiro cyerekeye " IBARURA RY'ABATURAGE " cyatanzwe na Suprefe SIMBALIKURE Assiel.

Icyo kiganiro kirangiye, abari mu nama bahawe urubuga rwo gutanga ibibazo n'ibyifuzo kubyo bari bamaze kumva.

Ikibazo cya mbere cyabajijwe ni icyerekeye iyimuka ry'abaturage, abari mu nama babajije niba ntamabwiriza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini iteganya kubyerekeye kwimura ifishi kuko ahenshi usanga abimuka bijyanira ubwabo amafishi yabo muri Komini bimukiyemo, cyangwa se agatinda kohererezwa ba Burgumestri b'amakomini yimukiwemo.

Umuyobozi w'inama yashubije ko amategeko agenga ibarura ariho kandi ko agomba gukurikizwa. Ntibyemewe na busa ko uwimuka yijyanira ifishi muri Komini ashaka kwimukiramo. Naho kubyerekeye amafishi atinda kugera aho agomba koherezwa kandi yaratumijwe, uwo muyobozi wa Komini ubikora aba akosa.

Ikindi kibazo cyakurikiyeho ni icyerekeye kwandikisha abana. Hari abana bavuka ku ngaragu, hari abavuka ku bashakanye kuburyo butemewe n'amategeko kuko badafitanye isezerano hagati yabo bombi, hari kandi n'abavuka ku banyamahanga bageze mu Rwanda kera. Iki kibazo kikajyana n'uko abo bana bandikishwa bitinze cyangwa ntibanandikishwe. Ndetse hari ubwo mu kwandikisha umwana badatanga abagabo nkuko itegeko ribivuga cyangwa bagatanga abo babonye bose kuri Komini. Abasuprefe babajije niba hari amabwiriza ahamye asobanura neza uko abo bana bagomba kwandikwa kuri Komini.

- Umuyobozi w'inama yasobanuye ko umwana wese uvutse ku ngaragu yandikwa kuri Komini nkuko abandi bana bose bandikwa iyo uwo bamubyaranye atabihakana.
- Naho umwana uvuka ku mugabo cyangwa umugore bafite ingo zabo zemewe n'amategeko ariko zitari zimwe yandikwa kuri uwo mugore wamubyaye;

.../...

haba hari ibindi bibazo bigakemurwa mu bucamanza.

- Ku banyamahanga bo, amategeko agenga isabwa ry'ubwene-gihugu arahari, ariko harimo ingorane nyinshi kuburyo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini izagerageza kubimenyesha inzego zibishinzwe kugira ngo nazo zishobore kuborohereza muri iryo barura ry'abaturage.
- Kubyerekeye gutanga abagabo no gukererwa kwandikisha abana, Umuyobozi w'inama yavuze ko amategeko ariho kandi agomba gukurikizwa.

Prezida w'inama yashoje impaka kuri icyo kibazo asaba abari mu nama ko mu gihe cyose amategeko agenga ibarura ataravugururwa, ayo dufite ubu agomba kubahirizwa. Yongeyeho ko ibitabo bidasanzwe (registre spécial) bitagomba kubaho. Abibutsa kandi ko abana bavuka ku bagore ba kabiri bemewe iyo ba se na ba nyina bashakanye mbere yo kuwa 24/9/1962.

Ba Milita Suprefe bifuje ko mu mihango yo gusezeranira imbere y'ubutegetsi, Burgumestri yagira umwambaro ubigenewe nkuko Padiri awufite. Basaba kandi ko hemezwa ahantu iyo mihango igomba kubera ndetse n'amagambo agomba kujyana n'iyo mihango. Ibyo byose bigakorwa kimwe mu Gihugu hose ntihabe akajagari.

- Kubyerekeye umwambaro, umunyamabanga mukuru yavuze ko Ministeri iziga uburyo écharpe za ba Burgumestri zaba kimwe kuri bose. Byaba ngombwa Ministeri ikazidodesha, Komini zikazigura.
- Amasezerano yo gushyingirwa imbere y'amategeko agomba kubera kuri Komini. Ntabwo Burgumestri agomba kubungana ibitabo byo gushyingirwa mu ngo. Ariko iyo bibaye ngombwa ayo masezerano ashobora kubera ku biro bya Segiteri.
- Kubyerekeye amagambo ajyana n'uko gusezerana, Ministeri yasuzumye icyo kibazo kandi umushinga wayo wararangiye uretse ko utari wemezwa. Umwe mu bari mu nama yatangaje ko amwe mu ma Prefegitura yashoboye kubonera amakomini yazo ayo magambo.
- Naho kubyerekeye guhabwa ikimenyetso cyerekana ko umuntu yasezeranye imbere y'amategeko, nkuko bigenda ku banyamahanga, Prezida w'inama yavuze ko nta kindi kimenyetso cyaruta ikarita iranga umuntu kuko yandikwamo iranga mimerere ye n'uwo basezeranye. Avuga kandi ko hari impapuro ubutegetsi bushobora gutanga ku babishaka arizo bita "extrait de mariage".

Kubyerekeye ibarura ry'abaturage, abari [...]a bifuje ko ushinzwe ibarura muri Komini yajya asanga abaturage ku [...]e yitwaje ikayi iciyemo imirongo imeze nk'iri mugitabo cyandikwamo [...]age muri Komini.

Kuri icyo cyifuzo, Umuyobozi w'inama yavuze ko tugomba gutangira hakiri kare kumenyereza umuturage imirimo ubutegetsi bumusaba. Niyo mpamvu icyo cyifuzo kidakwiye gushyigikirwa keretse gusa igihe uwo mukozi yaba agiye kugenzura ko abaturage bubahiriza amategeko y'ibarura.

Umwe mubari mu nama yongeye kwibutsa ikibazo cyerekeranye n'ibendera ry'Igihugu. Prezida w'inama yavuze ko icyo kibazo Ministeri iri kugisuzuma ariko uko iryo bendera rigomba kungana muburebure n'ubugari, tuzifashisha ibendera rya mbere ry'u Rwanda.

Ikindi kibazo gikomeye cyane ni icyerekeye igurishwa ry'amasambu kuko usanga harajemo ikintu cyo guteka umutwe. Koko rero umuntu agurisha isambu ye rwihishwa akimuka, aho yimukiye yahabura isambu cyangwa yahagirira ingorane akagaruka muri Komini akabyutsa imanza. Hari n'ubwo umugore n'umugabo bumvikana bakagurisha isambu y'umuryango, amafranga bakayarya, yashira, umugore akajya kurega umugabo we. Birumvikana ko umugabo atsindwa, nyiri kuwugura akirukanwa muri iyo sambu yaguze ku buryo bunyuranye n'amategeko noneho imanza zikaba urudaca. Indi ngorane ikomeye irimo, ni uko icyo kibazo gikururwa ahanini n'abantu bifite cyangwa bamwe mu bategetsi bagura bene ayo masambu bakirengagiza amategeko.

Prezida w'inama yaboneyeho umwanya wo gusaba ba Suprefe gukaza umurego kuri icyo kibazo; ntibatinye kujya bakemura ibyo bibazo nkuko bikunze kuboneka mu butegetsi bwa Komini n'ubw'ubucamanza, kandi itegeko ryo muri 1976 rigenga amasambu rivuga ko isambu nk'iyo yagurishijwe mu buryo budakurikije amategeko ijya mu maboko ya Leta, igasubizwa umuryango, uwatanze amafranga akayaregera. Nta sambu y'umuryango rero igomba kugurishwa rwihishwa.

Hakurikiyeho ikiganiro cyerekeye IMYIYONGERERE Y'UMUTUNGO WA KOMINI cyatanzwe na Suprefe KAREKEZI RURANGIRWA J. Chrysostome.

Mbere y'uko abari mu nama batanga ibibazo n'ibyifuzo kuri icyo kiganiro, Umuyobozi w'inama yabanje guha ijambo BAZIMAZIKI Berinaridini, kugira ngo agire icyo yongera kubyo Suprefe yari amaze kuvuga.

Mu ijambo rye yibukije ko umuturage ashora gusorera mu yindi Komini ariko iyo Komini ikageza ayo mafranga muri Komini uwo muntu akomokamo bitarenze iminsi cumi n'itanu. Ni uko amateg[e]ko abiteganya. Milita BAZIMAZIKI yakomeje avuga ko ubukene bwa Komini budaterwa gusa n'irigiswa ry'umutungo nkuko benshi babikeka. Ahubwo ubukene buterwa n'imirimo Komini isabwa idahuje n'ubushobozi bwayo.

.../...

Milita GAHAMANYI Célestin, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Amajyambere ya Komini nawe yafashe ijambo ageza kubari aho igitekerezo cye kubyerekeye umutungo wa Komini, kikaba gikubiye mu ngingo eshatu arizo : 1. Komini zikwiye kumenya abantu bagomba gusora n'ibintu bigomba gusoreshwa.

2. Ubuyobozi bwa Komini bugomba kugenzura amafranga yo mu masoko Komini yinjiza.

3. Komini igomba kugenzura umutungo wayo buri gihe, ndetse ba Suprefe bakajya biyambaza abagenzuzi b'imari ya Komini bo kuri za Suprefegitura muri iryo genzura.

Yakomeje avuga ko uwatanze ikiganiro yagabanyijemo za Komini ibice bitatu : Komini zikize, Komini zikize buhoro, na za Komini zikennye. Yerekanye ko ibyo bice bitatu utabitandukanya neza mu gihe utarashobora kumenya ibyo Komini isabwa buri gihe kandi bidahinduka. Yarangije abaza ukuntu Komini yaba ishingiro ry'amajyambere kandi mu bukene ifite harimo n'abakozi.

Umuyobozi w'inama yavuze ko ubwo buryo bwo kugabanya za Komini mo ibice bitatu budahwitse kubera ko hafi ya zose zikennye. Nta Komini n'imwe ifite ubushobozi bwatuma isoza ubutumwa bwayo bwo kuba ishingiro ry'amajyambere. Kugeza ubu iyo bavuze Komini ikize twumva ko ari Komini ishobora guhemba abakozi bayo gusa, nyamara ikaba idashobora kugira umushinga yikorera ku giti cyayo idasabye imfashanyo cyangwa inguzanyo. Hakwiye gushakwa uburyo Komini zaterwa inkunga kugira ngo zibe koko ishingiro ry'amajyambere. Hakwiye kandi gukorwa raporo y'ibyagezweho, bityo bikagaragaza neza ko Suprefe afasha Komini mu kugena ingengo y'imari yayo.

Umwe mu bari mu nama yavuze ko havuka ibibazo igihe abagenzuzi b'imari ya Komini ba Suprefegitura bajya kugenzura mu makomini, kuko hari igihe bavuga ko nta risansi y'imodoka bafite kandi tuzi ko Ministeri iyibagenera, ikayinyuza ku bagenzuzi b'imari ya Komini bari kuri Prefegitura. Ibyo bituma imirimo idindira kandi ugasanga bavuga ko batoroherezwa ingendo mukujya gutunganya imirimo yabo.

Kuri iyo ngingo, umuyobozi w'inama yavuze ko uburyo bwo kohereza abagenzuzi b'imari ya Komini risansi y'imodoka buzahinduka, iyo risansi ikajya yoherezwa Prefe cyangwa Suprefe akaba aribo bazajya bayisaranganya imodoka zose za Prefegitura cyangwa Suprefegitura kugira ngo imirimo yose igende neza. Icyo kibazo cya risansi kizabonerwa umuti mu minsi iri imbere.

.../...

Hatanzwe n'icyifuzo ko amafranga yose y'amahôro (taxes) yaba amwe mu gihugu hose, kandi hakigwa n'ukuntu ayo mafranga yarushaho kwiyongera mw'isanduku ya Komini, basoresha nk'amatungo magufi kuko usanga amwe muriyo afite agaciro karuta ak'inka. Habajijwe kandi niba nta kuntu amakomini abiri ahuriye kw'isoko rimwe yajya agabana amahôro arikomokamo, kuko usanga mwene iryo soko rikiza Komini ririmo gusa kandi riremwa n'abaturage ba Komini zombi, habajijwe nanone impamvu mu biganiro bya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini biyamye ba Milita bagize Komite ya Selire bakira amafranga y'imisoro cyangwa amahôro kandi nyamara babikora kugira ngo umutungo wa Komini urusheho kwiyongera.

- Prezida w'inama yagaragarije ba Suprefe ko amahôro adashobora kuba amwe mu Gihugu cyose kuko za Komini zifite ubuzima-gatozi, zikaba zifite ububasha bwo kwishyiriraho amategeko atanyuranyije n'asanzwe y'Igihugu. Niyo mpamvu amahôro ashyirwaho hakurikijwe uturere n'ubukungu bwa Komini. Amahôro atangwa hakurikijwe icyo umuntu yunguka. Prezida w'inama yaboneyeho kwibutsa ba Milita Suprefe ko gushaka amahôro ari byiza **ariko ntagomba kubangamira** abayatanga. Amahôro iyo akabije atuma bamwe mu bacuruzi bahagarika imirimo yabo. Nyamara iyo aciriritse Komini ihora ibona amahôro yayo nta ngorane ndetse akaba yakwiyongera kubera ko n'abayatanga baba babona imirimo yabo igenda neza.
- Naho kubyerekeye gusoresha amatungo magufi, ibyo bireba Ministeri y'Imari n'Ubukungu. Umuyobozi w'inama yibukije ko imisoro nk'iyo yigeze gutera ibibazo byinshi. Ibyiza ni uko itakongera gusubizwaho, kuko wasangaga bidindiza ubworozi bw'amatungo magufi.
- Kubyerekeye isaranganya ry'amahôro y'isoko amakomini abiri ahuriyeho, ibyo ntibyashoboka kuko buri Komini ifite ubuzima-gatozi. Iyagize amahirwe yarayagize; itarayagize, ntiyayagize.
- Umuyobozi w'inama yakomeje avuga ko ba Selire batagomba nabusa kwakira amafranga y'imisoro cyangwa amahôro. Amategeko asobanura abayakira.

Ku kibazo cyerekeye ibihano (amendes) ba Milita Suprefe bagize icyo babivugaho.

- Kubyerekeye itegeko rigenga ibihano : iryo tegeko ryashyizweho kera, ntirihuje n'igihe tugezemo kuko amafranga maganabiri (200) ateganyijwe ari make cyane; ugasanga uyaciwe ntacyo bimubwiye. Iryo tegeko rigomba rero kuvugururwa.
- Usanga hari abategetsi bamwe ba Komini bashingira umutungo wazo ku bihano bityo ugasanga biyenza ku baturage kugira ngo bakunde binjize amafranga mu masanduku ya Komini. Ibyo ugasanga ari urugomo no kunyunyuza rubanda.

.../...

Kuri icyo kibazo, Prezida w'inama yabwiye ba Suprefe ko cyasobanuwe mu kiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Akomeza yibutsa ko Ministeri yiyamye bene ibyo bikorwa. Avuga ko mu gihe amategeko atarahindurwa, ntawe ufite uburenganzira bwo guca amafranga y'igihano arenze ayateganyijwe n'itegeko cyangwa guhimbira abaturage ibihano kugira ngo ikunde yinjize amafranga.

Ba Milita Suprefe batanze ibibazo bifitanye isano n'amasoko kubera ko kuva aho bashyiriyeho iminsi y'Umuganda ihuriweho n'Igihugu cyose kuwa kabiri no kuwa kane, byatumye amasoko menshi ahurirana bityo umutungo wa za Komini zimwe na zimwe urahungabana, kubera ko amasoko amwe yamize andi. Bongeyeho ko amasoko nayo asigaye ari menshi cyane kuburyo usanga atuma abaturage bamwe na bamwe bayiririrwamo badakora. Icyo kibazo cyari gikwiye gushakirwa umuti.

Prezida w'inama yavuze ko, kuri iyi ngingo amasoko adafitiye abaturage akamaro kagaragara agomba kuvaho aho kugira ngo ajye abarangaza. Yaboneyeho n'umwanya wo gusaba ba Suprefe kubarura za "Centres " zifitiye akamaro koko abaturage kugira ngo amategeko agenga utubari na resitora nasohoka bizaborohere mu kuyashyira mu bikorwa.

Hifujwe nanone ko "caissier" yagenerwa amafranga y'igihembo "indemnités de caisse " kandi akabaho muri buri Komini. Habajijwe ugomba kuzuza igitabo cyandikwamo amafranga yinjira n'asohoka hagati ya "caissier na comptable" kuko usanga bitana bamwana.

Kuri iki kibazo, hashubijwe ko comptable ariwe ugomba kwandika muri icyo gitabo, naho undi akabika amafranga.

Umwe mu bari mu nama yavuze ko hari abambura Komini cyangwa bakarigisa umutungo wayo. Iyo bamenyekanye usanga rimwe na rimwe badakurikiranwa ngo bishyuzwe. Yaboneyeho atanga icyifuzo cy'uko, kubera ko ubucamanza bubimenyeshwa, bwarushaho gufasha Komini mukugaruza umutungo wayo aho kugira ngo usange buyitererana. Hari n'ubwo amafranga yishyuwe muri ubwo buryo ajya mw'isanduku ya Leta kandi ari aya Komini, hakazamo rero ingorane kugira ngo izayasubizwe.

.../...

Umuyobozi w'inama yavuze ko kubyerekeye abarigisa umutungo wa Komini, igenzurwa ryawo rigomba gukorwa kenshi kugira ngo ibyo bigabanuke.

Hifujwe nanone ko hashyirwaho ikipe y'abagenzuzi b'imari ya Komini aho kuba umwe gusa, kuko usanga rimwe na rimwe uwo mugenzuzi atizerwa.

Bà Milita Suprefe bagize icyo bavuga ku mirimo Komini isabwa buri gihe, nko kubaka no gusana ibigo nderabuzima, amashuri, za Kanto n'ibindi .... Bagaragaje ko amafranga Komini isohora mu gutunganya iyo mirimo ari menshi cyane ugereranyije n'ayo byinjiza.

Kuri iyo ngingo, Umuyobozi w'inama yavuze ko Komini igomba gukora uko ishoboye kose ikagenzura buri gihe ibigo nderabuzima na za Kanto kuri ya mfranga Leta yayeguriye. Ibyo bizatuma umutungo wa Komini uturuka aho ngaho utarigiswa cyangwa se niyo warigiswa bikamenyekana kandi bigakurikiranwa hakiri kare.

.../...

Nyuma ya saa sita ba Suprefe babanje kungurana ibitekerezo bifitanye isano n'ikiganiro bari bagejejweho mbere ya saa sita cyerekeye Imyiyongerere y'Umutungo wa Komini, noneho babona kugezwaho ikiganiro kerekeye " Itegurwa n'Irangizwa ry'Imishinga ya Komini " cyatanzwe na Suprefe KANYAMIBWA Alegisi.

Suprefe amaze kugeza kubari aho ikiganiro yari yabateguriye, ijambo ryahawe Milita GAHAMANYI Célestin, Umuyobozi Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini asaba ba Suprefe kujya bitondera imishinga isabirwa imfashanyo kuko igomba kuba iteguye neza kugira ngo izatungane. Yavuze ko imishinga y'ubwubatsi bw'amazu yo idakunze kuruhanya kuko haba hariho ibishushanyo mbonera bigomba gukurikizwa, ariko imishinga igomba kwitonderwa cyane ikaba ari nk'iyerekeye ubwubatsi bw'ibiraro, gukwiza amazi mu cyaro, kuko kugeza ubu abantu benshi batayitegura neza. Yagaragaje icyizere cy'uko amakomini yose ubu yabonye inyandiko yerekana uko imishinga itegurwa n'uko ibyo iyo mishinga yagezeho bisuzumwa.

Ubwo ijambo ryahawe Milita NIYIBIZI Tito, Umuyobozi muri Ministeri y'Ubutegetsu bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, asaba ba Suprefe kujya bakora kuburyo abagiraneza batanga amafranga yo gukora imishinga mu makomini bajya bamenyeshwa kenshi aho imirimo igeze ndetse byashoboka bakifashisha n'amafoto kuko bituma abo bagiraneza bamenya niba hari ingorane cyangwa niba ntazo, bityo bikarushaho kugenda neza kandi tukaba tutagomba kwirengagiza ko umuntu yakongera kubakenera.

Milita NIYIBIZI Tito kandi yasabye ba Suprefe gufasha za Komini gutanga ibitekerezo byose zasabwe byerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa by'umugambi wo gutsura amajyambere wa Komini ubu umaze imyaka irenga icumi kuko washyizweho muri 1975. Ubwo kandi Komini zikaba zigomba no gushyira ahagaragara imigambi yazo mu myaka itanu iri imbere kugira ngo hashyirweho undi mugambi mushya w'amajyambere ya Komini ujyanye n'umugambi wa Leta w'amajyambere urimo gutegurwa.

Prezida w'inama, Milita TEMAHAGALI Yustini ubwo yahaye ijambo ba Suprefe kugira ngo bagire icyo bavuga ku kiganiro bari bamaze kugezwaho. Uwambere yahise atanga icyifuzo cy'uko kuri buri Prefegitura hashyirwa impuguke mubyo gutegura imishinga kubera ko akenshi za nzego zibishinzwe mu makomini zidateranа uko bikwiye ndetse zikaba zitanafite ubushobozi buhagije bwo kwiga imishinga.

.../...

Undi nawe yateye murya mugenzi we avuga ko abashinzwe kwiga imishinga muri Komini akenshi ari abantu badasobanukiwe bityo hakaba hakwiye kwigwa ukuntu abakozi bariho bahugurwa mubyerekeye gutegura imishinga ndetse na Burgumestri ubwe adasigaye, bitaba ibyo muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini hagateganywa ibiro bishinzwe gufasha za Komini gutegura imishinga.

Undi musuprefe nawe yaboneyeho gutanga icyifuzo cy'uko muri Suprefegitura zitari zabona abakozi bahashyirwa vuba kuko hari n'ubwo Ministeri iteganya ihugurwa mbese nko muri ibyo byo gutegura imishinga, ariko Suprefe akabura uwo yohereza kuko ntawe afite.

Hakurikiyeho icyifuzo cy'uko icyo bita akanama k'impuguke muri Komini bazagishakira irindi zina kuko bitavugitse neza cyane cyane kubera ko abarimo atari impuguke mu by'ukuri.

Havuzwe kandi n'ikibazo gikunda kuboneka mubyerekeye gutegura imishinga muri za Komini kerekeye kudateganya uko imishinga izakomeza gukora igihe abagiraneza bayitangiye amafranga bavanyemo akabo karenge, ibyo bikaba bigomba kujya biteganywa kugirango abaturage batahagwa, hatangwa urugero rw'umushinga wo gukwiza amazi mu cyaro abagiraneza baha Komini ariko bamara kwigendera byose bigahita bisenyuka abaturage ntibongere kubona amazi.

Undi nawe yanaboneyeho kubaza icyo Ministeri itekereza ku makomini akora icyo bita umugambi w'amajyambere rusange ya Komini ( Etude de Développement Global de la Commune) kuko we abona byaba byiza Komini zose ziwukoze.

Undi yatanze icyifuzo cy'uko service ishinzwe imishinga muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yafasha ba Suprefe kumenya vuba imishinga bemeye ko ba Burgumestri bakora kugira ngo bayikurikiranire hafi, cyane cyane yayindi ikomoka ku mfashanyo ba Burgumestri basabira muri za salons, ari nayo ikunze gutera ibibazo cyane cyane kuko ntawumenya neza n'amafranga yatanzwe. Yaboneyeho kandi gusobanuza uko Komini zigifite imyenda yerekeranye n'ivugururwa ry'amashuri zikwiye kwifata cyane cyane kubera ko ayo mafranga areba Ministeri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye.

.../...

Undi musuprefe wahawe ijambo yatangiye abaza niba za Kamyo zahawe amakomini ariko ntizishobore kugira icyo zinjiza ahubwo zigakurura imyenda zidakwiye gushyirwa kuri Prefegitura ikaba ariyo iziha imirimo, nanone F.D.C. ibitangiye uburenganzira kuko ariyo yazitanze.

Kubyerekeye imfashanyo zihabwa amakomini cyane cyane iza F.D.C., yakomeje atanga icyifuzo cy'uko zasaranganywa neza hakurikijwe ubukene Komini zifite kuko ubu ngo usanga hari izihabwa ibya mirenge izindi zigapfumbatizwa ikibiribiri.

Yanavuze no ku maradiyo yo gutumanaho ubu yashyizwe muri za Suprefegitura zimwe na zimwe, Prezida wa Repubulika ngo yaba yarasabye ko zakoreshwa na service za Leta zose ziri muri Suprefegitura nyamara Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yo ikaba yarasabye abakoresha ayo maradiyo guhitisha ubutumwa bwerekeye iyo Ministeri gusa, ibyo rero bikaba bigomba gufuduka.

Kubyerekeye imishinga nanone yasabye ko kugira ngo igende neza muri "Comité de gestion " hajya hashyirwamo Umuyobozi wo mu karere urimo, naho ubundi hari ubwo usanga umutegetsi atazi ibibazo biri mu mushinga uyu n'uyu bikaba atari byiza. Yarangirije ku cyifuzo cy'uko n'ubwo ubu hafashwe ibyemezo bituma Komini zitagombye gusubira mu myenda ihambaye, Leta ikwiye kwiga uburyo imyenda yafashwe kugeza ubu yakwishyurwa kuko nta kundi byagenda kandi Komini zikennye.

Hakurikiyeho undi mu Suprefe, we, asaba ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yakora kuburyo abantu bagize utunama tw'impuguke muri Komini bakora mu bigo bya Leta bajya barekurwa igihe izo nama zigomba guterana kuko nabyo biba biri mu kazi gafitiye Igihugu akamaro.

Yarakomeje abaza niba Suprefe wa Suprefegitura aramutse afashe umugambi wo gushyira umushinga w'amajyambere mu karere ashinzwe yashobora kwitabaza Ikigega cya Komini gitsura amajyambere, noneho arangiriza ku kibazo cya za téléphone zashyizwe muri za Suprefegitura zimwe na zimwe ariko ubu zikaba zarapfuye kuburyo Ministeri ibishinzwe yagombye kuzikora kugira ngo gutumanaho byorohe.

Nyuma y'ibyo bitekerezo bya ba Suprefe, Prezida w'inama yahaye Milita GAHAMANYI Selestini ijambo nawe agaruka ku bibazo by'imishinga ibyara inyungu muri Komini agira ati : Jyewe uko mbibona Komini zari zikwiye kuba intandaro (promoteurs) z'imishinga nk'iyo ( urusyo, farumasi, bisi etc.....) ariko ntizari zikwiye kuyihererana cyane cyane mubyo gucunga umutungo (gestion) ahubwo zagombye kwifatanya n'abikorera ku giti cyabo (actionnaires) mu mishinga nk'iyo.

Milita GAHAMANYI yanaboneyeho gusaba ba Suprefe kujya bafasha Ministeri kumenya aho imishinga yo mu makomini igeze kuko muri Ministeri naho iyo babonye imfashanyo Komini iyi n'iyi babimenyesha Prefe, bityo rero akaba yagombye kumenya kubikurikirana cyane cyane kubera ko abatanga imfashanyo nka F.D.C., Ubusuwisi, n'abandi basaba kugenda babwirwa aho imishinga igeze.

Nyuma yaho, Prezida w'inama yasubiranye ijambo abanza kwisegura avuga ko ibyabajijwe byose atabibonera ibisubizo ariko ko aribugerageze gusubiza iby'ingenzi, ibindi nabyo bikazagezwa mu nzego zibishinzwe.

Yahereye ku kibazo cy'imishinga mu makomini asobanura ko muby'ukuri hari imishinga ibyara inyungu, hakaba n'indi myinshi ikorwa kuko gusa ifitiye akamaro abaturage, nk'umihanda, amavuriro, ibiraro, amashuri, ibiro bya Komini, n'ibindi. Ariko kuvuga ko umushinga ugomba kwigwa neza ntibisobanura ko ugomba kuba wigwe ko kuburyo buhanitse bukurikije tekiniki yo hejuru. Yatanze urugero ati ese ninde utazi ko umuhanda uharuwe ugomba kugira iherezo ? Ese guteganya amabati yo gusakara ishuri bigomba iyihe tekiniki ?

Yavuze ko muri make mugutegura umushinga umuntu agomba kureba akamaro kawo, uko uzakorwa, ibikoresho byangombwa nuko bizaboneka, noneho haba hari ibikomeye, mbese nko kubaka ibiraro, umuntu yakwitabaza impuguke koko, ariko byose bigateganywa mbere, ariko tukareka kwishyiramo ko gutegura imishinga bigomba impuguke z'ibitangaza.

Kubyerekeye abagize akanama k'impuguke ka Komini, Prezida w'inama yavuze ko icyifuzo cyabo kizwi, yungamo ko bazibutsa za services zitarekura abakozi bazo ngo bajye muri izo nama kujya babizirikana.

Kubyerekeye imishinga yinjiza amafranga muri Komini, Prezida w'inama yasabye service ishinzwe gutegura no guteganya imishinga yo muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kuzareba yitonze icyo kibazo kuko akenshi imishinga yinjiza amafranga kubakora ku giti cyabo itayinjiza iyo ikozwe na Leta, mbese nk'amakamyo, kubumba amatafari, n'ibindi; ibyo bikaba bitumvikana.

.../...

Ku kibazo cy'abakozi muri Suprefegitura, Prezida w'inama yasobanuye ko mu by'ukuri batangwa na Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Ihugurwa ry'Abakozi, abo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ihawe rero ikaba igerageza kubasaranganya hirya no hino. Kandi na Prefe afite uburenganzira bwo gusaranganya abakozi be muri Prefegitura na za Suprefegitura ziri mu karere ashinzwe. Yasobanuye kandi ko rimwe na rimwe n'ibibazo biterwa n'uko abakozi bakunda gusezera abandi bakajya kwiga.

Yagarutse ku kibazo cy'imishinga avuga ko ari ngombwa rwose guteganya uko umushinga uzagenda abagiraneza bawutangiye amafranga bamaze gukuramo akabo karenge, kandi nyine abahawe uwo mushinga bakaba aribo bagomba gukomeza kuwufata neza muri icyo gihe abagiraneza barangije ibyabo. Bitagenze bityo, ntawavuga ko yize umushinga. Ikindi kandi igihe amafranga agomba gushorwa mu mushinga uyu n'uyu kugira ngo urangire kandi uzakomeze ugende neza na nyuma atari yaboneka, umushinga ukaba utagombye gutangizwa.

Prezida w'inama ageze ku kibazo cya za Kamyo zahawe Komini, yavuze ko ari insobe kuko ibyazo bisa nk'aho byayoboranye. Yasobanuye ko hamwe usanga zarakijije abantu bamwe ku giti cyabo, ahandi ugasanga zarashoye Komini mu myenda zitazavamo, ahandi naho ugasanga zarakoreye Komini imirimo myinshi nko mu bwubatsi ariko batazi agaciro k'iyo mirimo. Ibyo byose rero ngo bikaba byaratewe n'uko ba Suprefe na ba Prefe batakurikiye hafi imicungire y'izo modoka kandi babifitiye uburenganzira ndetse babisabwa. Yanatanze urugero rw'uko usanga ibiro bya Komini hamwe byaratwaye miriyoni 14 ahandi 7 kandi zikurikije igishushanyo mbonera ndetse nta n'izindi ngorane zahabaye, ibyo nanone bikaba byerekana ko ba Suprefe na ba Prefe hari ubwo batayobora neza ba Burgumestri babo ( encadrement).

Kubyerekeye isaranganywa ry'imfashanyo mu makomini, Prezida w'inama yavuze ko zaba iza F.E.D., n'izindi zose zinyura muri Ministeri, zisaranganywa uko bikwiye, ahubwo bikaba bidashoboka kuzituruka mu bagiraneza ba Burgumestri bishakiye, ibyo ariko bikaba bitagombye gutera ipfunwe.

Ku kindi kibazo cyari cyabajijwe cyerekeye za Radio zo gutumanaho ziri mu masuprefegitura amwe n'amwe, Prezida w'inama yasobanuye ko ari iza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini zikaba ariyo zigomba gukorera gusa kuko ariyo yonyine yateganyije amafranga yo kuzikoresha kandi ikaba idafite bije y'igitangaza kuburyo yatangira no gukorera akazi izindi nzego z'imirimo.

.../...

Ku kibazo cyo kumenya niba ba Suprefe ba-shobora kwitekerereza umushinga bakawusabira imfashanyo, Prezida w'inama yasubije ko badashobora gusa, ahubwo basabwa buri gihe cyose bishobotse gufata za "initiatives" zigamije amajyambere muri za Komini bashinzwe kuko muby'ukuri bashinzwe gushyira mu bikorwa Politiki ya Leta mu karere bashinzwe.

Ubwo Prezida w'inama yakomeje abwira ba Suprefe ko kubyerekeye amafranga yanyerejwe muri za Komini, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ifatanyije na Ministeri y'Ubucamanza ziyemeje gutera inkunga za Komini ziziburanira igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo zigaruze amafranga yazo. Ubwo ijambo ryahawe Mi-lita NIYIBIZI Tito asubiza Suprefe wa Suprefegitura KARABA, wari wabajije ibyerekeye "Etude de Développement Global de la Commune", umuntu yakwita Umugambi w'Amajyambere Rusange ya Komini. Yavuze ko uwo mugambi ufitwe na za Komini zimwe na zimwe wagombye no gutegurwa muri za Komini zose kuko utuma amajyambere agerwaho binyuze kuri gahunda nziza, bityo rero Ko-mini iramutse ibonye abagiraneza bayifasha kwiga umugambi nk'uwo ikaba itari ikwiye kwirangaraho kuko ari ikintu cya ngombwa cyane.

.../...

Ku itariki ya 19 Ugushyingo 1986, inama yakomereje imirimo yayo ku kiganiro cyerekeye "ITEGURWA N'IKORWA RY'UMUGANDA" cyatanzwe na Milita KOLONI Placide, Suprefe wa Suprefegitura ya KIYUMBA.

Milita KARANGWA yunganiye Suprefe KOLONI ku ngingo zimwe na zimwe z'icyo kiganiro cyerekeye Umuganda. Kubyerekeye ijambo UMUGANDA bita mu gifransa Travaux Communautaires de Développement, Umuyobozi ushinzwe Umuganda muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yasobanuye ko Umuganda uri ukubiri :

- Hari Umuganda uha mugenzi wawe, uwo na kera wahozeho ndetse na nubu uracyakorwa.

- Hari uwo Umunyarwanda wese aha Igihugu cyamubyaye , uwo rero niwo twita Travaux Communautaires de Développement.

Kubyerekeye utunama dushinzwe kuyobora Umuganda, Milita KARANGWA yavuze ko mu nzego zose z'ubutegetsi turiho aritwo bita Komisiyo y'Igihugu mu rwego rw'Igihugu, Komisiyo ya Prefegitura mu rwego rwa Prefegitura na Komisiyo ya Komini mu rwego rwa Komini. Yongeyeho ko inyinshi mur'izo nzego zidakora neza, akaba ndetse ariyo mpamvu usanga ubu Umuganda udakorwa uko bikwiye. Yasabye ba Suprefe ko buri mwaka hajya hakorwa igena-migambi y'Umuganda nk'uko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yabisabye guhera 1986. Ibyo bizatuma bishoboka gukurikirana neza ibikorwa by'Umuganda, bityo ingorane duhura nazo zikajya zikemurwa buhoro buhoro.

Kubyerekeye abadakora Umuganda nk'abashoferi ba taxi n'abihaye Imana ndetse n'abacuruzi bamwe, Milita KARANGWA yavuze ko nta mategeko ariho ubu yerekeye ibihano byateganyirizwa abo bantu. Umuganda ntabwo ari agahato, ariko buri munyarwanda yasabwe kuwukora. Icyo kibazo cyizasuzumwa na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Umuganda.

Mukugenzura Umuganda no gukurikirana ibikorwa byawo, yavuze ko Komisiyo zibishinzwe zigerageza gutunganya uwo murimo uretse Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Umuganda kubera ko abayishinzwe badakunda kubona umwanya wo guterana kubera imirimo myinshi bafite.

Yakomeje abwira abari aho ko raporo z'Umuganda zitangwa, zikunze gutanga imibare itariyo kubera ko abategetsi babishinzwe bazikora bagirango bikize cyangwa impuguke mu mirimo zikaba zitarabuguriwe iryo barura. Yarangije yifuza ko abo bakozi (techniciens) bahugurwa kenshi kandi n'izo raporo zigatangirwa igihe.

.../...

Nyuma y'iryo jambo ry'Umuyobozi ushinzwe Umuganda muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ba Suprefe bahawe urubuga rwo gutanga ibibazo n'ibyifuzo kuri icyo kiganiro.

Kubyerekeye igereranya ry'agaciro (tarif) k'k'ibikorwa by'Umuganda, umwe mu bari mu nama yatangaje ko imibare baheraho babiha agaciro atari yo, ko ikwiye kwigwa neza.

Kuri icyo kibazo bamubwiye ko iyo mibare yashyizweho nyuma y'iperereza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yakoze muri za Komini zimwe na zimwe zo mu turere tunyuranye. Ko rero nta mpamvu byagombye kubatera impungenge kubera ko iyo mibare ari imwe kuri za Komini zose, bikaba byorohereza Ministeri gukora igereranywa ry'ibikorwa by'Umuganda hagati ya za Komini. Yasabye rero abari mu nama gukomeza kwubahiriza iyo mibare kugeza igihe izahindurirwa.

Naho kubyerekeye amategeko agenga Umuganda bamwe bifuza, hasubijwe ko umuntu udakora Umuganda aba yigize ikigomeke muri Komini, ko aba asuzuguye amabwiriza atangwa, ko rero agomba kubihanirwa bamucyaha mu ruhame, yananirana agahanwa nk'ikigomeke.

Ba Suprefe bavuze ko kubyerekeye igena-migambi muri Komini, Suprefegitura na Prefegitura bikorwa kuko buri mwaka Umuganda uteganywa. Kandi na buri mwaka Umukuru w'Igihugu awuha intego, hakiyongeraho n'utundi dushinga tworoheje nko gukora amateme, ibibuga by'umupira n'utundi duhora dukorwa muri za Komini.

Milita KARANGWA yasobanuye ko kubyerekeye Umuganda w'abakozi ba Leta ba Suprefe bavuze ko udakorwa neza, icy'ingenzi atari ukwibanda cyane ku mafranga atangwa kugira ngo abo bakozi boroherezwe kuwukora ahubwo kwitabira koko ibikorwa by'amaboko. Akomeza avuga ko iyo urebye usanga urwo rugero rufite agaciro kanini kurusha ayo mafranga atangwa.

Prezida w'inama nawe yasobanuriye abari aho ko umuganda washyiriweho impamvu ya Politiki, iy'Umuco n'iy'Ubukungu. Avuga ko tutagomba kwita kuri imwe muri zo mpamvu eshatu ahubwo ko dukwiye kuzirebera hamwe mbere yo kugira icyo tuvuga ku Muganda. Muri Ministeri iyo Umuganda utitaweho n'Abategetsi ba Ministeri, birumvikana ko udakorwa neza.

Hakurikiyeho icyifuzo cy'uko iminsi y'Umuganda igomba kunyuranya n'iminsi y'ibibazo kubera ko usanga aba Milita bamwe bitwaza ko bagiye mu bibazo bagasiba Umuganda. Icyo cyifuzo cyarashyigikiwe.

.../....

byar·
m· Ku kibazo cyerekeye kurwanya isuri kugeza muri 1988, ba Suprefe bavuze ko impuguke mu buhinzi zijya zivuguruzanya ku buryo bukoreshwa mu kurwanya isuri.
Naho kubyerekeye ingingo zigomba kwitabwaho mu gutanga ibihembo, ba Suprefe basabye ko ibihembo byazatangwa hakurikijwe imbaraga zatanzwe n'abaturage, imiterere y'akarere n'ubuso bwa Komini.

Umuyobozi w'Inama yasubije ko dukwiye gukomeza gukora nkuko byari bisanzwe mbere y'uko izo mpuguke zibyumvikanaho. Ku kibazo cya kabiri, ingingo batanze zarashyigikiwe ndetse Umuyobozi w'inama yavuze ko ari Komisiyo ya Prefegitura izatanga amanota kandi ikazajya ibanza kureba n'umubare w'abaturage ba Komini.

Habajijwe kandi ikibazo cyerekeye impanuka umuntu yagirira mu muganda. Bati ese na n'ubu icyo kibazo ntikirabonerwa umuti ?

Hashubijwe ko Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Umuganda yasabye ko hashyirwaho ikigega kigomba kugoboka abantu bagiriye impanuka mu muganda. Ubu Prezidansi ya M.R.N.D. iriga uburyo yabona ayo mafranga n'ukuntu azajya atangwa. Naho ku bakozi bafite ubwiteganyirize muri C.S.R., iyo sanduku izajya ibagoboka.

Kubyerekeye ikarita y'Umuganda, ba Suprefe basabye ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yashyiraho amakarita amwe y'Umuganda mu Gihugu hose; kuko usanga muri Komini bikoreshereza izo bashaka kandi bakiyandikiraho ibyo bashatse ndetse bakanayagurisha ku biciro bitandukanye.

Icyo kifuzo cyaremewe kandi Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini izagitunganya nk'uko isanzwe ishakira za Komini ibindi bikoresho. Noneho zizatangwe muri Komini zose, zigure kimwe kandi zandikweho kimwe, bityo ako kajagari kaveho.

Ba Suprefe bifuje ko bahabwa uburenganzira bwo guha ishimwe abakozi ba Suprefegitura batagengwa na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kugira ngo imirimo y'Umuganda irusheho kugenda neza, kuko usanga nta jambo babafiteho cyane cyane mu byerekeye Umuganda.

Umuyobozi w'Inama yavuze ko icyo kifuzo cyakwandikwa, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ikazagishyikira inzego zibishinzwe.

.../...

Abari mu nama babajije nanone ibyerekeye imyenda za Komini zirimo. Muri 1983 Leta yari yazigobotse izishyurira imyenda ariko ubu byarongeye uretse ko atari cyane kubera ko amabwiriza yo kugabanya abakozi yasohotse. Barasaba ko Leta yakwongera igasuzuma icyo kibazo.

Umuyobozi w'inama yasubije ko Leta itibagirwa na rimwe ko Komini zikennye kandi ko buri gihe izifasha iyo bishobotse. Ariko rero yababwiye ko iyo myenda yose igomba kumenyekana noneho ikajya iteganywa buri mwaka mu ngengo y'imari ya Komini. Za Komini zijye zishyura buhoro buhoro ariko byarateganyijwe mu ngengo y'imari. Yongeyeho ko Komini zimwe na zimwe zitishyura ikigega gitsura amajyambere ya Komini ( F.D.C.) kandi ayo mafranga yarateganyijwe. Izo Komini rero ntizigomba kukitabaza kuko ziba zarirengagije uruhare runini icyo kigega kizifitiye.

Ba Suprefe batanze ikibazo cy'amabaruwa yoherezwa atanyuze mu nzego yagombaga kunyuzwamo cyangwa ibibazo birenga inzego zibishinzwe bikajyanwa mu nzego zo hejuru.

Prezida w'inama yabasabye kujya basobanurira ba Burgumestri ko bakwiye kwumvisha abaturage uko bagomba kwandika amabaruwa yohererezwa abategetsi. Kubera ko turi muri demokrasi, uzumva ashaka kwitabaza urwego rwo hejuru ari ibaruwa cyangwa ikibazo, azabikore. Ahanini izo nzego zo hejuru zizayobora icyo kibazo mu nzego cyagombaga gutangiriramo. Ibyo aribyo byose, ba Suprefe basabwe kuzajya babyifatamo neza, nta gukururana ngo Burgumestri cyangwa Konseye banze kubanyuzaho amabaruwa cyangwa ibibazo byabo; ahubwo icya ngombwa ni kubasobanurira uko bigomba gukorwa, ari ibibazo cyangwa amabaruwa.

Hakurikiyeho ikibazo cyerekeye ibishushanyo-mbonera by'imidugudu ya Komini n'iya Suprefegitura. Ba Suprefe bavuze ko na n'ubu bitarakorwa kandi no mu nama yabo yo mu Gushyingo 1984 barabisabye.

Umuyobozi w'inama yasubije ko icyo kibazo kizasuzumwa kandi kigatungana.

.../...

Habajijwe ikibazo cyerekeye za raporo zisabwa buri gihe mu butegetsi. Ba Suprefe babajije niba hari amabwiriza yerekeye kwohereza za raporo kuko ayo bafite yerekeye raporo y'igihembwe gusa. Bati nka raporo idasanzwe cyangwa raporo y'ukwezi twazikora dute ?

Prezida w'inama yasubije ko gukora ayo mabwiriza yerekeye za raporo z'ukwezi na raporo zidasanzwe, biruhije. Gusa Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini izabagezaho vuba amabwiriza yerekeye uko inzandiko zoherezwa. Akaba ariyo umuntu yajya yifashisha mu gutanga izo raporo.

Kubyerekeye ibikoresho, ba Suprefe basabye ko umukanda utafatwa kimwe n'ubutindi kuko usanga za Suprefegitura zifite ubutindi budasanzwe mu kubona ibikoresho byo mu biro.

Umuyobozi w'inama yabasabye kuzajya bakora imibare y'ingengo y'amafranga ahabwa Ministeri kubikoresho. Bo ubwabo bazasanga ko kuba Ministeri yarashoboye kubona ibikoresho ari uko ba Prefe basabye ko byagurirwa hamwe byose bigasaranganywa aho kugira ngo Prefegitura ihabwe udufranga ngo yirwaneho. Umukanda rero si ubutindi ariko rero tugomba kudakabya natwe tuvuga ko Suprefe asigaye asabiriza ibikoresho byo mu biro. Icyo kibazo kizabonerwa umuti igihe Prefegitura izagenerwa ingengo y'imari yayo.

Inama yakomereje imirimo yayo ku kiganiro cyerekeye " KUJIJURA NO GUHUGURA ABATURAGE" cyatanzwe na BIKUMBI Rafayire, Suprefe wa Suprefegitura NGORORERO.

Icyo kiganiro cyirangiye, Umuyobozi w'inama yasabye impuguke zo muri Ministeri kugira icyo zongera kubyo yari amaze kuvuga.

Afashe ijambo, Milita KARENZI Daniel, mbere yo kugeza kubari mu nama ingingo z'ingenzi z'ingendo Ubuyobozi bukuru bushinzwe guhugura abaturage bumaze iminsi bukora mu maprefegitura y'u Rwanda, yabanje kwibutsa ko imigambi ya Ministeri mu byerekeye ihugurwa ry'abaturage ari :

- Gukwiza I.G.A. mu makomini yose y'u Rwanda,
- Gufatanya n'izindi Ministeri n'abandi bareba ibibazo byo guhugura abaturage,
- Guhamya gahunda ya I.G.A.

Yakomeje avuga ko ingendo zagiriwe mu napre fegitura zari zigamije kungurana ibitekerezo n'abarebwa n'ikibazo cyo guhugura abaturage muri urwo rwego, no kureba ko ibyemezo byafashwe mu nama yabereye ku KABUSUNZU muri MATA 1986 byashyirwa mu bikorwa.

Nyuma, Milita KARENZI Daniel yavuze mu magambo make ingingo z'izo ngendo.Kugeza ubu rero muri Prefegitura zose bifuza ibi bikurikira muri rusange :

- "Intégration" igomba gukorwa hose.
- Inzego za I.G.A. zitoganyijwe zigomba gushyirwaho hose kandi zigakora kugira ngo zishyigikire I.G.A.
  Abazigize barazwi kandi bagomba kubyitabira. Utunama twinshi twerekeranye n'ihugurwa ry'abaturage tugenda tuvuka muri Komini (Komite z'amazi, ubuzima n'ibindi ....) tugomba kwibumbira mu kanama k'ubuyobozi ka I.G.A. kugira ngo ho gukomeza kuba akajagari kananiza abaturage n'abahugura. Abayobozi ba Prefegitura na Komini nibo ubwabo bagomba kwiyoborera izo nzego kugira ngo zirusheho gukora neza. " Comité National de Coordination pour les C.C.D.F.P. " nayo ikwiye gushyirwaho.
- Programu zo guhugura abaturage zigomba kunononsorwa muri izo nzego za I.G.A. zose kugeza muri Komini kugira ngo zihuze n'ibibazo biboneka muri buri karere. Kugirango izo programu zitangwe neza muri Komini bagomba ibitabo bifasha abazazitanga. Buri Ministeri cyangwa urundi rwego rufite uruhare muri uwo murimi, bagomba kohereza udutabo muri I.G.A. kuko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini itabishobora yonyine.
- Ubufatanye bw'abahugura bose ni ngombwa kugira ngo imirimo yo guhugura abaturage irusheho kugenda neza. Bagomba gufatanya bahurira muri turiya tunama : Comité National de coordination, Commission Technique Préfectoral pour les C.C.D.F.P., Comité de Gestion na Conseil Pédagogique. Nta mukozi n'umwe wo muri Prefegitura cyangwa Komini ugomba kuvuga ko nta gihe afite kuko ibyo akora byose abikorera abaturage.
- Imishinga nayo ikorera mu cyaro igomba gufatanya n'abandi ndetse igateganya amafranga yerekeranye n'ihugurwa ry'abaturage maze Prefe, Superefe na Burgumestri bakabimenya.
- Abahugurwa :
  - Abakangurambaga (Chef d'Equipe) batowe n'abagenzi babo.
  - Abagize amashyirahamwe bihariye (groupes Spécifiques divers).

.../...

- Abandi babyishakiye (Abategarugoli, Abari, Abasore, n'abagabo) cyane cyane mu myuga.
- Abakonseye, Abaselire.
- Abakozi ba I.G.A. nabo bagomba guhugurwa.

Abo bose iyo babonye umwanya ku ngengabihe nibwo I.G.A. usanga ari ishuri ry'abaturage, ibigo byubatswe ntibibe iby'umurimbo gusa cyangwa ngo usange bivugwa gusa.

- Abigisha :
  - Hagomba Responsable ujijutse koko kandi ubishishikariye.
  * I.G.A. ya Prefegitura : A1
  * I.G.A. ya Komini : A2.
  - Abakozi ba Komini (Technicienc Communaux) nibo bahugura naho ba Sukontaro bakabunganira iyo ari ngombwa.
  - Ntabwo Responsable wa I.G.A. ashobora gutanga byose; we ni " Coordinateur, Catalyseur, Conseiller" cyane cyane, uretse ko agira inyigisho atanga.
- Aho bahugurira :
  - I.G.A. yo kuri Komini ihugura abaturage begereye Komini (amasegiteri)
  - Amashami ya I.G.A. agahugura abo mu yandi masegiteri. Ntabwo ari byiza kurushya abaturage.
- Uburyo bwo guhugura :

Kugeza ubu abaturage bahugurirwa :

- mu makipe
- mu mashyirahamwe
- mu buryo bwa ba "paysans de contacts" cyangwa "progressistes".

hari nabandi biga nk'imyuga bishakiye cyangwa ibindi.

Ni ngomba ko habaho uburyo bumwe bwo guhugura abaturage kuko usanga ari ukubananiza. Paysan de contact cyangwa se progressiste bashobora kuba abakuru b'amakipe niba koko ari intangarugero. Abari mu mashyirahamwe nabo bagomba kugira umwanya muri I.G.A. ariko ntabwo I.G.A. yashingira kumashyirahamwe ngo ibe igikurikiranye intego zayo.

- Uruhare rw'abategetsi :

Aba Konseye n'abaselire nibo bagomba guhugurwa bwa mbere. Umwete wabo n'uwa ba Burgumestri niwo ushobora gutuma abaturage bitabira kujijuka. Bitabaye ibyo kwaba kuvomera mu rutete.

.../...

- Ibikoresho :

" Ak'imuhana kaza imvura ihise". Komini zigomba kugira icyo ziteganya ku ngengo y'imari ibireba ihugurwa ry'abaturage byose noneho Ministeri yagira icyo ibona ikaziha ari ukuzunganira. Hamwe birakorwa kandi ugasanga bigenda neza. Muri make umurimo wo guhugura abaturage ugomba kwitabwaho na buri wese: abategetsi b'inzego zose, abakozi cyane cyane abo muri za Prefegitura na Komini. Abaturage nabo bagomba kubyumvishwa bakabikangukira bihagije. Guhugura abaturage kandi ni ibya buri gihe, ntabwo bigira igihe birangira. " on ne finit pas d'apprendre et la formation est permanente".

Mbere yo guha ijambo Milita LIBAKARE Elie, Umuyobozi w'inama yagize icyo yongera kubimaze kuvugwa, avuga ko :

- programu y'ihugurwa ry'abaturage ireba abaturage bose, b'ibitsina byose, n'abimyaka yose.
- ihugurwa ntirireba abatazi gusoma no kwandika gusa
- programu y'ihugurwa igomba kuba rusange ariko igakurikiza imiterere y'akarere
- abashinzwe guhugura bakwiye kubahiriza inzego za I.G.A.
- ihugurwa rireba inzego zose z'amajyambere kandi rishingiye ku gutanga urugero (démonstrations et exemples). Amagambo agomba kuba make ibikorwa bikaba byinshi.

Umuyobozi w'inama yakomeje avuga ko ihugurwa ry'abaturage naryo riri mubyo Politiki y'u Rwanda yiyemeje, abahagarariye inzego z'ubutegetsi muri Prefegitura, Komini, Segiteri na Selire nibo bayobozi b'ibikorwa bya I.G.A. Yamenyesheje abari mu nama ko ubu bateganya kuzashyira mu buyobozi bukuru bw'Ihugurwa ry'abaturage ibiro bishinzwe ibarura (statistique) ry'abitabira I.G.A.; ibyo bikazadufasha kurushaho guteza imbere urwo rwego. Mu gihe tugezemo, demokrasi yashinze imizi, niyo mpamvu tugomba kungurana ibitekerezo n'abaturage, tukamenya ibyo batekereza. Ibyo bizashoboka duhura kenshi nabo. I.G.A. rero niyo igomba kuba ihuriro. Inama zikunda kubera hirya no hino muri Komini zigomba kuvaho zikajya zibera muri I.G.A., kuko usanga akenshi bitesha igihe abaturage. Ibyo bisaba rero ko gahunda y'ihugurwa yakwigwa neza kugira ngo igihe cyo guhugura kibe kizwi n'abaturage kandi ntusange kigongana n'iminsi y'amasoko, umuganda n'ibindi.....(Coordination).

Milita LIBAKARE nawe yahawe ijambo avuga mu magambo make ibikwiye gukorwa kugira ngo imirimo yo kwigisha gusoma no kwandika irusheho gukorwa neza.

.../...

Icyakorwa kugira ngo ubujijuke bw'abaturarwanda butere imbere.

Tuzi ko mu gihugu cyacu hari ahantu henshi muri iki gihe hatangirwa inyigisho zo gufasha abatagize amahirwe yo kwiga bakiri bato. Ariko kugira ngo inyigisho zitangwa zishishikaze abo zihabwa, zigomba gushingira ku bibazo nyakuri bibabangamira mu buzima bwabo bwa buri munsi no mu karere bakoreramo. Ibigo byigisha gusoma no kwandika biriyongera hirya no hino mu gihugu. Abifuza kujijuka nabo baboneka mu bantu b'ingeri zose : abangavu, ingaragu, abasore, n'inkumi, abagabo n'abagore. Ariko urwanya icyorezo cyose ku buryo buboneye ahera hasi, maze akakirandurana n'imizi yacyo.

Ntabwo dushobora gutsinda ubujiji mu baturarwanda mu gihe ababyeyi bose batarumva akamaro ko gushyira abana mu mashuri abanza; cyangwa abagize amahirwe yo gutangira, bakabahubuzamo batarenze umutaru, ku mpamvu zidafashije.

Igikorwa cyo kwigisha abaturage gusoma no kwandika ntigishobora gushinga imizi, niba buri Komini itakigize umwihariko.

- Komini igomba kumenya ibikorwa byose mur'urwo rwego (abagiraneza, amadini, imishinga itsura amajyambere mu cyaro) kandi ikabatangira raporo;
- abigisha gusoma no kwandika bagomba guhera hafi yabo, muri selire batuyemo;
- buri kigo cyagombye kugira abigisha 2 kugira ngo umwe asimbure undi igihe yagize impamvu;
- inyigisho zigomba gutangwa nyuma ya saa sita, igihe abigishwa bakitse imirimo yo mu rugo, kandi zigatangwa mu gihe cy'amasaha abiri nibura inshuro ebyiri mu cyumweru ( 2 X 2 heures).
- Programu yo kwigisha gusoma no kwandika igomba gufata hagati y'amezi 12 na 18. Iyo icyo gihe kirenze abigishwa bararambirwa, bakabona ko ntacyo biga, bakavamo urusorongo.
- Mu karere kamwe, programu yo kwigisha gusoma no kwandika yagombye gutangirira igihe kimwe, kugira ngo imigendekere yayo ishobore gukurikiranwa kuburyo bumwe, kandi ibyagezweho bisuzumwe nta ngorane :
  - gusuzuma intera y'ubumenyi bw'abigishwa mbere yo gutangira buri gihe na nyuma ya programu.
- Komini igomba gushyiraho umukozi ukurikiranira hafi umurimo wo kwigisha abaturage gusoma no kwandika muri Komini yose.
- Abigisha bagomba guhugurwa buri gihe kugira ngo imyigishirize yabo irusheho gushishikaza abigishwa, bityo boye kudohoka.
- Kubera ko abigisha babikora ku buryo bwo kwitangira amajyambere, bagomba guhabwa ibikoresho by'ibanze bakenera mu kwigisha.

.../....

- Inzego zose z'ubutegetsi na Politiki ziri mu gihugu zigomba gutera inkunga igaragara igikorwa cyo kwigisha abaturage gusoma no kwandika.
- Buri Komini, ibifashijwemo n'abagiraneza hamwe n'imishinga itsura amajyambere mu cyaro yaba ihari, igomba guteganya amafranga ahagije ku ngengo y'imari ya buri mwaka, yo gushyigikira igikorwa cyo kurwanya ubujiji.
- Ibigo bya I.G.A. n'amashuri yabyo bigomba kubera abandi bose intangarugero mu byo kwigisha gusoma no kwandika, ndetse hakabaye ari naho abigisha mu maselire na segiteri bahugurirwa ubutitsa.

Ntibihagije kumenya gusoma no kwandika, ubwo bumenyi bushya bugomba gukoreshwa, kugira ngo bugirire ba nyirabwo akamaro. Kwitoza gusoma buri gihe, nibyo bizana akamenyero, bigatuma umuntu ahora afite inyota yo kunguka ubundi bumenyi. Nta byago nko kumenya gusoma ntusome, wamenya kwandika ntubone intandaro yo kubikora. Iyaba abazi gusoma no kwandika bashoboraga buri gihe kugira aho basanga ibinyamakuru n'udutabo twanditse mu kinyarwanda, kandi tutarimo ibitekerezo bihanitse cyane (indindagiza abaswa) ku buryo rubanda nyamwinshi bashishikazwa no kubisoma, kuko harimo ibisubizo by'ibibazo bibabangamiye mu buzima bwabo, kandi bijyana n'ibikorwa byabo bya buri munsi.

Izo nyandiko zose zigomba kuba zikubiyemo inama, amabwiriza n'inyigisho z'ingenzi zerekeye :
- ubuhinzi, ubworozi, imyuga n'ubundi buryo bwose bwo kongera umusaruro,
- ubuzima bwiza, isuku, kwamagira indwara z'ibyorezo zikunda gutsema imbaga,
- ibibazo byihariye byerekeye imibereho y'abategarugoli, uburere bw'abana, n'ibindi .....
- kubyara abo dushoboye kurera,
- umuco n'uburere mboneragihugu, imiryango y'ubufatanye, n'ibindi .....

Utwo dutabo tuzabonekа ari uko inzego zose zirebwa n'amajyambere y'icyaro zakwandika kandi zikegereza selire, segiteri na Komini ku giciro gito inyigisho z'ingenzi, buri rwego rwifuza gucengeza mu baturage.

<u>UMWANZURO</u> : Nkuko byagaragaye kuva kera, ntacyo umurimo wo kwigisha abaturage gusoma no kwandika uzageraho gishimishije, igihe buri Burgumestri atarumva ko ari ngombwa kubigira igikorwa cy'umwihariko cya Komini. Kubera iyo mpamvu, abategetsi ba Komini bagomba kumenya no guhuriza hamwe ingufu zose zikorera muri Komini, ziganije cyangwa zishobora gutera inkunga igikorwa cy'ubujijuke bw'abaturage muri rusange. Amabwiriza n'inyigisho z'abo bose zigomba guhurizwa muri I.G.A. n'amashami yayo.

.../...

Usibye udukoresho tumwe na tumwe, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ihabwa n'abagiraneza cyangwa imiryango mpuzamahanga ( UNESCO na UNICEF), nta handi ishobora kuvana ibyo itanga mu makomini. Umurimo wayo w'ibanze ni uguhora inanosora ibitabo mfashanyigisho no kwamamaza ku buryo bwose (amahugurwa y'abigisha mu nzego zose : selire, segiteri, Komini) imyigishirize yo gusoma no kwandika ijijura ibitekerezo n'imigirire by'abigishwa.

Hakurikiyeho ibibazo n'ibyifuzo by'abari mu nama. Umwe mu ba Suprefe yifuje ko hashyirwaho amabwiriza nyayo amenyesha abategetsi ko ari bo ba mbere bashinzwe ihugura ry'abaturage kugira ngo I.G.A. irusheho gutera imbere.

Kuri icyo cyifuzo, Prezida w'inama yavuze ko abashinzwe ihugura ry'abaturage ari abahagarariye inzego zose z'ubutegetsi bwa Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Ba Milita Suprefe bagaragaje impungenge bafite ku kibazo cy'urubyiruko rutazi gusoma no kwandika. Bati usanga duteza imbere bimwe,tugasubiza amaso inyuma ibyagombaga kuduteza imbere aribyo gusoma no kwandika.Usanga urubyiruko, rwo Rwanda rw'ejo,rutazi gusoma no kwandika,rwirirwa rubunga mu masoko urundi ruta ishuri rukajya gukorera amafranga. Bifuje ko hashyirwaho itegeko rihamye ryatuma ibyo bicogora; abakoresha urwo rubyiruko bakajya baruhugura.

Kuri iyo ngingo yerekeye urubyiruko rutazi gusoma no kwandika, Prezida w'inama yavuze ko kugira ngo icyo kibazo kibonerwe umuti kigomba kubanza kwigwa, kikanonosorwa. Ariko ubu tugomba guhera kw'isôko y'ikibazo, ariyo urubyiruko rutazi gusoma no kwandika. Abategetsi bagomba gushyira igitsure ku babyeyi birengagiza kohereza abana babo mu mashuri. Naho kubyerekeye abakoresha abana bakiri bato, amategeko agenga imirimo abateganyiriza ibihano. Ariko nanone tugomba kumvisha ababyeyi ko aribo ba mbere bagomba kwita ku bana babo.

Umwe mu bari mu nama yavuze ko mu gishushanyo mbonera cya I.G.A. hadateganyijwemo icyumba kinini bihagije ( Salle polyvalente) cyakwakira abantu benshi. Yifuje ko cyateganywa.

.../...

Kuri iyo ngingo, Umuyobozi w'inama yavuze ko bene icyo cyumba giteganyijwe. Ntikigomba kuba kinini cyane kuko kigomba kwakira abantu baringaniye kuburyo bashobora kumvikana bitabagoye mu gihe bungurana ibitekerezo. Abahugura bagomba gukora uko bashoboye bakakira abantu baringaniye.

Ba Milita Suprefe bifuje ko hashyirwaho umugambi wo kurwanya ubujiji mu rwego rw'Igihugu cyose nkuko hashyizweho umugambi wo kurwanya isuri.

Milita LIBAKARE Elie, mw'ijambo yavuze, yifuje ko abiga gusoma, kwandika no kubara basuzumwa buri gihe (évaluation progressive). Umwe mu bari mu nama yifuje kuri iyo ngingo ko hakwandikwa agatabo kerekana uko iryo suzuma ryajya rikorwa kuko usanga abigisha ndetse na bamwe mu bayobozi ba I.G.A. batarihugukiweno.

Undi Suprefe yabajije ukuntu ihuzwa ry'uburyo bwo guhugura abaturage mu gihugu cyose rizakorwa ( harmonisation des méthodes). Yashubijwe ko iryo huzwa ryatangiye gukorwa urebye ihugurwa ryabereye ku KABUSUNZU muri Mata 1986 n'ingendo ubuyobozi bukuru bw'Ihugurwa ry'abaturage bumaze iminsi bukora mu ma Prefegitura yose y'u Rwanda. Ubundi iryo hugurwa riteye ikibazo muri GISENYI aho UNMFREO ikoresha uburyo bwihariye. Ubu Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini n'uwo muryango bigira hamwe uko bahuza ubwo buryo.

Nyuma ya saa sita, abari mu nama bateguye ibyemezo n'ibyifuzo by'ihugurwa.

Ku itariki ya 21 Ugushyingo 1986 saa tatu za mugitondo habaye umuhango wo gusoza ihugurwa, wayobowe na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Hari abanyacyubahiro bensh benshi barimo Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. Habanje ibyemezo n'ibyifuzo byasomwe na Suprefe wa Suprefegitura KABAYA, hakurikiraho ijambo rya ba Suprefe ba Suprefegitura ryavuzwe na Suprefe NTAHONTUYE Alexis. Uwo muhango washojwe n'ijambo rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

o=o=o=o=o=o

IBYEMEZO N'IBYIFUZO BY'INAMA YA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA YABEREYE I KIGALI MURI CENTRE NATIONAL DE PASTORALE SAINT PAUL KUVA TALIKI YA 17 UGUSHYINGO 1986 KUGEZA KU YA 21 UGUSHYINGO 1986.-

---

ABARI MU NAMA,

Bashingiye kuri Manifeste ya M.R.N.D., cyane cyane aho itegeka abayobozi n'abayoborwa kujya bahura kenshi kugira ngo bungurane ibitekerezo, bityo amajyambere y'Igihugu arusheho kwiyongera;

Bashingiye ku byemezo bya za Kongre za M.R.N.D. zasabye ko amahugurwa ya ba Militante na ba Militant cyane cyane abari mu nzego z'ubuyobozi yakomeza kwitabwaho;

Barashimira byimazeyo Nyakubahwa Militant Prezida wa Repablika, Prezida Fondateur wa M.R.N.D. Generali Major HABYARIMANA Yuvenali, ubwitange n'umurava ayoborana Igihugu cyacu mu mahoro n'ubumwe n'inkunga adahwema gutera amahugurwa nk'aya kugira ngo aba Militante n'aba Militant barusheho gukangukira amajyambere y'Igihugu.

Baboneyeho kandi gushimira Militant Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini uhora yihatira gushyira icyo cyifuzo cy'Umukuru w'Igihugu mu bikorwa. Ibyo bikaba bigaragazwa n'amahugurwa yabaye mu nzego nyinshi z'abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Mu rwego rwa ba Suprefe, iri hugurwa rikaba ribaye irya kabiri.

Iri hugurwa tumazemo icyumweru ryatumye twungurana ibitekerezo mu mirimo dushinzwe, bituma dufata icyemezo cyo kurushaho gukurikiranira hafi imikorere y'ubutegetsi bwa Komini kugira ngo :

1. Ibibazo by'abaturage birusheho kubona ibisubizo bibangutse n'imanza zaciwe burundu zirangizwe vuba.
2. Ibihungabanya umutekano w'abaturage birusheho kurwanywa, abaturage batozwe umuco mwiza wa kinyarwanda wo gutabarana no kurera neza urubyiruko.
3. Abakozi bashinzwe ibarura ry'abaturage bakangukire kwubahiriza amategeko arigenga.
4. Umutungo wa Komini umenyekane neza kandi urusheho gucungwa neza.
5. Imishinga ya Komini irusheho gutegurwa no gutunganywa neza.
6. Umuganda urusheho gutegurwa no gukorwa neza kugira ngo ugirire rubanda nyamwinshi akamaro.
7. Abaturage barusheho kujijuka, kohereza abana babo mu mashuri no guhugukira amajyambere.

.../...

Na none, kugira ngo imirimo irusheho kugenda neza, inama yatanze ibyifuzo bikurikira :

Kubyerekeye Ubutegetsi n'Ubucamanza.

- Kubera ubwinshi bw'utunama dushyirwaho mu ma Komini kandi turimo abantu bamwe, ibibazo bihuje byari bikwiye kugenerwa akanama kamwe, bityo utwo tunama tukagabanuka.

- Kubera ko imanza zigomba kurangizwa zikiri nyinshi kandi zikaba zikomeza kwiyongera, abakozi babishinzwe bakwiye guhabwa ibikoresho bibafasha kuzandika vuba kugira ngo zishyikirizwe abagomba kuzirangiza, abo nabo bagahabwa uburyo butuma bazirangiza vuba.

- Inama yishimiye ukuntu Leta yahagurukiye kurwanya ibihungabanya umutekano w'abaturage. Yifuje ko abategetsi b'inzego zose barushaho gukaza umurego wo guhashya ububandi n'ubuzererezi, bagakomeza gukangurira abaturage umuco mwiza wa kinyarwanda wo gutabarana no kwita ku burere bw'urubyiruko.

Kubyerekeye Ubukungu.

- Kugira ngo Komini ishobore kuba koko ishingiro ry'amajyambere, Leta ikwiye gukomeza kurushaho kuyitera inkunga.

- Ubucamanza bukwiye kurushaho gutera inkunga amakomini mu kugaruza umutungo wayo wanyerejwe.

- Mu rwego rwa Prefegitura na Suprefegitura, hakwiye gushyirwaho impuguke zibishoboye zajya zunganira amakomini mu gutegura no kurangiza imishinga y'amajyambere.

- Amafaranga akomoka ku musaruro w'ibikorwa by'umuganda akwiye kujya ashyigikira ibindi bikorwa bitsura amajyambere.

- Inama yongeye gusaba Leta ko yakwihutira gushyiraho ibishushanyombonera by'imidugudu ya Komini n'iya Suprefegitura n'amakarita yayo.

Kubyerekeye Imibereho y'Abaturage.

- Inama yifuje ko abategetsi n'abakozi b'inzego zose barushaho gufatanya guhagurukira programu yo kurwanya ubujiji cyane cyane mu rubyiruko.

IJAMBO RYA BA SUPREFE BA SUPREFEGITURA MU MUHANGO WO GUSOZA IHUGURWA RYO KUVA KUWA 17 KUGEZA KUWA 21 UGUSHYINGO 1986.-

- Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru wa MRND,
- Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, umwe mu bagize Komite Nyobozi ya MRND,
- Ba Nyakubahwa mugize Komite Nyobozi ya MRND,
- Ba Nyakubahwa Ministri,
- Banyacyubahiro muri hano,
- Ba sympathisantes, ba sympathisants,
- Ba militantes ba militants,

Muri uyu muhango w'isoza ry'imirimo y'ihugurwa rya ba Suprefe ba Suprefegitura ryatangiye kuwa 17 kugeza uyu munsi kuwa 21 Ugushyingo 1986, nshimishijwe no kubagezaho mw'izina rya bagenzi banjye ibyishimo twatewe n'iri hugurwa turangije rikurikira iryabereye ku KABUSUNZU kuva kuwa 12 kugeza kuwa 16 Ugushyingo 1984.

Turashimira byimazeyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba na Prezida-Fondateri wa MRND, Militant Général-Major HABYARIMANA Juvénal, washatse ko habaho amahugurwa y'abakozi kandi wifuje ko abayobozi n'abayoborwa bajya bahura kenshi kugirango bungurane ibitekerezo nk'uko tubisanga muri Manifeste na Stati za Muvoma yacu.

Iri hugurwa rya kabili rya ba Suprefe ba Suprefegitura ryagize umwihariko ku rya mbere kuko ibiganiro byatanzwe na bamwe muri bagenzi bacu. Ntitwashidikanya kandi ko amahugurwa nk'aya yatubereye isoko buri wese muri twe yavomyemo ingufu zo kurangiza neza akazi dushinzwe.

Muri iri hugurwa turangije, ntitwavuga ko ibibazo byose duhura nabyo twashoboye kubibonera umuti, gusa twasuzumiye hamwe uburyo bwo kubyoroshya, ibindi dutanga ibyifuzo; tukaba twizera ko inzego zibishinzwe zizatubonera inzira byanyuramo.

Kubera akamaro k'amahugurwa nk'aya, turasaba dukomeje ko Leta yayitaho bishobotse akajya aba kenshi ariko nanone hakurikijwe amikoro y'Igihugu cyacu.

Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, mw'ijambo mwavuze mukingura iyi nama kuwa 17 Ugushyingo 1986, mwongeye kutwibutsa uburyo bwo gutunganya imirimo dushinzwe, mwibanda cyane cyane kw'irangiza ry'imanza n'ibyerekeranye n'umutungo wa Komini; mu biganiro byatanzwe twagerageje guhuriza hamwe ibitekerezo by'uko twazabishyira mu bikorwa muri za Suprefegitura dushinzwe.

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru wa MRND,

Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini,

Ba Nyakubahwa mugize Komite Nyobozi ya MRND,

Ba Nyakubahwa Ministri,

Banyacyubahiro muri hano,

Ba militantes na ba militants,

Ntitwasoza iri jambo tutongeye kubashimira byimazeyo ukuntu mudahwema kuzirikana no gutera inkunga imirimo mwadushinze kugirango irusheho gutera imbere.

Turashimira cyane bagenzi bacu batugejejeho ibiganiro byiza kandi biteguranye ubwitonzi n'ubuhanga; tugashimira ariko ku buryo bw'umwihariko Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, uburyo yayoboye inama n'ibitekerezo byiza kandi byinshi yatwunguye.

Turashimira abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini badufashije muri iri hugurwa kimwe n'ubuyobozi bw'iki kigo cya Mutagatifu Pawulo bwadufashe neza kugeza uyu munsi, kimwe n'abandi bose bagize uruhare mw'itegura no mu mitunganyirize y'iri hugurwa.

Harakabaho Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba Perezida-Fondateri wa MRND, Militant HABYARIMANA Juvénal,

Ubumwe, Amahoro yo nkingi y'Amajyambere, nibisugire, bisagambe.

M U R A K O Z E .-

Kigali, kuwa 21 Ugushyingo 1986.-

IJAMBO RYA MINISTRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'AMAJYAMBERE YA KOMINI MU MUHANGO WO GUSOZA IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA ZA SUPREFEGITURA.
( 16 - 21 UGUSHYINGO 1986)

---

Ba Militante, ba Milita ba MRND,

Kuwa mbere tariki ya 17 Ugushyingo, nibwo twateraniye hano, mw'itangiza ry'ihugurwa rya kabiri, ryateganyirijwe ba Suprefe ba za Suprefegitura makumyabiri n'ebyiri (22). Ba Suprefe bafasha ba Prefe imirimo kuri Prefegitura, nabo bazahugurirwa ino i KIGALI muri Centre Christus y'i REMERA, kuva kw'itariki ya 24 kugeza ku ya 28 z'uku kwezi.

Ba Milita Suprefe, mumaze iminsi ine mwungurana ibitekerezo, murebera hamwe ibibazo muhura nabyo mu kazi kanyu. Mwagerageje kubishakira umuti, mufatanyije n'impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Sinshidikanya ko mwageze ku myanzuro myinshi, izabagirira akamaro mu kazi katoroshye mushinzwe.

Ubundi mu by'ukuri, bene aya mahugurwa yagenewe abayobozi b'inzego zose, aba agamije guhuriza hamwe ibitekerezo byacu, dusuzuma ibibazo biri mu gihugu, tugafatanya kubishakira umuti ubwacu. Ibyo nibyo Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali ahora adutoza, iyo atwibutsa buri gihe, ko igihugu kizazamurwa n'abana bacyo.

Ba Milita Suprefe, muzi neza ko Suprefegitura zashyiriweho guhuza Ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Prefegitura, cyane cyane mu turere tumwe na tumwe twakunze guhera mu bwigunge, kubera kuba kure y'umurwa mukuru wa Prefegitura. Mwebwe, ba Suprefe muhagarariye ba Prefe mu ma Komini agize Suprefegitura muyobora, nimwe mushinzwe amajyambere rusange y'utwo turere.

Ibiganiro byatanzwe na bagenzi banyu, byerekanye ko ibibazo byerekeranye n'imirimo mushinzwe mubizi neza. Ibyo byaranshimishije. Mboneyeho gushimira abateguye iri hugurwa, abatanze ibiganiro, namwe ubwanyu, ukuntu mwashishikajwe no kurikurikira.
Nk'uko nabibabwiye nditangiza, iri hugurwa ryari rigamije kubibutsa umurimo wanyu w'imena wo kuba intumwa z'amajyambere.

.../...

Mu biganiro mwahawe na bagenzi banyu, mu bitekerezo mwunguranye no mu nama mwagiriwe n'impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, mwafashe ibyemezo bishimishije, bigamije kugeza Komini kuri ya ntego yo kuba ishingiro nyaryo ry'amajyambere.

Ba Milita Suprefe, nta majyambere ashobora kugerwaho, abaturage badafite icyizere gihagije mu bategetsi babo. Nimutoze abategetsi ba Komini gukurikiza amategeko yose ariho, birinda gukandamiza umuturage. Nimubatoze kwakira neza no kumva ibibazo by'abaturage, cyane cyane ibyerekeye irangiza ry'imanza zaciwe burundu n'inkiko, mubamenyereze kubishakira umuti uko inzego z'ubutegetsi zisumbana. Nimufashe abategetsi ba Komini kubungabunga umutekano w'abaturage kuko ntacyo dushobora kugeraho nta mahoro, nta bumwe, nta butabera dukesha Repubulika ya Kabiri.

Nimutoze kandi mufatanye n'abategetsi ba Komini gucunga neza umutungo wa Komini, zigize Suprefegitura. Ibyo muzabigeraho, nimushobora :

- Kubarura neza aho Komini yakura amafranga hose;
- Gutegura ingengo nyakuri y'imari kandi igakurikizwa;
- Kugenzura buri gihe imyinjirire n'imikoreshereze y'imari ya Komini;
- Gushakira Komini imishinga yakongera umutungo wayo kandi ikagirira abaturage akamaro.

Amabwiriza asobanuye neza yaratanzwe, nimuyibutse abategetsi ba Komini, munabafashe kuyubahiriza. Nabaha urugero nko ku mishinga ya Komini; nasabye ko imishinga yose izaba itagaragaza neza aho amafranga azayitangwaho azaturuka, itagomba gutangira. Ibyo rero, nimwe, ba Milita Suprefe, mushinzwe kubyubahiriza muri Komini zigize Suprefegitura muyobora.

Nimutoze abategetsi ba Komini gutegura neza Umuganda no kubarura ibikorwa byawo, kuko bituma tumenya uko Abanyarwanda bawitabiriye. Umuganda watugejeje kuri byinshi, kandi turacyawukeneye, muri ya ntambara y'amajyambere turwana.

Ba Milita Suprefe, tuzi neza ko iyo mirimo tubasaba itoroshye; ntitwirengagiza ko abakozi n'ibikoresho bibafasha kuyitunganya neza ari bike, kubera amikoro make y'Igihugu cyacu mutayobewe. Ariko, tuzakomeza gukora uko dushoboye tubatere inkunga, kuko dutahiriza umugozi umwe.

.../...

Babasobanuriye uko twagerageje kubahiriza ibyifuzo mwatanze mw'ihugurwa ryanyu ryabaye m'Ugushyingo 1984. Ibyifuzo mutanze nyuma y'iri hugurwa, nabyo bizasuzumanwa ubwitonzi, ibireba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bishobora kubonerwa umuti biwuhabwe, naho ibireba izindi Ministeri tubizishyikirize.

Sinabura gushimira Umuryango Fondation Konrad ADNAWERI wadushyigikiye ukadutera inkunga muri iri hugurwa.

Ndangije mbasaba gukaza umurego, kandi mbizeza ko ibibazo muhura nabyo mu kazi, tuzakomeza kubyitaho.

Nshoje iri hugurwa mbasaba gukomeza gushyigikira M.R.N.D. na Prezida-Fondateri wayo. Amahoro, Ubumwe, Ubutabera bisugire bisagambe mu RWANDA.

M U R A K O Z E . -

Kigali, kuwa 20 Ugushyingo 1986.-

IHUGURWA RYA BA SUPREFE BAKORERA KULI PREFEGITURA.

IBYAKOZWE KU BYIFUZO BYATANZWE NA BA SUPREFE BAKORERA KURI PREFEGITURA MU IHUGURWA RYABAYE MU UGUSHYINGO 1984

## I. KU BYEREKEYE POLITIKI

- Ba Suprefe nabo bashyirwa mu bagize inzego za Politiki za M.R.N.D.

R. Hakurikijwe itegeko-teka n°10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rishinga imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8 n'iya 17, ubutegetsi n'amajyambere ya Prefegitura bishinzwe Prefe. Abasuprefe, baba aba Prefegitura, cyangwa aba Suprefegitura ni abakozi yahawe kugira ngo bamufashe mu mirimo yashinzwe n'Igihugu. Ntacyo bahagarariye uretse kuba abafasha ba Prefe, cyane cyane dukurikije uko amategeko ateye muri iki gihe.

Mbibutse ko Kongre ya Prefegitura igizwe n'aba bakurikira :

1. Abagize Komite ya Prefegitura;
2. Abagize inama y'Abayobozi b'Imirimo muri Prefegitura;
3. Abagize Komite za Komini;
4. Abayobozi b'Ingaga zishamikiye kuri Muvoma muri Prefegitura;
5. Abajyanama ba Komini.

Kongre y'Igihugu yo igizwe n'aba bakurikira :

1. Abagize Komite-Nyobozi;
2. Abagize za Komite za Prefegitura;
3. Ba Prezida na ba Visi-Prezida ba za Kongre za Komini;
4. Abayobozi b'Ingaga zishamikiye kuri Muvoma mu rwego rw'Igihugu.

Biragaragara rero, ba Milita Suprefe, ko ntaho Suprefe avugwa mu rutonde rwateganyijwe. Yego nanone murasaba, ariko se ye, mwaza muri bande ? Inyungu mwakuramo mwebwe ubwanyu yaba iyihe ? Iy'Igihugu yo se yaba iyihe ?

Yenda mwaba mwifuza ko amategeko ariho ubu yahinduka, icyakora siyo yonyine yahinduka, ubwo yaza ashimangira indi mitegekere y'Igihugu abaturage bakwishyiriraho, ariko nabyo bigomba impamvu zigaragara mushobora kwunguraho ibitekerezo.

…/…

## II. KU BYEREKEYE UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA

1. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yashyiraho uburyo bumwe kandi bunonosoye kugira ngo ibarura ry'abaturage rikorwe neza rihereye kuri Selire.

R. Nibyo kandi iki cyifuzo mugisangiye n'Abayobozi ba Ministeri. Imishinga yarakozwe, impaka ziragibwa, icyakora ntizirabonerwa umwanzuro washyirwa ahagaragara. Gusa, sinabahisha ko bitoroshye kuko bigomba abantu, ibikoresho n'amafranga yo gukora ibyo byose. Yava he ? Muli Leta se, kandi imirimo ikorerwa muri Komini ifite ubuzima-gatozi ? Yava se muri Komini ubwayo, kandi mutayobewe ko amakomini yacu, amenshi atagihemba abakozi bake afite, simbizi. Impaka ziracyakomeza.

2. Umushinga uvugurura itegeko rigenga abakozi ba Komini wakwihutishwa.

R. Warakozwe, ushyikirizwa akanama gahuza za Ministeri, ariko gasuzuma ibyerekeye Politiki, Itangaza-Makuru, n'Umutekano. Ubu uriho usuzumwa. Uretse kandi uwo mushinga ubwawo, hateguwe n'umushinga w'itegeko rigenga Komini, kimwe n'ugena inzego z'imirimo y'ubutegetsi bwa Komini. Iyo ya nyuma yo yarangije gusuzumwa, izashyikirizwa akanama gahuza za Ministeri, mu rwego rwa ba Ministri, mu minsi iri imbere.

3. Hashyirwaho amategeko ashyira mu bikorwa ingingo ya 19 y'itegeko rishyiraho imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura.

R. Iyo ngingo iravuga iti: "Indamunite z'akazi n'ubundi burenganzira (bya S/Prefe) bishyirwaho n'itegeko-teka".
Kugeza magingo aya ntacyakozwe. Ariko ntibyibagiranye. Impaka ziracyari nyinshi, cyane cyane ku byerekeye ibyo Suprefe agomba kugiraho uburenganzira, dore ko indamunite zivugwa mu itegeko-teka, njye nibwira ko ari ka gashahara ka buri kwezi kajyana n'intera yabagenewe. Ahangaha rero umuntu akaba yakwibaza niba uburenganzira mwifuza byaba ari ugushyirwa mu nama z'ubutegetsi bw'imishinga, kugira imodoka burundu no kuyitwara nta shoferi, kuba mu mazu ya Leta ntacyo mutanga kuri byose, amazi n'umuriro ! Yenda mwaduha ibitekerezo byanyu, kugira ngo tuzabitegenye mu mishinga y'amategeko avugurura agenga Prefegitura muri iki gihe. Iyo mishinga yashyikirijwe inama ya Leta, ariko ntibyababuza gushyikiriza ibyifuzo bindi ababigenewe.

4. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ifatanije na Ministeri y'Ubucamanza na Ofisi y'Amatangazo ya Leta n'izindi nzego zose zibishinzwe zakwiga uburyo buboneye bwageza

...../...

kuri rubanda nyamwinshi amategeko yerekeye ibibazo byinshi bakunda guhura nabyo.

R. Kuri iki cyifuzo, sinzi niba hari icyakozwe. Impamvu ariko ahari ni ukubera ko kireba benshi bagomba guhura kugira ngo bagire hamwe impaka, bareba uburyo cyakwubahirizwa.

5. Ministeri y'Ubucamanza yakwihutira gushyiraho uburyo matolewa zaboneka vuba kugira ngo ubujurire n'irangiza ry'imanza byihute.

R. Iki cyifuzo cyashyikirijwe Ministri w'Ubucamanza ubwo yari mu nama ya ba Prefe yari yatumiwemo ntibuka neza igihe yabereye. Ministri w'Ubucamanza yasanze gifite ishingiro, aracyakira, ariko avuga ko kucyubahiriza bitoroshye. Imbogamizi zikunda guruturuka ku bakozi bake mu Nkiko, imashini nkeya n'ibindi bikoresho bikeya, nk'impapuro.

6. Inzego zibishinzwe zakwihutisha umushinga w'itegeko ryerekeye imimerere y'abantu n'imiryango.

R. Uwo mushinga uriho usuzumwa n'inzego zibishinzwe. Icyo nababwira mu buryo bw'imvaho kurushaho, n'uko akanama gahuza abaministri gashinzwe Politiki, Itangaza-Makuru n'Umutekano, hari agace k'uwo mushinga kasuzumye ku italiki ya 23 Ukwakira 1986. Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini niwe Mwanditsi w'ako Kanama kandi ubanza yari ahari. Ubwo yenda yaza kugira icyo awubabwiraho.

## III. <u>KU BYEREKEYE UBUKUNGU</u>

1. Abategetsi b'akarere kagenewe umushinga bahabwa uruhare rugaragara mu kuwutegura.

R. Byarakozwe. Nta mushinga ugitangira abategetsi bo mu nzego zo hasi batagishijwe inama ngombwa, kugira ngo wigwe kandi urangizwe neza. Urugero twafata n'i urwa D.R.B. y'i BYUMBA, D.G.G. y'i BUTARE, Crête Zaïre-Nili n'indi.

2. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yageza ku bategetsi ba Prefegitura n'aba Komini listi y'amashyirahamwe atari aya Leta (O.N.G.) n'abandi bagiraneza bafashamo izo nzego zombi.

R. Byarakozwe. Iyo listi yasabwe, ababurugumestri bayihawe igihe bari mu ihugurwa ryabereye i BUTARE, muri Nzeli 1985. Ubu ababurugumestri bose bazi aho amashyirahamwe n'abagiraneza badufasha mu nzira y'amajyambere babarizwa.

3. Kontabure wenyine atashingwa imirimo yo gucunga no kubika imari, yahabwa Caissier kugirango imirimo igende neza.

R. Byarakozwe. Amabwiriza yaratanzwe kugira ngo amakomini yose ateganye umubitsi ku ngengo yayo ya 1987.

4. Umushinga wo gukoresha ibitabo byakiririwamo amafranga wanonosorwa kugira ngo bigabanye inyereza ry'umutungo wa Komini.

R. Byarakozwe kandi ibyo bitabo birakoreshwa kuva mu ntangiriro z'uyu mwaka w'1986 (Autocopiant).

5. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yageza nibura buri gihembwe kuri ba Prefe amafranga buri Komini ifite mu kigega gitsura Amajyambere ya Komini (F.D.C.).

R. Ibya 1985 byarakozwe. Ubu ababishinzwe bategereje ko umwaka w'1986 ushira kugira ngo ibyawo nabyo bikorwe.

6. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yagena abakozi ba ngombwa Komini zakwiyambaza mu itegura ry'imishinga.

R. Muri Ministeri ubwayo biracyagoye kuko nta bakozi. Ariko kuva muri 1984, hari abakozi bagiye bahugurwa mu rwego rwo gutegura imishinga muri buri Prefegitura. Baroherejwe kandi iyo gahunda iracyakomeza.

7. Leta yakwihutisha imitunganyirize y'ibishanga.

R. Byabangiye gukorwa. Urugero rwatangwa ni urw'igishanga cya NYABARONGO.

## IV. KU BYEREKEYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

1. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yakwihutisha gushyiraho gahunda Prefegitura na Komini zakubahiriza, mu gukurikirana intego zashinzwe ibigo bitsura amajyambere no guhugura abaturage ubutitsa.

R. Byarakozwe. Ndetse muri iki gihe, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Guhugura Abaturage Ubutitsa muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, agiye gusoza ingendo agirira mu maprefegitura yose. Arasobanura uburyo gahunda yatangajwe yakubahirizwa mu buryo butavunanye kandi bwubahiriza intego.

.../...

2. Itegeko rigenga itangaza-makuru mu Rwanda ryakwihutishwa kugira ngo abashinzwe kugenzura sinema babone aho bahera bagenzura uko zinjira mu Gihugu n'uko zamamazwa.

R. Byarakozwe. Umushinga w'iryo tegeko wasuzumwe n'Akanama gahuza za Ministeri mu rwego rwa ba Ministri, bashinzwe ibyerekeye Politiki, itangaza-makuru n'umutekano, kandi wohererejwe Inama ya Leta kuwa 28 Nyakanga 1986.

IJAMBO RYA MINISTRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
N'AMAJYAMBERE YA KOMINI MU MUHANGO WO GUTANGIZA
IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA PREFEGITURA
( 23 - 28 UGUSHYINGO 1986).

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Ba Milita Suprefe,

Ba Militante, ba Milita ba M.R.N.D.,

Nk'uko mwabyumvise, ba Suprefe bayobora za Suprefegitura bakubutse ino mw'ihugurwa ryabo ryatangiye kw'itariki ya 16 rikarangira kuya 21 Ugushyingo 1986.

Kuva kw'itariki ya 24, uyu munsi, kugeza kuya 28 Ugushyingo, umwanya ni uwanyu ba Milita Suprefe, mwe mufasha ba Prefe imirimo ku mirwa mikuru ya za Prefegitura.

Mwaba mwaribajije icyatumye ihugurwa rya ba Suprefe ryongera gukorwa mu byiciro bibiri, kandi mwari mwarifuje guhugurirwa hamwe na bagenzi banyu, bayobora za Suprefegitura. Nk'uko nabisobanuye ntangiza ihugurwa rya ba Suprefe ba Suprefegitura, imirimo yanyu ku murwa wa Prefegitura, inyuranye n'iyuhagarariye Prefe muri Komini zigize Suprefegitura. Twasanze rero ari byiza ko buri cyiciro cyagira umwihariko kuko ibibazo muhura nabyo bitandukanye n'ibyo bagenzi banyu bahura nabyo muri za Suprefegitura. Mwebwe, kandi nk'uko itegeko rigenga imikorere n'imitunganyirize ya Prefegitura muri iki gihe ribivuga, mushinzwe buri wese agaçe k'imirimo Prefe yagenewe, naho Suprefe wa Suprefegitura ayikomatanyije yose mu karere ashinzwe.

Birumvikana rero ko niyo ibibazo byaba bisa, uburyo bwo kubikemura butandukanye.

Ba Milita Suprefe, ngira ngo si ngombwa kubibutsa ko amahugurwa nk'aya afite akamaro; atuma abayobozi bashyikirana, bakungurana inama, bakunguka ubumenyi bushya butuma barushaho kwitangira no gutunganya imirimo iremereye bashinzwe, yo gufasha abaturage mu nzira y'amajyambere. Namwe rero mwatabarijwe guharanira ya ntego ya Muvoma yacu, Ubumwe, Amahoro n'Amajyambere, cyane cyane mwebwe muri bugufi y'ushinzwe kuyobora Prefegitura, mukaba mugomba, buri gihe kandi mu buryo bubangutse, kugira inama Prefe, no kumwunganira kugirango imirimo mufatanyije irusheho kwihuta.

.../...

Muri Diskuru-programu yo kuwa 8 Mutarama 1979, Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Jenerali Major HABYARIMANA Yuvenali, yasabye Ministeri ishinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu gufatanya n'Ibiro bikuru bya Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, bagashaka uko abakozi bose b'Igihugu bahugurirwa kenshi imirimo bashinzwe. Kuva icyo gihe, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yihatiye kugera kuri iyo ntego, ikurikije na none amikoro y'Igihugu, ndetse inabifashijwemo n'abagiraneza.

Bene aya mahugurwa yakunze kwibanda ku bakozi ba za Komini, abaporisi, abakarani b'ibarura, abacunga-mari n'aba Burgumestri. Ba Prefe ba Prefegitura nabo bakunze guhurizwa hamwe kenshi, byibura nka limwe mu gihembwe. Sinshidikanya ko imyanzuro ifatirwa mu nama zibageneye, bayibagezaho mu rwego rwo kuyubahiriza. Mwebwe rero ba Milita Suprefe, nyuma y'ihugurwa ryanyu rya mbere ryabereye mu Kigo IWACU ku KABUSUNZU, kuva tariki ya 5 kugeza kuwa 9 Ugushyingo 1984, ubu bibaye ubwa kabiri muhurizwa hamwe kugira ngo mwungurane ibitekerezo.

Iri hugurwa ryabateganyirijwe uyu mwaka rifite akarusho kuko ritagamije kubagezaho byonyine amabwiriza mugomba gukurikiza, mu gutunganya imirimo mushinzwe. Murayizi kandi iranditse. Niyo mpamvu mbaye mbamenyesheje ko mutazanywe no gutega amatwi impuguke za Ministeri nkuko bisanzwe bigenda. Yego nazo zizabunganira, ariko uruhare runini ni urwanyu. Bamwe muri mwe bazababwira uburyo bakora imirimo bashinzwe. Bityo muzarushaho kumenya ibibazo nyabyo muhura nabyo, n'uburyo bagenzi banyu bagerageza kubikemura. Muzabunganira aho ari ngombwa maze mushakire hamwe ibyakorwa kugira ngo murusheho gutunganya akazi kanyu.

Ba Milita Suprefe, impaka muzajya mwungurana ibitekerezo, zizibanda ku mirimo yanyu ya buri munsi, musanzwe mumenyereye, cyane cyane iyerekeye irangiza ry'imanza, umutekano, ibarura ry'abaturage, umutungo wa Komini, Umuganda no guhugura abaturage. Muzidagadure rero kandi mwirinde kubaza ibibazo gusa, ahubwo mujye mubishakira umuti ubikwiye. Niyo nzira yo gusohoza umugambi wa Muvoma yacu, utwigisha ko Igihugu kizazamurwa n'amaboko y'abana bacyo, twebwe twese dufatanyije.

Mu izina rya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, mbifurije ihugurwa rihire, rizabagirire akamaro, rikagirire n'Igihugu cyacu.

M U R A K O Z E . -

Kigali, kuwa 24 Ugushyingo 1986

# IBIBAZO BY'ABATURAGE NO KURANGIZA IMANZA

## I. IBIBAZO BY'ABATURAGE.

### A. Gahunda yo kwakira ibibazo by'abaturage.

Muli Prefegitura ya Ruhengeri, ibibazo by'abaturage byakirwa limwe mu cyumweru, buli wa mbere w'icyumweru aliko bitabujije ko ikibazo cyihutirwa igihe cyose nyiracyo akizanye cyakirwa kigasuzumwa.

Ibyo bibazo byakirwa na Suprefe ushinzwe iby'Ubutegetsi n'Amategeko.

Byakilirwa mu nzu mbera-byombi (Salle polyvalente). Abaturage bose bafite ibibazo, balinjira, bakicara. Maze umwe agatanga ikibazo cye kigasuzumwa, nuko agahabwa igisubizo ku mugaragaro, undi agataha, bityo bityo.

Ibyo aliko ntibibuza ko uwagira ikibazo ashaka kubaza mu ibanga bitakorwa, uretse ko kugeza ubu ntawe urabisaba.

Muli uko kwakira ibibazo, Suprefe aba ali kumwe n'umukarani ugenda wandika umwirondoro w'ababaza n'ibibazo byabo mu magambo make n'ibisubizo bahawe muli "registre" ibigenewe. Iyo "registre" idufasha kumenya umuturage ugarutse ubwa kabili n'igisubizo yahawe ubwa mbere.

Kubera ko kuli uwo munsi abazana ibibazo baba ali benshi (hagati ya 20 na 35), ndabikomeza kugera saa saba cyangwa saa munani, nkajya kuruhuka mbirangije.

### B. Amahame cyangwa inshingano ngenderaho mu kwakira ibibazo by'abaturage

#### 1° Kutarakarira Abaturage no Kutababwiza igikabwe

Umuntu uzanye ikibazo, yakizana mu mafuti cyangwa mu kuli, ntabwo aba aje kuburana, aba aje guhanuza abategetsi kandi akaza abizeye. Niyo mpamvu agomba kwakirwa neza, imvugo ye ikakirwa, igasesengurwa mu bwitonzi. Igisubizo akagihabwa nta bushali. Iyo yemeye igisubizo ahawe, aba ali amahoro, yacyanga kandi akaba afite uburenganzira ahabwa n'itegeko bwo gutera imbere.

#### 2° Kwilinda kwivanga mu milimo y'Ubucamanza.

Nkuko Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda libiteganya (ingingo ya 34), ubutegetsi nyubahiliza-tegeko, ubutegetsi nshinga-tegeko n'ubutegetsi bw'ubucamanza, buratandukanye. Byongeye kandi, ubutegetsi bw'ubucamanza bufite ubwigenge. Ni ukuvuga ko nta Mutegetsi uwo aliwe wese, ufite ububasha bwo gutegeka Urukiko guca urubanza mu buryo ubu n'ubu.

.../...

Ibibazo byinshi nshyikilizwa n'abaturage byerekeye imanza baba bafite mu Nkiko. Nilinda rero kugira uruhande mbogamiramo, ngo mbe nabwira Urukiko icyo ntekereza ku rubanza uru n'uru bitewe n'ikibazo mba nashyikilijwe.

Icy'ingenzi ni ukuyobora umuturage inzira akwiye kunyuramo, byaba ngombwa, ngasaba ko Urukiko rumwakira, urubanza rwe rukihutishwa.

C. Ubwoko bw'ibibazo

Ibibazo dushyikilizwa ni byinshi kandi biranyuranye. Bimwe bikubiye mu byiciro bikulikira :

1) Ibyerekeye irangiza ry'imanza;
2) Ibyerekeye abashakanye;
3) Ibyerekeye iminani n'igulisha ry'imilima;
4) Ibyerekeye amasezerano abantu bagirana;
5) Ibyerekeye abakozi n'abakoresha;
6) Ibyerekeye imanza :
   - gutinda kuburana;
   - kwihana abacamanza;
   - kudasomerwa imanza;
   - kujulira;
   - kugura matolewo;
   - ibirego by'imanza nshinja-byaha.

7) Ibyerekeye ubutegetsi bwa Komini:
   - ibyerekeye abakozi birukanwe badahembwa;
   - abakozi bahagalitswe kubera amikoro make ya Komini;
   - amende Komini ica abaturage;
   - amigo za Komini.

1. Irangiza ry'imanza: Turabigarukaho nyuma ku buryo bwihaliye.
2. Ibibazo byerekeranye n'abashakanye.
   - Ku bashakanye ubwabo

Ibibazo by'abashakanye ni ibibazo bisuzumirwa mu miryango yabo, bigasuzumwa n'ababyeyi b'abashakanye, byananirana bigasuzumirwa muli Selire, muli Segiteri no kwa Burugumestri. Ku bwanjye, ikibazo kinyuze muli izo nzego, ntikibonerwe umwanzuro ugikwiye, kigomba kujyanwa mu Nkiko. Niyo mpamvu iyo ngejejweho bene ibyo bibazo, banyirabyo mbagira inama yo kubijyana mu Nkiko ntagombye gushaka cyangwa gukoresha uburyo bwo kubunga kuko mbona urwego rwa Prefegitura ali urwego rw'ubutegetsi ruli hejuru cyane ku buryo kunga abashakanye rutabishobora.

- Ku bana bemewe n'amategeko, ba nyina bakunda kuzana ibibazo bavuga ko ba se batakita kuli abo bana babaha ibibatunga n'imyambaro, ko abo ba Se ngo bifatiye ingo za kabili.
  Bene ibyo bibazo nabyo, igihe bitabonewe umwanzuro mu nzego za Komini, zo zegeranye nabo, ni ukubohereza mu Nkiko.
- Ku bana batemewe n'amategeko;

Ku bibazo by'abifuza ko abana babyaye mu buryo butemewe n'amategeko bakwakirwa, bakemerwa, bikunda kuboneka. Abo bana balimo ibice bibili:

* Ababyawe n'ababyeyi batigeze basezerana ubwabo cyangwa ngo babe barasezeranye n'uwaliwe wese, abo mbayobora mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo kuko alirwo rufite ububasha bwo kubemera cyangwa kubanga.
* Abana umuntu abyara mu gasozi kandi afite uwo bashakanye (enfants adulterins) n'abavuka ku bafitanye isano : kugeza ubu ntibashobora kwemerwa, uretse ko hali umushinga w'itegeko ligenga imiryango, ushobora kuba warateganyije uko bene abo bantu bazamera.
  Kuli bene ibyo bibazo, ntawabayobora mu Nkiko kuko ntacyo zabamalira, uretse ko bo iyo bashatse kwimara agahinda ntawababuza kujya mu bucamanza.
  Gusa abo bana bagomba kubona ibibatunga (les aliments), bakabihabwa n'ababyaye, batabitanga ku neza, bakabiregerwa mu Nkiko.

## 3. Ibibazo by'iminani n'igulisha ry' Imilima.

### a) Iminani.

Nk'uko bisanzwe, iminani itangwa n'ababyeyi kandi igatangirwa mu miryango. Ibibazo bivutse byagombye gukemurwa mu miryango, muli Selire, muli Segiteri no kwa Burugumestri. Bene ibyo bibazo iyo bingezeho, mbona ntakwiye kubyinjiramo ngo mbisesengure nshaka uko ba nyirabyo mbabonera ibyo bifuza. Niba batarumbikanye mu nzego za Komini, mbona ko nabagira inama yo kubijyana mu bucamanza.

### b) Igulishwa ry'Imilima.

Itegeko-teka ryo kuwa 4 Werurwe 1976 ryerekeye igura n'igulisha ry'amasambu mbabatsi bigengwa n'umuco cyangwa ubundi butaka bugilirwamo ibikorwa, lisobanur inzira buli muturage agomba kunyuramo igihe ashaka kugulisha cyangwa kugura umulima. Umugore cyangwa umugabo n'abana b'ugulisha bagomba kwemera ubwo bugure kandi Inama y'Abajyanama ba Komini, ikagira icyo ibivugaho, mbere y'uko ikibazo cyoherezwa mu nzego zo hejuru.

Ibibazo by'igulishwa ry'amasambu n'imilima bitanyuze muli iyo nzira, bikunda kuboneka. Bene abo bantu, iyo igulishwa litaraba, nsaba ubutegetsi bwa Komini guhagalika no kubuza rwose iryo gulishwa.

Iyo igulishwa ryabaye, nyil'ikibazo mugira inama yo kuregera ubucamanza asaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure.

4. Ibibazo byerekeye amasezerano atubahilijwe na bene yo.

Ibibazo byerekeranye n'amasezerano abantu bagirana, bigomba kurangilizwa aho ayo masezerano yakorewe. Bene ubwite bakabifashwamo n'abavandimwe n'inshuti. Ubutegetsi bubegereye, ubangiliye ku bwa Selire, ubwa Segiteri n'ubwa Komini, bushobora kubibafashamo aliko nta gahato kabibayemo.

Ba nyil'ubwite, iyo badashoboye kumwirukana muli izo nzego za Komini, mbagira inama yo kubijyana mu bucamanza.

Birumvikana ko amasezerano afite inyandikonvaho, yo ahita ashyikilizwa "Notaire" akayarangiza bitagombye kujya mu Nkiko.

5. Ibibazo byerekeye impaka zivuka mu bakozi n'abakoresha n'ibyerekeye Pansiyo.

* Ku mpaka zivuka hagati y'abakozi n'abakoresha (mu bigo byigenga), itegeko ryo kuwa 27 Gashyantare 1967 ryerekeye imilimo, liteganya inzira ibyo bibazo binyuzwamo.
  Umugenzuzi w'imilimo muli Prefegitura niwe ushinzwe kwakira bene ibyo bibazo, akarere aho ukuli kuli, akagerageza kwunga umukoresha n'umukozi.
  Iyo iyunga lidashobotse; abohereza mu Nkiko.
  Umuntu wanyuze muli iyo nzira, akoherezwa mu Nkiko, aliko we agahitamo kujyana ikibazo cye kwa Prefe, musobanulira ko iyo nzira yo kujya ku rukiko aliyo yonyine iteganyijwe n'itegeko igihe byananiye Umugenzuzi w'Imilimo, keretse rero iyo uyu yanze kumwakira. Bibaye bityo, ngerageza kwumvisha uwo mugenzuzi w'imilimo ko agomba kwita ku mulimo ashinzwe kandi ko S/Prefe atagomba kumusimbura ngo akore imilimo mu mwanya we.

* Ku bantu bafite ibibazo byerekeye pansiyo cyangwa byerekeye Isanduku y'Ubwitegenyilize bw'Abakozi mu Rwanda, kubera ko muli Prefegitura hali Umukozi w'iyo sanduku, abo bantu bose niwe mbohereza, ngategereza ko hali ugaruka avuga ko atakiwe cyangwa ko yakiwe nabi. Iyo bibaye bityo, mbigenzurana ubwitonzi nkuko bikorwa ku bakozi bose bakorera muli Prefegitura.

.../...

6. Ibibazo byerekeranye n'Imanza

Ibibazo biza byerekeranye n'imanza zili mu Nkiko ni byinshi kandi biranyuranye. Umuntu yavuga :

a) Gutinda kuburana.

Hali abantu benshi baza bavuga ko bareze mu Nkiko cyangwa ko bajuliye aliko ko Inkiko zatinze kubahamagara, cyangwa ko iyo bahamagawe bataha bataburanye.
Bene abo bantu ni ukubumva nitonze, kuko umuntu wese ureze mu Rukiko aba yifuza guhita aburana, nyamara ntibishoboka kubera imanza nyinshi zili mu Nkiko. Guhamagarwa nabyo, umuburanyi agataha ataburanye biterwa n'impamvu nyinshi: kutitaba k'umwe mu baburanyi kandi yaramenyesheje Urukiko impamvu, imanza zikomeye ku buryo zihaliye igihe kirekire izindi zikararana, n'ibindi ....
Ibyo alibyo byose, iyo umuturage umwumvise neza, umenya impamvu zitumye urubanza rwe rudahamagarwa cyangwa rugenda rwimulirwa ku yindi minsi, kandi ukamenya ikiburanwa uko giteye. Nta kwivanga mu milimo y'Inkiko, nsaba Prezida w'Urukiko gusuzuma ikibazo cy'umuburanyi uyu n'uyu ashaka ukuntu urubanza rwe rwakwihutishwa bitewe n'uko ruteye.

b) Kwihana Abacamanza

Ibibazo byo kwihana abacamanza (récusation), ababuranyi bamwe babizana basaba kujya kuregera mu rundi Rukiko, baba barareze bagasaba ko urubanza rwimurwa mbere yo guhamagarwa.

Ibyo bibazo byombi bigaragaza ko banyil'ukubitanga baba badahugukiwe n'amategeko y'ubucamanza.

Ni ngombwa kubasobanulira ko buli muntu aregera urukiko rubifitiye ububasha, ikirego kikandikwa, maze umunsi we kuburana, ubwihane akabutangira mu Rukiko mbere yo kuburana, akabivugisha urulimo cyangwa akabitangira inyandiko.

Ni ngombwa kandi kumusobanulira impamvu z'ubwihane ziteganywa n'itegeko-teka lishinga imitunganyilize n'ububasha by'inkiko ryo kuwa 7/7/1980, ingingo ya 89 kugirango atava aho ahimbahimba izidafite epfo na ruguru.

Impamvu zituma urubanza rwohererezwa Urukiko Rusesa Imanza kugirango rurwimulire mu rundi Rukiko nazo agomba kuzimenyeshwa, cyane cyane impamvu ya kabili ishingiye ku bwihane bw'abacamanza iteganwa n'ingingo ya 147 y'itegeko ryo kuwa 15 Nyakanga 1964 lishinga imiburanishilize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi.

.../...

c) Ibibazo byerekeranye no kudasomerwa imanza zaburanishijwe.

Hali abamilitante n'abamilita bazana ibibazo bavuga ko baburanye ku munsi uyu n'uyu aliko imanza zabo ntizisomwe. Abo bantu mbasobanuza bihagije kuko hali imanza ziburanishwa, zigakungikwa kugirango hazabanze hakorwe anketi, hali ubwo ababuranyi babimenyeshwa, hali n'ubwo batabimenyeshwa iyo Urukiko rwifuza ko anketi ikorwa mu ibanga.

Iyo maze kumenya ko isomwa ry'urubanza litahagalitswe n'anketi nk'uko bimaze gusobanurwa, nsaba Urukiko kumva uwo muturage no kumushakira igisubizo niba imvugo ye ali iy'ukuli.

d) Ibibazo byerekeye kujulira.

Ku manza z'amahugu n'ubucuruzi, igihe cyo kujulira ni amezi atatu, naho ku manza z'ubushinja-cyaha ni iminsi mirongo itatu.

Uretse ku byerekeye igihe cyo kujulira, hali ababuranyi bamwe bazana ibibazo bikulikira :

* Abatashoboye kubona matolewo kugirango babone uko bajulira: abongabo mbasobanulira ko matolewo atali ngombwa kugirango bajulire kuko Urukiko rwajuliriwe rwitumiliza dossier mu Rukiko ruheruka guca urubanza. No mu Rukiko Rusesa Imanza, ntibikili ngombwa kuyitwaza.

* Abatakamba bavuga ko Urukiko uru n'uru rwabarenganyije ku buryo ubu n'ubu: nta kwinjira mu ngingo z'urubanza, mbasobanulira ko niba bafite ingingimira ku mikilize y'imanza zabo, bakwiye kujulira mu Rukiko Rwisumbuye.

e) Ibibazo byerekeye kugura matolewo.

Ibibazo byo kutabona matolewo vuba bili mu Nkiko nyinshi, biterwa ahanini no kutagira ibikoresho bihagije, ali byo impapuro n'imashini.

Iyo ibyo bibazo bingezeho, ngerageza kwandikira Prezida w'Urukiko musaba ko nawe yabisuzumana ubwitonzi, imanza kuko zidasa zose, izigomba gutangirwa matolewo vuba bigakorwa igihe bishobotse.

.../...

f) Ibirego by'imanza z'inshija-cyaha.

Kuva aho ba OPJ-Brigadiers babereyeho mu Nkiko za Kanto, bakaza gusimburwa na ba IPJ, ibibazo byerekeye ibirego n'imanza by'inshinja-cyaha byagiye byiyongera.

Uko mbibona, ibyo bibazo byinshi byaba biterwa n'uko abo bantu bahawe umulimo w'ubugenza-cyaha baba batali barawiteguye bihagije, mbese batawufitiye ubushobozi, bakagenda bahuzagulika.

Abo bagenza-cyaha, usanga bamwe barahinduye ibiro byabo inama ya gacaca, baca amafranga uko bishakiye, bakira ibirego ntibabyandike mu bitabo bibigenewe, n'ibindi .....

Nyamara bamwe birengagiza ko n'ihazabu ryumvikanweho (amende transactionnelle), umuntu alihanishwa ali uko abyemeye, n'umugenza-cyaha akamuca amafranga ateganywa n'itegeko. Nta gahato rero kagomba kubaho.

Niyo mpamvu ibibazo bikomoka ku birego by'imanza z'ubushinja-cyaha bigomba gusuzumanwa ubushishozi n'ubwo ntawahita yemera ibibazo byose uko bije.

7. Ibibazo byerekeranye n'Ubutegetsi bwa Komini

a) Ibibazo by'abakozi ba Komini birukanwe badahembwe.

Hali amakomini menshi yagiye asezerera abakozi abalimo ibirarane by'imishahara batahembwe. Bene abo bantu bazana ibibazo basaba utwo dushahara twabo ngo tubafashe mu bukene baba bagezemo. Usanga ibyo bibazo bifite ishingiro aliko ingorane zikaba zose.

Mu ngengo y'imali ikoreshwa na Komini mu mwaka, ayo mafranga ntaba ateganyijwe, nta kuntu rero Prefe yategeka Komini gusohora amafranga adateganyijwe. Byongeye kandi niba Komini ihemba biyiruhije abakozi ikoresha, yabareka ite ngo ihembe abo yasezereye ?

b) Ibibazo by'abakozi bahagalitswe kubera amikoro make ya Komini

Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ashingiye ko amakomini menshi atali agishoboye guhemba abakozi bayo, yafashe icyemezo ko bene ayo makomini yahagalika abakozi bamwe, agasigarana abo ashoboye guhemba.

Icyo cyemezo, abaprefe bagishyikilije ba Burugumestri. Bamwe bahise bandikira bamwe mu bakozi ba Komini babamenyesha ko bahagalitswe ku kazi. Birumvikana ko imigilire nk'iyo yateye ibibazo byinshi kuko inyuranije n'itegeko rya Komini livugo ko umukozi wa Komini ashyirwaho cyangwa yirukanwa ali uko binyuze mu nama ya Komini ikabyemeza kandi na Prefe akabitangira umwanzuro ubemera.

Iyo maze kwakira bene ibyo bibazo, ntegulira Prefe umushinga w'ibaruwa isobanulira Burugumestri inzira agomba kunyuzamo ikibazo cyo guhagalika umukozi kandi ko, igihe ibyo bitarakorwa, umukozi agomba gusubira ku kazi ke, akaguma guhembwa kugeza igihe icyemezo cya Prefe cyemera imyanzuro y'Inama y'Abajyanama ba Komini kizasohokera.

Naho ku bibazo by'abahagalitswe binyuze mu nzira nyakuli, mbasobanulira ko nta kundi byamera kuko Komini igomba gukoresha abakozi ishoboye guhemba koko.

c) <u>Ibibazo byerekeye amende Komini ica abaturage</u>

Mu by'ukuli, Komini igomba guhanisha abaturage amahazabu:
- yateganyijwe n'amategeko, ntacyo yongeyeho;
- yateganyijwe n'amabwiliza ya Komini (règlements).

* <u>Ku byereke ihazabu ryateganyijwe n'itegeko</u>, Komini nta burenganzira ifite bwo kuryongera, cyakora ishobora kuligabanya ishingiye ku wakoze icyaha n'umutungo we. Ibyo bikunda kugaragalira mu iyubahiliza ry'itegeko ryo kuwa 30 Werurwe 1982 ryerekeye uburyo bwo kulinda, gufata no gukoresha neza ubutaka. Aho Burugumestri cyangwa Umujyanama wa Komini yihanukira agaca umuturage amende y'amafranga 4.000 kuko atarwanyije isuli mu mulima we, nyamara ingingo ya 8 y'iryo tegeko iteganya igihano cyo gufungwa amezi atarenze abili n'ihazabu itarenga amafranga 2.000 cyangwa kimwe muli ibyo bihano.

Ntatesheje Burugumestri icyubahiro afite muli Komini, cyangwa icyo Umujyanama afite muli Segiteri ye, nsobanulira abo bategetsi ko bagomba kubahiliza amategeko, byaba ngombwa umuturage agasubizwe amafranga arenga kuyo itegeko liteganya.

* <u>Naho ku bihano byateganyijwe n'amabwiliza ya Komini</u>, bigomba kuba byaremejwe n'Inama y'Abajyanama ba Komini kandi na Prefe akaba yarabyemeye mu nyandiko. Bitabaye bityo, byaba binyuranyije n'amategeko, bityo umuturage ubihanishijwe akaba ahohotewe. Igihe umutegetsi ashyikilijwe bene icyo kibazo, agomba kurenganura umuturage, agasubizwa amafranga yaciwe mu mafuti, naho mu gihe yafunzwe mu mafuti, ni ukwihanangiliza uwamufunze, yaramuka yanze gucika kuli iyo ngeso, umuturage akaba yashobora kumutangira ikirego muli Parikė.

.../...

d) Ibibazo byerekeye amigo za Komini

Uburenganzira bw'ikiremwa-muntu bwo kwishyira ukizana bushyigikiwe n'Itegeko-Nshinga. Umuntu ashobora kuvutswa ubwo burenganzira mu buryo no mu bihe byateganyijwe n'amategeko.

Ngendeye kuli iryo hame, niyemeje ko igihe cyose ngeze ku biro bya Komini, n'ubwo naba njyanwa n'ibindi bibazo; umulimo wa mbere nkorani uwo gusura kasho za Komini kugirango ndore ko abafunzwe bose bafunzwe mu buryo buteganyijwe n'itegeko. N'igihe cyose nshyikilijwe ikibazo cy'umuntu ufunzwe muli Komini ku buryo ngo bunyuranyije n'itegeko, ngomba guhita ngihagurukira, nkajya gusuzuma aho ukuli kuli.

Nibutse ko Burugumestri na IPJ, mu birego by'imanza z'inshja-byaha bafite uburenganzira bwo gufunga umuntu by'agateganyo amasaha atarenga 48.

Naho ku byerekeye umutekano muli Komini (Règlements de Police), Burugumestri ashobora gufunga umuntu iminsi itarenga irindwi (art. 32 de la loi communale).

Abantu kandi bose bafungiwe muli kasho ya Komini bagomba kuba banditswe mu gitabo kibigenewe. Ufunzwe wese atanditse muli icyo gitabo, aba afunzwe mu buryo bunyuranye n'amategeko; muli iryo sura rya kasho, agomba guhita arekurwa, agataha.

X X X

## II. IRANGIZA RY'IMANZA

### A) Imanza zigomba kurangizwa.

Harangizwa imanza zaciwe burundu: - zitagishoboye kujulirirwa;
- zahetuye Inkiko.

Itegeko-teka ryo kuwa 7 Nyakanga 1980 lishinga imitunganyilize n'ububasha by'Inkiko livuga ko ijulira cyangwa isaba ry'iseswa ry'urubanza lihagalika irangiza ryarwo, keretse iyo irangizwa ry'agateganyo ryateganyijwe mu rubanza cyangwa ryategetswe n'Urukiko rwajuliriwe (art.203 et suivants).

Urangilizwa urubanza (partie perdante) niwe ugomba gutanga ikimenyetso (quittance) ko urubanza rwe yarujuliriye, iyo bitabaye bityo urubanza rugomba kurangizwa.

.../...

b) Imanza zirangizwa na bande ?

- Intumwa z'Inkiko (Huissiers)
  Uretse intumwa z'Inkiko, Ministri w'Ubucamanza atoranya mu bakozi b'Inkiko, yagize intumwa z'Inkiko ba Burugumestri n'Abajyanama ba Komini (ingingo ya 79 y'itegeko lishinga imitunganyilize n'ububasha bw'Inkiko).

- Ingingo ya 270 y'itegeko/ryo kuwa 15 Nyakanga 1964 lishinga imiburanishilize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi ivuga ko : Ba Prefe, ba Burugumestri n'abategetsi b'Ingabo z'Igihugu, iyo batabajwe mu buryo bukulikije amategeko, barangiza imanza ziliho inyandiko-mpuruza.

- Ubwo rero ba Prefe bafite ububasha bwo kurangiza imanza, aba Suprefe nabo bafite ububasha bwo kuzirangiza, bakazirangiza ali intumwa za Prefe (par délégation) nk'uko indi milimo yose tuyikora mu izina ryabo.

c) Uko imanza zirangizwa.

Ubwo tumaze kubona imanza zigomba kurangizwa, ni ngombwa no kurora uko zirangizwa.

Imanza zigomba kurangizwa nk'uko zaciwe, ushinzwe kuzirangiza ntacyo agomba kongeraho, nta n'icyo agomba kugabanyaho kuko urubanza urwo ali rwo rwose iyo rumaze gucibwa burundu, ruba ruhindutse itegeko.

Iyo ugomba kurangiza urubanza ahuye na bimwe na bimwe bidasobanuye neza ku buryo kururangiza bitamworohera, ntagomba kubifindafinda gusa, ahubwo agomba gusaba Urukiko rwaruciye kubisobanura kandi narwo rukabigilisha urubanza rusobanura urundi (jugement interprétatif). (Art. 178 du C.P.C.C.).

Niyo ku bwawe usanga urubanza ruciye nabi, ugomba kururangiza uko rwaciwe kuko ruba rwaraciwe burundu, keretse ushoboye kubonera umuburanyi ingingo yakoresha kugirango arujulirire mu buryo budasanzwe (voies de recours extraordinaires), nko gutambamira imikilize y'urubanza no kurusubilishamo ingingo nshya.

d) Ibibazo byerekeye irangiza ry'imanza.

Ibibazo byinshi biza, usanga byerekeranye n'imanza zitarangijwe. Mbanza kumenya niba koko urubanza uru n'uru rugomba kurangizwa, ni ukuvuga niba rwaraciwe burundu, niba koko rutarangizwa n'impamvu zarubujije kurangizwa.

.../...

Iyo maze kumenya izo ngingo, mba nsobanukiwe n'icyo ngomba gukora:

1) Niba urubanza rwarajuliriwe, nyirarwo agomba kurukulikirana kugirango Urukiko rwajuliriwe, ruruburanishe.
2) Niba rwarangijwe, bigakorerwa inyandiko-mvugo yo kururangiza, umwe mu baburanyi utarishimiye ibyakozwe, ashobora kubijulirira mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo (Art. 278 C.P.C.C.).
3) Niba rutararangijwe kubera ko abategetsi ba Komini batabonye umwanya cyangwa ko umuburanyi atibutse kubashyikiliza matolewo y'urubanza rugomba kurangizwa, nandikira Burugumestri musaba kururangiza kandi akazabimenyesha. Birumvikana ko nawe ashobora kwitabaza Umujyanama cyangwa akarwirangiliza ubwe.
4) Iyo havutse ingorane zindi zatumye urubanza rutarangizwa, ngerageza kuzishakira umuti nyobora ubutegetsi bwa Komini uko bugomba kubigenza, ndetse byaba ngombwa nkajya kubunganira, tugafatanya kurangiza urwo rubanza.

- Hali abazana ibibazo berura ko Umutegetsi uyu n'uyu yabarangilije imanza nabi.

Uretse aho mbona haba hagaragara rwose ko urubanza rwarangijwe nabi, tuvuge nk'umuntu watsindiwe amafranga 10.000, aliko bakamwaka 15.000 F, nsaba Umutegetsi warurangije kubikosora; ubundi iyo urubanza rwarangijwe rugakorerwa inyandik-mvugo, ruba rwararangijwe koko. Kugendera kuli icyo kibazo, Umutegetsi wo hejuru akarusubiramo, sibyo byatuma ibibazo bigabanuka, ahubwo byaba urudaca.

Niyo mpamvu bene abo bantu mbasobanulira ko urubanza rurangizwa uko rwaciwe, hagira usigarana ingingimira, akabijulirira mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo.

- Ingorane zivuka mu irangiza ry'imanza

N'ubwo dusaba Ubutegetsi bwa Komini kurangiza imanza, kandi bugakora uko bushoboye ngo buzirangize, ingorane zikomeza kubaho :

* Ababuranyi babura ibyo bishyura kubera ubukene;
* Imanza z'abashakanye, nk'abo Urukiko rwanze gutandukanya kuko guhatira umuntu kubana n'undi bitoroshye, ku bagore ba kabili n'urubyaro rwabo;
* Imanza zimwe na zimwe zitegeka umwe mu baburanyi gusenya;
* Iteza cyamunara ry'ibintu bitimukanwa ligomba gukorwa n'Umuhesha w'Inkiko;
* Ibintu bidashobora gutezwa cyamunara cyane cyane ibitimukanwa kuko itegeko livuga ko 1/2 cya Ha kidashobora gutezwa cyamunara, nyamara abanyarwanda batunze isambu isumba 1/2 cya Ha ni bake cyane (art.359 du C.P.C.C.).

.../...

* Ivanwaho ry'ubugwatira-mubili (contrainte par corps); Itegeko-teka ryo kuwa 7 Nyakanga 1980 lishinga imitunganyilize n'ububasha by'Inkiko ryakuyeho ubugwatira-mubili mu irangiza ry'imanza z'amahugu n'ubucuruzi.

## U M W A N Z U R O

Umwanzuro uratangwa n'abali muli ili hugurwa.

# IBARURA RY'ABATURAGE

## Umusugongero.

Muli iki kiganiro ngiye kubagezaho nasanze ntali bwibande ku kubasobanulira amategeko aliho agenga ibarura ry'abaturage kuko nzi ko muyazi kandi akaba aliyo buli munsi mwifashisha mu kurangiza imilimo benshi muli mwe mushinzwe irebana n'igenzura ry'ibikorwa ku ibarura ry'abaturage n'amatungo.

Mbategulira iki kiganiro nibanze ku gusesengura uburyo umulimo w'ibarura uteye n'uko wifashe kugeza ubu mu makomini. Ibyo ndi bubabwire, sinakwemeza ko ali indorerwamo nyayo y'ibiboneka mu Gihugu hose ku byerekeye ibarura kuko nta buryo nabonye bwo kugera mu makomini yose y'Igihugu cyacu, yemwe n'amakomini ya Prefegitura nkoramo yose sinayagendereye aliko ibyo nashoboye kubona mu makomini make no kumva mu biganiro nagiranye n'abashinzwe umulimo w'ibarura muli Komini ndetse n'abayobozi babo ali bo ba Burugumestri byashobora kumbera ishusho icililikanyije naheraho mvuga imiterere n'ibibazo by'ibarura mu Rwanda.

Kugirango tuze kugira imyanzuro ihamye kuli iki kibazo "cy'ibarura" buli wese atumiwe kuza gutanga ibitekerezo bye anyuzuza kuko ibyo nza kuvuga ntahamya ko byuzuye kuko ntabashije gucukumbura byose.

Impaka zili bugibwe kuli iki kiganiro zize kuzatuma umulimo w'ibarura ugororoka mu makomini, tuwuhuze mu Gihugu hose dore ko ali nawo Igihugu gishingiraho ngo giteganye kandi gitegenyilize n'uzaza ejo.

## IBARURA NI IKI ?

Ibarura ni uburyo bukoreshwa kugirango hamenyekane neza mu gihe iki n'iki umubare, imiterere y'ibintu umuntu atunze.

Ibarura ry'abantu ryo ni uburyo abategetsi kugira ngo bamenye umubare w'abaturage bayobora bakulikije igitsina, amoko, uturere batuyemo (Segiteri, Komini, Prefegitura, Igihugu) imyaka, n'ibindi bifuza ku mimerere yabo.

.../...

Umuntu aho aba ali hose kandi igihe cyose ahora ashaka kumenya umutungo we uko uteye, uburyo wiyongera, n'ibyo ubuze abyongere kugirango udahungabana ahubwo ngo urusheho guhora ujya mbere.

Kuva ubutegetsi bwabaho, abategetsi bagumye gushaka kumenya umubare n'imiterere y'abaturage b'ibihugu bifashishije ibarura ryabo. Mu gihugu cyacu cy'u Rwanda, kubarura abaturage byatangiranye n'umwaduko w'abazungu kuko alibo bazanye kwandika bakanabicengeza mu butegetsi bwaliho icyo gihe.
Amateka y'Igihugu cyacu, aduhishulira ko mu mwaka w'1903 aliho habayeho umubare kigereranyo wa mbere mu mateka y'ibarura ry'abatura-rwanda. Umupadiri winjiye mu Rwanda muli uwo mwaka, witwaga VAN DE BURGHT yavuze ko atamenya neza umubare w'abanyarwanda aliko ko ahamya nta gushidikanya ko abanyarwanda bavuka baruta kure abapfa. Ibarura rye naho ryagarukiye.
Iryo hamwe yalivuze ahereye kubyo yabonaga buli munsi ku mirenge yagendagaho yigisha Gatigisimu. Koko lero yabonaga kenshi abana bavuka aliko akabona limwe na limwe abapfa.
Ibarura kandi ry'abo Bapadiri ryibandaga ku ngo zigize ishuli, no kukumenya umubare w'abigishwa n'abakiristu babaga barabatijwe.
Uretse Abapadiri, abanyamahanga bandi bali mu Gihugu cyacu mu rwego rw'Ubutegetsi (Abadage) bakigera ino bagiye batanga aliko bagereranyije umubare w'abanyarwanda.

Mu mwaka w'1914, niho Rezida w'Igihugu yashyizeho itegeko ry'imisoro. Birumvikana ko igihe abaturage bali batangiye kubazwa imisoro ali naho ubutegetsi bwitaye ku kubamenya.
Nanone ntibyagenze neza kuko ubutegetsi bwali butarahama neza kandi butegereye abaturage nk'uko tubibona muli iki gihe.
Aho Ababiligi baziye mu Rwanda niho ibarura ry'abaturage ryatangiye gukorwa ku buryo burushije ubwa mbere gutungana.

Kuva mu mwaka w'1922, hagiye hakorwa amabarura rusange nk'iki liheruka gukorwa mu w'1978. Nanone ayo mabarura yatangaga imibare umuntu atavuga ko aliyo 100% kuko abafashaga abazungu muli iyo milimo b'abanyagihugu babaga batajijukiwe kandi n'abanyarwanda hafi ya bose bangaga kubarurwa; ngo aha abazungu batazabagira iki ni iki ...
Yemwe no kuvurwa ababyitabiraga bali bake. Kwiga nabyo byali uko.

Mu mwaka w'1939, uburyo bwo kubarura abaturage bwaravuguruwe kuko iyo milimo yakorerwaga muli Sous-Cheferie kandi ishinzwe ba Sous-Chefs.

Mu mwaka w'1949, niho ibarura ryafashe isura y'ibarura tuzi ubu. Muli uwo mwaka abasushefu bahawe inyigisho z'ibarura ry'abaturage. Icyo gihe bahuguliwe i Nyanza.

Mu w'1950, habayeho ibarura rusange (Enquête démographique). Bene iryo barura ryongeye kuba mu mwaka w'1952.
Bityo ubutegetsi butunganya ibarura bushyiraho ibitabo byandikwamo n'amafishi kuli buli mugabo na buli mugore.
Icyo gihe batanze n'agatabo k'umusoro bandikagamo umwirondoro w'umugabo, bagashyiramo n'amazina y'abagize umuryango we (umugore n'abana).
Ako gatabo niko bitaga ibuku cyangwa livret d'identité mu rulimi rw'igifransa. Iyo livret d'identité yahabwaga abagabo n'abasore, ikuzuzwa buli gihe bibaye ngombwa bitewe n'uko habaye iki n'iki gisabwa kwandika ku mibereho ye ya buli munsi : bandikagamo izina ry'umugore niba arongoye, izina ry'umwana niba abyaye, imisoro y'umubili, imisoro y'amatungo, kwimuka n'ibindi ....

Ako gatabo kaje gasimbura ikibarate gikozwe mw'ibati cyahabwaga abamaze gusora ali naho byavuye kukita "Igitabo cy'umusoro" abagabo bitwazaga mu nzira igihe cyose bavuye muli sous-cheferie yabo bajya mu yindi.

Muli uwo mwaka w'1952, ibarura ry'abaturage ryitaweho cyane kuko ali nawo mwaka wasohotsemo "umugambi wa mbere wo gutsura amajyambere n'imibereho myiza y'abaturage".

## NI AKAHE KAMARO IBARURA RY'ABATURAGE LIFITE MU MAJYAMBERE Y'IGIHUGU.

Kumenya umubare w'abaturage b'ibihugu bifitiye akamaro kanini icyo gihugu.Uretse ko abaturage alizo ngufu igihugu gicungiraho mbere na mbere,kubamenya umubare bituma giteganya neza ntigisesengure cyangwa ngo kibeshye kuko ubwiyongere bw'umutungo wacyo ushingiye ku bagituye.

Mu ijambo Prezida wa Repubulika yagejeje ku baturage kuwa 5 Nyakanga 1978, yagize ati: "Tulibutsa ko ibarura ligamije kumenya umubare w'abanyarwanda n'imibereho yabo n'umutungo wabo. Ni igikorwa gikomeye mu migambi y'amajyambere y'Igihugu.

.../...

Igihugu ntabwo ali imisozi n'ibimera bikilimo gusa ahubwo ahanini kigizwe n'abantu bagituye kuko alibo bagiha izina, bagatuma kijya imbere mu mibereho yacyo.
Igihugu twakigereranya n'umubyeyi w'umuryango mukuru w'abagituye.
Kugirango umubyeyi ashobore guteganyiliza abana be, mbere na mbere agomba kumenya uko bangana n'imiterere yabo.
Igihugu nacyo kugirango giteganyilize abaturage bacyo kigomba kubamenya, niyo mpamvu cyashyizeho muli buli Komini abashinzwe gukulikira uburyo bwo kumenya umubare n'imimerere y'abagituye yifashishije ibiro by'ibarura.

Igihugu nticyateganya kubaka amashuli, amavuliro mu karere aka n'aka kitazi abaturage bahatuye uko bangana, n'uko bateye.
Ibyo byose kibimenyeshwa n'ibarura liba ryakozwe. Igihugu nticyateganya igikorwa cy'umushinga kitazi neza abo uwo mushinga uzazamura uko bangana, uko bateye, imibereho yabo n'ibyo bakeneye uwo mushinga uzabagezaho.
Kugirango Komini ikore ingengo y'imali ihamye ni ngombwa ko imenya umubare w'abayituye basora, batanga umusanzu; ikanamenya kandi n'undi mutungo wose ifite yabyaza amafranga azinjira mu isanduku yayo.
Ibyo kugirango ibigereho igomba kwifashisha ibarura.

## IBARURA RY'ABATURAGE LIKORWA LITE KUGEZA UBU ?

Kuva Igihugu cyacu cyashyika ku bwigenge, kihatiye ku kuvugurura no gushyiraho amategeko aberanye n'igihe tulimo ku byerekeye ibarura ry'abaturage. Inyigisho zerekeye ibarura ry'abaturage ryali lishingiye ku itegeko ryo kuwa 19 Gashyantare 1964, liza guhinduka lisimburwa n'itegeko-teka n°01/81 ryo kuwa 16/1/1981 ali naryo ubu inyigisho nshya z'ibarura zishingiyeho.

## NI NDE USHINZWE IBARURA ?

Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 lishinga imiteganyilize y'amakomini mu ngingo yaryo ya 58 livuga ko Burugumestri ashinzwe gufata ibitabo by'imimerere n'iby'ibarura ry'abaturage. Usomye neza iryo tegeko mu gifransa livuga ko Burugumestri ashinzwe kuzuza ibitabo by'imimerere n'iby'ibarura nkuko mbese yuzuza kandi agatanga ibyemezo byose
Kubera imilimo myinshi Burugumestri abifashwamo n'umukozi bita Umukarani w'Ibarura.

Imilimo y'uwo mukozi iteganywa mu nyigisho n° 1272/1PA/REC yo kuwa 21/7/1972. Dore muli make, imilimo Umukarani ashinzwe.

1° Guhora yandika mu gitabo cy'ibarura ry'abaturage ibigomba kuzuzwamo byose (registre de population;

2° Gutanga buli gihe raporo zigaragaza umubare w'abanyarwanda bose bali muli Segiteri akulikije imyaka, amoko n'ibitsina;

3° Kubika neza amafishi n'ibarura, ibyo hakulikijwe ibitsina n'imirenge batuyeho;

4° Kumenya buli gihe ihinduka ry'umubare w'abaturage no kubandika muli za registres z'imibereho bwite. (Abavutse, abimuka, abashyingiwe, abatandukanye, abapfuye ...).

5° Kuzuza impapuro n'amakarita bitangwa na Komini (ikarita iranga abantu, amafishi y'ibarura ali ay'abatuye, abimuka n'abinjira muli Komini);

6° Kuzuza ibyemezo by'iranga-muntu, iby'amavuko n'iby'imimerere bwite;

7° Kumenya umubare w'abanyamahanga bali muli Komini ukulikije Igihugu cy'inkomoko;

8° Kumenya umubare w'inka zili muli Komini;

9° Kugenzura abanyarwanda n'abanyamahanga batanditswe mu bitabo bya Komini,abakili muli Komini barengeje igihe bali bafitiye uruhushya rwo kuba muli Komini.

Umukarani w'Ibarura ashinzwe kandi kwereka Burugumestri abanyuranyije n'itegeko ryo kwandikwa muli Komini bose.

Nkuko mubibona akazi k'Umukarani w'Ibarura ni kenshi cyane kandi kararuhije. Kurangiza Imilimo nk'iyo kandi dusangamo kuba ali ishingiro ry'amajyambere ya Komini ndetse n'Igihugu cyose bisaba ubwitange, umurava n'ubushobozi bw'uwushinzwe. Ni umulimo Burugumestri agomba kwitaho cyane akagenzura niba ukorwa koko kandi neza bityo agatuma wihutirwa.
Ikibazo nyamara ni uko usanga icyo cyifuzo kikili kure yo kuzagerwaho bitewe n'uko kugeza ubu Komini nyinshi zitarumva akamaro k'ibarura. Umuntu akibaza aho zihera zikora imishinga y'amajyambere yazo.

.../...

Kubera ibyo byose Komini zititaho, usanga ingengo y'imali itegurwa akenshi iba ishingiye ku bintu bihimbiwe aho cyangwa ku ibarura lituzuye bigatuma ibyateganyijwe bitagerwaho kuko biba bishingiye ku makoza masa.

## NI IZIHE MPAMVU ZIBONEKA ZIDINDIZA IMILIMO Y'IBARURA MULI KOMINI?

1° Kutumva akamaro k'ibarura.

N'ubwo kubarura abaturage byatangiye kera, nk'uko twabibonye haruguru nta wavuga ko byacengeye mu baturage ku buryo bose buzuza uwo mulimo w'ingenzi wo kwimenyekanisha, kumenyekanisha abo babyara, kwandukuza abapfuye n'ibindi byose biranga umuntu, mu mibereho n'imiterere ye ya buli gihe.

Kwigisha abaturage akamaro k'ibarura biracyali ngombwa rwose. Ni umulimo Komini zigomba kuzilikana buli munsi kurushaho. Nyamara aliko kandi na Komini ubwazo zagombye kumva ko mu iteganya r ry'imishinga yazo zigomba kugendera k'ukuli gutangwa kenshi n'ibarura liba ryakozwe neza.

2° Imikorere idashimishije y'abashinzwe ibarura.

Kubera ubukene bw'amakomini no kutumva akamaro k'ibarura mu majyambere yayo usanga amakomini menshi adakulikirana neza imilimo y'ibarura ikorerwa mu biro byayo. Komini zishinga iyo milimo ikomeye abantu batigeze bahabwa inyigisho ndetse akenshi bashyiraho mwene abo bantu bashaka abo bahemba imishahara mito cyangwa se ali impamvu zo gushaka guha akazi uyu n'uyu wo mu muryango wabuze akazi.

Iyo urebye ubwinshi bw'iyo milimo n'ubukomere bwayo wahamya udashidikanya ko umuntu nk'uwo bapfuye gutoragura atayishobora rwose. Kugirango yereke Burugumestri ko atunganya imilimo ye amuhimbira raporo akuzuza imbonerahamwe aba yahawe reka ibitabo byo sinakubwira, nyamara amakosa ali yose. Kubera ko ntawe umugenzura buli gihe amakosa akandikwa hejuru y'andi buli munsi, imyaka igashira indi igataha. Ng'uko uko za Komini nyinshi ubu zigendera ku mabarura akosheje.

Si ibyo gusa kandi byo guhimba imibare ya nikize; usanga abo bakarani b'ibarura bahindura inyandiko zizwi, ibyo babisabwe n'abantu bifitiye inyungu zabo babanje kubisabira ibintu.

Akenshi usanga abantu bahinduza amoko, ugasanga nko mu muryango umwe, halimo abatutsi n'abahutu, ugasanga abana bamwe banditse k'umubyeyi w'umugore abandi k'uw'umugabo n'ibindi bibi bikorwa bagirango bironkere icyabyibushya umufuka wabo. Birababaje kubona imilimo y'ibarura yarahindutse ahenshi ubucuruzi. Aho imilimo ikorwa neza nanone usanga umukarani umwe adahagije ngo ayuzuze.

3° Gahunda zashyizweho zo kuzuza ibitabo by'iranga-mimerere zitabereye abaturage n'ingendo.

Kubera imilimo myinshi kandi inyuranye ishinzwe umuntu umwe, Komini zasanze ali ngombwa gushyiraho iminsi yo kuzuza ibitabo by'iranga-mimerere.
Iyo umunsi ali umwe mu cyumweru abantu baza ali benshi, ntibashobore kwandikwa bose uwo munsi hakabamo abataha batanditswe n'ubutaha bikaba bityo, bikazavamo kwivumbura no kuzinukwa burundu kuza kuzulisha ibyo bitabo.

Nanone kuba ibiro bya Komini byubatswe kure y'abaturage bamwe bituma batitabira kujya kwandikisha abana, no kwandukuza abapfuye cyane iyo usanga bagomba kubamara imitaga batandikirwa.
Iyo bigenze bityo abaturage bikulikilira ya mvugo yabo bati: "Uwavutse aba yavutse uwapfuye aba yapfuye kwilirwa ajya kumwandikisha ntibyamucira ishati "Naho kumwandukuza iyo yamwandikishije byo ni ibindi ngo kuko Komini itamubulira.

4° Ibihano biteganywa ku batandikishilije igihe.

Nkuko itegeko ligena iminsi ntarengwa yo kwandikishamo abantu no kwandukuzamo abapfuye, liteganya kandi n'ibihano bijyana n'ubukererwe usanga ahenshi bahunga ibihano kuko baba bazi ko bakosheje. Aho kwishyira ubahana bagahitamo kureka rwose kwiyandikisha.

5° Igulishwa ry'ibya ngombwa

Uretse abagabo babazwa ikarita iranga umuntu kugeza ubu iyo bayitaye bumva ali ngombwa kubona indi batanze amafranga, abagore bo ntibabona impamvu yo kwilirwa batanga amafranga yo kugura indangamuntu.

Uretse n'uko badakunda kuyibazwa n'ababifitiye ububasha, ikiguzi cyashyizweho gituma batitabira kuyishaka.

Ikiguzi cy'uruhushya rwo gucumbika nacyo kibuza abanyarwanda benshi, cyane cyane abo mu cyaro, kumenyesha Komini ko bali mu icumbi.
Ibyo biguzi akenshi ni byo kwitonderwa kuko bibuza benshi gukulikiza amategeko agenga ibarura.

## NI IBIHE BIBAZO RUSANGE BY'ABAKARANI B'IBARURA MU IRANGIZA RY'UMULIMO W'IBARURA.

N'ubwo imilimo idakorwa kimwe mu makomini yose y'u Rwanda, usanga muli rusange imilimo y'ibarura ihuza ibibazo bitewe n'uko ireba abaturage b'abanyarwanda mu by'ukuli bafite umuco ujya kuba umwe mu duce twose tw'Igihugu.
Dore lero ibibazo biboneka iyo ugenzuye imikorere n'imitunganyilize y'abashinzwe ibarura.

1° N'ubwo amategeko yerekeranye n'ibarura yagiye avugururwa usanga ibarura lishyirwaho ryaratangiye lidakorwa neza k'uburyo intango yaryo kuyigenderaho bitakwizeza kuzagera ku kuli.
Kumenya umubare w'abaturage nyawo ntibyoroshye keretse ahali uwatangira bushya kubarura no kuzuza bundi bushya ibitabo by'irangamimerere. Urugero :

a) Kera hali aho batagiraga ibitabo byandikwagamo abaturage (registre de popopulation) bakabandika mu makaye, aho biziye ntibyandukurwa muli ibyo bitabo, amakaye arasaza, none imibare ili mu bitabo ntabwo mu by'ukuli yuzuyemo ibyagombaga kubamo.

b) Amafishi y'abagore hali aho atandikwaga.

2) Kwandika abana bavuka ku babyeyi bashakanye badakulikije amategeko, ubu usanga mu makomini bikorwa bidakulikije amategeko aliho agenga mwene abo bana. Halimo ababandika kuli ba nyina, abandi kuli ba Se, abandi ntibabandike rwose, abandi bakandikwa rwihishwa aliko babanje kugira icyo bapfumbatisha umukarani w'ibarura n'ibindi n'ibindi...

3° Abana bavutse ntibandikirwa igihe, usanga ababyeyi bakererwa kubandikisha, ndetse byatinda ntibabandikishe rwose.
Usanga ibibazo bigaruka mu gihe umwana agomba gutangira ishuli, akabura icyemezo cy'amavuko. Iyo batamuhimbiye imyaka, abuliramo atyo ntashobore kwiga.

...*/*...

4° Abapfa nabo ntibandukuzwa, bagumya kubarurwa no guteganywa mu basora n'abatanga imisanzu nyamara batakiliho.

5° Abimuka ntibabimenyesha Komini ngo zohereze amafishi yabo aho bimukiye, ibyo bikoshesha ibarura rya Komini bimutsemo n'iyo bimukiyemo.

6° Abatwa ntabwo bajya bitabira kubarurwa usanga mu mabarura ya Komini ubwo bwoko butazwi mu bitabo nyamara aliko baboneka ku misozi.

7° Ibibazo by'amoko birasobetse muli Komini, abantu benshi barashaka guhinduza ubwoko. Ababishoboye babigeraho n'ubwo uburyo bakoresha butemewe.

8° Abanyamahanga bamaze igihe kirekire mu Rwanda ntibagira aho banditse kuko nabo akenshi batamenya aho bakomoka n'aho bakwiyandikisha (Urugero : abahindi n'abandi banyamahanga b'ibihugu duturanye..). Kugeza ubu Prefe niwe ufite ibitabo by'iranga-mimerere y'abanyamahanga. Ibyo bitabo byuzulizwa abanyamahanga babizi kandi bajijukiwe n'iby'ibarura. Abatabizi ntibilirwa bajya kwa Prefe cyane cyane iyo bibera mu cyaro.

Komini lero yali ikwiye guhabwa ububasha bwo kuzuza ibyo bitabo bitewe n'uko ali yo ili hafi y'abantu nk'abo.

ESE KOKO KOMINI ZIZAGUMYA KUGENDERA KULI MWENE AYO MABARURA ?

Muli iki gihe tugezemo, Komini yeguliwe kuba aliyo shingirory'amajyambere. Nta na limwe amajyambere yagerwaho tugendera ku bintu bikosamye. Ni ngombwa lero ko ibyo bintu byagororwa cyane ibyo birebana n'ibarura ry'abaturage kugirango tugire aho duhera.

Komini ziteganye zishingiye ku mubare w'abaturage uzwi, kuko aliho zikura amafranga yinjira mu isanduku yazo atuma zigera ku bikorwa ziba ziyemeje.
Abasora n'abatanga imisanzu bagomba kuba bazwi. Amatungo asoreshwa nayo agomba kuba azwi.

Kugirango imilimo y'ibarura itungane, Komini zigomba kwita kuli ibi bikulikira :

.../...

1) Gukosora ibitabo biliho by'ibarura ry'abaturage no gutondekanya amafishi. Birumvikana ko ali umulimo ukomeye aliko na none ntacyagerwaho igihe intango itameze neza. Komini zose ziyujulije ibiro zikoreramo; ni ngombwa ko zibonera abashinzwe ibarura aho bakorera hatunganye n'ibikoresho bihagije (amafishi, utubati, ibitabo, udusanduku tubikwamo amafishi n'ibindi....).

Imilimo yo kwandukura mu bitabo ibitanditse, Komini yayihagurukira, ikifashisha abanyeshuli mu gihe k'ibiruhuko bakabyuzuza. Icyo gihe bafasha umukarani w'ibarura gutondeka (classer) amafishi y'ibarura hakulikijwe urutonde rwatuma gukora mu mafishi bimworohera.

2° Gushyiraho abakozi bashoboye no guhora bagenzurwa.
Imilimo y'ibarura ni myinshi kandi irakomeye, birasaba Komini gukoresha abantu babishoboye (D5 ou A2).
Byagaragaye ko umukozi umwe wenyine atarangiza neza iyo milimo; Komini zigomba kwongera umubare w'abakozi zishyiraho nibura babili. Hagati aha aliko Leta yafasha Komini guhugura abo ikoresha ubu.

3° Kurema ibiro byinshi by'ibarura.

Kuba Komini zifite ahantu hamwe zikorera imilimo y'ibarura aliho ku biro bya Komini usanga bibuza abaturage kuza kwiyandikisha kubera ingendo ndende bakora. Komini zishyiraho gahunda yo gusangisha abaturage muli Segiteri abakarani b'ibarura nizo zifite imibare ijya kwegerana n'ukuli.

Ubwo Komini zifite programme yo kubaka ibiro bya za Segiteri zizatekereze no gushyira service y'ibarura muli ibyo biro. Ubutegetsi bwa Segiteri n'ubwa selire bugomba kugira uruhare runini mu milimo y'ibarura ry'abaturage. Biramutse bishobotse ndetse imilimo y'ibarura yakwegulirwa abakonseye nk'uko mbere abasushefu alibo bayikoraga. Mbere y'uko ibyo bizigwa kugirango bishyirwe mu bikorwa, Komini zigomba gushyiraho gahunda ituma abaturage bakirwa vuba kandi bakandikirwa ibyo bazanye kuli Komini hadashyizweho iminsi iyi n'iyi.

4° Kugirango iyo milimo y'ibarura itungane hagomba gushyirwaho mu rwego rwa Prefegitura na S/Prefegitura umukozi ushinzwe gukulikirana iyo milimo no gucukumbura uko raporo zikorwa mbere yo kuzishyikiliza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

5° Itegeko ligenga imiryango lirakenewe cyane kugirango bimwe mu bitumvikana igihe cy'iyuzuza ry'ibitabo ndaga-mimerere, bisobanuke kandi bikorwe kimwe mu Gihugu hose.

# IMYIYONGERERE Y'UMUTUNGO WA KOMINI.

Militante, Militant S/Prefe,

Nkuko ibaruwa ya Bwana Ministri yatwohereregaza programu y'ihugurwa ryacu yansabaga kubagezaho ikiganiro gihereranye n'inyiyongerere y'umutungo wa Komini.
Nshimishijwe no kubagezaho icyo kiganiro kiza kugirwa n'ibice bitatu alibyo :

- Aho umutungo wa Komini uturuka;
- Uko umutungo wa Komini wifashe muri iki gihe;
- Uko umutungo wa Komini wakongerwa.

Ibyo bice uko ali bitatu biraherukwa n'ibibazo dushobora kujyaho impaka muri ili hugurwa.

Muli iki kiganiro rero sinilirwa mbabwira Komini icyo alicy, uko zatangiye, uko umutungo wa Komini wagiye uhindagulika kuva mu 1960 kugez'ubu, ahubwo ndabasobanulira ziliya ngingo navuze haruguru muri iki gihe tulimo.
Muzi mwese ko Komini aliyo shingiro y'amajyambere nkuko Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali,Prezida Fondateri wa M.R.N.D. akaba na Prezida wa Repubulika y'u Rwanda adahwema kubitwibutsa.
Umutungo wa Komini rero usanga aliwo mutima wa Komini iyo aliyo yose.
Niyo mpamvu iyo uwo mutungo ubuze, Komini irapfa, mbese bati iyo Komini ntishobora kubaho, bakwiye kureba indi bayomekaho n'izindi mvugo nk'izo.

Kugira ngo rero amajyambere y'Igihugu cyacu duharanira agerweho, ni ngombwa ko ahera ku majyambere ya Komini, aya nayo azaboneka mu gihe imitungo ya za Komini izaba imeze neza.

## I.UMUTUNGO WA KOMINI UVA HEHE ?

Umutungo wa Komini uva ahantu hakulikira nk'uko bivugwa mu ngingo y'i 123 y'itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 ryerekeye imitegekere ya Komini (Reba urupapuro rwa 477 mu gitabo cya kabili cya "Codes et Lois du Rwanda", ingingo y'123).

### 1. IMISORO NA TAGISI ZISHYIRWAHO MURI KOMINI (fiscalité communale).

Inama ya Komini ishobora gushiraho za tagisi ikulikije umulimo iba yakoreye uwo yaka iyo tagisi. Leta nayo hali ubwo yegulira Komini za tagisi zimwe na zimwe. Urugero nink'amafranga Leta yajyaga ifata mu Nkiko za Kanto cyangwa ku mavuliro ubu ayo mafaranga akaba yareguliwe Komini.

2. <u>INGUZANYO KOMINI ISHOBORA KWAKA</u> (emprunts)

Inama ya Komini ishobora kwaka inguzanyo aho ibona yazibona. Izo nguzanyo kandi zimenyeshwa Prefe.

3. <u>IMFASHANYO N'IMPANO</u> (dons et legs de particuliers).

Komini zishobora kwakira imfashanyo n'impano z'abagiraneza. Aliko rero ziregeje agaciro k'amafranga 100.000, kuzemera bigomba uburenganzira bwa Prefe.

4. <u>INYUNGU ITURUKA KUBYO KOMINI ITUNZE CYANGWA KUMIGULISHILIZE YABYO</u> (revenus et produits d'aliénation du patrimoine communal)

Inyungu Komini ishobora kuyikura kubyo itunze nk'ikamyo; amashyamba, amazu, imilima n'ibindi. Iyo kandi iramutse igulishije bimwe muby itunze nk'ibimaze kuvugwa haruguru biyongerera umutungo wayo w'amafranga.

5. <u>IMFASHANYO YATANGWA NA LETA.</u>

Ibyo byagiye biboneka cyane, kubera ko Leta yabonaga Komini zikennye cyane ikaziha imfashanyo. Ibyo byagaragariye nko ku mafaranga Komini yalimo C.S.R., F.D.C. n'indi myenda. Leta kandi yagiye ifasha amakomini mu mishinga yayo y'amajyambere.

II. <u>UKO UMUTUNGO WA KOMINI WIFASHE MURI IKI GIHE.</u>

Iyi ngingo sinyitindaho cyane kuko mu makomini umutungo ali muke ukulikije imilimo igomba gukorwa. Ibyo rero byakubitiraho imicungire mibi y'uwo mutungo mucye bikarushaho gutera inkeke.
Ubundi Komini zashoboraga kwirwanaho zigahembera imilimo yazo isanzwe: Abakozi, essence, gukoresha imodoka n'ibindi. Aliko rero iyo bigeze ku bikorwa by'amajyambere Komini ziranarirwa neza neza. <u>Urugero</u> : Ubu Komini yose irasabwa kubaka icumbi rya Burugumestri, CCDFP, Canton, ikambi ry'Abapolisi, Citerne z'amazi aho amazi atagera, gereza n'ibindi. Ibyo byose rero Komini ntishobora kuzabivamo ikoresheje umutungo wayo bwite niyo yabigenera igihe kirekire.
Niyo mpamvu rero Komini yagombye gushakisha uko yakongera umutungo wayo nuko yabona imfashanyo hirya no hino kandi ikarushaho kuwucunga neza.

Uwo mutungo uramutse wiyongereye cyane cyane umutungo w'amafranga, Komini yagira ayo isagura ku milimo yayo isanzwe ihembera noheho ayo asagutse agashorwa mu mishinga bityo Komini igatera imbere ?

.../...

Kandi naziliya imfashanyo zaza zisanga Komini igaragaza icyo yakoze ubwayo.

## III. UKO UMUTUNGO WA KOMINI WAKONGERWA.

Iyi ngingo ndayitindaho gato cyane cyane ntanga ingero kuko ali nayo ijyanye n'ikiganiro nasabwe gutanga. Komini yubahilije ingingo zikulikira umutungo wayo kwiyongera.

1. Komini yagombye kumenya ahantu hose hashobora kuyongerera umutungo. Birababaje kubona i Komini ifite amahoteli, amato n'ibindi, ntigire ifaranga nalimwe iyakuraho. Birababaje kandi kubona muri budget ya Komini bavuga ko bazasoresha inka 200 aliko ibarura ry'amatungo rya Vétérinaire likagaragaza ko inka zo muri iyo Komini ali 1.200 cyangwa ze Komini yavuga ko abantu bazasora ali 5.000 umwaka wajya gushira ugasanga 3.500. Ubwo se abo bandi 1.500 niko bapfuye cyangwa se bimutse ?
   Urundi rugero: isoko runaka bakavuga ko ryinjiza amafranga 10.000. Wajyayo uli S/Prefe, wasoresha ukabona 20.000 wabategeka kutazajya munsi yayo mafaranga ukabona barahora bayabona. Ubwo se hali ibintu uba warongeraye muri iryo soko. Ingero zatangwa ni nyinshi, Ibyo byose biturtuka yuko mwitegura rya bije, Konseye yivugira umubare yishakiye w'ibizavaho umusoro, umubare atanze ntusubirwemo, akenshi kandi avuga umubare muto.
2. Ibyo kugabanura abakozi nabyo byatuma umutungo wa Komini wiyongera. Komini yagombye gukoresha abakozi bangombwa kandi ishobora guhemba. Biratangaza kubona Komini ngo ifite abapulanto 2. Ngo ifite ba Percepteurs 2 ku dusoko tubili twinjiza ibihumbi 2.000 iyo twabaye.
3. Komini zagombye kugira imishinga yunguka. Ugasanga Komini ifite Pharmacie, station ya lisansi, ishyamba. Kubona Pharmacie y'umuntu ku giti cye yunguka ntacyagombye kubuza iyo Komini kunguka. Kugirango Komini zigere kuli iyo mishinga zagombye gushaka inguzanyo muri F.D.C., mu mabanki cyane cyane zaka amafranga y'inyungu ndetse bibaye ngombwa bakurikira imiryango y'abagiraneza cyangwa z'Ambasade.
4. Leta nayo yagombye guhora itera inkunga amakomini yongera imfashanyo yayo ku ma Komini cyane cyane nko kumishinga itanga inyungu. Iyo mishinga nayo yagombye kubanza kwigwa neza koko mbere yo gutangira. Leta kandi ntiyagombye gufasha Komini runaka ngo irakennye kuko haliho igihe iyo Komini iba yifitiye ubunebwe kandi ibyayikiza bihali.

5. Komini yagombye kujya yishyuza abayibereyemo imyenda. Birababaje kubona muri raporo umukozi wa Komini ayibereyomo umwenda kandi imuhemba buri kwezi aliko ntiyibuke kumwishyuza. Abo idakoresha nabo ugasanga idatinyuka kubarega. Ibyo rero usanga ali kimwe muli yamicungire mibi y'umutungo wa Komini navugaga haruguru.

6. Komini nayo ntiyagombye gukomeza kwongera imyenda ibereyemo abandi. Nka buri kwezi igihe cy'ihemba Prefe cyangwa S/Prefe bagombye kureba niba amafranga y'uko kwezi yagenewe C.S.R. na F.D.C. yaratanzwe kimwe nay'imisoro (taxes professionnelles). Bitaba ibyo Komini ntizemererwe guhemba abakozi.

7. Komini yagombye kubahiliza bije nk'uko yateganijwe haba mukwinjiza imali cyangwa haba ku byerekeye amafranga agomba gusohoka. Ntabwo na kwemeza ko muli iyi ngingo yo kwongera umutungo wa Komini naba navuze ibintu byose bishobora kuwongera.

Niyo mpamvu mubitekerezo tuza kungurana mu kanya iyo ngingo twarushaho kuyinonosora. Mbere y'uko nsoza iki kiganiro nifuzaga ko mwaza kugira icyo muvuga kutubazo dukulikira:

a) Ese nta kuntu F.D.C. yagira amashami ku rwego rwa Prefegitura, ikahagira Komite iyiharagaralira yakwiga ibibazo byo gutanga umusanzu, kugulizwa no guhabwa imfashanyo niyo icyemezo kidakuka cyazafatwa n'urwego rukuru rwa F.D.C. i KIGALI.

b) Nta kuntu Leta yakwemerera amakomini gushyiraho "Taxe sur Consomation" urugero nko guca 1F kuli buli cupa rya byeli linyowe muri Komini.

c) Leta nta kuntu yagira umugabane isiga muri Komini kuri "Impôts sur les revenus" yaka abantu bayikoreramo.

Murakoze.

ITEGURWA N'IRANGIZWA RY'IMISHINGA.

# I N T A N G I R I R O.

Ikibazo cy'imishinga muli Komine n'ikibazo gikomeye.
Kubivugaho amagambo menshi, kandi ushaka kuvuga ibiriho ntibyoroshye.

Nkuko nabiteguye ndaza kuvuga uko byifashe muli iki gihe, mvuge ibice by'imishinga uko biboneka muli iki gihe, hanyuma tuze kureba bimwe bigomba gutegurwa kugirango umushinga ubeho.

Nta mahame rero mbabwira, ahubwo ndavuga uko mbyumva nuko mbibona.

X X X X

Milita Prezida,

Nkuko gahunda yili hugurwa ibiteganya, itegurwa n'irangizwa ry'Imishinga muli Komine n'ikibazo gikomeye nkuko hali n'ibindi bibazo bikomeye.

Umushinga w'amajyambere n'iki ?

Umushinga w'amajyambere ni urwunge rw'ibikorwa Komine yiyemeza kugera ho kubera ko biyifitiye akamaro, bikakagilira na Rubanda nyamwinshi.

Ubu se Komine igezehe muli bene ibyo bikorwa?

Muli iki gihe tulimo, ariko cyane cyane kuva aho Republika ya Kabili igiriyeho, Amakomine ndetse na Rubanda nyamwinshi, barushijeho kumva no kwitabira ibikorwa bya kijyambere.

Intego y'Umukuru w'Igihugu, Milita Juvenal HABYARIMANA Prezida Fondateur wa M.R.N.D., ahora agira ati : U Rwanda ruzazamurwa n'abana barwo (Mu bumwe, amahoro n'amajyambere). Kuva aho ashyiriyeho Umuganda, ukamamazwa, ugakundishwa Rubanda, nabo bakawitabira. Kuva kandi aho Inyigisho za M.R.N.D. zisaba buli munsi Abanyarwanda guhagurukira gukora, bakareka ikintu cyose cyabarangaza (mu by'amatiku), ibyo byose byakanguye Umutura Rwanda wese.

.../...

Komine yo nkingi y'amajyambere yabyumvise vuba, yitabira Umuganda, yitabira no gukangura abaturage.

Mu byerekeye ibikorwa bya kijyambere.

Muli Komini iyo uvuze imishinga ya kijyambere usanga halimo ibice bitatu :

1) Imishinga fatizo (infrastructures)
2) Imishinga ifite inyungu y'imali
3) Imishinga umuntu yakwita imishinga ya Leta ifatanije Komine imwe cyangwa nyinshi.

Tubanze turebe ibyerekeye Imishinga-fatizo muli Komine.

Aha Komine ikaba yarahagize ubutwali umuntu yakwishimira.
Mu byerekeye za infrastructures Komine yateye intambwe ndende.

Inkuru yabaye ndende ngo "Komine zirakennye. Nibyo koko, ariko njye mbona akenshi ubwo bukene babukabya. None se bigenda bite iyo bavuze ko Komine ikennye, bashyiraho undi mu Burgmestri ugasanga bwa bukene buvuyemo ubukungu.

Gukena nibyo, ariko hali ni uburyo bwo gukoresha utwo duke neza. Aha nshobora kuvuga amakomine menshi yakennye, bahindura Burgmestri akongera agasubirana.
Nubwo musanzwe mubizi, ariko reka ndondore bimwe muli uru rwego rwa za infrastructures Komine yagezeho

- Za bureaux za Komine
- Amacumbi ya ba Burugumestri
- Za bureaux z'amasegiteri
- Za Cantons
- Za Gereza
- Za Centres za IGA, Za C.C.D.F.P.
- ndetse hali na Komine zubatse ibiro by'amaselire
- Imihanda, amateme, imigenderano
- Za Silos Coopératifs
- Gucukura imiyoboro y'amazi no gusukura amasoko
- Gushyiraho za Centres z'Ubucuruzi
- n'Amasoko
- Kubaka za Centres de Santé n'ibindi.

Komine yakoze ibintu byinshi cyane. Uretse twe tubihoramo, kuko kenshi tuba dufatanyije, abandi iyo basohotse bagera hanze, birabatangaza.

Byajyaga kuba byiza kurushaho iyo nza gushobora gutanga imibare y'ibi byose mbabwiye ku makomine yose, ya buli Prefegitura. Narabyifuje ariko muli Prefegitura kubona bene iyo mibare mu rwego rw'igihugu biraruhije. Urundi rugero nabaha rw'ukuntu muli iyi myaka ishize Komine yihuse mu majyambere, ni uko Komine zifite imodoka wazibaliraga ku rutoki. None ubu nibura buli Komine ifite imodoka imwe cyangwa ebyeri, ndetse umenya hali n'izirengeje.
Nanone aha iyo ngira imibare byajyaga kurutaho " Ngo usohotse ukwali ntabisekwa" mu mbabalire.

Ariko nubwo ibi byose bishimishije, ntawareka kumenya no gushima uruhare rukomeye rw'abafashije Komine bagize. Nabo umuntu yabavuga ku buryo rusange.

a) Abaturage : Iyo tuvuze abaturage umuntu yumva Umuganda na Cotisation batanga.
b) Leta y'u Rwanda: Hali za subsides zatanzwe kenshi. Kandi buli mwaka, hafi miliyoni zirenze ijana. Hali Prezida wa Republika mu ngendo ze, hali Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. nawe mu ngendo akora.
c) Hakaza Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Yo rwose yabaye nk'Umubyeyi mubana, cyane ibinyujije muli F.D.C. ngizo inguzanyo ngizo impano (subsides)
Kwishingira (Aval)
Jumelage
n'Inama nyinshi
Za Ministeri zindi zagiye zifasha amakomine
d) Shyiraho n'abagiraneza ba Banyarwanda n'abanya mahanga

Inyungu y'amafranga.

Muli iki cyiciro, Komine hafi zose ziracyafite intambwe zigomba gutera.
Nkuko Mugenzi wanjye wavuze ibyerekeye umutungo wa Komine yabivuze :
Komini ivana amafranga ku bintu 3 :

1. Umusoro utangwa n'abaturage
umubili
n'inka
2. Taxes (diverses)
3. Cotisation

Amafranga Komine ibona ntahagije birazwi, ndetse njye mbona igeze mu gihe gikomeye. Komine kandi byanze bikunze igomba kubaho, n'ayo mafranfa abura akaboneka. Bizagenda bite ?

[illegible]

a) Hali uwavuga ati Leta izazigoboka. Nubu Leta irabikora kandi izakomeza. Ariko Leta nayo ifite aho igarukira. Ndumva ibi ali ingoboka nziza, ariko si igisubizo.

b) Abandi bati uwakongera amafranga yakwaga abaturage. Ariko aho nkabona bitoroshye.

Se wakongera angahe ?

Se Rubanda nyamwinshi, rulimo abakene benshi, bashobora gutanga angahe. Cyakora hali abaturage bamwe njya numva bavuga, bahereye kuducogo cogo twinshi babaka mu musanzu, bati uwabishyira hamwe bikaba 1.000 Frs, ariko akaba ayo gusa. Nibyo numva nganira, nta enquête y'ukuli nakoze ngo menye ukuli kwabyo.

c) Umuti waba uwuhe ?

Imbaraga Komine ifite n'abantu. Umuganda wabo bantu ubwawo n'amafranga. Komini yahaguruka igafatanya nabo, igashakira hasi kubura hejuru, imishinga ifite inyungu (z'amafranga).

- Mu ubuhinzi Komine yahinga (ariko yakunze kugaba - isigara iheru heru)
- Mu bukorikoli, Komine yatera inkunga urubyiruko kandi wenda ikaba associé.
- Mu rwego rwa za Koperative, Komini yahagira uruhare
- No mu rwego rw'ubucuruzi, nzi Komine zifite Pharmacie - Station d'essence zafatanyije n'abantu ubu bikaba bigenda neza. Ibi byose cyakora bikaba bisaba gushora imali Komine idafite.

Ikindi kibazo; ndetse cy'ingenzi : Nuko Komine yashobora kujya ibona imishinga ikozwe neza, igashobora kwemerwa na za Organisme zitanga crédit. Aha hali ikibazo gikomeye. Kuko nta bakozi babishoboye ifite cyakora ntawakwiheba kuko hali ibimenyetso byerekana ko bitangiye guhagurukirwa.

Icya mbere (mu rwego rwa Prefegitura).

Nkubu mu rwego rwa Prefegitura hali abakozi bamaze guhugurwa kugira ngo bashobore gufasha amakomine mw'itegura ry'imishinga.
Ikifuzo nuko bakomeza gukurikiranwa bagasurwa kenshi kandi bakabona ibikoresho. Cyane cyane akamodoka, se bakagira structure nkiza les contrôleurs des Finances bafite. Ministeri ipfunze inzu ibipfunzi, wenda yashobora kubona twa Suzuki icumi. Simbizi ariko nicyifuzo. Utumodoka 2 cyangwa dutatu Prefegitura igenderaho, kandi dukoreshwa n'abantu bose ntiduhagije. Ni ngombwa rero gushyigikira Service de planification ya Prefegitura igakomera rwose, kugirango ishobore gufasha amakomine mu rwego rwo gutegura imishinga.

.../...

Icya kabili (mu rwego rwa Komine).

Mu rwego rwa Komine naho hagombye kuba umukozi ushinzwe iby'iyo mishinga. Agakurikirana ibitekerezo n'imilimo y'akanama k'impuguke, bagafatanya, kuko Burugumestri wenyine atakwira hose. Uwo mukozi yaboneka ate vuba. Mbere yuko amategeko agenga Komine avugururwa, umuntu yapfa kugerageza atya. Dore nk'ubu hali abo bita Fonctionnaire Assistant. Nabo bahugurwa muli uwo mugambi kandi bagashyirwa hose, kuko ubu aho bali usanga, ahubwo basa naho ali Bourgmestre-Adjoint cyangwa se ugasanga basa naho bagenewe gusimbura Burugumestri bityo ugasanga nabo bashaka gutegeka bakagwa muli ya ndwara bita Bureaucratie.

Uko imishinga itegurwa muli Komine.

Ubundi rero uko imishinga itegurwa muli Komine ni uku :

Muli Komine hali urwego rumwe rushinzwe gutegura no gukurikirana uko imishinga ikorwa n'uko irangizwa. Ariko si urwego rw'imilimo rukora buli gihe : ndavuga : Akanama k'Impuguke. Gafite uburyo bubili bwo gukora. Iyo igitekerezo cy'umushinga kimaze kuboneka. Aribo bakibonye cyangwa se ali Burugumestri, haba n'ubwo Prefegitura yabaha suggestion iyi niyi.

Icyo gihe iyo bo ubwabo bashoboye kwiga uwo mushinga, bicamo utunama bakawiga ukarangira.

Baba muli bo ntawushobora kuwiga bakaba ba kwitabaza bagenzi babo bo muli Ministeri. Kuko kenshi abo bagize akanama k'impuguke baba bavuka muli iyo Komine, ariko bakora i KIGALI.

Ingorane ziboneka iyo ibyo byombi bidashobotse, umushinga ukagomba kwigwa n'imiryango cyangwa abantu baka ikiguzi, ubwo n'ingorane à noter. Limwe na limwe Prefegitura ishobora kubunganira ariko au niveau du conseil.

Nguko uko ibintu bimeze muli iki gihe.

Turebe noneho uko bigenda kugirango umushinga uzashobore gutangira.

A. Mbere yo gutangira umushinga w'amajyambere hali ibibazo bimwe bigomba gusubizwa. Abantu bagomba kwibaza icyo uwo mushinga uzamirira abaturage no kumenya icyo ugamije.
   - Bakibaza abantu bazawukoramo aha ubushobozi nibwo burebwa
   - Uzakorerwa he, mukahe karere. Bakareba niba nta kurundanyiriza imishinga hamwe kandi hali utundi turere tuyikeneye.

B. Iyo ibyo bibazo by'ibanze bimaze gusubizwa, umushinga ugamije amajyambere ukora mu byiciro bine.

a) Planification : cyangwa iteganya mugambi
b) Organisation : guteganya uko imilimo izakorwa
c) Direction : ubuyobozi
d) Contrôle : ubugenzuzi.

Turebe rero mu buryo busobanuye ibyo byiciro.

a) Planification cyangwa iteganya migambi.

Umushinga w'amajyambere ugomba kugira intego ugamije, ibikoresho bizatuma iyo ntego igerwaho. Inzira zizakurikizwa n'uko akazi kazakorwa (methode de travail et règles à respecter).
Nyirugutangiza umushinga agomba kumenya kare ingorane zishobora kuvuka mw'itangiza ryawo, hagati cyangwa urangiye.
Kumenya igihe umushinga uzamara(Facteur Temps) na Devis cyangwa (indangagaciro). Ni ngombwa no guteganya igihe ntarengwa buli gikorwa cyihaliye kizamara.

b) Organisation :

Guteganya uko imilimo izakorwa.
Muguteganya uko imilimo izakorwa halimo gushaka abantu babishoboye bazakora muli uwo mushinga. Wamara kubona abantu ukabagenera imilimo. Buli wese akagira icyo ashinzwe. Ibyo ariko ntibihagije ugomba guhora uri maso kugirango igihe cyateganijwe kizagerweho.

c) Direction : cyangwa ubuyobozi bw'umushinga.

Umushinga ubwawo ugomba kugira umuyobozi. Buli rwego rushinzwe igikorwa iki n'iki rukagira ugishinzwe. Umuyobozi nawe agomba kugenzura abantu be kugirango umushinga wihute kandi urangirane n'igihe cyateganijwe.
Burugumestri rero aba ashigaje uburyo bwo kuyobora no kugenzura abakora mu mushinga. Agomba kubyifatamo ate ? Ababyize cyane basanze amatwara akunda kugaragara ali 3

- Ashobora kubikorana amakare (dictateur)
- Ashobora kuba tereriyo (laisser-aller)
- Ashobora se kubiyoborana kumvikana (democratie)

.../...

Iyo Burugumestri akorana ibintu byose amakare ya buli kanya, ndetse n'ibihano bilimo, birakorwa, ariko bikaba gukorera ijisho, yaba adahali aho kugirango abakozi bakore, ahubwo bagasa nabiruhutsa, nawe yamara kubona ko iyo adahali ntagikorwa agashaka kuba hose. Agahora ahangayitse bikaba byamutesha n'umutwe, kuko abayibwira ko abantu bamurwanya kandi alibyo koko, ariko aliwe byaturutseho kubera imitegekere ye. Bene ubwo buryo butuma umushinga uzamba. Kubera kwirukana buli gihe agasigara ashyiraho bandira karande. Kandi wenda badashoboye kumufasha.

Andi matwara ya kabili ni ukuba TERERAYO. Akirinda guhana, abantu bose akabagira manashenge. Ntatinyuke gufata ibyemezo anarchie igatangira.
Wenda abantu bakavuga ko ali umuntu mwiza, kuko babona abatinya kandi bikorera ibyo bishakiye. Wenda bene uwo muntu ntata umutwe, kuko iyo mvugo ko ali umuntu mwiza, ituma yishyiramo ka Morale, ariko nta kigerwaho.

Amatwara ya gatatu:

Uburyo bwa gatatu ali nabwo bwiza, ni ukumvikana n'abakozi (Démocratie).
Bene uyu ayobora na abakozi ubwenge. Kuko yumvikana n'abakozi akurikije ubushobozi bwabo. Akagira igihe cyo gutanga amabwiriza, akagira igihe cyo kujya inama nabo, kandi byaba ngombwa agafata ibihano.

Icyiciro cya kane rero ari nacyo cya nyuma.

Burugumestri agomba gukora kugirango umushinga watangiye urangire ntabipfuye byinshi, ni contrôle cyangwa ubugenzuzi.
Ubugenzuzi butuma Umuyobozi amenya ibyagezweho buli gihe, akamenya umurava w'abakozi, akamenya ibigomba gukosorwa, akamenya gushima ubikwiye.
Aha niho usanga amategeko rusange akurikizwa na bose :

Amasaha y'akazi, y'ibiruhuko, igihe cyo gutanga rapport n'ibindi...
Hali ubundi bugenzuzi, burenze ubwo na bwo bwa ngombwa ni Evaluation ihoraho ali mu gutangira umushinga, hagati, na nyuma, bikaba nka garde-fou kugirango umushinga udata umurongo.
Mu magambo make rero, Komine zitunzwe cyane cyane mu byerekeye imishinga-fatizo, n'umuganda n'umusanzu w'abaturage. Budget ya Komine ikoreshwa mu guhemba abakozi, Mu kugura essence no gukoresha imodoka ya Komine, udusigaye duke, tukagura ibikoresho by'i Bureau ntutundi turimo tworoheje.
Aho usanga ibikorwa byinshi, ni ahali Burugumestri w'inkwakuzi : Arahaguruka agasaba amafranga hirya no hino, akagerageza gukomanga ku nzugi zose yibwira ko yagira icyo ahabona.

Nguwo muli za Ministeri cyane cyane ariko iyacu y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Nayo kandi ibafasha cyane uko ishoboye. Mu buryo bwinshi, ubundi bagashakisha hose, muli za Ambassade, muli za ONG no mu ma Kiliziya ali mu Rwanda, ugize Imana akabona Jumelage we, yumva arudenuye. Hali ba Burugumestri bigaramira, ibintu bikagumaho, cyangwa se byabashobera bakirara mu baturage bashakisha amafranga ku ngufu.

Prefegitura nayo muli urwo rwego rw'imishinga ya kijyambere igira inama nyinshi ba Burugumestri cyane mu rwego rw'ibitekerezo (conception), mu rwego rw'ubuyobozi no kuzishakira abagira neza.

Ikindi Prefegitura ihozaho ijisho nukugirango nutwo duke ifite cyangwa ibonye idukoreshe neza.

<u>Mu rwego rw'Imishinga nakwita iya Leta ikorera mu makomine.</u>
Nayo hakunda kuboneka ingorane hagati ya ba Burugumestri na Chef de Projet mu rwego rwa collaboration. Ibyo ariko ntibikiboneka cyane kuva aho bemeye kubashyira mu nama y'ubutegetsi bw'umushinga.

Mu magambo make, kugirango ndangize, twareba ingorane ba Burugmestri bahura nazo mu gutangiza no kurangiza imishinga.

1. Komine ntifite abakozi babishoboye bo kwiga imishinga
2. Komine ntizifite imali ihagije yo gushora mu mishinga ifitemo inyungu
3. Komine iyo ishatse kuguza, birayigora kuko ibanza kubura umushinga wemerwa na za Banque. Bagakunda no kubura confiance za Banques zigilira aba clients babo. Izo za Organisme zitanga amafranga zikunda gukeka ko Komine itazakoresha amafranga yabo neza kugirango zibone uko zishyura.
4. Ihindagurika rya ba Burugumestri mu gihe gito no muli Komine imwe, kuko ibyo bituma Komine ihora mu bituzura.
5. Ingorane ya nyuma niuko bene iyo mishinga itegurirwa muli Leta, kenshi Burugumestri atagiraho uruhare, bigatuma rero gukurikirana uko ikorwa bimurushya.

Icyo narangirizaho n'icyifuzo. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, Amaprefegitura, amakomine, bigize umuryango umwe kandi mugali. Nasabaga ko habaho icyo nakwita "Bulletin d'information" y'imibereho y'amakomine na za Prefegitura mu byerekeye imishinga. Bityo tukagende-ra hamwe, kuko byatuma bamwe bigira ku bandi.

-o-o-o-o-o-o-o-o-o-o-

# ITEGURWA N'IKORWA RY'UMUGANDA

## Intangiriro:

Mbanje gushimira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yashyize mu bikorwa icyifuzo cyatanzwe mw'ihugurwa rya ba Suprefe ryo muri 1984.
Icyo cyifuzo cyasabaga ko, mugutegura ibiganiro bigamije kungurana ibitekerezo, abaje guhugurwa nabo bagiramo uruhare.
Ikiganiro ngiye kubagezaho cyerekeye itegurwa n'ikorwa ry'UMUGANDA.

Kimwe n'ibindi biganiro byateguwe, iki kiganiro ngiye kubagezaho ntabwo ari isomo ry'ibintu bishya, kuko biri mu kazi kacu ka buri munsi. Ahubwo ni ukugirango bidufashe guhuriza hamwe no kungurana ibitekerezo ku kibazo kidushishikaje twese cyerekeye itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda mu ma Prefegitura dukoramo bityo Umuganda urusheho kugera ku ntego zawo.

Tubanze twibukiranye ku bintu bimwe na bimwe.
Tumaze imyaka 11 twibumbiye muri Muvoma. Mu byiza iyo Muvoma yatoje abanyarwanda twese, harimo kuzamura igihugu cyacu dukoresheje imbaraga zacu. Dukora Umuganda. Tuzi kandi ko nta munyarwanda uhejwe muri Muvoma. Ndetse n'abanyamahanga batuye mu Rwanda barayishyigikiye. Umunyarwanda wese ahamagariwe guteza imbere igihugu cye agiha Umuganda. Ndavuga umunyarwanda wese kuko n'abana bo mu mashuli abanza bakora Umuganda, buri wese akurikije imbaraga ze.
Ibyo bisobanurwa neza na Manifeste ya Muvoma igira iti: "Nta n'umwe uzasigara iruhande kuburyo Muvoma itareba ibikorwa bye, kuko igihugu cyacu gishaka uko cyatengamara, ari mu majyambere y'ingo, ari mu bukungu, ari muri Politiki, ari mu bwenge, ari no mu myifatire ntawe kirobanuye". Ibyo bigakorerwa kugirango tuzasigire umurage mwiza u Rwanda rw'ejo. Igihugu cyacu rero kizatengamara ari uko tugeze ku majyambere, ku mibereho myiza y'abaturage. Tugatsinda intambara duhuriyeho n'ibindi bihugu biri mu nzira y'amajyambere.
Imwe mu ntwaro tuzitwaza ni amaboko yacu. Ariyo mpamvu tugomba gushyigikira Umuganda ku buryo bwimazeyo.
Umukuru w'Igihugu Général Major HABYARIMANA Juvénal, yaduhaye urugero hamwe na bamwe mu bafasha be. Hari taliki ya 2 Gashyantare 1974.
Ni ukuvuga ko imyaka ishize ari 12 dukora Umuganda.
Ibyo watugejejeho ni byinshi :

- Twakangukiye kurwanya isuri turengera ubutaka bwacu budutunze. Uwasinziriye mu bunebwe ubu umusaruro we waragabanutse.
- Dutera amashyamba yo gufata imisozi yacu kandi azaturengera mu gihe kizaza.

…/…

- Twiyubakira amazu y'ubutegetsi n'afasha abaturage kugira ubuzima buzira umuze.
- Twiyubakira amashuli dushyigikira ivugururwa ry'amashuli ryatangiye muri 1979.
- Duhanga imihanda ihuza Komini, Segiteri na Selire bitagombye inguzanyo ziturutse mu mabanki y'amahanga zizishyurwa zisabye n'inyungu.
- N'ibindi ntiriwe ndondora ...

Bityo, twavuga ko Umuganda wagiye ugera ku ntego wari ugamije arizo izi zikurikira:

- Intego yerekeye Politiki : -Kwongera guhesha agaciro imirimo y'amaboko ari nabyo muri bimwe révolution yo muri 1959 na 1973 zari zigamije.
- Intego yerekeye ku bukungu: -Kwongera umusaruro. Ku bakemanga iyi ngingo bagombye kumenya ko utakongera umusaruro utarwanyije isuri kandi icyo ni igikorwa cy'Umuganda.
- Intego yerekeye ku muco : -Gukomeza mu batura-Rwanda umuco mwiza wo gukorera hamwe, bakiyumvamo ubuvandimwe, tugashingira kuri uwo muco dushinga za Koperative, duterana inkunga mu budehe, mu bimina n'ibindi ...

Twakwemeza kandi ko Umuganda watumye ducengerwamo n'amahame-remezo ya Manifeste ya Muvoma itubwira iti :

- Umurimo niwo soko y'ubukungu bw'igihugu, soko y'amajyambere tuzageraho ari uko dushyize hamwe imbaraga zacu.
- Kuri buri muvuka-Rwanda wese, ibikorwa nibyo biri imbere kuko aribyo bituma abona umwanya we n'agaciro mu bandi.
- Umukuru w'Igihugu ahora atubwira ati: "U Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo". Ibyo ntibisobanura ko u Rwanda ruzajya mu bwigunge, rufite inshuti nyinshi, ariko imfashanyo y'amahanga ikaza yunganira imbaraga zacu.

## Gutegura Umuganda

- Kugirango Umuganda ugere ku bikorwa bigaragara kandi aba militantes n'abamilitants bawukore nta ngingimira, ugomba gutegurwa neza. Kubera iyo mpamvu, hashyizweho Komisiyo zigomba gutunganya uwo murimo mu nzego zose.

* Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Umuganda igizwe: MRND-MINIPLAN-MINITRAP-MINAGRI-MININTERDECO-MINIFOP-V/P CND-OCIR.

Iyo Komisiyo igomba : -kumvisha kurushaho politiki y'Umuganda

-Gutegura no gukora gahunda y'Umuganda mu gihugu cyose
-Kugenzura ibyakozwe no kugereranya ingano yabyo.

* Komisiyo ya Prefegitura y'Umuganda igizwe na :
-Umuyobozi wa MRND muri Prefegitura
-Abandi bashyirwaho na Komite ya Prefegitura
Iyo Komisiyo ishinzwe gutegura no kugenzura ikorwa ry'Umuganda muri Prefegitura yose.

* Komisiyo ya Komini y'Umuganda
Komini ifite ubwigenge mu bikorwa byayo bihuje n'akarere.
-- Selire zigenga nazo zikurikiza programu ya Komisiyo ikorera muri ako karere.

Abagize izo Komisiyo bashyizweho hakurikijwe ahanini imirimo bashinzwe mu rwego rw'Igihugu, rwa Prefegitura n'urwa Komini. Komisiyo ya Prefegitura ijya mu makomini kureba uko Umuganda ukorwa. Abagize Komisiyo ya Komini bigabanyamo za S/Komisiyo zijya nazo mu masegiteri kureba uko Umuganda ukorwa.
Izo Komisiyo nizo zishinzwe gukora programu y'Umuganda, no kureba uko ikurikizwa. Bashobora gukora programu y'igihe gito cyangwa kirekire:
-programu y'ukwezi
-programu y'igihembwe
-programu y'umwaka.
Iyo programu igomba gukurikiza ibi bikurikira :
. Gutegura ibikorwa bifitiye rubanda nyamwinshi akamaro
. Kubanza gusubukura ibikorwa byari bisanzwe, byatangiye.
. Gutegura ibikorwa bifite isano n'umugambi wa buri mwaka
. Kwita ku miterere y'akarere n'ibihingwa bihera
. Gukora programu ihuje n'ibihe by'umwaka
. Gutegura ibikorwa bihuje n'imbaraga z'abakora Umuganda
. Kumenya umubare w'abashobora gukora Umuganda
. Guteganya ibikorwa by'ingoboka.
. Kugeza kubo ushinzwe iyo programu bakagira icyo bayivugaho.

Mu maselire yihariye hakurikizwa ibi bikurikira :
. Kwita ku ngingo zose zavuzwe haruguru
. Kwita ku miterere y'ikigo :
-Ikigo cy'amashuli abanza n'ayisumbuye
-Ibigo by'amashuli makuru
-Ibigo by'imishinga n'inganda
-Ibitaro, ibigo nderabuzima, ibigo mboneza-milire
-Ibigo by'amashuli agamije imyuga n'ibindi ....

.../...

-Aho Umuganda ukorerwa hagomba gutegurwa mbere, abayobozi b'imirimo bagakora listi y'abagomba gukora Umuganda.
Umubare w'abazawukora ukamenyekana mbere. Bikamenyeshwa abamilitante n'abamilita mu nyandiko cyangwa se bikavugirwa muri animasiyo, bakagabanyamo amakipe bagashyira Pancartes aho buri kipe izakora cyangwa se buri tsinda. Ibyo bigakorwa igihe amaselire yihariye menshi akorera hamwe.

-Muli Komini ho buri Segiteri ikorera ahayo cyangwa se amaselire abiri, atatu agakorera ukwayo. Uburyo bukoreshwa ni ugutanga icyate gihuriweho n'itsinda cyangwa umuntu umwe.
Birumvikana ko iyo Umuganda wateguwe neza, abawukoze birabashimisha.
-umuntu asubiza amaso inyuma akishimira icyo yakoze
-mu gihe gitaha, ibikorwa by'Umuganda bizagabanura imisanzu yakwa abaturage. Amashyamba ya Komini n'aya Segiteri atangiye kungura umutungo.

Abaturage binubira Umuganda
-Iyo wateguwe nabi
-Ahateguwe ari hato, abaje mu muganda bakabura icyo bakora
-Guhora ujarajaza abaturage, ibyo bakoze mbere bitaruzura cyangwa bipfa ubusa bigatuma bacika intege.
-Gutegura Umuganda usaba amafranga kugirango igikorwa cyuzure kandi utazi aho uzayavana.
-Iyo uwayoboye Umuganda yabonye umubyizi ushimishije, agahatiriza.
-Iyo uwayoboye Umuganda ari umunebwe atanga urugero rubi.
-Iyo abayobozi b'imirimo bategera abakozi bashinzwe.
-Iyo ibivuye mu muganda batamenya irengero ryabyo.
-Iyo Umuganda uharirwa rubanda rugufi, abakuru bagashaka urwitwazo rw'akazi k'ibiro ku munsi wagenewe Umuganda.
-Iyo uyobora Umuganda aza atinze, n'igihe ahageze ye ntakore, agahagarikira abakora.
-Kwongera iminsi y'Umuganda, abaturage bakabura igihe cyo gukorera ingo zabo.

## Gukora Umuganda

Twabonye uko Umuganda ugomba gutegurwa mu maselire yihariye no mu makomini.
Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yashyizeho iminsi 2 mu cyumweru y'Umuganda.
Kuwa kabili: Umuganda w'abagabo, abasore n'inkumi.
Kuwa kane : Umuganda w'abagore.
Amasoko yaremaga kuri iyo minsi avanwaho ashyirwa ku yindi.
Ayo mabwiriza yarubahirijwe mu Rwanda hose ariko hakaba hariho ababo-

....,..

namo imbogamizi ku mutungo wa Komini kuko byatumye amasoko ahurirana kubera iminsi mike mu cyumweru, maze amahöro aragabanuka.
Bikubitiraho n'uko hagiyeho andi mabwiriza asaba kongera kugabanura amasoko maze hagasigara aya ngombwa.
Icyo ni ikibazo yenda nawe mwumva hirya no hino.
Twabonye kandi ko Komini ifite uko itegura Umuganda. Abagize Komisiyo ya Komini ishinzwe Umuganda batanga amabwiriza azakurikizwa mu masegiteri yose.
Gahunda ikorwa igomba kumenyeshwa abajyanama bakagira icyo bayivugaho. Abajyanama nabo bakageza iyo programu ku baturage. Mu gukora Umuganda, abatuye Segiteri bakorera hamwe cyangwa se amaselire abiri, atatu agakorera hamwe.
Abayobozi ba Selire baba bafite ikaye banditsemo abagomba gukora Umuganda. Iyo Umuganda urangiye barahamagara, abaje bagasinyirwa ku gipande, abataje bakamenyekana.

Abo bataza mu muganda

- Harimo abafite impamvu:
  - indwara
  - abasaza n'abakecuru
  - abakozi ba nyakabyizi bo muri za Projet
- Hari abasiba ku mpamvu zitazwi ariko umuntu yakeka:
  - abasore bahunze icyaro
  - abataza mu muganda nta mpamvu
  - abanegura umuganda bagira umwete muke.

Abo bose bashakisha impamvu zitari zo, byaravuzwe, bitwaza byinshi:
- Ngo nta mategeko agenga Umuganda kandi hariho itegeko-nshinga n'andi mategeko agenga abakozi
- Ikibazo cy'abagirira impanuka ku muganda nacyo kiravugwa. Ariko tuzi ko cyashyikirijwe inzego zibigenewe, kandi cyabonewe umuti.
- Ikibazo cy'ibikoresho. Kuri icyo kibazo buri wese yamenyeshejwe ko agomba kuzana ibikoresho bye bwite. MINAGRI na za Projets bashobora gutera inkunga aho bashoboye.

Tuzi ko Umuganda ari itegeko kuri buri wese ariko atari agahato, kuko ibikorwa by'Umuganda atari ibizamura kanaka ahubwo biteza imbere igihugu cyacu.
Aha ngaha, umuntu yakwibaza niba hari ibihano biteganyirijwe abadakora Umuganda.
- Ku muturage udafite akazi gahemberwa umushahara, ntitwakwihutira gutanga ibihano. Ahubwo twakomeza gushaka uburyo bwo kwongera kubakangurira ibikorwa by'amajyambere.
Unaniranye agashyikirizwa inama ya Selire cyangwa ya Segiteri maze ikamugaya.
- Ku bakozi ba Leta cyangwa abo mu bigo byigenga, amategeko agenga imirimo arahari no mu gutanga amanota y'ishimwe ku bakozi abakoresha bafite icyo bavuga ku mikorere y'Umuganda n'animasiyo.

.../...

Kuyobora Umuganda

Ingingo ya mbere igomba kwitabwaho ni ukumenya ko uko Umuganda uyoborwa mu maselire y'icyaro, bitandukanye n'uburyo bukoreshwa mu maselire yihariye.

Mu maselire yo mu cyaro:

-Uyobora Umuganda ni Konseye cyangwa Responsable wa Selire. Ari nawe twakwita umukoresha. Atanga amabwiriza ya ngombwa, akora anakipe atanga ibyate. Akaba ariwe umenya isaha yo gutaha.

Mu maselire yihariye:

-Umuyobozi w'imirimo niwe uyobora abo ashinzwe. Ni nawe uba yakoze liste y'abaza mu muganda kandi aba asanzwe azi buri wese. Akaba ari nawe uzatanga amanota y'ishimwe ry'umukozi. Niwe rugero n'urumuri rw'abakozi akoresha.

Byaragaragaye ko mu maprefegitura, iyo amaselire yakoreye Umuganda hamwe, Prefe cyangwa se Suprefe bakagira impamvu zibabuza kuza mu muganda, habura uyobora abandi kandi abakuru b'imirimo bahari, bakitana ba mwana ngo singiye kwiteranya n'abakozi.

Twebwe ba Suprefe uruhare rwacu ni uruhe ?

Kubera ko Prefe ashinzwe guhuriza hamwe ibikorerwa muri Prefegitura kandi tukaba turi abafasha be, birumvikana ko dufite uruhare mu'itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda:

-mu kuyobora Umuganda
-gutanga urugero no kuba urumuri rw'abandi
-guhuriza hamwe za raporo zivuye mu makomini no mu maselire yihariye
-gukangurira abaturage ibikorwa by'amajyambere.

Ariko hari bamwe bafitemo uruhare kurusha abandi. Abo ni ba Suprefe bafite mu mirimo bashinzwe ibyerekeranye n'Umuganda. Nuko ariwe ujyana na Komisiyo y'Umuganda mu makomini kandi agakorana n'abatekinisiye (Agronome).

Ku byerekeye raporo y'Umuganda

Hari raporo z'uko Umuganda ukorwa na raporo z'ibyakozwe n'Umuganda n'agaciro kabyo. Muri Komini, raporo ziturukа muri Segiteri zigashyikirizwa Burugumesitiri, nawe akazigenzura neza kugira ngo arebe ko zihuje n'ukuri maze akazohereza Prefe wa Prefegitura. Raporo ziturukа mu maselire yihariye zihita zishyikirizwa Prefe. Kuri Prefegitura bakazishyira hamwe kugirango zishyikirizwe Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini; ari nayo ishyira hamwe iz'igihugu cyose.

Iyo Ministeri yatanze kandi uburyo buhuye mu Rwanda hose bwo kwerekana agaciro mu mafranga k'ibikorwa by'Umuganda.

.../...

Gushyigikira ibikorwa by'Umuganda

Mu rwego rw'igihugu hateganijwe isanduku igenewe gushyigikira ibikorwa by'Umuganda. Ariko igihe itarashyirwaho ibyo bikorwa bishyigikirwa na :
- -Inkunga ya Prezida wa Republika
- -Prezidansi ya Muvoma
- -Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
- -Abagira neza b'abanyarwanda
- -Abagira neza b'abanyamahanga
- -Imiryango idaharanira inyungu.

Uruhare rwa ORINFOR: Gukangurira abaturage ibikorwa by'amajyambere.

Ofisi y'Amatangazo ya Leta nayo ifite uruhare rugaragara mu gukangurira abaturage ibikorwa by'Umuganda. Abakozi bayo bakorera muri Prefegitura ku minsi y'Umuganda cyangwa ikindi gihe basura ibikorwa by'Umuganda n'ahakorewe Umuganda. Ibyiza babonye bakabivuga, ibikosamye bigakosorwa.
Radio Rwanda ikabibwira abamilitante n'abamilita. Imvaho nayo ikabibagezaho mu nyandiko. Ikibazo ni uko abazi gusoma bakiri bake.
Ari nayo mpamvu amahuriro yo guhugura abaturage ubutitsa agomba gushyigikirwa mu Rwanda hose.
Ayandi mabwiriza atangwa na Prefe anyura mu nzira ebyiri:
- -gukoresha inama abaturage muri Komini ibyo ntibiba kenshi
- -kuyandika maze inyandiko igashyikirizwa Burugumestri.
- -Burugumestri nawe atuma ku ba Konseye akabibabwira mu nama cyangwa akabibandikira.
- -Konseye nawe akoresha ubwo buryo bubiri kugirango abibwire ba Responsable ba Selire cyangwa abaturage mu nama ya Segiteri.
- -Umuyobozi wa Selire nawe ni uko, hakaba ubwo ayo mabwiriza ajya kugera ku muturage ubutumwa bwarahindutse, bamwe bariyongereyemo ibindi. Bamwe bati dore amategeko avuye hejuru ntimuturenganye ntabwo ari ibyo twahimbye.

Iyo amatora yegereje abajyanama ba Komini na ba Responsable ba Selire bagabanura umurego, ntibongere gushishikarira Umuganda. Kugeza naho basinyira n'utawujemo bagamije kwishakira amajwi. Kuko Muvoma ariyo yamamaza abakandida bayo mu nzego zose za politiki, yagombye kugenzura nk'abo bantu uwo bigaragaycho akavanwa kuri listi.
Muri make dore ibibazo bimwe bifitanye isano n'UMUGANDA byadufasha kungurana ibitekerezo :

1. Iminsi y'Umuganda:
   a) Gukura amasoko kuwa kabiri no kuwa kane byaba se bifite uruhare mu kugabanura ku mutungo w'amakomini amwe ?

b) Imikorere ya za Komisiyo zishinzwe gutegura Umuganda.

2. Abakozi ba Leta:
   a) Abakozi ba Leta bagomba se kuriha ibyakozwe n'Umuganda mu masambu yabo kandi nabo aho bari bakora Umuganda ?
   b) Impanuka zikomoka ku muganda zishingirwa n'isanduku y'ubwitegagnyirize bw'abakozi
   c) Kuba gutanga amanota y'ishinwe ku mukozi bishingira no ku muganda byatuma arushaho gushishikara.

3. Ibihano
   a) Utakoze Umuganda ari umukozi ahanishwa iki ?
   b) Mu maselire yo mu cyaro, Komini ihana ite utakoze Umuganda ?
   c) Igipande cy'uwakoze Umuganda giteye gite, cyuzuzwa gite ?

4. Abashinzwe ubuhinzi mu rwego rwa Prefegitura, Komini na Segiteri bafite ruhare ki mu gutegura Umuganda ?

5. Muri Prefegitura ukoramo, hari uwuhe mwihariko mu gutegura Umuganda ?

6. Isanduku yo gushyigikira ibikorwa by'amajyambere tuyitezeho iki ?

7. Ikibazo cya Komini zongera iminsi y'Umuganda mu cyumweru

8. Imicungire y'ibyakozwe n'Umuganda mu minsi iri imbere:
   - Ibiti byera imbuto ziribwa byatewe, kawa ..........
   - Amashyamba ya Leta, Prefegitura, Komini, Segiteri

9. Uruhare rwa ORINFOR mu gukangurira abaturage Umuganda

10. Programu yo gusura Komini zizaba iza mbere mu bikorwa by'Umuganda byerekeranye no kurwanya isuri muri 1988.

11. Amabwiriza atangwa n'inzego zo hejuru agera ate ku baturage.

12. Uko Umuganda ukorwa iyo amatora y'abajyanama ba Komini na ba Responsable ba Selire kimwe n'abandi bagize Komite za Selire.

Ngibyo bimwe mu bitekerezo nashoboye gushyira hamwe byadufasha kungurana ibitekerezo ku byerekeye itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda.

KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO.

Milita Prezida w'Inama,

Banyacyubahiro muri hano,

Ba Milita Suprefe,

Nashimishijwe no kubona umwanya wo kubagezaho ikiganiro " KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO ".

Iki kiganiro ubwacyo nk'uko mubibona nticyoroshye, kuko gikubiyemo byinshi bitugenga, nari ngiye kuvuga ko kigize igice kinini cya Bibiliya ikubiyemo amahame n'amabwiriza remezo yacu. Nkaba ngirango mbe niseguye ku baza gusanga ntarasesenguye ngo maremo. Benshi muri twe barambye muri aka kazi cyangwa basanzwe bazi gucengera imvugo n'inyandiko, sinshidikanya ko bari bunyunganire ku byo ndibube navuze igice cyangwa ku byanyihishe.

Icya kabiri nagirango twumvikaneho, ni uko tubizi ko Suprefe ari umufasha wa Prefe, ibyo dukora mu butegetsi bwa Prefegitura ntawubikora mu bwatsi yaba yaragabiwe, abikora mu mwanya wa Prefe ashyikiriza raporo.

Nk'uko itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigena Imitegekere ya Komini ( reba ingingo ya 64, 65 ) n'Itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rigena Imikorere n'Imitunganyirize ya Prefegitura ( reba ingingo ya 8 points 4, 7, 9 n'ingingo ya 17 ) abiteganya, Prefe niwe wenyine ufite ububasha bwo kugenzura imitegekere ya Komini.

Ikiganiro cyanjye sindi bukivugemo ibyo Suprefe ashinzwe mu kugenzura imitegekere ya Komini cyangwa uko akora raporo ku bikorwa muri Komini. Byose ndibubyerekeze kuri Prefe nk'uko itegeko ribimwemerera kandi niwe uha akazi aba Suprefe, ibyo bakora bakabikora mw'izina rye n'igihe abishaka, kuko byose ariwe bibazwa imbere y'inzego z'Ubutegetsi n'iza Politiki.

Ubwo twumvikanye kuri ibyo bintu bibiri, reka dusuzume iby'ikiganiro cyacu. Iki kiganiro murabona ko kirimo ibice bibiri:

1. Kugenzura imikorere y'Ubutegetsi bwa Komini;
2. Gutegura za Raporo.

.../...

Ku bireba " Kugenzura imikorere y'ubutegetsi bwa Komini ", turi burebere hamwe ibyiciro by'ubwo butegetsi, tunibukiranye amategeko yemerera Prefe kubugenzura n'uko bikorwa.

Naho ku byerekeye gutegura za raporo, turi burebe itegeko ryo gutanga za raporo, tunibukiranye za Raporo zisabwa n'uko zabonekera igihe kandi zinoze.

Birumvikana ko tuza kubona umwanya wo kwinegura kuri izo ngingo zombi, nyuma turebere hamwe imyanzuro yubaka twafata. Cyakora ntimutangazwe no kubona ndibugaruke kuri bimwe byavuzwe, kuko kugenzura Ubutegetsi ni ukugenzura byose: inzego z'ubutegetsi, imari, umutekano, ibikorwa bya kijyambere,....

## I. KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI.

### A. Ububasha bwa Prefe mu mitegekere ya Komini.

Nk'uko mubizi Komini ni urwego rw'Ubutegetsi rufite ubuzima-gatozi, bugenzurwa na Prefe mu butegetsi Nyubahiriza-tegeko. Nta bigomba gukorwa muri Komini Prefe atabyemeye, uretse ibyajuririwe Prezida wa Repubulika cyangwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bakavuguruza ibyo yemeje ( reba ingingo ya 15 y'Itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rigena Imikorere n'Imitunganyirize ya Prefegitura, n'ingingo ya 64 kugeza kuya 69 y'Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigenga Imitegekere ya Komini ). Ingingo ya 65 y'iryo tegeko rigenga Imitegekere ya Komini igira iti: " Igenzura ry'ibikorwa n'Abategetsi ba Komini rigirwa ku buryo bukurikira:

a) Kwemerera cyangwa gutanga uruhusa rw'ibigiye gukorwa
b) Kubihagarika cyangwa kubisesa rwose
c) Kubisimbuza ibindi.

Prefe ashobora no gukora mu mwanya w'abategetsi ba Komini iyo abona barenga ku mategeko n'amabwiriza igihe abibibukije kabiri mu nyandiko ntibagire icyo bakora; ibyo tubisanga mu ngingo ya 69 y'itegeko rigenga imitegekere ya Komini nibukije. Ibi birabagaragariza ububasha Prefe ahabwa n'amategeko kugirango akurikiranire hafi imikorere y'ubutegetsi bwa Komini, maze:

- Mu butegetsi Nyubahiriza-tegeko amabwiriza n'amategeko yubahirizwe mu baturage,
- Muri Komini hakorwe programu yubahiriza ibyemezo bya Guvernema, kandi Komini zishyireho gahunda yo gutsura amajyambere rusange y'abaturage,
- Hakosorwe ibyaba bishaka kunyuranya n'amategeko n'amabwiriza.

.../...

B. Ibyagenzurwa mu mikorere y'Ubutegetsi bwa Komini.

1. Kugenzura inzego z'Ubutegetsi.

Twibukiranye ko muri Komini hari inzego z'ubutegetsi zikurikira:

- Inama ya Komini
- Akanama k'Impuguke
- Inama Iharanira Amajyambere.

Izo nzego nk'uko mubizi, abazigize bafite uko bajyaho, ibyo bashinzwe n'uko bakora, bose bakaba barashyizweho kugirango bahamye Amahoro, Ubumwe n'Amajyambere y'Abaturage muri Komini. Iyo umwe, bamwe cyangwa bose batagiyeho cyangwa badakora ibyo amategeko n'amabwiriza ateganya, ni ngombwa ko bikosorwa hakiri kare. Ibyo ni ibireba Ubutegetsi bwa Prefegitura.

Reka tunegure bimwe biboneka mu butegetsi bwa Komini:

a) Ba Burgmestri benshi bafite umurava udasanzwe wo kubyaza amajyambere ku ngufu;

b) Abategetsi bamwe ntibarumva icyo aricyo Ubutegetsi muri " démocratie " ugasanga bakanda cyangwa bakandamiza abaturage cyangwa se bakabishyiramo iyo bagiye kwibariza mu nzego zo hejuru, abandi bigize Abahanuzi bibwira ko bazi kandi bashoboye bonyine iby'isi.

c) Amatora ntahishura Abayobozi Nyabo.

d) Abategetsi bamwe cyane cyane muri iki gihe ntibumva icyo aricyo gucunga ibya rubanda ( barakurura bishyira) abandi ntibazi ibyo bashinzwe n'uko bigomba gukorwa, abandi bibwira ko ibya Leta ari ibyabo bwite.

e) Ba Burgmestri bose barataka ko akazi kishe, kandi koko nibyo barirya bakimara. Ariko kandi biratangaje kubona benshi barashwanye n'abafasha babo, bamwe bita Burgmestre-Adjoint cyangwa Burgmestre-Assistant. Ibyo ndakeka ko biterwa n'imihini mishya cyangwa biterwa n'abashaka kwiharira Ubutegetsi. Burgmestri-assistant akwiriye itegeko rigena imikorere ye.

f) Abajyanama ba Komini bavunisha Burgmestri. Abo bajyanama bafite ububasha burenze ubushobozi bwabo iyo twibutse abo aribo, tukibuka ko aribo bagena ibigomba gukorwa byose muri Komini kuko banavuguruza ibyemezo by'Akanama k'Impuguke n'ibyemejwe n'Inama Iharanira Amajyambere. Konseye yari akwiriye kuba Umujyanama koko: Umujyanama wa Burgmestri n'uwabaturage. None akenshi ubwo mbona bategereza amahame ya Bwana Burgmestri, iryo zina n'iyo ntera bikwiriye abandi atari ba Konseye tuzi, abandi bagira inama Burgmestri kandi bagafata ibyemezo nyabyo bivuguruza cyangwa byuzuza ibya Burgmestri mu kugena ubuzima n'imibereho ya Komini. Mbona hakwiriye kubaho Akanama k'abantu bajijutse bahabwa ububasha bw'Inama ya Komini, naho Segiteri igategekwa n'umuntu ujijutse gato usa n'Animateur Social cyangwa Monagri.

g) Mu butegetsi bwa Komini, emwe no mu baturage, habuze ababera abandi umusemburo, ndashaka kuvuga abatwawe n'amahame ya M.R.N.D., ahubwo ugasanga abenshi ari uguhatanira akanya n'ibyubahiro, aho gushishikazwa no kwitangira rubanda. Mu gihe hirya no hino twumva ngo hari abayoboke b'idini batwawe naryo byaba ngombwa bakabifungirwa ariko badahemutse ku byo bemera, birababaje kubonamuri Politiki no mu butegetsi nta shyaka abayobozi benshi bafite ryo kwanamaza no gukora by'intangarugero, ahubwo ugasanga mu migirire yabo ntacyo barusha rubanda, cyane kwanga umugayo no kwirinda gukurura wishyira umenya biganda bijyana n'abo igihe gishize. Ubutegetsi bwa Prefegitura bugomba guhora bugenzura aho byicira rubanda, kugirango Démocratie yigaragaze hose kandi amahame ya M.R.N.D. ashyirwe mu bikorwa.

2. <u>Kugenzura ingengo y'imari n'umutungo bya Komini.</u>

2.1. <u>Kugenzura ingengo y'imari ya Komini.</u>

Ingingo ya 126 y'Itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigena Imitegekere ya Komini igira iti: " Burgmestri ategura ingengo y'imari ya Komini, akabyereka Inama ya Komini ikaba ariyo ishobora kubyemeza cyangwa kugira ibyo ihinduraho ".

Ingingo ya 127 y'iryo tegeko igira iti: ".. ingengo y'amafranga ya Komini, izasuzumwa kandi yemerwe na Prefe ".

.../...

Ingingo ya 111, 115, 117, 121, 122, 124 y'iryo tegeko ziteganya ibyakirwa " taxes " n'imisoro, kuguza amafranga, kurangura ibintu cyangwa amafranga, kuguriza, gusohora amafranga, amafranga yinjira atagomba kujya hasi y'asohoka n'ibindi...

Izo ngingo zirabereka ko ingengo y'imari ya Komini ifite amategeko agomba gukurikizwa. Ni ngombwa rero ko Ubutegetsi bwa Prefegitura bugenzura ko byubahirizwa kuko "Budget" iyo yemewe iba ibaye itegeko.

N.B. Byaragaragaye kenshi ko ba Burgmestri bamwe batubahiriza amafranga ateganyijwe kuri buri cyiciro, bakibwira ko ubwo amafranga ari mu isanduka, bakoramo uko bashaka bakariha ibindi yenda bidateganijwe, ntibumve ko bitera ibibazo bya "amendement du budget" Prefe agomba gutangira uburenganzira.

- Bamwe mu ba Burgmestri nabo bagategurira " Budget " mu kirere uko navuga, aho kubanza kwiga neza aho amafranga azava batirariye mbere yo guteganya ibyo bazayatangaho. Nibyo usanga akenshi amafranga yinjiye ari munsi y'ayateganyijwe iyo batatereye iyo.
- Ikibazo cya " Budget " za Komini zikorwa mbere y'ibyo Leta igomba gukora nibyo gusuzumwa kuko bihindagura ibyo Komini yateganyije.

2.2. Kugenzura umutungo wa Komini.

Kugenzura umutungo wa Komini harimo kugenzura amafranga ya Komini no kugenzura ibintu bya Komini.

Ingingo ya 96 y'itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigenga imitegekere ya Komini igira iti: ibintu bya Komini ni ibyayo bwite cyangwa ibya rusange. Ibintu bya rusange ntibishobora gukorwaho kandi ni imbata ya Komini. Ibintu Komini yihariye bitegekwa na Burgmestri, ni nawe umenya kandi urinda umutungo.

Inama ya Komini niyo itanga uruhusa ku byerekeye imikoreshereze y'umutungo wa Komini. Iyo urenze amafranga 100.000, Prefe niwe ubitangira uruhusa.

Ingingo ya 14 y'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rigena imikorere n'Imitunganyirize ya Prefegitura ivuga iti: " Prefe agomba kugenzura cyangwa agashaka abagenzura imari ya Komini nibura buri gihembwe n'igihe cyose ari ngombwa ".

Izo ngingo zirabereka ko imari ya Komini igomba gushakishwa aho igomba kuva, kandi igakoreshwa ibyo yagenewe. Umutungo wa Komini nawo ugomba gucungwa hakurikijwe amategeko.

.../...

Amafranga yinjira n'asohoka agomba kugenzurwa buri gihe, kugirango abameze akaboko karekare babure icyo bafata.

Ibindi bibazo bigomba kwitabwaho byagaragaye.

- Imisanzu iteye inkeke abaturage: ba Burgmestri hafi ya bose basigaye bacungira imishinga yabo ku misanzu, ku buryo usanga hari abageza ku 2.000 FRW/an kuri buri muturage.
- Ba Burgmestri bamwe ntibatinya kohereza abakozi basanzwe ba Komini ngo basoreshe, kandi itegeko ryemerera gusa "Percepteur", bagira ibyago bakayarigisa.
- Komini zabaye Karyamyenda: imishahara y'abakozi, abapatana na Komini, amafranga ya Caisse Sociale,...
- Kwandika mu bitabo bya Kontabirite ntibikorwa neza.
- Ba Burgmestri bagomba kwirinda kwikoreramo bagasiga Bons Pour, kandi bagomba kugenzura nabo aba Kontabure babo. ~~Sinabura~~

Sinabura gushyigikira Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yasabye ko guhera umwaka utaha hashyirwaho Caissier muri Komini. Koko rero kubika amafranga n'impapuro z'ibyemezo ari wowe uzikora byagiye byoshya benshi barigisa amafranga.

3. Kugenzura Abakozi ba Komini.

Abakozi ba Komini ni abafasha ba Burgmestri bamufasha kurangiza imirimo yo guteza imbere abaturage. Bagomba kujonjorwa mu bujuje ibyangombwa kandi bagakora akazi kabo bubahiriza amasaha, bakorana umurava n'ubwumvikane, bakora Umuganda na Animasiyo.

Abategetsi ba Prefegitura bagomba kugenzura uko bashyirwaho n'uko barangiza akazi bashinzwe, abatuzuza ibisabwa bagasezererwa.

Ingingo ya 78 y'itegeko ryo kuwa 23 Ugushyingo 1963 rigena imitegekere ya Komini igira iti: "Ibyemezo byo kwinjiza abakozi, kubahagarika, kubakuraho, bigomba kwemerwa na Prefe".

N.B.: Ibibazo byerekeranye n'abakozi ba Komini.

- Komini zikwiriye kubona abakozi bahugutse kugirango zibe koko ishingiro ry'amajyambere.
- Abakozi bakorera muri Komini baba aba Komini cyangwa aba Leta bakwiriye kuyoborwa n'Umutegetsi umwe ariwe Burgmestri.
- Imishahara y'abakozi ba Komini bakwiriye kugira intera zimwe n'umushahara umwe n'abo muri Leta.

4. Kugenzura Umutekano w'Abaturage.

Ingingo ya 8, 2 y'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rigena Imikorere n'Imitunganyirize ya Prefegitura ivuga ko Prefe ashinzwe guhamya umutekano w'abantu n'ibintu.

Ubutegetsi bwa Prefegitura bugomba kwakira no gusubiza ibibazo binyuranye by'abaturage: abahohoterwa n'abategetsi, abagongana na bagenzi babo, abatarangirizwa imanza cyangwa bakagirana ibibazo n'inzego z'ubutegetsi n'iz'ubucamanza, tutibagiwe n'abahungabanywa n'ibibazo binyuranye. Ubutegetsi bwa Prefegitura bugomba gukora uko bushoboye kugirango umuturage, cyangwa abaturage, basubirane umutekano wabo maze barusheho kwikorera mu Bumwe, mu Mahoro baharanira Amajyambere. Prefegitura igomba kandi kurengera umutungo n'ubusugire bw'Igihugu.

5. Kugenzura ibikorwa by'amajyambere ya Komini.

Kubera ko ashinzwe ubutegetsi n'amajyambere ya Prefegitura, Prefe agomba gutuma programu ya Guvernema yubahirizwa kandi akibwiriza mu byo abona byateza imbere Prefegitura na za Komini. Agomba rero gukoresha inama z'abaturage n'abategetsi b'inzego zose kugirango programu ya Guvernema ibagereho kandi ikurikizwe no kugirango bashakire hamwe icyateza imbere abaturage ku giti cyabo no ku mibereho rusange. Ni ngombwa ko we n'abamufasha bajya kwigenzurira aho amajyambere ageze.

.../...

Muri make ni ngombwa ko twakumva ko:

1. Icyo aricyo Démocratie n'ibisabwa mu gucunga ibya rubanda "Abaturage nibo bategetsi bacu".

2. Amajyambere dushaka ni ay'Abaturage, ntibagomba guhotorwa ngo babyazwe amajyambere batishimiye.

3. Abategetsi bagomba kuba abantu:

   - bakunda abaturage kandi bashishikajwe no kubitangira, aho kurangamira ibyubahiro n'andi maronko
   - bajijutse, bazi amabwiriza n'amategeko kandi bayubahiriza
   - tugomba kubaba hafi, tukabahugura cyangwa tukabereka inzira.

## II. GUTEGURA ZA RAPORO.

### A. Raporo ni itegeko.

Twese tuzi akamaro ka Raporo, kuko tuzikora buri gihe: zituma ubwacu n'abazadusimbura tugira inyandiko ikubiyemo, mu magambo make, ibyo twakoze cyangwa ibyakozwe mu gihe iki n'iki, no ku kibazo iki n'iki, kandi zigatuma Abategetsi bo hejuru bamenya ibyagezweho n'ibibazo biriho mu karere aka n'aka; ibyo bibafasha guhamya ibyagezweho n'uburyo byagezweho, bakaboneraho no gutegura imigambi y'ibisigaye.

Niyo mpamvu ari itegeko kuri ba Prefe gutanga raporo nk'uko tubisanga mu itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rigenga Imitegekere n'Imitunganyirize ya Prefegitura mu ngingo yaryo ya 8 point 7: " Prefe agomba kumenyesha abategetsi b'inzego zo hejuru uko Prefegitura imeze n'ibibaye byose abona bakeneye kumenya".

Iyo ngingo y'iryo tegeko iratwereka ko Prefe agomba gutanga raporo z'ubutegetsi zisanzwe, agatanga na raporo nyuma ya buri kintu kibaye asanga ari ngombwa ko cyamenyeshwa abategetsi (rapport de circonstance): abashyitsi b'imena bagendereye Prefegitura, amatora, umutekano wahungabanye, amanama y'abaturage n'ayinzego z'ubutegetsi muri Prefegitura n'ibindi...

.../...

B. Raporo zisabwa.

1) Raporo y'Imitegekere ya Prefegitura kuri buri gihembwe n'iy'umwaka ( rapport administratif )
2) Raporo y'Imitegekere ya Prefegitura n'iy'umutekano mu magambo ahinnye ( rapport mensuel administratif de sécurité donné en flash ).
3) Raporo y'igenzura ry'amakomini ikorwa nibura kabiri mu mwaka
4) Raporo y'ukwezi y'uko imanza zaciwe n'uko zarangijwe
5) Raporo y'igenzura y'amafranga ari mw'isanduka ya Komini (Contrôle de la Caisse Communale) ikorwa nibura buri gihembwe n'igihe cyose ari ngombwa
6) Raporo y'Abaporisi ba Komini
   - y'ukwezi: ivuga ibihano
   - y'igihembwe: - ivuga umubare w'abaporisi komini zifite
     - Imyenda, ibikoresho (équipement et matériel ), imbunda n'amasasu abaporisi bakeneye
   - y'amezi 6: ibarura ry'imbunda n'amasasu
   - y'umwaka : ivuga ibyakozwe mu mwaka
7) Raporo y'imyiyongerere y'abaturage itangwa buri kwezi
8) Raporo y'Umuganda.

C. Ibibazo mu gutegura za raporo.

- Bamwe bashobora kuba batarumva akamaro ka Raporo bakazi-kerereza bareba cyangwa ntibazikore.
- Abandi ntibazi uko zikorwa
- Ikibazo gikomeye ariko ni ukubonera igihe ibisabwa kandi bikubiyemo ibyo umuntu ashaka, bikaba biterwa ahanini n'ibi bikurikira:
  - Kumenya kwandika ibyabaye biracyaturi kure, ibyinshi bibitse mu mitwe y'abantu.
  - Kubika neza inyandiko ( enregistrement et classement des archives) n'ibyo tugomba kwiga kandi n'izibonetse ziba zikubiyemo bike iyo ugereranyije n'ibiriho.

.../...

- Raporo ziva kenshi mu makomini kandi ni nyinshi, ibyinshi n'ukugereranya ( population, production agricole, Longueur, L.A.E... )

- Raporo nyinshi ziva muri Komini zikorwa na ba Konseye n'aba Selire, n'izabakozi ba Komini usanga akenshi nta reme zifite, nyinshi muri zo usanga ari nko kwikiza.

- Za Raporo ziratinda kuko ziturukа kure kandi abagomba kuzikora ni ukubanza kubegeranya ngo ubasobanurire ibisabwa, bamwe bakabyumva bagatangira, abandi bigafata igihe, abakererewe bagatinza iby'abandi.

Kuri ibyo bibazo byose uko tubibamo, icya ngombwa kuri twe ni ukuzirikana Raporo zisabwa n'igihe zigomba kubonekera, izibonetse zikoherezwa, tukabicengeza no mu bo dushinzwe:

- tubumvisha raporo zikenewe, akamaro kazo, uko zikorwa n'igihe zikorwa kandi tukabikurikirana.
- tubasobanurira uko inyandiko za Leta zigomba kubikwa n'uko zikoreshwa.

Leta nayo ikwiriye kudufasha mu byo:

- Kugira abakozi bajijutse muri Komini.
- Guhugura abashinzwe kubika inyandiko.
- Kugira kuri Prefegitura nibura umuntu ushinzwe kubika inyandiko kandi ntahindagurwe.

---

# KURWANYA UBUJIJI.

## Akamaro ko kujijura abaturage muri rusange.

Ku isi yose, ibihugu byose byumvise akamaro ko guhugura abaturage buri gihe kuko bibafasha gukangukira vuba amajyambere yabo n'ay'Igihugu cyose. Ndetse bamwe bavuga ko kujijura abantu bakuru bitagomba gufatwa nk'ikintu cy'umwihariko ku bantu bamwe cyangwa se ngo bikorwe gusamu gahe gato, ko ahubwo icyo gikorwa ari inshingano rusange y'igihugu cyose kandi ikorwa ubutitsa, kikaba kigomba kujyana n'ubuzima n'imibereho ya buri muturage; akaba ari nayo mpamvu kujijura abaturage ari umurimo wemewe kandi witaweho kw'isi yose kandi ugomba gukorwa mu buzima bwose.

Abandi nabo basobanura ko kujijura abantu bakuru atari nko kwigisha abana biga amashuri bategurirwa ubuzima, ko byo ahubwo ari ubuzimaubwabwo.

Isi yose rero yarabihagurukiye kuko n'umuryango wa UNESCO witaye cyane kuri icyo kibazo kuva hambere nk'uko aya mataliki amwe abitwereka :

Muw'1949 : Elseneur muri Danemark habereye inama y'isi yose yigaga ibyo kujijura abantu bakuru.

Muw'1960 : Inama nk'iyo yongeye kubera i Montréal muri Canada.

Muw'1972 : I Tokyo mu Buyapani hongeye kubera inama.

Muw'1982 : I Harare muli Zimbabwe naho habereye indi nama ikomeye ireba cyane cyane ibyo kurwanya icyorezo cyo kutamenya gusoma no kwandika.

Muw'1985 : i Paris mu Bufaransa hongeye kubera indi nama rusange yerekeye kujijura abantu bakuru.
Ku isi yose rero babyumva kwinshi.

- Mu bihugu byateye imbere mu majyambere, abantu bakuru bihugura ni abigeze kwiga bakaba batakiri mu mashuri.

- Mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, abo bantu ni abatigeze biga na busa cyangwa se abatarashoboye gukomeza amashuri yisumbuye bakaba batuye icyaro cyane cyane, bakora imirimo y'icyaro. Bajijurwa muri byinshi rero birebana n'amajyambere yabo.

Ibyo aribyo byose ariko icyo mu bihugu byose baba bagamije ni amajyambere ya buri wese n'ay'Igihugu cyose, ni ukongera umusaruro, ugutunganya imibereho bya buri wese n'ibya bose muri rusange.

Bose kandi bashingira ku ntego ivuga ko buri muntu afite uburenganzira bwo kujijuka ("tout le monde a droit à la formation").

## MU RWANDA

Kujijura abaturage si igitekerezo gishya.

Abazungu bakigera mu Rwanda, abamisiyoneri bagiye bagerageza kujijura abigishwa babo kugeza ubwo :

Muw'1949 : hashinzwe "Foyer Social" y'i BUTARE.

Muw'1952 : hashingwa iyo ku NYUNDO.

Muw'1956 : hashingwa ishuri mbonezamubano ryo ku KARUBANDA.

Muw'1957 : hashingwa "Foyer y'i NYANZA".

Ibyo bigo byose byari bigamije guhugura abari n'abategarugori.

- Repubulika ya Mbere yakomeje icyo gikorwa cyo kujijura abaturage ariko bahereye ku mwari n'umutegarugori. "Foyers" zarakomeje zikwira mu maperefegitura yose kugeza ubwo zasimbuwe na za C.S.D. muw'1975.

- Repubulika ya Kabili yo yasanze ko umuturage wese agomba kujijuka (ibitsina byombi). Ibyo byagiye bigaragarira muri Diskuru-Programu y'Umukuru w'Igihugu cyacu no muri Manifeste ya M.R.N.D. C.S.D. zagumyeho ariko muri 1977 hashyirwaho C.C.D.F.P. (I.G.A.) kugeza ubwo amabwiriza ya Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yo kuwa 10/6/1985 yemeje ko ibigo byose bigomba guhurizwa muri I.G.A.

C.C.D.F.P. rero zamaze gushinga imizi :

- Komini 122 zifite ibyo bigo bikora.
- Perefegitura zose zirabifite.
- Abakozi bageze kuri 240 bakora mu bigo bya Perefegitura, Suprefegitura zimwe na Komini.
- Komini 68 zifite amazu yo guhuguriramo ahuje na pula nshya.

.../...

* C.C.D.F.P. ni iki rero ?

Ni ishuri ry'abaturage bahugurirwamo ibyerekeye amajyambere yabo n'ay'Igihugu "Une Ecole de Promotion Collective, une Ecole du Développement").
Intego zayo, imigambi yayo n'izego zayo byarasobanuwe bihagije.

* Politiki ya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini mu guhugura abaturage.

Kuva kuwa 8 Mutarama 1984, Ministeri yihatiye ibi bibikurikira :

- Gukwirakwiza IGA mu makomini yose kugira ngo igikorwa cyo kujijura abaturage kizamukire rimwe;
- Guhugura abaturage bose nta kwibanda ku gitsina kimwe "tout le monde a droit à la formation" .
- Gushyiraho programu ihamye yo guhugura abaturage;
- Gushyigikira ubufatanye hagati y'abarebwa n'icyo kibazo mu Gihugu cyacu;
- IGA igomba kuba koko ihuriro ryo guhugura abaturage, abantu bahura kuburyo bwatekerejweho neza bakaba bakora imirimo myinshi;
- Abategetsi n'abakozi b'inzego zose muri Perefegitura, Komini, Segiteri kugeza kuri Selire bagomba kwitabira icyo gikorwa cyo guhugura abaturage.

* Guhugura abaturage.

Ni ugusubiza ibibazo abaturage bafite, bibaza buri munsi mu buzima bwabo. Ibyo bibazo byerekeye cyane cyane :

- Kurya neza;
- kunywa amazi meza
- isuku muri rusange
- kubaho neza
- kubyara abo dushoboye kurera, n'ibindi ....

Ni ngombwa rero kumenya ibyo bibazo by'abaturage kugira ngo umurimo wo kubahugura ushingireho. Ni ngombwa kandi gukurikiza umugambi w'Igihugu, Umugambi wa Perefegitura n'uwa Komini maze amahugurwa agashingira koko kubibazo bya buri karere, bya buri Komini.

.../...

Ibyo bikaba bivuga ko n'ubwo porogaramu ari rusange kuri bose, igomba kugenda yigwa neza kugira ngo ihuze koko n'ibibazo biboneka aha n'aha.

* Ibibazo byerekeranye n'imikorere ya IGA ni byinshi:

- Ibyerekeye ihuzwa ry'imirimo (intégration),
- Abakozi bihariye ba I.G.A.;
- Inzego za I.G.A. zidashyirwaho ngo zibone gukora neza;
- Gahunda y'inyigisho;
- Abahugura abaturage;
- "Intégration" igomba gukorwa hose.
- Inzego za IGA ziteganijwe zigomba gushyirwaho hose kandi zigakora kugira ngo zishyigikire I.G.A.

Abazigize barazwi kandi bagomba kubyitabira.

Utunama twinshi twerekeranye n'ihugurwa ry'abaturage tugenda tuvuka muri Komini (Komite z'amazi, ubuzima n'ibindi) tugomba kwibumbira mu kanama k'ubuyobozi bwa IGA kugirango he gukomeza kuba akajagari kananiza abaturage n'ababahugura.

Abayobozi ba Perefegitura na Komini nibo ubwabo bagomba kwiyoborera izo nzego kugira ngo zirusheho gukora neza. "Comité National de Coordination pour les CCDFP" nayo ikwiye gushyirwaho.

- Programu zo guhugura abaturage zigomba kunonosorerwa muri izo nzego za IGA zose kugeza muri Komini kugira ngo zihuze n'ibibazo biboneka muri buri karere.

Kugira ngo izo programu zitangwe neza muri Komini, hagomba ibitabo bifasha abazazitanga. Buri Ministeri cyangwa urundi rwego rufite uruhare muri uwo murimo, bagomba kohereza udutabo muri IGA kuko MININTER itabishobora yonyine.

- Ubufatanye bw'abahugura bose ni ngombwa kugira ngo imirimo yo guhugura abaturage irusheho kugenda neza.

Bagomba gufatanya bahurira muri turiya tunama: Comité National de Coordination, Commission Technique Préfectorale pour les CCDFP, Comité de Gestion na Conseil Pédagogique. Nta mukozi n'umwe wo muri Perefegitura cyangwa Komini ugomba kuvuga ko nta gihe afite kuko ibyo akora byose abikorera abaturage.

- Imishinga nayo ikorera mu cyaro igomba gufatanya n'abandi ndetse igateganya amafaranga yerekeranye n'ihugurwa ry'abaturage maze Perefe, Suprefe na Burugumestri bakabimenya.

-

.../...

- Abahugurwa:

  * Abakangurambaga (chefs d'équipes) batowe na bagenzi babo;
  * Abagize amashyirahamwe yihariye (-groupes spécifiques divers);
  * Abandi babyishakiye (abategarugori, abali, abasore, n'abagabo) cyane cyane mu myuga.

- Abakonseye, abaselire.
- Abakozi ba IGA nabo bagomba guhugurwa.

Abo bose iyo babonye umwanya ku ngengabihe nibwo usanga koko IGA ari ishuri ry'abaturage, ibigo byubatswe ntibibe iby'ururimbo gusa cyangwa ngo usange bivugwa gusa.

- Abigishwa :

  * Hagomba Responsable ujijutse koko kandi ubishishikariye.
    IGA ya Perefegitura : $A_1$
    IGA ya Komini : $A_2$

  * Abakozi ba Komini (-techniciens communaux) nibo bahugura naho ba Sukontaro bakabunganira iyo ari ngombwa.

  * Ntabwo Responsabule wa IGA ashobora gutanga byose; we ni "Coordinateur, catalyseur, Conseiller" cyane cyane, uretse ko agira inyigisho atanga.

- Aho bahugurira:

  * IGA yo kuri Komini ihugura abaturage begereye Komini (amasegiteri).
  * Amashami ya IGA agahugura abo muyandi masegiteri.
    Ntabwo ari byiza kurushya abaturage.

- Uburyo bwo guhugura:

Kugeza ubu abaturage bahugurirwa :

- mu makipe;
- mu mashyirahamwe;
- mu buryo bwa ba"paysans de contacts cyangwa progressistes".
  Hari n'abandi biga nk'imyuga bishakiye cyangwa ibindi.
  Ni ngombwa ko habaho uburyo bumwe bwo guhugura abaturage kuko usanga ari ukubananiza. Paysan de contact cyangwa se Progressiste bashobora kuba abakuru b'amakipe niba koko ari intangarugero. Abari mu mashyirahamwe nabo bagomba kugira umwanya muri IGA ariko ntabwo IGA yashingira ku mashyirahamwe ngo ibe igikurikiranye intego zayo.

- <u>Uruhare rw'abategetsi</u> :

Aba Konseye n'abaselire nibo bagomba guhugurwa bwa mbere. Umwete wabo n'uwa ba Burugumestri niwo ushobora gutuma abaturage bitabira kujijuka. Bitabaye ibyo kwaba kuvomera mu rutete.

- <u>Ibikoresho</u> :

"Ak' imuhana kaza imvura ihise".

Komini zigomba kugira icyo ziteganya ku ngengo y'imali bireba ihugura ry'abaturage byose noneho Ministeri yagira icyo ibona ikaziha ari ukuzúnganira. Hamwe birakorwa kandi ugasanga bigenda neza.

Muri make umurimo wo guhugura abaturage ugomba kwitabwaho na buri wese: abategetsi b'inzego zose, abakozi cyane cyane abo muri za Perefegitura na Komini.

Abaturage nabo bagomba kubyumvishwa bakabikangukira bihagije. Guhugura abaturage kandi ni ibya buri gihe, ntabwo bigira igihe birangira. "On ne finit pas d'apprendre et la formation est permanente".

---

AMATWARA RUSANGE MU KWIGISHA ABATURAGE GUSOMA, KUBARA no KWANDIKA.

=========================

## I. Intangiriro.

Kumenya gusoma no kwandika nta gihe bitabaye ngombwa, mu bantu bafite umugambi wo kugira ibyo bageraho bafatanyije ubwabo, cyangwa buri muntu ku giti cye.
Nta muntu ugishidikanya ko kujijuka ari kimwe mu burenganzira bw'ibanze bw'ikiremwamuntu. Uburezi mu mashuri abanza bwateye intambwe igaragara mu bihugu byose. Umubare w'abana bageze ku kigero cyo gutangira ishuri bashobora kubona aho bigira uriyongera buri gihe.

Ariko ibyo byose ntibibujije ko ikibazo cy'ubujiji ari kimwe mu byorezo bibangamiye amajyambere y'ibihugu byinshi muri iki gihe.
Impuguke za UNESCO zikurikiranira hafi iby'ikibazo cy'ubujijuke, zagaragaje ko muwa 1985 ku isi hose hali :

- miliyoni 120 z'abana bagejeje ku myaka yo gutangira ishuri badashobora kubona uko biga, kubera impamvu nyinshi;
- abaturage barengeje imyaka 15 y'amavuko batazi gusoma no kwandika bakabakabakabaga miliyoni 889;
- kuri abo bose, miliyoni 869 (98 %) zari zikubiye mu bihugu bitaratera imbere;
- Umugabane wa Afurika wonyine wari wihariye miliyoni 162 z'abatazi gusoma no kwandika, bahwanye na 54 % by'abaturage bayo bose;
- muri izo miliyoni twavuga ko abaturarwanda batazi gusoma no kwandika bari muri icyo kigero basaga miliyoni ebyiri n'igice, twishingikirije ibyagaragajwe n'ibarura rusange ryo muwa 1978. Ikibazo kandi ni uko ahiganje abaturage benshi batazi gusoma no kwandika, ari naho haboneka ibibazo bikomeye by'ubukene, urugomo, indwara n'inzara, aribyo nzitizi za mbere z'imizamukire y'ibihugu.

## II. Amavu n'amavuko y'igikorwa cyo kwigisha abaturarwanda gusoma no kwandika.

Mbere y'uko Leta y'u Rwanda ishyira mu bikorwa n'imigambi yayo y'amajyambere umurimo wo kwigisha abaturage gusoma no kwandika, ababimenye batanyuze mu mashuri abanza, babyigiraga mu bigo by'amadini. Mu mwaka wa 1964, niho Leta yashyizeho ibiro bishinzwe gukangurira abaturage amajyambere no kubigisha gusoma no kwandika muri Ministeri y'Ingo n'Ubufatanye bw'Abaturage y'icyo gihe.

.../...

Mu ntangiriro y'icyo gikorwa, hashyizwaho umukozi ushinzwe gukurikirana imigendekere yacyo muri buri Komini, kandi hatangwa n'ibikoresho bya ngombwa bihagije. Uko imyaka yahise, amikoro ya Leta yagiye aba make, kugeza ubwo iteka rya Prezida n° 254/03 ryo kuwa 25 Ugushyingo 1975 ryeguriye amakomini kwihembera abakozi bayo bateye kontaro.

Ubukene bwa Komini nyinshi ntibwatumye zishobora guhemba abakozi bose, bamwe bahera mu gihirahiro; abarebaga umurimo wo gukangurira abaturage amajyambere no kubigisha gusoma no kwandika hafi bose barasezererwa.

Mu matwara mashya, Komini zimwe na zimwe zashinze uwo murimo uwungirije Umuyobozi wa IGA. Naho mu rwego rwa Segiteri na Selire abaturage bajijutse kurusha abandi, bacengewe n'umwuka wo guharanira amajyambere, nibo bigisha bagenzi babo gusoma no kwandika, nta gihembo bahabwa. Ibyo babiterwamo inkunga n'umwe mu bagize Komite ya buri Selire.

Abo bagiraneza bakwiye gutoranywa byitondewe, bagahugurwa kenshi, bagasurwa kandi bagaterwa inkunga, cyane cyane bahabwa ibikoresho by'ibanze, kugirango inyigisho batanga zitadindira.

Dore uko byari byifashe mu myaka 8 ishize, twishingikirije raporo twohere reza na za IGA mu rwego rwa prefegitura.

| UMWAKA | IBIGO | ABIYANDIKISHIJE KWIGA GUSOMA NO KWANDIKA | ABARANGIJE PROGRAMU | ABABIMENYE % |
|---|---|---|---|---|
| 1978 | 326 | 35.177 | 10.735 | 30,51 % |
| 1979 | 480 | 59.186 | 15.648 | 26,43 % |
| 1980 | 478 | 65.537 | 13.093 | 19,97 % |
| 1981 | 481 | 46.263 | 15.744 | 34,03 % |
| 1982 | 639 | 129.962 | 17.845 | 13,73 % |
| 1983 | 1253 | 74.548 | 18.881 | 25,32 % |
| 1984 | 1178 | 124.145 | 21.486 | 17,30 % |
| 1985 | 2507 | 135.701 | 13.363 | 9,85 % |
| | | 670.795 | 126.795 | 18,90 % |

Note: the header of column 4 is printed with "BABIMENYE" overtyped on "PROGRAMU".

.../...

Nkuko bigaragara kuli iyi mbonerahamwe, umubare w'abarangiza prigramu buri mwaka bamenye gusoma, kubara no kwandika ntishimishije, n'ubwo ibigo byiyongera cyane. Impamvu ni nyinshi ariko iz'ingenzi ni izi :

- kenshi aho bigira aba ari kure, bigaca abigishwa intege; bakadohoka;
- abigisha benshi ntibajijukiwe bihagije, ku buryo imyigishirize yabo idashimisha abigishwa; bagaterera iyo kuko babona ntacyo bunguka vuba;
- nta bikoresho by'ibanze bikunda kuboneka;
- Gushaka ubulyo bwiza abigisha babona abo bigisha bitagoranye;
- Kugira ngo umulimo wo kwigisha gusoma no kwandika ushoboke, hagomba ubushake :
  - bw'abategetsi;
  - bw'abigisha;
  - bw'abigishwa.
- nta mukozi muri Komini nyinshi, ushinzwe gukurikirana abigisha no kubatera inkunga.

## III. <u>Kumenya gusoma no kwandika bifite akamaro ki mu mizamukire y'abaturage</u> ?

Kugira ngo umuntu ashobore kwirwanaho mu buzima bwe no kugira akamaro aho ari hose, akeneye ubumenyi bwinshi, akeneye kwiyungura ibitekerezo buri gihe n'uburyo bwo gushaka kurushaho kumererwa neza.

Uko kumererwa neza kurimo ibintu byinshi. Twavuga nko : kwongera umusaruro; kurya neza, gutura heza, gutunga urugo uko bikwiye, kwitega iminsi, kugira isuku n'ubuzima bwiza, kumenya amategeko arengera umuntu no kumenya icyo igihugu kimutezeho, n'ibindi.

Umuntu aho ari hose, akenera guhora aharanira amajyambere, guhora yisumbura muri byose. Muri uko gushaka kujya mbere, umuntu wese agira ibintu byinshi bimuzitira.

Navuga ko iby'ingenzi ari ibi bikurikira :

1) ibintu kamere bimukikije mu karere akoreramo (isambu ye, imisozi, amashyamba, amazi.....);
2) ubumenyi n'ubujijuke afite bidahagije;
3) umuco n'akamenyero bibi asanganywe, kandi arwanira gukomeza gutsimbararaho.

.../...

Ibyo byose nibyo agomba kurwanya buri gihe, abikesheje inyigisho n'amabwiriza ahabwa n'abamurushije kujijuka, kugira ngo ahinduke, abe umuntu utabangamiye amajyambere:

- ahindure imikorere ye;
- ahindure imyifatire ye
- abone kugira imibereho myiza.

Kugirango rero umuntu yunguke ubumenyi bwinshi akeneye, kandi ashobore kubwifashisha igihe cyose, agomba kuba azi gusoma, kubara no kwandika. Kujya mbere ni ukwigana ibyiza bikorerwa ahandi, umuntu akamenya uwo ari we, aho ari, ibimubeshejeho n'ibimukikije, kugirango abashe kubyifashisha, maze imibereho ye irusheho kwisumbura. Ubwenge burarahurwa. Ntabwo rero byoroshye kuburahura aho buri, umuntu atazi gusoma, kubara no kwandika.

Niyo mpamvu, umugambi wa Muvoma Revolisiyoneri iharanira amajyambere y'u Rwanda, ari ukwigisha abaturage gusoma, kubara no kwandika ku buryo bubungura ibitekerezo kandi bukabajijura mu migirire yabo isanzwe, kugira ngo barusheho gukunda ibyo basanzwe bakora, kandi babikore ku buryo bwisumbuye, bityo bagere ku majyambere. Nicyo twita mu gifaransa "alphabétisation fonctionnelle".

Mu yandi magambo, twavuga ko ari ukwigisha umuntu gusoma, kubara no kwandika, bamuha ingero ku bintu asanzwe akora, bimutunze, bimushishikaje, ashobora kubona aho ari, mu rugo rwe, muri Selire, Segiteri cyangwa Komini atuyemo.

Abigisha gusoma no kwandika kuri ubwo buryo, bagomba gucengeza buri gihe mu bo bigisha, amabwiriza n'inyigisho z'ingenzi zikubiye mu mugambi w'amajyambere rusange y'Igihugu.

Mu magambo make, kumenya gusoma, kubara no kwandika, ni urufunguzo rw'ubujijuke bwose abaturage bakenera, kugira ngo bajye mbere. Ni nk'urugozi umuntu ahambiriza ubumenyi bwose, arahura ku bashinzwe kumujijura ubutitsa mu nzego zose, kugira ngo ashobore kubukoresha buri gihe, bityo ntibuyoyoke ngo bumupfire ubusa. Ibivuzwe mu magambo gusa birayoyoka, ariko ibyanditse ntibihugana.

## IV. <u>Hakorwa iki kugira ngo ubujijuke bw'abaturarwanda butere imbere</u> ?

Tuzi ko mu gihugu cyacu, hari ahantu henshi muri iki gihe, hatangirwa inyigisho zo gufasha abatagize amahirwe yo kwiga bakiri bato.
Ariko kugira ngo inyigisho zitangwa zishishikaze abo zihabwa,

.../...

zigomba gushingira ku bibazo nyakuri bibabangamira mu buzima bwabo bwa buri munsi, no mu karere bakoreramo. Ibigo byigisha gusoma no kwandika biriyongera hirya no hino mu Gihugu. Abifuza kujijuka nabo baboneka mu bantu b'ingeri zose: abangavu, ingaragu, abasore n'inkumi, abagabo n'abagore. Ariko urwanya icyorezo cyose ku buryo buboneye ahera hasi, maze akakirandurana n'imizi yacyo.

Ntabwo dushobora gutsinda ubujiji mu baturarwanda, mu gihe ababyeyi bose batarumva akamaro ko gushyira abana mu mashuri abanza, cyangwa abagize amahirwe yo gutangira, bakabahubuzamo batarenze umutaru, ku mpamvu zidafashije.

Igikorwa cyo kwigisha abaturage gusoma no kwandika ntigishobora gushinga imizi, niba buri Komini itakigize umwihariko.

- Komini igomba kumenya ibikorwa byose muri urwo ~~rwego (-abagiraneza,~~ amadini, imishinga itsura amajyambere mu cyaro) kandi ikabitangira raporo;
- Abigisha gusoma no kwandika bagomba guhera hafi yabo, muri Serire batuyemo;
- Buri Kigo cyagombye kugira abigisha 2 kugirango umwe asimbure undi igihe yagize impamvu.
- Inyigisho zigomba gutangwa nyuma ya saa sita, igihe abigishwa bakitse imirimo yo mu rugo, kandi zigatangwa mu gihe cy'amasaha abiri nibura inshuro ebyiri mu cyumweru (2 x 2 H)
- Programu yo kwigisha gusoma no kwandika igomba gufata hagati y'amezi 12 na 18. Iyo icyo gihe kirenze abigishwa bararambirwa, bakabona ko ntacyo biga, bakavamo urusorongo.
- Mu karere kamwe, programu yo kwigisha gusoma no kwandika yagombye gutangirira igihe kimwe, kugira ngo imigendekere yayo ishobore gukurikiranwa ku buryo bumwe, kandi ibyagezweho bisuzumwe nta ngorane : gusuzuma intera y'ubumenyi bw'abigishwa : mbere yo gutangira-buri gihe - nyuma ya programu. -
- Komini igomba gushyiraho umukozi ukurikiranira hafi umurimo wo kwigisha abaturage gusoma no kwandika muri Komini yose.

- Abigisha bagomba guhugurwa buri gihe kugira ngo imyigishirize yabo irusheho gushishikaza abigishwa, bityo boye kudohoka.
- Kubera ko abigisha babikora ku buryo bwo kwitangira amajyambere, bagomba guhabwa ibikoresho by'ibanze bakenera mu kwigisha.
- Inzego zose z'ubutegetsi na politiki ziri mu gihugu zigomba gutera inkunga igaragara igikorwa cyo kwigisha abaturage gusoma no kwandika.

..../....

- Buri Komini, ibifashijwemo n'abagiraneza hamwe n'imishinga itsura amajyambere mu cyaro yaba ihari, igomba guteganya amafaranga ahagije ku ngengo y'imari ya buri mwaka, yo gushyigikira igikorwa cyo kurwanya ubujiji.
- Ibigo bya IGA n'amashami yabyo bigomba kubera abandi bose intangarugero mubyo kwigisha, gusoma no kwandika, ndetse hakaba ari naho abigisha mu maserire na segiteri bahugurirwa ubutitsa.

Ntibihagije kumenya gusoma no kwandika, ubwo bumenyi bushya bugomba gukoreshwa, kugira ngo bugirire ba nyirabwo akamaro. Kwitoza gusoma buri gihe, nibyo bizana akamenyero, bigatuma umuntu ahora afite inyota yo kunguka ubundi bumenyi. Nta byago nko kumenya gusoma ntusome, wamenya kwandika ntubone intandaro yo kubikora. Iyaba abazi gusoma no kwandika bashoboraga buri gihe kugira aho basanga ibinyamakuru n'udutabo twanditse mu kinyarwanda, kandi tutarimo ibitekerezo bihanitse cyane (indindagiza abaswa) ku buryo rubanda nyamwinsi bashishikazwa no kubisoma, kuko harimo ibisubizo by'ibibazo bibabangamiye mu buzima bwabo, kandi bijyanye n'ibikorwa byabo bya buri munsi.

Izo nyandiko zose zigomba kuba zikubiyemo inama, amabwiliza n'inyigisho z'ingenzi zerekeye :
- ubuhinzi, ubworozi, imyuga n'ubundi buryo bwose bwo kwongera umusaruro,
- ubuzima bwiza, isuku, kwamagira indwara z'ibyorezo zikunda gutsemba imbaga,
- ibibazo byihariye byerekeye imibereho y'abategarugori, uburere bw'abana, n'ibindi ......
- kubyara abo dushoboye kurera;
- umuco n'uburere mboneragihugu, imiryango y'ubufatanye, n'ibindi....

Utwo dutabo tuzaboneka ari uko inzego zirebwa n'amajyambere y'icyaro zakwandika kandi zikegereza selire, segiteri na Komini ku giciro gito inyigisho z'ingenzi, buri rwego rwifuza gucengeza mu baturage.

.../...

# U M W A N Z U R O

Nk'uko byagaragaye kuva kera, ntacyo umurimo wo kwigisha abaturage gusoma no kwandika uzageraho gishimishije, igihe buri Burugumesitiri atarumva ko ari ngombwa kubigira igikorwa cy'umwihariko cya Komini. Kubera iyo mpamvu, abategetsi ba Komini bagomba kumenya no guhuriza hamwe ingufu zose zikorera muri Komini, zigamije cyangwa zishobora gutera inkunga igikorwa cy'ubujijuke bw'abaturage muri rusange. Amabwiriza n'inyigisho z'abo bose zigomba guhurizwa muri IGA n'amashami yayo.
Usibye udukoresho tumwe na tumwe, Ministeri y'Ubutegetsi b'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ihabwa n'abagiraneza cyangwa imiryango mpuzamahanga (UNESCO na UNICEF), nta handi ishobora kubana ibyo itanga mu makomini. Umurimo wayo w'ibanze ni uguhora inonosora ibitabo mfashanyigisho no kwamamaza ku buryo bwose (amahugurwa y'abigisha mu nzego zose; selire, segiteri, komini) imyigishirize yo gusoma no kwandika ijijura ibitekerezo n'imigirire by'abigishwa.

# IMIRIMO YA SUPREFE USHINZWE UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA.

## INTANGIRIRO.

Imirimo ya ba Suprefe yasobanuwe n'itegeko-teka n° 10/75 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rishinga imitunganyirize n'imikorere ya Prefegitura. Iryo tegeko-teka ryuzuzwa n'iteka rya Prezida n° 68/03/1 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 rishyiraho imirimo y'abakozi ba Prefegitura n'imitunganyirize yayo. Icyo gihe hariho ba Suprefe batatu kuri Prefegitura. Iryo teka ryahinduwe n'iteka rya Prezida n° 443/03 ryo kuwa 27 Nzeli 1983 ryashyizeho ba Suprefe bane kuri Prefegitura.

## URWEGO RW'UBUTEGETSI N'UBUCAMANZA RUSHINZWE:

1. Gutunganya Secrétariat n'imikorere y'abakozi ba Prefegitura ( Secrétariat et personnel de l'administration préfectorale);
2. Kwita ku mitegekere ya Komini n'amategeko ayigenga ( Communes et Instructions communales);
3. Umutekano w'abantu n'ibintu ( sécurité des personnes et des biens);
4. Ibarura, imiterere y'abantu no kwimuka ( Recensement, état-civil, mouvements migratoires);
5. Ibyerekeye Notariat ( Natariat);
6. Kwita ku mategeko n'amabwiriza ( Recueil des textes de lois et des instructions);
7. Kumva no gukemura ibibazo by'abaturage ( Audition et instruction des requêtes);
8. Gushyiraho amabwiriza y'ubutegetsi ( Règlement d'administration et de police);
9. Kwandika inama zihuza abakuru b'imirimo muri Prefegitura ( Secrétariat de la Conférence Préfectorale);
10. Kwita ku mashyirahamwe adakurikiranye inyungu ( Associations sans but lucratif).

.../....

1. **GUTUNGANYA SECRETARIAT N'IMIKORERE Y'ABAKOZI BA PREFEGITURA.**

1.1. IMIRIMO YA SECRETARIAT :

- Kwakira amabaruwa yinjira;
- Kohereza amabaruwa asohoka;
- Kwita kuri za archives;
- Gutunganya imirimo yo kwandikisha imashini (dactylographie);
- Gucunga ibikoresho bya Prefegitura (matériel de bureau).

1.2. GUTUNGANYA IMIKORERE Y'ABAKOZI BA PREFEGITURA :

- Kugenera buri mukozi umurimo ashinzwe n'aho akorera ( déterminer les attributions de chaque agent);
- Gutunganya no gukurikirana amadosiye y'abakozi;
- Gukora karendari za konji z'abakozi;
- Kwita ku mikorere ya buri mukozi (veiller à la ponctualité et à la régularité de chaque agent);
- Gutanga ishimwe ry'abakozi (signalement);
- Guhana iyo ari ngombwa.

2. KWITA KU MITEGEKERE YA KOMINI N'AMATEGEKO AYIGENGA.

2.1. GUTEGANYA INAMA ZIZAKORESHWA MU MWAKA WOSE :

- Inama ihuza abakuru b'imirimo;
- Inama y'umutekano;
- Inama ya ba Burgumestri;
- Inama z'abaturage.

2.2. **Kugenzura** uko inama za Komini (Conseils communaux) zikorwa **no kuzifatira** ibyemezo. Komini ryinshi **ntizizi akamaro k'inama za Komini.**

2.3. Kugenzura niba ibyemezo by'inama za Komini byubahirizwa;

2.4. Kugenzura imikorere y'abakozi ba Komini n'uko amategeko abagenga yubahirizwa. Ni ngombwa rero kugenzura niba bagira za dogira amadosiye y'abakozi ba Komini. Prefegitura zifite umwanya nazo zishobora kusiye z'abakozi.

2.5. GUTEGURA ZA RAPORO :

- Raporo ya buri kwezi;
- Raporo y'igihembwe n'iyirangiza ry'imanza;
- Raporo y'umwaka;
- Raporo z'ingoboka zihutirwa.

2.6. Kugenzura imikorere ya Burgumestri muri Komini, no kugena ishimwe rye rya buri mwaka ( Inspection des Communes).

.../....

2.7.-Ibibazo bijyana n'irangiza ry'imanza n'umutekano muri rusange.
-Kwita k'ubufatanye bw'inkiko n'ubutegetsi n'imikorere ya ba I.P.J. n'abacamanza.

2.8. Kugenzura niba za raporo zisabwa amakomini zikorwa.

2.9. Kugenzura niba amabaruwa yandikirwa amakomini asubizwa.

2.10. Kugenzura no gukurikirana imikorere ya za Secrétariats z'amakomini.

2.11. Gukora gahunda yo gusonera abaturage bashaje.

2.12. Imitunganyirize n'imikorere y'abapolisi ba Komini.

3. IBARURA, IMITERERE Y'ABANTU NO KWIMUKA.

3.1. IBARURA NO KWIMUKA:

- Kugenzura niba raporo zerekeye ibarura zoherezwa buri kwezi kandi zikoze neza.

. IBARURA RY'ABANTU :

- Abavuka
- Abapfa
- Abashyingirwa
- Abatandukana
- Inkwano ( uko yongera cyangwa igabanuka)
- Abinjira muri Komini ( mu gihugu imbere)
- Abasohoka " " "
- Abanyarwanda bagaruka bavuye mu gihugu bidukikije;
- Abanyarwanda bajya mu bihugu bidukikije;
- Abanyamahanga batuye muri Komini.

. IBARURA RY'AMATUNGO.

. IBARURA RY'AMAZU.

3.2. IMITERERE Y'ABANTU ( ETAT-CIVIL) :

- Gushyingira
- Kwandikisha abana bavutse
- Kwandikisha abapfuye
- Ibindi.
  . Kwemera abana bavutse ku mugabo cyangwa umugore badafitanye amasezerano ( Recensement des enfants naturels);
  . Gusaba kurera abana utabyaye ( Adoption);
  . Kohereza imirambo mu mahanga.

4. IBYEREKEYE NOTARIAT.

-Impapuro zose zavuye mu biro by'imiterere-bwite zishyirwaho umukono na Noteri ari za kopi cyangwa za fotokopi habanje kwishyurwa amafranga y'umucungamari wa Prefegitura.

.../....

- Nk'uko itegeko ryo kuwa 7 Mata 1970 ribiteganya ba Prefe cyangwa ababasimbura bashobora guhamya ko imikono (signatures) yashyizwe ku nyandiko ariyo (légalisation des **signatures**).

IBIGUZI BY'IBYEMEZO BITANGWA NA LETA :

1. Ibyemezo by'imibereho-bwite ( extrait des actes d'Etat-civil) = 600F.
2. Kopi y'icyemezo cy'imibereho-bwite (copie d'acte d'Etat Civil) = 1.200 FRWS.
3. Izindi mpapuro zavuzwe haruguru = 1.200 FRWS.
4. Guhamya imikono (signatures) yashyizwe ku nyandiko = 600 FRWS, Urupapuro rwa mbere, urwa kabiri, urwa 3, 4, 5 ... = 300 FRWS.

5. KWEGERANYA AMATEGEKO N'AMABWIRIZA.

5.1.-Amagazeti ya Leta ( Journaux Officiels), iyo umwaka ushize dukoramo igitabo.

- Codes et Lois du Rwanda I - II.

5.2. ANDI MABWIRIZA.

-Dufite umukozi ushinzwe kubika amabwiriza yose aturutse mu nzego zo hejuru n'ayo Prefegitura yohererereza ba Burgumestri.

6. KUMVA NO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE :
Kuwa kabiri no kuwa kane wa buri cyumweru, Prefe n'aba Suprefe bose bakira ibibazo by'abaturage. Uwa kabiri wagenewe abategarugori n'abari, naho uwa kane uharirwa abagabo. Hari igitabo cy'ibibazo cyandikwamo abaje buri munsi, akababaro kabo n'umuti wahawe buri kibazo. Iyo ari ngombwa tujya muri Komini tugafatanya na Burgumestri n'abajyanama gukemura ibibazo byananiranye. Muri Prefegitura ya KIGALI, ibibazo byinshi bishingiye k'umubano w'abagabo n'abagore no ku masambu cyane cyane ayo muri Peyizana.

7. GUSHYIRAHO AMABWIRIZA Y'UBUTEGETSI N'UMUTEKANO.
Ubutegetsi iyo busanze ari ngombwa bushyiraho amabwiriza nyubahirizategeko cyangwa agenewe gushimangira umutekano w'abaturage.
AMWE MURI AYO MABWIRIZA YASHYIZWEHO MURI PREFEGITURA YA KIGALI :
1/ Kubuza inka kugenda ninjoro;
2/ Kubuza amatungo kujya mu masoko ( Igihe cya Muryamo);
3/ Gufunga Utubari na za Resitora ( Igihe cya Macinya);
4/ Gufunga amaduka n'amasoko ( Igihe cy'Umuganda no kwakira Abashyitsi).

.../....

8. KWANDIKA INAMA ZIHUZA ABAKURU B'IMIRIMO MURI PREFEGITURA :

Izo nama zigomba gukorerwa gahunda y'ibizigwa (ordre du jour). Ni ngombwa kubaza abandi ba Suprefe n'abakuru b'imirimo ibyo bateganya kugira ngo inama igirire bose akamaro.
Ni ngombwa gutunganya inyandiko-mvugo iba yakozwe kugira ngo yoherezwe itunganye.
Imyanzuro yafatiwe mu nama igomba kubahirizwa. Kubikurikirana ni ngombwa kugira ngo inama itazajya igaruka ku bibazo bimwe.

9. KUMENYA NO KWITA KU MASHYIRAHAMWE ADAKURIKIRANYE INYUNGU :

Ni ngombwa kumenya no gutera inkunga ayo mashyirahamwe. Atemewe nayo agomba kurwanywa.
Imirimo ayo mashyirahamwe akora ikurikiranwa na Suprefe ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'umuco.

## U M W A N Z U R O .

Muri make, imirimo ya Suprefe ushinzwe ubutegetsi n'amategeko ni :

1. Kunoza ubutegetsi bwo kuri Prefegitura,
2. Ubutegetsi butunganye bw'amakomini bushingiye ku nama zitunganye za Komini,
3. Umutekano rusange w'abaturage,
4. Kureba y'uko iyo mirimo ikorwa neza.

Hakwiye kubaho agatabo gakubiyemo amategeko gahabwa abategetsi b'inzego zose kugira ngo bashobore kuyakurikiza.

## IMIBEREHO Y'ABATURAGE - N'UMUCO.

**INTANGIRIRO:** Iki kiganiro nta mahame arimo mudasanzwe muzi kuko dusangiye uwo murimo utawukora muri iki gihe wenda yarawukoze cyangwa abona uko mugenzi we awukora. N'ibitekerezo bimwe na bimwe nk'uko tugerageza kubikora, namwe mukongera ho ibyanyu.

Umurimo werekeranye n'imibereho y'abaturage ni umurimo ugoye cyane kuko ibyo ukora atari ibintu bigaragara washobora gushyira mu mibare ngo wereke abandi uti dore icyakozwe. Bityo rero ababireba bagasanga nta-cyakozwe kandi ababikora bataruhuka, yewe bo no mu makonje na za week-end usanga bo bari mu kazi.

Ingingo zigize iki kiganiro :

1. Akamaro k'iyo mirimo
2. Iyo mirimo ni iyihe?
   - 2.1. Itegeko-teka lya Prezida wa Repubulika n° 443/03 lyo kuwa 27.09.83.
   - 2.2. Ubwoko bw'iyo mirimo
     - a) Igamije amajyambere
     - b) Iterwa n'ibibazo by'imibereho y'abantu.
     - c) Imyidagaduro n'imikino.
3. Iyo mirimo ikorwa ite?
4. Ikorwa na nde?
   - Abahagarariye imirimo
   - Ba Burugumestri
   - Abagiraneza
5. Ingorane
6. Icyakorwa ngo irusheho kugenda neza.

1. AKAMARO KAYO:

Iyo mirimo ni ngombwa cyane kuko ariyo ahanini n'indi yose ishamikiraho. Ubwo hariho abibaza bati bite ?

Kuvuga imibereho y'abantu, ni ukuvuga ko umuntu adashobora kubaho wenyine, abana n'abandi. Uko kubana n'abandi bigaturukaho ibyiza n'ibibi. Ibyo bibi bitabonerwa umuti, amahoro akabura mu bantu.

Ibyo byiza kandi nabyo, kugirango bikomeze kuba byiza, hari ibigomba gukorwa, aricyo nitaga ko imibereho y'abantu aliryo shingiro ly'imirimo myinshi.

.../...

Umuntu atura ari umwe, abandi bakaza bamusanga bamara kugwira

Urugero: Ibyiza by'imibanire y'abantu : Barashyingiranwa, bakabyarana, bamara kwororoka babaye benshi, hakavuka ibibazo by'indwara. Bakagomba kuvurwa, batavuwe bapfa bagashira. Baratongana, bagakenera abo batura ibibazo ngo babunge.

Abandi nabo bageze ubwa mbere aho bimukiye. Habanje urugo rumwe, zikazagenda ziyongéra umusozi wose ukageza igihe utuwe; bakageza aho batura inzu ku yindi, buri muryango ukaba ugeze mu bana batandatu, 8, ubwo Komini igasanga hakenewe amashuri, amavuriro, amazi, imikino n'imyidagaduro n'ibindi.

Leta idateganyije imirimo y'ibikenewe n'iteganyirizwa abo bantu, ibibazo byavuka ntiyazabivamo.

Imirimo y'imibereho y'abaturage n'umuco niyo shingiro ly'ubuzima bwiza, ishingiro ly'amahoro n'umutekano mu bantu. Abadafite amahoro nta n'amajyambere bageraho.

2. IYO MIRIMO NI IYIHE?

2.1. Itegeko-teka rya Prezida wa Republika n° 443/03 lyo kuwa 27.09.1983 lyavugururaga ilyo kuwa 11.03.1975 rishyiraho imitunganyirize y'imirimo yo mu rwego rwa Prefegitura ryerekana ubwoko bw'iyo mirimo.

- Amashuri, uburezi no guteza imbere abaturage.
- Imirimo, ubwiteganyirize bw'abakozi n'ubuzima bw'abaturage.
- Urubyiruko.
- Imilyango y'abanyamadini
- Ingo cyangwa umuryango.
- Ibibazo by'abatishoboye, abakene n'indushyi
- Imyidagaduro n'imikino.

Mu by'ukuri, murabona ko muri ilyo tegeko harimo gusa ingingo zafasha gushaka ibigomba gukorwa, naho ubundi ntabwo iyo mirimo isobanuye bihagije. Uyishinzwe niwe ugomba kwishakira icyo yakora ngo ateze imbere buri wese muri iriya mirimo igiye ivugwa mu nteruro imwe gusa. Bitabaye ibyo yategereza ko havuka ikibazo muri buri wese, akaba aribwo yihutira kugishakira umuti, nabwo akawugeraho bimugoye, ugasanga rero ababireba bibaza bati nk'iriya service yo imaze iki?

2.2. Ubwoko bw'iyo mirimo:

Umuntu yavuga ko iyo mirimo irimo amoko atatu.

a) Imirimo igamije amajyambere; ni ya yindi ituruka ku byiza byo kubana kw'abantu. Nk'uburezi n'amashuri ubuzima bw'abaturage.
Akazi n'ubwiteganyilize bw'abakozi, urubyiruko.
Imilyango n'abanyamadini. Hari n'itavugwa muri lya tegeko-teka nyamara nayo igomba gukorwa muri iki cyiciro : ni Amashyirahamwe n'Amakoperative. (n'ubwo balishyize mu rwego rw'imirimo b) Imirimo igomba kubaho kubera ibibazo. Ari ibituruka ku mibereho bwite y'umuntu. Urugero: ibimuga- abarwaye mu mutwe n'abandi bose bafite ubusembwa butuma batabana neza n'abandi. Ari n'ibibazo bituruka ku mibanire y'umuntu n'abandi. Ibibazo by'ingo; iby'ubwumvikane buke n'abaturanyi n'ibindi.

.../...

c. Imirimo igamije inyidagaduro n'imikino:

Iyi nayo ariko n'ubwo ihenda bwose twayishyira mu cyiciro cya kabiri. Ni ukuvuga muri ya yindi igamije amajyambere. Ahanini usanga ari nayo igaragara cyane, akaba ariyo imara ingengo y'imari Komini zateganyije imilimo yose yo muri icyo gice.

3. IYO MIRIMO IKORWA ITE?

Kugirango imirimo y'imibereho myiza ishobore kugira icyo igeraho no kwumvikana neza. Nk'uko byavuzwe haruguru, ni ngombwa ko uyishinzwe yibaza, agatekereza icyo yakora muri buri cyiciro ngo ateze imbere uwo murimo. Agomba rero kwiga neza imiterere yawo akagaragaza icyakozwe, n'ikigomba gukorwa muri buri murimo, ngo intego zawo zigerweho. Izo ntego nazo zikaba zizwi.

3.1. Uburezi, amashuri:

Intego: Ni uko abana bose bakwiga amashuri abanza nk'uko bahabwa ubwo burenganzira n'itegeko.

a) Ni ngombwa kumenya muri buri Komini umubare w'abana bari mu kigero cyo kwiga amashuri abanza. Ni ukuvuga hagati y'imyaka 7 - 15.

b) Hakamenywa umubare w'abana bari mu mashuri. Abavuyemo. Byaba byiza kurushaho hamenyekanye n'impamvu zabavanyemo. Abatigeze bajyamo.

c) Kumenya abageze igihe cyo gutangira amashuri ( 7 ans ).

Ibyo bifasha kumenya - aho amajyambere mu bujijuke bw'akarere ageze.
- Ibibazo biriho; nk'iby'urubyiruko rugomba kwitabwaho.

Iby'abagomba kwigishwa gusoma no kwandika.
Abagomba guteganyirizwa amashuri, umubare w'amashuri agomba kwubakwa n'uw'abarimu bagomba guteganywa.

Ukeneye kumenya iyo mibare, azifashisha ibarura ry'abaturage b'icyo kigero muri Komini. Na Inspecteur w'amashuri mu by'umubare w'amashuri n'uw'abarimu.

d) Kumenya abari mu mashuri yisumbuye n'amakuru.
e) Kumenya umubare w'amashuri uriho n'uko yubatse n'agomba kwubaka.

Kumenya imigendekere rusange y'amashuri(- umuco mu burezi, imyigishirize, abarimu, ibibazo biriho).

. Guteza imbere abaturage : Nabyo ni kimwe. Ni ukureba ibyo abaturage bakeneye muri urwo rwego rw'imirimo. Ikibazo bafite.

.../...

Urugero : Mu bujijuke:

Kumenya abazi gusoma. Abatabizi; kwiga uburyo bwakoreshwa ngo bamenye gusoma. Ibigo biriho biganije kubajijura no kubahugura. Programu z'imirimo iri mu karere bakeneye guhugurwano.
Icyakorwa. Ababikora n'ibikenewe ngo ibikorwa biteganijwe bigerweho.
Kumenya imishinga iri mu karere aka n'aka iganije guteza imbere abaturage. Programu yayo n'icyo imariye abo baturage, uko ikora, icyo yakora ngo birusheho kubagirira akamaro niba ari ngombwa. Aha niho bwa bwumvikane n'ubufatanye bw'imirimo yose ikorana n'abaturage ari ngombwa, abashinzwe iyo mirimo yose bakajya bahura bakigira hamwe intego zabo, programu n'ubulyo bwakoreshwa ngo zigezwe ku baturage, n'ingengabihe bakubahiriza bose.

3.2. Ubuzima bw'abaturage:

Uko babaho, niba bafite ibibatunze bihagije, uko babikoresha niba badasesagura umusaruro n'umutungo wabo.

Indwara ziganje mu karere n'ikizitera.
Isuku y'akarere
Ikingiza ly'abana
Imiturire; amazu babamo
Amazi bavoma make, meza
umubare wayo.

Amavuriro: Umubare, abakozi n'imikorere yayo.

3.3. Akazi n'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Nabyo ni ngombwa kumenya n'ingingo z'ingenzi.

Imirimo iriho ishobora gutanga akazi; umubare w'abakozi bari muri buri wose. Imyiteganyirize yabo muri buri kigo. Ibibazo bihari.

3.4. Urubyiruko:

| | |
|---|---|
| - Umubare wabo | - Amashyirahamwe |
| - Ibikorwa byabo | - Imilyango yabo |
| - Ibishobora gukorwa | - Amakipe yabo |
| - Ibibazo | - Ibyifuzo n'ibibazo. |

3.5. Imilyango y'abanyamadini:

Iyo ariyo - Aho iba - Icyo iganije - Ibikorwa ifite. Iyo milyango icyo yamarira akarere ibamo. Ilyo barura lyerekeye imirimo y'imibereho myiza, ishobora kubyara amajyambere iyo ririho rikozwe neza, hari imishyikirano n'ibikorwa byinshi bishobora gushanikiraho. Hakurikijwe ibikenewe n'byihutirwa mu mibereho yabo.

Mu gihe ritazwi, akenshi iyo mirimo igaragara nk'aho iteye ibibazo gusa. Impamvu ni uko ibyo bibazo byayo aribyo koko bifata umwanya munini urugero: Akazi; ni ibibazo by'abakozi n'abakoresha ababishinzwe bibandaho cyane.

…/…

Ibyerekeye imyidagaduro n'imikino, nabyo ni kimwe.

Ni ngombwa kumenya ibiriho

Uko bikorwa n'icyakorwa ngo iyo mikino itere imbere.

Ibibuze n'aho byashakirwa.

N.B. Uko ishusho lya buri murimo lyatanzwe aha siko yose ikorwa ni uko mbona byagombaga kugenda. Usibye bike, ibindi siko byakozwe kubera kubura ababikora.

4. NI NDE UGOMBA GUKORA IYO MIRIMO:

Imirimo isanzwe ifite abayihagarariye biroroshye.

- Inspecteur d'Arrondissement
- Encadreur
- C.P.D.F.P.
- Inspecteur du travail.

Ni bo Prefe na Suprefe bifashisha babaha anabwiriza yo gukora imirimo yabo hakurikijwe uko iyo mirimo yizwe. Bagakorana n'inzego z'iyo mirimo ziri muri Komini. Ariko akenshi usanga nabo batabyumva. Bakora gusa icyo Ministeri zabo zibasaba. Ahanini rero ugasanga ababiteganije aribo birwanaho bifashishije Burugumestri. Prefe, Suprefe akaba alibo batekereza umushinga, bakawiga. Ya mirimo y'ubwoko bwa gatatu iracyaruhije. Yo ntigira umutekinisiye ubishinzwe, kandi itera ibibazo byinshi. Ni ukuvuga imirimo yose yo kugoboka no gufasha abafite ibibazo.

- Hari ibibazo by'imilyango kandi ni byo byinshi.
- Hari ibibazo by'abatishoboye
- Hari ibibazo by'abakene.

Mbese abo bose bakeneye kugira icyo bakorerwa ku bulyo bwihutiwe ngo bashobore kubaho.

Muri byinshi twifashisha umulyango utabara imbabare, caritas n'indi milyango, ariko nayo ntacyo yatumarira, Prefegitura itize ubwayo icyo yakorana n'uwo mulyango (aho naho hari hakwiye umuntu ukora iyo mirimo yonyine, kuko ni myinshi kandi hahoraho ibibazo bishya.

5. INGORANE ZIBUZA IMILIMO Y'IMIBEREHO N'UMUCO.

5.1. Hari uko iyo mirimo iteye ubwayo bituma itumvikana neza kubera ko yose ikorana n'abantu kandi imibereho yabo igenda ihindagurika. Usanga ibibazo byabonewe umuti bidatinda kubyara ibindi. Bityo na gahunda y'ibigomba gukorwa igahora ihindagurika.

5.2. Ni imirimo itazana inyungu y'ako kanya:

Ibyo bigatuma ari abayikora, ari n'abayikorerwa badashishikara. Nk'uko byavuzwe mu ntangiro, ntawashyira mu mibare igaragara ubujijuke bw'abantu. Ntabwo ari urubyiruko rwose rwabona imirimo iruha umushahara ngo ni uko rwitaweho.

.../...

5.3. Kutagira umutungo wo gukoresha kubera kutumva neza iyo mirimo, usanga ariyo Komini iteganyiriza duke cyangwa ntiteganye na mba.

Mu ngengo y'imari ya Leta nayo. Bibuka amashuri - Amavuriro - imikino ariko ntabwo ibyo bibazo bindi bizamo kandi bidashobora akenshi kurangizwa ari nta mafranga asohotse. N'uduke bateganya two gufasha imbabare usanga tudahagije.

5.4. Abakozi bake:

Iyi mirimo nk'uko byavuzwe ni imirimo igomba kwigwa neza, igakurikiranwa, kandi hagashobora no gukorwa buri gihe évaluation y'iyo mirimo. Ni imirimo shingiro n'imitunganyirize y'indi mirimo.
Hagomba abakozi bahagije. Ubundi hateganijwe uwo bita Fonctionnaire aux affaires socio-culturelles. Aho kuba umwe, hakwiye nibura batatu bagabanywa bwa bwoko uko ari 3 bw'iyo mirimo cyangwa ku bundi bulyo.

- Uburezi n'amashuri
- Imizamukire y'abaturage
- Urubyiruko n'imikino bidateganywa
- Umulyango, imbabare n'indushyi.

5.5. Gukora no ku minsi n'amasaha ateganywa n'itegeko rigenga imirimo yindi.

Nk'ibyerekeye imyidagaduro n'imikino, ndetse no kubahiriza ibikorwa bijijura cyangwa biteza imbere ubuzima, bikorwa no ku minsi y'ibiruhuko. Hagomba ubwitange ngo umuntu abitunganye.

5.6. Nk'ibyerekeye ibibazo by'imibereho n'abandi. Ibizubizo biboneka akenshi ari uko ibikurikiranye anyuze ku zindi nzego cyangwa ku bandi.

5.7. Ni imirimo iyoborwa na Département nyinshi zitari zimwe.

5.8. Kutagira amategeko abigenga . Urugero: Impushya zo gukina théâtre.

6. HAKORWA IKI NGO IYO MIRIMO IRUSHEHO GUTUNGANA?

6.1. Gushyiraho abakozi bahagije kandi bafite ubumenyi bunyuranye (amategeko - imari - imibereho y'abaturage n'ibindi), bashobora gutegura imishinga yakwemerwa n'abashobora gutanga imfashanyo. Abakozi bane (4)

6.2. Kugena ingengo y'imari ihagije.

6.3. Départements (Inzego zo hejuru zigenga imirimo ifitanye isano n'imibereho n'umuco zagombaga ubwazo kwumvikana kuri programu, buri wese mu bimureba, bakabimenyesha abakozi bagomba gushyira izo programu mu bikorwa.

6.4. Kugirana imishyikirano kenshi n'imilyango y'abagiraneza igoboka mu bikorwa n'ibibazo byo muri ubwo bwoko bw'imirimo.

.../...

Ibyo byatuma ibikorwa bya Leta n'iby'abanyamadini byuzuzanya muguteza imbere imibereho myiza aho gutatana cyangwa gusenyana.

UMWANZURO.

Imirimo y'imibereho y'abaturage, imyidagaduro n'umuco ni ishingiro ly'amahoro n'amajyambere mu bantu.

Ni imirimo igoye kandi idatanga inyungu y'ako kanya. Igomba gushyigikirwa na bose ngo ishobore gukora neza. Ikigwa neza - Ikagenerwa ibya ngombwa bituma ikorwa.-

IKIGANIRO CYA S/PREFE NTAGUGURA GEORGES CYEREKEYE UKUNTU ATUNGANYA IMIRIMO ASHINZWE MU RWEGO RW'UBUKUNGU NA TEKINIKE.

---

I. INTANGILIRO.

Iki kiganiro, nagiteguye nshingiye kuli message n° 2.924/04.09.01/15 Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yohereje Bwana Prefe wa Prefegitura ya GITARAMA kuwa 19 Ugushyingo 1986.

Mbere y'uko nsobanura ukuntu ntunganya imirimo nshinzwe, byaba byiza nibukije ibyo S/Prefe wa Prefegitura ushinzwe iby'Ubukungu na Tekinike agomba gukora, akulikije iteka rya Prezida n° 443/03 ryo kuwa 27 Nzeli 1983 lihindura iteka rya Prezida n° 68/03/1 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 lishyiraho inzego z'Ubutegetsi bwa Prefegitura, likagena n'imikorere yazo. Birashoboka ko bamwe muli mwe baba batabizi neza cyangwa batabyibuka neza.

Urwego rw'ibyerekeye Ubukungu na Tekinike rushinzwe ibi bikulikira :

- Ubucuruzi, imali, inganda, mini n'imyuga;
- Ibyerekeye ubutaka, ubuhinzi n'ubworozi;
- Kugena imigambi mu rwego rwa Prefegitura (Planification régionale);
- Ibyerekeye amakoperative;
- Imfashanyo zo gutsura amajyambere;
- Ibikorwa-remezo bya Leta (Infrastructures publiques);
- Ibyerekeye transporo no gutumanaho;
- Ibyerekeye ibigo bigengwa na Leta;
- Sekretariya y'Inama ya Prefegitura.

Aha, nakwongeraho ko S/Prefe ushinzwe urwo rwego muli Prefegitura ya GITARAMA ali nawe ubu ushinzwe ibyerekeye UMUGANDA.

Kubera iyo mirimo, S/Prefe ushinzwe iby'Ubukungu na Tekinike muli Prefegitura ya GITARAMA ali muli za Komite cyangwa Komisiyo nyinshi, nka :

- Komite itanga amasambu muli za Peyizana za MAYAGA;
- Komisiyo ishinzwe ibyo kulinda ubutaka;
- Komisiyo ishinzwe iby'inzuli;
- Komisiyo ishinzwe anketi z'imbonera n'imbogamizi;
- Komisiyo ishinzwe ibyo kwimura abatuye ahateganywa kuzashyirwa igikorwa gifitiye rubanda akamaro;
- Komisiyo ishinzwe ibyerekeye guteganya no gutegura ibigomba gukorwa n'Umuganda ku rwego rwa Prefegitura;
- Komite ishinzwe iby'Umuganda muli Selire y'Abakozi ba Leta i GITARAMA;

.../...

- Su-Komisiyo ishinzwe ibyerekeye ibiciro;
- Akanana mpuza-bikerwa k'umushinga witwa P.S.T.P. - H.I.M.O.
- Inama y'Ubutegetsi y'Ikigo gikorera Amashyirahamwe (Centre de Services aux Coopératives);
- Akanana k'Ubuyobozi bw'Umushinga utera inkunga abanyamyuga bakora ibintu bikomoka ku giti (Appui aux Entrepreneurs Forestiers et du Bois); uwo mushinga ugera no muli Prefegitura ya BUTARE, iya GIKONGORO n'iya KIBUYE.

## II. UKO NTUNGANYA IMIRIMO NSHINZWE.

### 1. Abakozi.

Urwego nshinzwe, rufite abakozi batatu: jyewe ubwanjye; umukozi umfasha gutegura 'monographie" ya Prefegitura na za raporo z'ibyakozwe n'Umuganda, gusuzuma za raporo z'Utunama tw'impuguke tw'amakomini n'iz'Inama za Komini ziharanira Amajyambére, kimwe na za raporo zerekeye ibiciro. Uwo mukozi kandi amfasha no kwandika ibivugirwa mu Nama ya Prefegitura, igihe bibaye ngombwa ko nwifashisha; umukozi wa gatatu akaba ashinzwe umurimo wo kwandikisha imáshini no kumfasha ibyerekeye "classement".

### 2. Kubika inyandiko.

Kuli ibyo byerekeye "classement", kugeza mu mwaka wa 1982, inyandiko nyinshi zifitanye isano na service nshinzwe, zabikwaga muli Sekretariya. Umu S/Prefe nasimbuye mu wa 1983, nasanze yali amaze igihe gito atangiye kuzibika mu biro bye, maze nkomerezaho.

Biro yanjye ifite m 4, 5 kuli m 3, 5 kimwe n'iy'umukozi wandikisha imashini. Hombi, mpabika amadosiye. Halimo utugege tubili n'utubati dutanu (placards). Kugeza ubu, aho mbika amadósiye harahagije, aliko nkulikije ukuntu ibyandikwa bigenda byiyongera, ndabona mu gihe gito kili imbere hazambana hato. Za raporo ziva mu makomini buli kwezi cyangwa buli gihembwe, iziva mu maselire yihaliye, iziva muli za Ministeri kimwe n'inyandiko z'ubwoko bwose, zifata umwanya munini.

### 3. Akazi ko mu biro.

Buli gitondo, umukozi dukorana cyangwa jyewe ubwanjye, tunyura muli Sekretariya ya Prefe, aliyo twita "Bureau Courrier et Archives", kugira ngo dufateyo inyandiko zigenewe Service yacu, kuko aho ngaho buli mu S/Prefe ahafite ikintu (chemise cyangwa farde) gishyirwamo inyandiko zose zerekeye Service ye, uko zije. Na nyuma ya saa sita niko tubigenza.

Iyo maze rero gushyikira izo nyandiko, nzinyuzamo ijisho vuba vuba, nkarobanuramo izihutirwa nkazisuzuma, ngakora ibigomba kuzikorwaho, nkabona gukulikizaho izindi, izigomba gushyingurwa nkazishyira aho naziteganyilije, aho twita "classeur".

.../...

Icyakora, nta "Classeurs", nyinshi ngira, ku buryo ibyinshi mbishyira mubyo twita " chemises", kubifata neza ugasanga bilimo ingorane, kuko hali igihe impapuro zibamo nyinshi zikajya zitsuka. Aliko, nshoboye kubona "chemises" nyinshi, byarushaho kugenda neza. Nazo rero zimbana nkeya.

Dosiye ngenda nzegeranya nkulikije Ministeri iyi n'iyi cyangwa ikigo iki n'iki. Tuvuge, nka dosiye zifitanye isano na Ministeri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba nzishyira hamwe nkulikije inzego z'iyo Ministeri: dosiye zerekeye Ubuhinzi zikagira umwanya wazo, izerekeye Ubworozi zikagira uwazo, izerekeye za Peyizana zikagira uwazo, bityo bityo...

Aha, nasobanura ko amabwiliza yose aturuka mu nzego zo hejuru nayagenekye akabati kamwe muli twa tundi nigeze kuvuga (placards), nayo nkaba nyabika nkulikije urwego yaturutsemo.

Ikindi nababwira ni uko amabaruwa ya Prefe ashaka igisubizo mu gihe iki n'iki, nyashyira ukwayo, italiki ntarengwa igisubizo kizatangirwaho nkayandika kuli kalendari, kugira ngo nshobore kubikulikiranira hafi. Amabaruwa kandi mba nateguye ubwanjye, nayo ngerageza kuyakulikirana kugira ngo kopi zayo zihite zingarukira, Prefe amaze kuyashyiraho umukono. Ibyo bituma izo kopi zidashobora kuzimilira mu yandi madosiye, kuko hali ubwo ba Sekreteri bashobora kwibeshya bakaba bazibika mu mwanya utali uwazo, kuzibona bikaba byagora.

4. <u>Amataliki yo kuremesha inama.</u>

Nk'uko nigeze kubibamenyesha cyangwa kubibibutsa, S/Prefe ushinzwe iby'Ubukungu na Tekinike ali muli za Komite cyangwa Komisiyo nyinshi. Ubundi Prefe niwe muyobozi wazo, uretse S/Komisiyo ishinzwe iby'ibiciro na za zindi ziyobora imishinga nka "P.S.T.P. - H.I.M.O".
Ikigo gikorera Amashyirahamwe cyangwa Umushinga utera inkunga abanyamyuga bakora ibintu bikomoka ku giti. Aliko rero, kubera ko kenshi Prefe ataboneka bitewe n'imirimo myinshi aba afite, S/Prefe ushinzwe iby'Ubukungu na Tekinike niwe uyobora amanama y'izo Komisiyo.

Ayo manama nyaremesha ryali?
Hali inama nteganya umwaka ugitangira, aliko kwubahiliza amataliki ntibigerweho neza, bitewe na Programu zikunda kuza zitunguranye.
Nk'inama za Komisiyo y'inzuli, iza Komite itanga amasambu muli Peyizana, iza Su-Komisiyo ishinzwe ibyerekeye ibiciro n'iza Komite ishinzwe iby'Umuganda muli Selire y'abakozi ba Leta i GITARAMA, nziteganyiliza amataliki umwaka ugitangira, nilinda na none kuzigonganisha n'iziba zateganyijwe na Prefe.

Komisiyo ya Prefegitura ishinzwe ibyerekeye guteganya no gutegura ibigomba gukorwa n'Umuganda, yo iterana nibura limwe mu gihembwe.

.../...

Ibyo ishinzwe, halimo gusuzuma raporo z'ibyakozwe n'Umuganda mu makomini no mu maselire yihaliye. Izo raporo zigomba kwohererezwa Prefegitura buli kwezi, noneho Prefegitura ikazihuliza hamwe ikazikuramo raporo y'igihembwe igomba kwohererezwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Kugira ngo uwo mulimo wo gukora raporo ya buli gihembwe utworohere, nafashe imbonerahamwe Ministeri yohereje ba Burugumestri bose bo mu Rwanda kugira ngo bajye bayikulikiza batanga raporo, noneho nyandikisha kuli Stencil. Uko raporo z'ukwezi zitugezeho, ibizikubiyemo tukabyandika kuli ya mbonerahamwe (dukoresheje ikaramu y'igiti), iby'ukwezi gukulikiraho byatugeraho, tukabiteranya n'ibya mbere. Ibyo bigakorwa ku mezi atatu agize igihembwe. Raporo y'igihembwe imaze gutegurwa, ishyikilizwa akanama kashyizweho na Komisiyo y'Umuganda, kayobowe na S/Prefe ushinzwe iby'ubukungu na Tekinike.

Ako kanama, iyo karangije gusuzuma raporo, Prezida wa Komisiyo y'Umuganda arayitumira, nayo ikareba niba iyo raporo itunganye, noneho ikabona kwohererezwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

Icyakora, raporo ziva mu makomini no mu maselire yihariye zikunda kutugeraho zikererewe, ku buryo bitinza itegurwa rya raporo y'igihembwe.

Izindi Komisiyo, nk'ishinzwe iby'anketi z'imbonera n'imbogamizi, ishinzwe iby'iyimura, ziterana igihe bibaye ngombwa, ni ukuvuga habonetse ibigomba gukorwa n'izo Komisiyo.
Naho ziriya zo mu mishinga y'amajyambere, ziterana nibura limwe mu gihembwe, uretse iya P.S.T.P. - H.I.M.O iterana buri kwezi.

Ku byerekeye anketi z'imbonera n'imbogamizi, abagize Komisiyo bajya kureba aho igikorwa kigomba gushyirwa (igaraji, station ya lisansi, ikigo gikorerwamo imigati n'ibindi), ikahazenguruka, ireba niba hakwiye koko, noneho Umuyobozi wa Komisiyo akabaza buri wese mu bayigize uko abona aho hantu. Abagize Komisiyo bose bamara gutanga ibitekerezo byabo, hagafatwa icyemezo cyo kwemera cyangwa guhakana ko icyo gikorwa gishyirwa aho hantu.

Naho ku byerekeye imikorere ya Komite itanga amasambu muri Peyizana, Service ishinzwe iby'Ubuhinzi muri Prefegitura, na Komini ifite izo Peyizana, zitegura amalisiti y'abasaba amasambu zihereye kuri za kopi z'amabaruwa aba yohererejwe Prezida wa Komite.

Mbere yo gutanga amasambu, abagize Komite babanza gutambagira Peyizana bareba ko ayo masambu ariho koko, hanyuma bakazateranira mu yindi nama bakemeza abagomba kuyahabwa.

Abamaze guhabwa ayo masambu, hari amasezerano bagirana na Leta y'u Rwanda yerekeye uko ayo masambu agomba gukoreshwa.

.../...

Muri Peyizana ariko, dukunda guhura n'ibibazo bikomeye duterwa cyane cyane n'abiyuhiza ibisigara. Hari n'ababikora babishyigikiwemo n'abakonseye cyangwa abaselire. Mu minsi ishize, hari Perimètre imwe twasanze bigiye gukabya, Komite iterana igitaraganya kugira ngo irebe ukuntu yahosha vuba ako kajagari. Yasanze icya mbere yagombaga gukora ari ukugera mu masegiteri yose arimo ayo masambu yigabijwe, ikareba ibyayakozwemo. Komite, imaze kuzenguruka ayo masegiteri, yarongeye ikora inama ifatira ibihano abari biyuhije ibyo bisigara, ikurikije ibyo bari bakozemo, kuko hari abari batemye ibihuru batarahinga, abandi bari barihinze ariko bataratera imyaka; hari abari barateye imyaka, ariko batarahatura, hari n'abari barubatse amazu bagahita bayataha. Abo bose, twagiye kubaca amafranga, kuva ku 1.000 kugeza ku 5.000; hari n'uwo twaciye amafranga 100.000 kubera ishyamba yari yarateye ahantu yihaye, ariko twemeza ko naramuka ayatanze, azagumana ishyamba rye. Komite yemeje ko ayo mafranga azahabwa Komini, maze abo biyuhije ibisigara bakabivamo.

Ibindi bibazo ni iby'abantu baza bavuga ko ubutegetsi bwa Komini cyangwa abagoronome babagabanyirije amasambu. Kenshi, dusanga ari abantu baba bararenze imbago. Ibyo tubibona dukoresheje amakarita ya Peyizana afitwe na bamwe mu bagronome bakoze muri Peyizana kuva kera.

5. Abagize izo Komisiyo cyangwa Komite :

a) Komite itanga amasambu muri Peyizana :

- Prefe wa Prefegitura cyangwa Umuhagarariye, akaba ari nawe Prezida wayo;
- Uhagarariye MINAGRI;
- Burugumestri wa Komini ifite iyo Peyizana;
- Agronome wa Prefegitura;
- Agronome w'Akarere ka MAYAGA Y'AMAJYARUGURU ( NTONGWE, MUGINA, MUSAMBIRA);
- Agronome wa Komini ifite iyo Peyizana.

b) Komisiyo ishinzwe ibyo kulinda ubutaka:

Iyo Komisiyo yashyizweho n'itegeko n° 11/82 ryo kuwa 30 Werurwe 1982. Igizwe na :

- Prefe wa Prefegitura cyangwa Umuhagaraliye, Prezida;
- Agronome wa Prefegitura
- Veterineri wa Prefegitura
- Umugenzuzi w'Amateme n'Imihanda
- Abantu bane nibura bashyirwaho na Ministri w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba.

c) Komisiyo ishinzwe Inzuli:

Yashyizweho n'iteka rya Ministri n° 03/79 ryo kuwa 24 Kanama 1979, ikaba igizwe na :

- Prefe wa Prefegitura, Prezida

.../...

- Veterineri wa Prefegitura, Umwanditsi
- Agronome wa Prefegitura
- S/Prefe wa S/Prefegitura ya KIYUMBA
- Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GITARAMA
- Burugumestri wa Komini MUGINA
- Burugumestri wa Komini RUTOBWE.

d) Komisiyo ishinzwe iby'Iyimura:

Yashyizweho n'itegeko-teka n° 21/79 ryo kuwa 23 Nyakanga 1979. ikaba igizwe na :

- Prefe wa Prefegitura, Prezida
- Agronome wa Prefegitura, Umwanditsi
- Umugenzuzi w'Amazu ya Leta
- Umugenzuzi w'Ubucuruzi
- Burugumestri wa Komini ilimo abagomba kwimurwa.

e) Su-Komisiyo ishinzwe iby'ibiciro:

Yashyizweho n'iteka n° 08.17.0/06/5/75 ryo kuwa 29 Kanama 1975 rya Ministri w'Imali n'Ubukungu. Igizwe na :

- S/Prefe ushinzwe Ubukungu, Prezida
- Umugenzuzi w'Ubucuruzi, Visi-Prezida
- Burugumestri wa Komini NYAMABUYE
- Veterineri wa Prefegitura
- Umuyobozi wa za Koperative
- Umugenzuzi w'Imisoro
- Agronome wa Prefegitura
- Ushinzwe Ibarura mu rwego rwa Prefegitura (statistiques)
- Kontabure wa Prefegitura
- Ushinzwe Iperereza muli Prefegitura
- Uhagaraliye Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda.

f) Komisiyo ishinzwe ibyerekeye anketi z'imbonera n'imbogamizi.

Imikorere y'iyo Komisiyo igengwa n'iteka n° 41/78 yo kuwa 20 Gicurasi 1956. Iyo Komisiyo igizwe na :

- Prefe wa Prefegitura cyangwa intumwa ye, Prezida
- Burugumestri wa Komini izo anketi zikorerwamo
- Agronome wa Prefegitura
- Umugenzuzi w'Ubucuruzi
- Umugenzuzi w'Amazu ya Leta
- Umugenzuzi w'Imilimo
- Umugenzuzi w'Amateme n'Imihanda

- Umukuru wa Station ya ELECTROGAZ
- Umugenzuzi w'ibyerekeye isuku

6. Indi milimo : UTUNDI DUSOBANURO.

- Mu byerekeye imali, nkulikirana imikoreshereze y'amafranga yoherererezwa Prefegitura, aliyo twita "Subdélégations". Ay'ingendo z'akazi agomba guhabwa abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bakorera kuli Prefegitura, atangwa ali uko bose bamaze kutugezaho "Ordres de mission" zabo. Ubwo rero Prefe aba yarabanje kubandikira abasaba kwohereza izifitanye isano n'igihembwe iki n'iki. Ayo mafranga tugerageza kuyasaranganya neza uko dushoboye, dukoresheje ubutabera.
  Aliko, nta na limwe ajya adukwira. "Ordres de mission" zisigara zitishyuwe, ndazibika, kugira ngo umwaka nurangira nzakore raporo ivuga umubare w'amafranga ahwanye nazo, ikazoherererezwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Nko ku byerekeye umwaka ushize wa 1985, za "Ordres de mission" zitishyuwe zagejeje ku mafranga 196.500 FRW.

- Nigeze kubabwira ko ali jye ushinzwe ibyerekeye Umuganda muli Prefegitura. Birumvikana ko n'Umuganda wa Selire y'Abakozi ba Leta i GITARAMA ali jyewe uwutegura. Selire yacu twayigabanyijemo amakipe 9, buli kipe ikagira uyiyobora. Ibyo bituma abakozi barushaho gukorana umurava, kuko baba basa n'abarushanwa. Umulimo wa buli munsi w'Umuganda nywutegura bitarenze kuwa Kane, kuko uwo munsi alibwo tubyandika ku kibaho kili ku Biro bya Prefegitura, noneho abakozi bakazabisoma kuwa gatanu mu gitondo, baje kuramutsa ibendera ry'Igihugu. Uwo murimo kandi nywutegura nifashishije impuguke nk'Agronome wa Prefegitura, ku byerekeye ubuhinzi, Umugenzuzi w'Amateme n'Imihanda n'uw'Amazu ya Leta, Imijyi n'Imitulire, ku byerekeye imihanda duharura mu mujyi wa GITARAMA.

Mfite n'ikaye mpamagariramo abakora Umuganda. Simbikora buri wa gatandatu, ariko ni nka kabiri mu kwezi, kandi nkabigira ku buryo butunguranye. Abasibye batabimenyesheje mbere, Prefe abandikira ababaza impamvu. Ari inzandiko bandikiwe, arizo banditse basubiza, zibikwa mu madosiye yabo, kugirango igihe cyo gutanga ishimwe zizitabweho.

- Indi mirimo nkora ni, iyo kugenzura uko Umuganda ukorwa muri Komini MUKINGI na NYAMABUYE. Aha, nabamenyesha ko buri mu S/Prefe wo muri GITARAMA afite amakomini agenzura, afatanyije n'ikipe igizwe n'Abakuru b'Imirimo muri Prefegitura, bageze kuri batatu. Tugenda twitwaje ibikoresho, nk'amapiki n'ibitiyo, maze Segiteri tugiyemo tukifatanya na ba Militante na ba Milita baho mu gukora Umuganda. Uyu mwaka kandi, kimwe n'ushize, nakoze igenzura ry'amakomini atatu : MUKINGI, NYAMABUYE na MUSAMBIRA. Ubwo ndashaka kuvuga "inspection administrative". Muri urwo rwego nabwo, buri mu S/Prefe afite amakomini atatu agomba kugenzura, uretse umwe ufite abiri.

.../...

Mbere y'uko ndangiza, ndagirango ngire icyo mvuga ku makoperative. Nk'uko nababwiye, amakoperative ari mubyo nshinzwe, ariko hari ayo usanga asa n'aho yabarirwa mu bya S/Prefe ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage n'Umuco, bitewe n'uko aba agizwe n'urubyiruko gusa. Kubera kandi ko raporo z'Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muri Prefegitura zihabwa uwo mu S/Prefe kugira ngo azisuzume, jyewe nsaba ko igihe bandikiye Prefe bamwohererereza izo raporo bajya banyohererereza kopi, kugira ngo nshobore gukurikirana ibyerekeye za Koperative.

7. <u>UMWANZURO</u>.

Kuvuga, mu magambo avunaguye, uko umuntu atunganya umurimo we ntibyoroshye. Mu kazi kanjye, hari uburyo bwinshi nkoresha cyangwa ngerageza gukoresha kugira ngo karusheho gutungana, ariko kubusobanura bwose bikaba bingoye, kuko byafata igihe kirekire kugira ngo bushobore kwumvikana neza. Ibyo alibyo byose, uko igihe gihita niko umukozi ukunda koko akazi agenda arushaho kugatunganya, kuko agenda arushaho kubona ibigoramye akabigorora, ari nako agenda ashaka ubundi buryo yakwifashisha kugira ngo agatunganye.

# IMITERERE N'IMIKORERE YA SERVISI ISHINZWE POLITIKI MURI PREFEGITURA.

## 1. Politiki ni iki ?

Ubusanzwe Politiki ni ijambo ry'igifransa risobanura uburyo, imyifatire y'umuntu ushaka kugera ku kintu runaka ( la politique ).

Mu rwego rw'imitegekere y'abantu, Politiki noneho ni uburyo bwo gushyira hamwe abantu, abo bantu bakagira imyifatire imwe n'ibikorwa ibi n'ibi kugirango bagire icyo bigezaho. Ibyo byose bigashingira ku byo bagamije, ni ukuvuga imigambi yabo.

Muri ubwo buryo rero, usanga abantu nk'abo barema ishyirahamwe, bakitoramo umutware, kuko nta ngabo zitagira umugaba. Iryo shyirahamwe rikaba ryahabwa izina.

Amashyirahamwe nk'ayo y'ubutegetsi niyo bita za parti cyangwa amashyaka. Ayo mashyaka akenshi usanga ashyamiranye kuko aba arwanira ubutegetsi cyane cyane mu Gihugu gifite arenze rimwe.

Mu Gihugu cyacu, iyo bavuze politiki, abenshi bumva Muvoma ( M.R.N.D. ). Ariko byavuzwe kenshi, ko M.R.N.D. atari ishyaka ku buryo bwa parti. Muri parti hajyamo abantu babyifuza gusa. Naho muri Muvoma, buri munyarwanda utuye mu Rwanda cyangwa se uri mu mahanga ku buryo amategeko abyemera ni Milita cyangwa Militante wa M.R.N.D. Ingingo ya 6 ya Stati ya M.R.N.D. ivuga ibi bikurikira: ".... Muvoma Revolisiyoneri Iharanira Amajyambere niwo mutwe rukumbi wa politiki wemewe; nta politiki n'imwe yemewe gukorwa itawukorewemo". Mu Rwanda rero M.R.N.D. si ishyaka mu buryo bwa za pariti zirwanira ubutegetsi.

Hari abavuga ko Republika ya Kabiri yanze amatiku na politiki. Mu mitima yabo ugasanga basa n'abavuga ko politiki ari amatiku. Oya, ibyo sibyo. Republika ya Kabiri icyo yanze ni politiki itanya, politiki ivangura ari ubwoko, amadini, uturere n'ibindi byose byabangamira amatwara n'intego bya M.R.N.D.

.../...

M.R.N.D. ishaka ko abanyarwanda bakunga ubumwe, bakagira amahoro byo bishobora kuzabageza ku Majyambere.

2. Imiterere ya Servisi ya Politiki muri Prefegitura.

Uko igihe kigenda gihinduka, uko amajyambere agenda yiyongera, niko abantu bagenda bajijuka n'ibyo bakenera bikaba byinshi; akazi nako kakiyongera. Kera Prefe yashoboraga gukorana n'umusuprefe umwe cyangwa babiri bakayobora Prefegitura. Ariko mu gihe tugezemo, ntibigishoboka.

Nicyo gitumye muri Servisi ya Prefegitura habayeho Iteka rya Prezida wa Republika n° 443/03 ryo kuwa 27 Nzeri 1983 ryahinduraha Iteka rya Prezida n° 68/03/1 ryo kuwa 11 Werurwe 1975 ryashyiragaho imirimo y'abakozi ba Prefegitura n'Imitunganyirize yayo.

Icyo gihe nibwo bwa mbere Servisi ya Politiki muri Prefegitura yashinzwe Umusuprefe wihariye. Ubundi iyo Servisi yari ifatanye n'Ubutegetsi n'Amategeko, byose bikorwa na Suprefe wari ushinzwe iyo Servisi yitwa A.P.A., mu magambo ahinnye y'igifransa ( Affaires Politiques et Administratives ).

Iyo Servisi nshya imaze gushyirwaho yashinzwe ibi bikurikira:

- Préparation des travaux de différents organes politiques.
  Gutegura imirimo y'inzego za politiki muri Prefegitura.
- Problèmes relatifs à l'Animation, Sensibilisation et Mobilisation Politiques des masses populaires.

  Kwita ku bibazo bireba Animasiyo, gukangura abaturage no kubacengezamo amatwara ya M.R.N.D.
- Exploitation des Rapports des Organes Politiques.
  Gusuzuma Raporo z'Inzego za Politiki.
- Suivi du Fonctionnement des Organes Politiques Préfectoraux et Communaux.
  Gukurikirana Imikorere y'Inzego za Muvoma muri Prefegitura no muri Komini.
- Recyclage des Cadres Politiques.
  Kwita ku mahugurwa y'abagize Inzego za Politiki muri Prefegitura.
- Suivi de l'Exécution des Programmes des Organisations Intégrées du M.R.N.D.
  Gukurikirana uko Programu z'Amashyirahamwe ashamikiye kuri Muvoma yibahirizwa muri Prefegitura.

.../...

3. Suprefe ni muntu ki, akora ate ?

Suprefe ukora kuri Prefegitura ni umukozi wa Leta; Prezida aba yaragiriye icyizere akamuha Prefe ngo abe umufasha we mu rwego rwa tekiniki. Suprefe ni umufasha wa Prefe, agakora akazi ahawe nawe, uretse ko atagomba kwirengagiza ko umukozi mwiza arangwa no kwibwiriza.

Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura ntabarirwa mu bari mu nzego z'ubuyobozi bwa Politiki ya Muvoma. Abo bayobozi bavugwa aha ni nka Prezida wa Muvoma, Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma, Abagize Komite-Nyobozi, Abagize Kongre za Prefegitura, Abagize Kongre za Komini, Abagize Inteko za Segiteri n'Abagize Komite za Selire.

Kugirango Suprefe uwo ariwe wese akora akazi ke neza, agomba kumva inama Prefe amugira akazikurikiza akagerekaho no gushaka igihe cyo gusoma amabwiriza yatanzwe yerekeye akazi ashinzwe.

4. Imikorere ya Servisi ishinzwe Politiki muri Prefegitura.

Mbere yo kuvuga imikorere y'iyo Servisi, ngo dusesengure imikorere ya Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura, birakwiye kubanza kwiyibutsa inzego za Muvoma uko zikurikirana mu Gihugu.

| | |
|---|---|
| Inzego nkuru za Muvoma ni : | - Prezidansi ya Muvoma;<br>- Kongre y'Igihugu na<br>- Komite-Nyobozi. |
| Mu rwego rwa Prefegitura hari: | - Kongre ya Prefegitura;<br>- Komite ya Prefegitura. |
| Mu rwego rwa Komini hari : | - Kongre ya Komini;<br>- Komite ya Komini. |
| Muri Segiteri hari : | - Inteko ya Segiteri;<br>- Komite ya Segiteri. |
| Muri Selire hari : | - Inteko ya Selire;<br>- Komite ya Selire. |

Iruhande rw'izi nzego za M.R.N.D., hari n'ingaga zishamikiye kuri yo. Izivugwa cyane cyane muri iki gihe akaba ari URAMA na CESTRAR.

.../...

Abagize izi nzego za M.R.N.D. bafite uko batorwa, imirimo bashinzwe, inama bagomba gukora na disiplini bagomba gukurikiza. Buri rwego kandi rufite uburenganzira bwo gushyiraho za Komisiyo zishinzwe imirimo iyi n'iyi, zatuma rukora neza. Imirimo y'izi nzego n'imiterere yazo ikubiye mu gatabo ka Manifeste na Stati bya M.R.N.D. sinabitindaho.

Mu rwego rwa Prefegitura na Komini, biriya byose bikubiye mu kazi Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura akora.

Noneho dusuzume imikorere ya Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura nk'uko bivugwa mw'Iteka rya Prezida wa Republika ryavuzwe haruguru.

4.1. Gutegura imirimo y'inzego za Politiki muri Prefegitura.

Inzego za M.R.N.D. zikorana mu ruhererekane, kuva muri Selire kugeza mu nzego nkuru no kuva mu nzego zo hejuru kugeza muri Selire. Ubundi Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura agomba gukurikirana ibibazo byose bya Politiki mu karere akoreramo. Agomba kumenya ibibazo bya Politiki biri mu nzego za M.R.N.D. muri Prefegitura.

Nk'uko byavuzwe haruguru, Prefe niwe ugenera akazi Suprefe. Akenshi mu gufasha Prefe mu gutegura tuvuge imirimo ya Komite ya Prefegitura cyangwa se ya Kongre ya Prefegitura, Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura abimenyesha Prefe akoresheje inyandiko, ari byo bita (note de service). Perefe, kubera ko ariwe Muyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura, niwe wemerewe kuyobora imirimo y'izo nama, yaba adahari zikayoborwa na Visi-Prezida wa Kongre ya Prefegitura.

Mu magambo make, Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura yihatira kumenya ibibazo bya Politiki biri mu karere akoreramo, igihe cyagera agategura dosiye zigomba kwigwa mu nama z'inzego za M.R.N.D. muri Prefegitura.

Iyo Suprefe ushinzwe Politiki ashatse kureba uko ibyemezo byerekeye Politiki rusange byafashwe n'inzego za M.R.N.D. byubahirizwa mu makomini, abanza kubimenyesha Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura, akaba ariwe ubimuhera uburenganzira.

4.2. Kwita ku bibazo bireba Animasiyo, Gukangura Abaturage no kubacengezamo amatwara ya M.R.N.D.

Iyo bavuze kwita ku bibazo bireba animasiyo, gukangura abaturage no kubacengezamo amatwara ya M.R.N.D., umuntu ahita yumva ko agomba guhura n'abo baturage kugira ngo ibyo byose bishoboke.

.../...

Ni ukuvuga rero ko hagomba gutegurwa gahunda y'inama zigomba gukorwa mu maselire y'Ibigo bya Leta n'Ibyihariye, mu makomini, mu masegiteri no mu maselire.

Suprefe ushinzwe Politiki nibwo, amaze kubona ko aha n'aha bataracengerwamo n'amatwara ya M.R.N.D., akora gahunda y'izo nama akayishyikiriza Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura. Iyo iyo gahunda imaze kwemerwa, Umuyobozi wa M.R.N.D. ashobora kujya gukoresha izo nama cyangwa se akaba yakoherezayo Suprefe ushinzwe Politiki. Ashobora no kwifashisha abayobozi ba Selire cyangwa se abayobozi ba M.R.N.D. muri Komini kugirango iyo gahunda yubahirizwe, abaturage bakangurwe bakurikize intego n'amatwara bya M.R.N.D.

Suprefe ushinzwe Politiki agomba guharanira ko abaturage bose bumva, bagacengerwamo n'amatwara ya M.R.N.D. Bose bakumva ko " u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo ", ko umwanya wahariwe ibikorwa, abanyamagambo batagikenewe.

Ibyo kandi bimaze gucengera henshi. Ubu mu rwego rwa Prefegitura, buri mwaka haba amarushanwa ya animasiyo ahuza amakomini n'amaselire yihariye. Ndetse mu makomini amwe n'amwe, haba amarushanwa hagati y'amasegiteri.

Ubu umuntu yakwishimira ko abanyarwanda bamaze kumenya animasiyo icyo aricyo, ko animasiyo ari uburyo bwo kugaragaza mu byishimo ko dushyigikiye amatwara n'intego bya M.R.N.D. na Prezida Fondateri wayo. Ko iyo dukora animasiyo, twidagadura, tukungurana ibitekerezo.

Abamilitante n'abamilita bamaze kumenya ko bagomba kwishyira bakizana ariko bakagira disipline. Ko iyo bakora animasiyo, bagomba no guhesha umuco wacu agaciro, bakiyinjizamo n'umuco wo gufatanya. Mu gihe binegura, bagasubiza amaso inyuma, bakareba ibyo bamaze kugeraho kugirango babone uko bafata indi migambi. Icyo gihe nibwo usanga muri animasiyo bishimiye kurata ibikorwa byabo, berekana imbuto zeze, ibikorwa by'imyuga n'ubukorikori n'ibindi. Umunyarwanda amaze kwiyinjizamo ko akeneye kujijuka, gucunga utwe neza, agatura heza kandi neza ahasigaye akaba ashobora kugira icyo yakungura mugenzi we.

..../....

Nk'ubu muri Prefegitura, hashize igihe Selire ya Prefegitura igira animasiyo ifite ibice bitatu. Kimwe ni animasiyo mvugururura-muco: aho abamilitante n'abamilita bahabwa ibiganiro by'amoko menshi, bagashobora no kwerekwa filimu ( film ) ( Animation Culturelle ) cyangwa vidéo. Igice cya kabiri, kikaba icyo kwamamaza amatwara ya M.R.N.D. ( Animation Politique ). Igice cya gatatu abamilitante n'abamilita barahura bagakina, bakidagadura ( Animation Sportive ). Ubu kandi amakomini abishoboye nayo yatangiye gukurikiza urwo rugero. Ibyo byose,Suprefe ushinzwe Politiki akabikurikiranira hafi.

Ubundi rero Suprefe ushinzwe Politiki niwe ugomba kumenya ibibazo bigendana n'animasiyo, n'uko gukangura abaturage no kubacengezamo amatwara ya M.R.N.D. byifashe. Aho bitagenda neza, akaba yabimenyesha Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura.

Gusa ikibazo kiriho ubu, ni ukugirango animasiyo icengere no mu masegiteri na selire zisanzwe. Ibyo aribyo byose, mu makomini amwe byaratangiye. Umuntu akaba yakwizera ko bitazatinda gusakara henshi, cyane cyane kubera amahugurwa y'abayobozi b'inzego za M.R.N.D. muri Segiteri na Selire.

4.3. Gusuzuma raporo z'inzego za Politiki.

Nigeze kuvuga ko inzego za M.R.N.D. zikorana mu ruhererekane. Ingingo ya 71 ya Stati za M.R.N.D. ivuga ko:
" Inama ya buri rwego rwa Muvoma ikorerwa inyandiko-mvugo, kopi yayo ikohererezwa, mu minsi cumi n'itanu, mu rwego rwo hejuru..."

Ikindi kandi, za nzego nkuru za M.R.N.D. arizo Prezidansi ya M.R.N.D., Kongre y'Igihugu na Komite-Nyobozi zitanga amabwiriza ashyikirizwa inzego zindi za M.R.N.D. Aha murumva ko mu rwego rwa Prefegitura, Suprefe ushinzwe Politiki, iyo ashyikirijwe ayo madosiye atagomba kuzuyaza. Ahita akora ibisabwa, agategurira Umuyobozi wa M.R.N.D. inyandiko irimo nk'ibibazo bivuye mu nyandiko-mvugo z'inama z'inzego za M.R.N.D. zo muri Komini, cyangwa se agategura inyandiko, mw'izina ry'Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura; iyo nyandiko ikaba igenewe gusakaza amabwiriza avugwa haruguru mu nzego yagenewe. Nk'uko byavuzwe kandi haruguru, Suprefe ushinzwe Politiki akurikirana uko ayo mabwiriza akurikizwa hose, aho bitagenda neza akabimenyesha Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura.

Ikibazo gikunda kuboneka, ni uko inama z'inzego za M.R.N.D. zimwe na zimwe mu makomini, mu maselire yihariye, muri za Segiteri na za Selire zisanzwe usanga zidaterana uko zateganyijwe. Bityo inyandiko-mvugo zazo ntiziboneke, ibibazo abaturage bafite ntibimenyekane neza. Birashoboka ko abagomba kuzikoresha batazi icyo bakora ! Abashinzwe Politiki bakwiye kureba impamvu y'ibyo bintu. Ubwo bakaba baha inama abayobozi b'izo nzego za Politiki na none hakurikijwe amabwiriza y'Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura.

4.4. Gukurikirana imikorere y'inzego za Muvoma muri Prefegitura no muri Komini.

Uko byavuzwe haruguru, Suprefe ushinzwe ibya Politiki akurikirana ibibazo bya Politiki byaba biri muri Prefegitura, bityo areba imikorere y'inzego za Muvoma muri Prefegitura no muri Komini. Ikibabaje ni ziriya raporo zikunda kubura. Ibyo aribyo byose, icyo Suprefe akora ni ukubimenyesha Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura umwanzuro ufashwe akaba ariwo ukurikizwa.

Ikindi kandi, niba Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Selire iyi n'iyi cyangwa se muri Komini iyi n'iyi adakora uko Muvoma ibishaka ngo ibibazo by'abaturage bikemurwe cyangwa ngo bigaragare, hari hakwiye gushakwa uburyo bwo kugira inama abo bantu bagakangukira imirimo bashinzwe.

4.5. Kwita ku mahugurwa y'abagize inzego za Politiki muri Prefegitura.

Umuntu acyumva iby'uyu murimo yakwibaza niba Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura ariwe ugomba gutegura amahugurwa y'abagize inzego za Politiki muri Prefegitura. Ibindi bibazo yakwibaza; ryategurwa ryari ? Ryategurwa na nde ?

Uwabyumva yasanga bitoroshye kuko hagomba guhugurwa abantu bo mu nzego za M.R.N.D. za Prefegitura, Selire zihariye, Komini, Segiteri na Selire zisanzwe.

Mu rwego rw'Igihugu nyamara, ukurikije ibikorwa ubu, hamaze kubaho ihugurwa ry'Abajyanama ba za Segiteri n'igice kinini cy'abagize Komite za Selire zisanzwe. Usanga rero Prezidansi ya M.R.N.D. ariyo iteganya amahugurwa y'abagize inzego za M.R.N.D.

.../...

Aha rero rero akazi ka Suprefe ushinzwe Politiki ni ako gukurikirana imitunganyirize myiza y'ihugurwa... Akenshi ni uguherekeza intumwa ya M.R.N.D. mu mahugurwa aya n'aya cyangwa se agakora ibyo gutegura aho ihugurwa rizabera, akamenyesha abazahugurwa amabwiriza agenga ihugurwa ryabo n'ibindi.

Sinzi niba turibubyumvikaneho, ariko njye ndakeka ko Prezidansi ya M.R.N.D. igiye ishyiraho amahugurwa y'abasuprefe bashinzwe Politiki muri Prefegitura buri gihe itegamya ihugurwa ry'inzego izi n'izi za M.R.N.D. muri za Prefegitura byaba byiza kurushaho.

Bityo, aho kugirango Suprefe abe indorerezi, akajya ahabwa ubutumwa bwo guhugura abagize inzego za M.R.N.D. izi n'izi muri Prefegitura. Tuvuge niba hateganyijwe ihugurwa ry'abagize Komite za Selire zisanzwe, ba Suprefe bashinzwe Politiki bagahabwa amabwiriza, bagahugura abayobozi ba M.R.N.D. muri Komini, akaba aribo bazahugura abaselire muri Komini zabo, aho kugirango M.R.N.D. abe ariyo ikwiza mu Rwanda hose intumwa zigenda zihugura abagize inzego za M.R.N.D. muri Prefegitura. Ubwo buryo bwarshaho gutuma Suprefe ushinzwe Politiki akurikiranira hafi iby'amahugurwa y'abagize inzego za M.R.N.D. muri Prefegitura.

Sinshidikanya kandi ko mu rwego rwa Prefegitura, Umuyobozi wa M.R.N.D. ashobora gushyira kuri gahunda ihugurwa rya bamwe mu bagize inzego za M.R.N.D. Yenda akitabaza Prezidansi ya M.R.N.D. ikamwunganira, nk'uko mbese akenshi ifasha mu byo gutanga ibihembo mu gihe cy'amarushanwa ya Animasiyo. Muri ibi byose rero, akamaro ka Suprefe ushinzwe Politiki niho kagaragarira.

4.6. <u>Gukurikirana uko programu z'amashyirahamwe ashamikiye kuri Muvoma yubahirizwa muri Prefegitura.</u>

Muri iki gihe, urugaga rushamikiye kuri M.R.N.D. rutangiye gushyirwaho ni CESTRAR ( Centrale Syndicale des Travailleurs du Rwanda ). Hashobora kuzakurikiraho URAMA n'izindi. Amadosiye yerekeye imiterere n'ishyirwaho ry'izo nzego, Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura ayakurikiranira hafi. Ibitagenda neza akabimenyesha Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura.

.../...

Dore ubu amatora y'abayobozi b'amashami ya CESTRAR mu bigo yabaye kuwa 7 Ugushyingo 1986. Abatarabashije gutora bitewe n'ubuke bw'abiyamamaje bahawe amabwiriza yo gukaza umurego kugirango abakandida baboneke. Abo kimwe n'ibigo by'amashuri yisumbuye bitabashije gutanga abakandida kubera ibiruhuko, bazatora mu minsi iri imbere, muri ibi byose rero Suprefe agomba guhora ari maso, amabwiriza agenga amatora atangajwe akayageza kubo yagenewe, naho ibitagenda neza agategura inyandiko imenyesha inzego zo hejuru uko byifashe, igihe Prefegitura idashobora kubibonera umuti.

Iby'ayo mashyirahamwe rero ashamikiye kuri M.R.N.D, namara gushyirwaho; Suprefe ntazabura gukurikirana programu zayo kuko ashinzwe gukurikirana ibibazo byerekeye Politiki rusange muri Prefegitura.

ICYITONDERWA:

Uretse imirimo ivugwa haruguru, hari indi Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura ashobora kwitaho.

a) Umusanzu wa M.R.N.D. :

- Ubundi ikibazo cy'umusanzu wa M.R.N.D. cyagombye gukurikiranwa n'Umubitsi wa Komite ya Prefegitura. Igituma Suprefe ushinzwe Politiki ariwe ugikurikirana ni uko akenshi abo babitsi baba bataba muri Prefegitura.
- Ibibazo kwaka no kwakira iyi misanzu bihura nabyo ni imisanzu myinshi abaturage bakwa kandi bakennye. Aha umuntu yakwifuza ko igitekerezo cyo gushyiraho amategeko agenga imisanzu cyakwihutishwa.
- Ikindi ni uko Komini zifite undi mushinga, nk'iyubwubatsi zitita cyane ku kwaka umusanzu wa M.R.N.D.

b) Amashimwe y'abagize Komite za Selire zisanzwe.

Kimwe n'ibyerekeye imisanzu ya M.R.N.D., Suprefe ushinzwe Politiki muri Prefegitura niwe ukurikirana dosiye y'amashimwe y'abagize Komite za Selire zisanzwe.

c) Umuganda.

Nubwo Umuganda ari igikorwa hamwe na hamwe bashyira mu mirimo ya Suprefe ushinzwe Ubukungu na Tekiniki, hari n'aho uza mu mirimo ya Suprefe ushinzwe Politiki. Suprefe uyu rero akita ku madosiye y'itegurwa n'ikorwa ryayo ndetse na za raporo zo kuwuha agaciro mu mafranga.

.../...

Mu magambo avunaguye akazi ka Suprefe ushinzwe Politiki ni kenshi kandi karananyuranye. Kamwe ntigafatika uretse ko gafite akamaro. Ingenga-bihe y'akazi ka Suprefe ushinzwe Politiki ntigomba kumera nk'iy'umwarimu ukora programu y'umwaka wose. Yego hari aho ashobora guteganya gahunda, ariko ahandi akagira inzitizi ziterwa n'igihe amabwiriza aturutse hejuru azira cyangwa se uko ibibazo bya Politiki byifashe muri Prefegitura. Ikindi kandi, uretse n'akazi Suprefe uyu n'uyu ashobora kuba ashinzwe, muganzi we agize ikimuziga utabura gukora n'ibye cyangwa se igihe hari Umusuprefe ubura igihe atarashyirwaho. Ibyo aribyo byose, Suprefe mu kazi ashinzwe, dosiye yihuta arayimenya akirinda kuryama ku madosiye.

---

INYANDIKO-MVUGO Y'IHUGURWA RYA BA SUPREFE BAKORERA KURI PREFEGITURA RYABEREYE MURI CENTRE CHRISTUS Y'I REMERA ( 24 - 28 UGUSHYINGO 1986).

================

Imihango yo gutangiza Ihugurwa yayobowe na Milita TEMAHAGALI Yustini, Umunyamabanga Mukuru wari uhagarariye Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Nyuma Umunyamabanga Mukuru yagejeje kuri ba Suprefe gahunda y'ihugurwa. Kuri iyo gahunda ba Suprefe basabye ko haboneka umwanya w'ibiganiro bibiri ku byerekeye :

- IBYIFUZO BY'INAMA Y'ABASUPREFE Y'UBUSHIZE ( kuva kuwa 4 kugeza kuwa 17 Ugushyingo 1984)
- UMUSHINGA W'AMATEGEKO AGENGA IMIKORERE MISHYA YA PREFEGITURA.

Umuyobozi w'Inama yemereye ba Suprefe ko ibyo biganiro bizahabwa umwanya muri iyo gahunda yateganyijwe. Yahereyeko aha ijambo Suprefe BANYURWABUKE Andreya wagejeje kuri bagenzi be ikiganiro cyerekeye IBIBAZO BY'ABATURAGE N'IRANGIZA RY'IMANZA.

Mbere yo guha urubuga abari mu nama, Prezida w'inama yabanje kwibutsa zimwe mu ngingo z'ingenzi zikubiye muri icyo kiganiro :

- Abategetsi ntibakwiye kwivanga mu bibazo byerekeye ubucamanza kubera ko ubucamanza bufite ubwigenge (Indépendance des Magistrats). Ni ukuvuga ko batagomba gutegeka Umucamanza ngo ace urubanza uko babishaka. Ariko bashobora kumusaba kwihutisha urubanza uru n'uru kubera ko gutinda kuruca byatera umwuka mubi mu baturage kandi aribo bashinzwe umutekano wabo.
- Naho ku bandi bakozi, nko muri Prefegitura, bategekwa na Prefe. Kubera ko ariwe muhuza w'imirimo yose yo muri Prefegitura, afite uburenganzira bwo kubabaza ibisobanuro ku bibazo ashyikirizwa n'abaturage. Iyo umuturage adashimishijwe n'igisubizo cy'ikibazo yatanze ku mukozi runaka wa Prefegitura, agishyikiriza Prefe. Ni byiza ko Prefe abanza kwumva wa mukozi we mbere y'uko umuturage ahabwa igisubizo; akirinda kumuvuguruza atabanje kumwumva kandi uwo mukozi atarigize kagarara.
- Amaze gusaba ubucamanza ibisobanuro by'urubanza rutumvikana neza, Prefe ashobora gufasha abashinzwe kurangiza imanza mu kuzirangiza neza.
- Nta muturage ukwiye gukurikiranwa cyangwa ngo arebwe nabi kubera ko yasimbutse inzego zimwe na zimwe z'Ubutegetsi, akigira gutanga ibibazo bye mu zo hejuru.

.../...

- Hagomba registre y'ibibazo irimo izina ry'umuntu, itariki, ikibazo n'igisubizo. Bityo bigatuma ibibazo byose bimenyekana, ari ibyo mu ruhame cyangwa ibyo mw'ibanga. Iminsi y'ibibazo igomba kumenyekana; nibura ikaba 2 mu cyumweru. Abaturage bagomba kwakirwa neza, bakayoborwa mu nzego basimbutse ariko nanone ntihabe inkurikizi. Yakomeje asaba ba Suprefe kwirinda kuzerereza abaturage nk'uko Prezida wa Repubulika abidusaba. Umutegetsi abazwa ikibazo, akacyumva, akagisubiza.

Milita GATWABUYE Claudien yahawe ijambo, abwira ba Suprefe ko ibibazo by'abaturage bimaze kuba byinshi cyane muri za Ministeri, M.R.N.D. na Prezidansi ya Repubulika kandi ahubwo byagombaga kugabanuka kubera ko Ubutegetsi bugenda burushaho kwegera abaturage. Ibyo bibazo byabaye urudaca biterwa ahanini n'uko abaturage batabona ibisubizo, gusubizwa mu magambo gusa nta nyandiko cyangwa ibisubizo bahawe ntibyubahirizwe.

Milita GATWABUYEGE yabashyikirije imibare igaragaza inzandiko zifitanye isano n'ibibazo abaturage bagejeje muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini zitarasubizwa.

| PREFEGITURA | IBIBAZO BYATANZWE | IBIBAZO BYASHUBIJWE | IBIBAZO BISIGAYE. |
|---|---|---|---|
| KIGALI | 234 | 84 | 150 |
| GITARAMA | 105 | 42 | 63 |
| BUTARE | 61 | 13 | 48 |
| GIKONGORO | 54 | 20 | 34 |
| CYANGUGU | 51 | 29 | 22 |
| KIBUYE | 32 | 13 | 19 |
| GISENYI | 76 | 18 | 58 |
| RUHENGERI | 116 | 46 | 71 |
| BYUMBA | 38 | 15 | 23 |
| KIBUNGO | 37 | 13 | 24 |
| TOTAL | 804 | 283 | 521 |

Yakomeje abagezaho na none za Komini usanga zidafite ibibazo byinshi arizo :

KIGALI : TARE, MBOGO
GITARAMA : NYABIKENKE, NYAKABANDA
BUTARE : RUSATIRA, NDORA, GISHAMVU, KIGEMBE
GIKONGORO : KIVU, RUKONDO
CYANGUGU : CYIMBOGO
KIBUYE : RUTSIRO
GISENYI : RAMBA
RUHENGERI : GATONDE
BYUMBA : GITI, KIVUYE, MUHURA, MUKARANGE
KIBUNGO : KAYONZA.

.../...

Milita GATWABUYEGE yakomeje avuga ko iyo abakozi ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bagiye gusuzuma ibyo bibazo muri Komini, basanga akenshi byaratewe koko n'uburangare bw'abategetsi kandi ahanini bavayo babiboneye umuti. Ibyinshi mu bibazo biriho ubu byerekeye : amasambu, amatiku, urugomo, umwete muke wo kurangiza imanza, abashakanye, amasezerano y'amafranga, amatungo, kugurisha amazu, Komini zitsindwa zikanga kwishyura no kwigira kagarara kw'abategetsi ba Komini.

Nyuma hakurikiyeho ikibazo gifitanye isano n'ubutandukane bw'abashakanye. Ba Suprefe babaza ukuntu bakwifata ku bashakanye bifuza gutana ariko urukiko ntirubyemere kandi bigaragara neza ko badashobora kuzongera gusubirana.

Umuyobozi w'inama yavuze ko kurwaza bene abo bantu ari byo ariko iyo byananiranye koko ubutegetsi bubimenyesha urukiko kugira ngo batane burundu hatabanje kubaho inkurikizi zatuma bagirirana nabi.

Ku kibazo ba Suprefe batanze cyerekeye abana bavutse ku buryo butemewe n'amategeko, Prezida w'inama yasubije ko umwana wese uvutse agomba kugira se nk'uko amategeko ari kwigwa ubu abiteganya.
Ariko mbere y'uko ayo mategeko asohoka, umwana wese akwiye kwemerwa kuko kwemera umwana no kumwishingira atari kimwe.

Ba Suprefe basuzumiye hamwe ukuntu ikibazo cy'amasambu agurishwa rwihishwa cyajya gikemurwa mu gihugu cyose. Bati ese nk'umuntu utsindirwa isambu, akayishyiramo ibikorwa nko kubakamo inzu, umutegetsi yakirangiza ate igihe uwatsinze agomba kubona iyo sambu ye ?

Prezida w'inama yavuze ko amategeko ariho kandi ko agomba gukurikizwa. Amategeko ni amwe mu Rwanda, yose nakurikizwa icyo kibazo kizoroha. Naho ku byerekeye kurangiza bene ibyo bibazo, n'iyo haba harimo ibikorwa nk'inzu, ushinzwe kukirangiza yitabaza abashinzwe umutekano; kandi ahenshi birakorwa. Yanabamenyesheje ko abategetsi bagomba gusobanurira neza abaturage ko akenshi ugura ariwe uhomba.Naho iby ibyerekeye imanza zikururwa na za peyizana,yavuze ko ntako umuntu yabigenza kuko umuntu afite ha 2 utamubuza gushyingira umwana we no kumuha umunani.

.../...

Ba Suprefe batanze ikibazo cyerekeye imodoka itwara abagomba kurangiza imanza. Bati umuturage washakaga ko bamurangiriza urubanza niwe wakodeshaga imodoka, none ibyo Ministeri y'Ubucamanza yabikuyeho kandi nta modoka yatanze yo gufasha abakozi bayo muri uwo murimo. Bifuje ko icyo kibazo cyashakirwa umuti, hakajya hakodeshwa imodoka, Ministeri y'Ubucamanza ikariha.

Umwe mu ba Suprefe yavuze ko umuti baboneye icyo kibazo muri Prefegitura akoramo ari uko Umuhesha w'Urukiko agira iminsi amara muri Komini iyi n'iyi akavayo ari uko arangije ibibazo byose. Icyo gihe ni iyo Komini imutiza imodoka.

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'inama yavuze ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini itagomba kwishingira izindi Ministeri. Kuko mu gihe Komini itijije Umuhesha w'Urukiko imodoka, essence yayo irahashirira, n'imirimo imwe n'imwe igomba imodoka igahagarara. Komini ishobora gutiza Kanto imodoka kuko amafranga ayikomotseho yinjira mw'isanduku yayo. Icyo kibazo Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini izacyigana na Ministeri y'Ubucamanza.

Komini yafatirwa ibihe byemezo kugira ngo idakomeza guca abaturage amafranga y'ibihano adateganyijwe mu mategeko ? Uwabajije icyo kibazo yavuze ko ibyo ari ugutanga urugero rubi rwo kutubahiriza amategeko. Umuyobozi w'inama yashubije ko amategeko ariho agomba kubahirizwa, asaba ba Suprefe gukora uko bashoboye kugira ngo abategetsi ba Komini barusheho kubahiriza amategeko ariho.

Kubera ko imanza zigomba kurangizwa zirushaho kwiyongera, ba Suprefe basabye ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini na Ministeri y'Ubucamanza byakumvikana kugira ngo ba Burgumestri na ba Konseye bahabwe ububasha bwo kugurisha ibintu bitimukanwa. Kuri icyo cyifuzo, Milita NYEMAZI Primiyani yamenyesheje ba Suprefe ko Ministeri y'Ubucamanza yavuze ko ibyo byashoboka ari uko ibanje guhugura ba Burgumestri muri iyo mirimo mishya. Umuyobozi w'inama yongeyeho ko guha ba Burgumestri ubwo bubasha ari kurushaho kubongerera imvune kuko basabwa byinshi cyane. Ibyiza ni ukurekera ubwo bubasha umuhesha w'Urukiko ukorera mu rukiko rwa Mbere rw'Iremezo, ariko bakamugenera imodoka.

Hatanzwe n'ikibazo giterwa n'uko hari abatindi nyakujya babura icyo batanga ku bihano baciwe n'inkiko ibyo bigatuma haba ikibazo mw'irangiza ry'imanza. Hari ndetse n'abaturage babura amafranga yo kujurira.

Kuri icyo kibazo, Prezida w'inama yashubije ko n'ubwo hari itegeko rivuga ko bene abo bantu Leta ishobora kubishyurira, ubu ntirirubahirizwa kubera amikoro make. Iyo uwatsinzwe abuze icyo yishyura ni ugutegereza kugeza igihe agize icyo abona.

Ba Suprefe bavuze ko hari abaturage barenganira muri za amigo z'amakomini cyane cyane ayo mu mirwa mikuru ya za Prefegitura kuko hari abantu benshi bafite ububasha bwo gufunga kandi amigo ari ntoya cyane. Bifuje ko hashyirwaho amategeko agenga imikoreshereze y'izo amigo.

Kuri iyo ngingo, Umuyobozi w'inama yavuze ko amigo ya Komini ari iya Komini gusa. Ba O.P.J. cyangwa abandi nta burenganzira bafite bwo gufungiramo umuntu. Muri amigo ya Komini hafungirwa abantu Burgumestri ashobora gufungura kuko haramutse habaye impanuka ariwe ubibazwa.

Bakurikije imibare bamenyeshejwe na Milita GATWABUYEGE yerekeye inzandiko z'ibibazo abaturage batanga muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, ba Suprefe batangajwe n'iyo mibare kuko bene izo nzandiko zigera kuri Prefegitura ari nkeya cyane. Bifuje ko bahabwa ibisobanuro ndetse bongeraho ko ibibazo bitanzwe mu nzego zo hejuru byajya byakirwa ari uko habanje kwerekanwa icyemezo cyatanzwe n'inzego zo hasi.

Umuyobozi w'inama yashubije ko ibyo biterwa ahanini n'uko akenshi ibisubizo bihabwa abaturage biba bitanditse cyangwa ibibazo byabo bigatinda kubonerwa umuti cyangwa bigaterwa no kutumvikana n'abategetsi bo mu nzego zo hasi. Naho ku byerekeye inzandiko zitashubijwe, basobanuriwe ko zandikirwa ba Burgumestri binyujijwe kuri Prefe.

Ku byerekeye icyemezo, nta shingiro cyaba gifite kuko byaba gupfukirana ibibazo by'abaturage no kubabuza kwitabaza urwego rw'Ubutegetsi bashaka.

Hari igihe abaturage bagabanira nk'isambu igomba kugurishwa cyamunara bityo ikabura kigura n'urubanza ntirurangizwe. Ba Suprefe babajije uko umuntu yabyifatamo bigenze bityo.

Kuri iyo ngingo, bashubijwe ko nta kundi byagenda, uretse ko Leta cyangwa Komini ibishoboye yagura iyo sambu ikongerwa mu mutungo wayo. Ni kimwe n'ibindi bintu bagabaniye.

.../...

Ba **Suprefe** bagaragaje ko hari igihe abaturage bamwe bajurira mu mafuti kugira ngo batinze irangiza ry'imanza bityo hagati aho babe bakoresha ibyo batsindiwe cyangwa babirigise, bifuza ko icyo kibazo cyasuzumwa, kigashakirwa umuti.

Umuyobozi w'inama yashubije ko iyo bigenze bityo, Prefe afite uburenganzira bwo kwandikira urukiko arusaba guca vuba bene izo manza.

Abaturage benshi bajya mu nzego zo hejuru basimbutse izo hasi usanga bitwaza ibiryoma, bakaryo hya amagambo kugira ngo babarenganure. Ibyo ba Suprefe babivuze bashaka kubaza niba bene abo bantu babeshya ubutegetsi hari ibihano bibateganyirijwe kugira ngo bacike kuri iyo ngeso yo kurangaza ubutegetsi.

Umuyobozi w'inama yavuze ko icyo kibazo cy'abanyabinyoma kizwi. Ko ndetse na Prezida wacu yasabye ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini na Ministeri y'Ubucamanza zakwiga uko bazajya bahanwa. Byatangiye kwigwa. Yakomeje yibutsa abari mu nama ko amategeko ahana abasebanya yakurikizwa mu gihe abanyabinyoma batarabonerwa ibihano byihariye. Yarangije avuga ko muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini iyo basanze umuntu abeshya, baramwandikira bamugaragariza ko yabeshye, ibyo bikamenyeshwa inzego zose ashobora kwiyambaza. Ibyo bituma atagira ahandi ajya.

Kubera ko ibibazo byinshi by'abaturage biterwa n'abacamanza ndetse n'abategetsi bamwe na bamwe badakora akazi kabo neza, ba Suprefe bifuje ko abashinzwe kugenzura imikorere y'inzego z'ubutegetsi (inspection) babikora buri gihe.

Kuri icyo kibazo, Umuyobozi w'inama yavuze ko ari byo koko. Yongeyeho ko abenshi iyo baje kubagenzura bumva ko bashaka kububikira imbehe. Icyo gitekerezo kirashaje. Tugomba kumva ko igenzurwa rikorwa kugira ngo umuntu arusheho gukora neza akazi ashinzwe, kugira ngo amakosa amwe n'amwe akorwa agabanuke.

Bamwe mu bari mu nama bagaragaje ko hari imfungwa zirekurwa ibihano bitarangiye, haba se ku mbabazi zagiriwe cyangwa se bitewe n'uko zishyigikiwe n'ufite igitugu, zigatera umwuka mubi mu baturage iyo zisubiye mu ma Komini kuko zibyigamba n'abandi bakabona ko bene ayo makosa ntacyo avuze bakayakorera icyo. Ibyo bikwiye gushakirwa umuti.

.../...

Ba Milita Suprefe bagaragaje impungenge bafite ku kibazo cy'ubwumvikane bucye bukunda kuboneka hagati y'ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Kanto.

Abari mu nama bifuje ko :

- Kuri buri Suprefegitura hashyirwaho urugereko rwa 2 rw'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo kugira ngo imanza zihutishwe.
- Abaturage bahora mu manza akenshi z'amahugu zituma batikorera indi mirimo zigatesha n'igihe inkiko; bakwamaganwa.
- Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yashakira ba Burgumestri na ba Suprefe ibitabo bikubiyemo amategeko kugira ngo barushcho kuyamenya no kuyubahiriza.

Nyuma ya saa sita, isaa kumi n'iminota makumyabiri nibwo hatanzwe ikiganiro cyerekeye " Ibarura ry'Abaturage " cyatanzwe na Suprefe KAGABA Yohani Nepomuseni ukora kuri Prefegitura ya GITARAMA.

Nyuma y'icyo kiganiro, Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini akaba na Prezida w'inama, Milita TEMAHAGALI Yustini yafashe ijambo, asobanura ko mu by'ukuri icyo kibazo cyerekeye ibarura ry'abaturage gikomeye kandi kigomba kubonerwa ibisubizo kuko ibarura ari ngombwa mu majyambere y'Igihugu. Yunzemo avuga ko icyo tugomba kwitwararika cya mbere ari ugukurikiza amategeko ariho yerekeye ibarura kuko ikibazo, nk'uko abategetsi bamwe babyitwaza, si uko abakarani b'ibarura ari bake cyangwa bari kure y'abaturage, ahubwo ni uko ari abagomba kugenzura, ari abakarani ubwabo, basa nk'aho birengagiza itegeko ririho.

Ubwo ijambo ryahawe Milita RISERURANDE Yohani ukora mu byerekeye ibarura ry'abaturage muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, yibutsa ko kuva muri 1973 kugeza muri 1983, hakozwe ingendo mu makomini, zikaba zarerekanye ko mu mirimo y'ibarura harimo amakosa cyane cyane ashingiye ku muco wa gikoronize. Muri izo ngendo kandi abakozi ba Ministeri bagiye bagira inama abakarani b'ibarura ndetse na ba Burgumestri ku buryo bagomba gukora ibarura neza, babereka uko babika amafishi, ndetse hagati aho abakarani b'ibarura bahurira mu mahugurwa ariko ngo biba iby'ubusa kuko kugeza n'ubu amakosa akiri yose.

Ndetse ngo banasabwe kujya babimenyesha Ministri igihe bahuye n'ingorane, ariko kugeza ubu nta kibazo cyari cyamugezwaho cyere cyerekeranye n'ibarura, ibyo rero bikaba biterwa n'uko akenshi ba Burgu-mestri bikurikirira ibyerekeye ifaranga, bakibagirwa ibarura kandi ariryo bagombye gushingiraho bashaka ayo mafranga. Ba Suprefe na ba Prefe rero bakaba bari bakwiye gukaza umurego bagacungira hafi uko imirimo yerekeye ibarura ikorwa muri za Komini bashinzwe.

Milita RISERURANDE yakomeje asaba ba Burgumestri gushyiraho umwete ndetse bakajya no kuri Prefegitura kubaza amafishi y'abanyamahanga batuye mu makomini yabo kuko nabo bagomba kuba bazwi muri Komini kugira ngo ibarura n'igenamigambi birusheho kugenda neza muri Komini zabo.

Yarangije avuga ko ibyo gutondeka amafishi nabyo ba Burgumestri bagombye kubikurikirana kuko bikomeye, ibitabo by'imibereho bwite nabyo bikuzuzwa neza hakurikijwe amategeko mashya ariho, hanyuma, ikibazo cyo kwandika abanyamahanga bahawe ubwenegihugu nacyo kikaba kitagombye gutera imbogamizi kuko ku mafishi ariho biteganyijwe.

Umuyobozi w'Inama yahise afata ijambo avuga ko atifuza ko ikibazo cy'iyandikwa ry'abana bavutse mu buryo butemewe n'amategeko cyagarukwaho, kubera ko kwandikwa k'umwana ari ngombwa kandi bikaba ari itegeko risobanuye neza kuko rivuga riti : " Se w'abana cyangwa yaba ari ntawe, nyina, cyangwa undi ubarera, bategetswe kumenyekanisha ivuka ry'abana bitarenze iminsi mirongo itatu. Icyo gihe umwana yandikwa kw'ifishi ye y'ibarura, ibyanditse kuri iyo fishi byandikwa no mu gitabo cy'abaturage ba Komini avutsemo, no ku ndangamuntu ya se cyangwa yaba ntawe, ku ya nyina, cyangwa undi umurera. Uwandikisha atanga icyemezo cyo kuvuka cya Muganga cyangwa se hakaba hari abagabo babiri ".

Umuyobozi w'Inama yasobanuye ko umwana yandikwa :

1. Kw'ifishi ye bwite
2. Mu gitabo cy'abaturage
3. Kw'ifishi ya se, cyangwa nyina, cyangwa umurera, ibyo rero bikaba bisobanuye bihagije ku buryo umwana wese agomba kwandikwa nta ngorane.

Nyuma y'aho ba Suprefe bahawe ijambo batanga ibitekerezo, ibyifuzo n'ibibazo byabo.

.../...

Uwa mbere yasabye ko abashinzwe ibarura bajya bahabwa ibihano bikaze kubera ko bakora amakosa akomeye basa nk'aho batazi akamaro k'ibarura mu majyambere ya Komini, noneho Umuyobozi w'inama asubiza ko ibyo bihano biteganyijwe rwose mw'itegeko, yungamo avuga ko ikibazo gikomeye ari uko na ba Suprefe ubwabo batajya bibuka kujya muri Komini kureba uko iyo mirimo ikorwa kugira ngo babashe gukosora no guhana abica amategeko.

Yibukije ko hari inyigisho ya Ministri ivuga ko umwe mu bakozi ba Prefegitura agomba no gushingwa ibibazo by'ibarura, uwo rero akaba ariwe ugomba gufatanya na Suprefe gucunga neza imirimo y'ibarura muri za Komini.

Undi musuprefe yavuze ko n'ubwo mugenzi we wari watanze ikiganiro yari yavuze ko ibarura ryakozwe nabi kuva kera ku buryo n'iryo muri 1978 ryaba ryarapfuye, abona ko ubu hashobora gukorwa irindi rishingiye ku rwego rwa Segiteri kandi rikagenda neza ku buryo umuntu yamenya abantu batuye u Rwanda kw'itariki iyi n'iyi. Yanaboneyeho no gutanga icyifuzo cy'uko Ministeri yo izi neza akamaro k'ibarura, yatera inkunga amakomini mu byerekeye kongera abakozi b'ibarura kuko ari bake.

Umuyobozi w'inama yahise avuga ko atemera ko ibarura ryo muri 1978 ryaba ryarapfuye kubera ko ryari rifite icyo rigamije, akomeza yemeza ko muri Komini, abayobozi baramutse babyitabiriye bashobora gukora ibarura kandi mu gihe gito abaturage b'Igihugu cyose bakaba bazwi. Naho ku byerekeye inkunga ya Ministeri yerekeranye n'abakozi b'ibarura, Umuyobozi w'inama yavuze ko Ministeri itashobora gukora imirimo ya ba Prefe, ba Suprefe, na ba Burgumestri, bityo rero Komini ikaba ariyo ikwiye kureba niba ifite amafranga yo guhemba abo bakozi, byashoboka ikabashyiraho kuko bafite akamaro.

Undi mu bari mu nama nawe yahawe ijambo avuga ko gukurikiza amategeko y'ibarura biruhije cyane cyane mu kwandika abana b'abagore b'inzererezi, ubundi kandi ibarura rikaba ritumvikana kimwe ku bantu bose. Umuyobozi w'inama yasobanuye ko hari ikibazo kuko itegeko rivanaho ubuharike ariko abantu bakaba batarabyumva, ikaba ari nayo mpamvu, itegeko riteganya ko umwana wese agomba kwandikwa. Ibyerekeye ubuharike rero bizakemurwa n'amategeko agenga umuryango naho ibyerekeye kwandika abana bigengwa n'amategeko agenga ibarura kandi arasobanuye bihagije.

.../...

Hakurikiyeho icyifuzo cy'uko ku byerekeye kwandika abanyamahanga, itegeko ryahinduka rigaha Komini ubushobozi bwo kubandika aho kugira ngo Burgumestri ajye ahora kuri Prefegitura kureba amafishi yabo, hanyuma abakarani b'ibarura nabo bagakomeza guhugurwa, byanashoboka ubutegetsi bwa Komini bukagezwaho agatabo gakubiyemo amategeko yose agenga ibarura kugira ngo ibintu birusheho kugenda neza.

Hanavuzwe kandi n'ikibazo cy'abantu bimuka batabivuze akenshi kubera gutinya ko ba Burgumestri babaka imisanzu, imisoro, amende z'uko batakoze umuganda muri Komini zabo, n'ibindi,iyo myifatire ya ba Burgumestri rero nayo ikaba ishobora gutuma ibarura n'iyimurwa ry'amafishi ripfa.

Uwatanze ibyo bitekerezo yaboneyeho asobanura ikibazo cyari cyavuzwe cyerekeye aho abahawe ubwenegihugu bandikwa, avuga ko kw'iteka rya Ministri ritanga ubwenegihugu haba hariho n'aho uwo muntu agomba kubarurirwa.

Undi nawe yunzemo avuga ibibazo byinshi bikunze kuboneka kuri ba bakarani bashinzwe ibarura, akenshi ngo bikaba biterwa n'ubushobozi buke bafite kandi n'abategetsi bo mu rwego rwa Prefegitura bakaba badafite ibikoresho byatuma basura kenshi za Komini kugira ngo barebe uko zikora, bishobotse rero Ministeri ikaba yarushaho gutera inkunga izo nzego zo hasi.

Kuri ibyo byose byari bimaze kuvugwa, umuyobozi w'inama yavuze ko tugomba kumenya ko "Ak'imuhana kaza imvura ihise", bityo tukaba tugomba kumenya ko icy'ibanze ari ugutunganya imirimo yacu dushingiye ku bushobozi dufite, ku mategeko dufite, cyane cyane kuri ibyo by'ibarura, tugashaka uburyo twatera abakarani b'ibarura inkunga n'ubwo koko ibibazo bihari byerekeranye n'amikoro make y'Igihugu.

Naho kubyerekeye agatabo kakubirwamo inyigisho zerekeye ibarura n'indi mirimo ikorerwa muri Komini, Umuyobozi w'inama yavuze ko muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bagiye gushaka ukuntu bagategura maze kamara gutungana bakazakohereza muri za Komini.

Na none kuri ibyo byerekeye ibarura, undi mu Suprefe yatanze igitekerezo cy'uko, nk'uko abaselire bagabanyijwe imirimo nk'iyo kwinjiza umutungo n'ibindi, no ku byerekeye ibarura hajya hagira umuserire ubyitaho muri selire ashinzwe, mbese agakurikirana ibyabaye ku buryo ushinzwe ibarura kuri Komini amenya abavutse, abapfuye n'ibindi byose bitamuruhije.

Undi nawe yunzemo atanga igitekerezo cy'uko Konseye ariwe wajya akora ibarura muri Segiteri noneho akabyandika mu gitabo gifite kopi eshatu ku buryo nyuma y'ukwezi yajya yohereza kopi imwe kuri Komini n'iyindi kuri Prefegitura, iyindi igasigara kuri Segiteri, bityo umukarani w'ibarura muri Komini agahera kuri izo raporo za Konseye atunganya ibye muri Komini.

Umuyobozi w'inama yahise yamagana icyo gitekerezo cya nyuma avuga ko ku mirimo Konseye afite itoroshye umuntu atakongeraho no kumusaba kujya yirirwa ku biro bya Segiteri akora imirimo y'ibarura ngo bishoboke. Ahubwo yashyigikiye igitekerezo cy'uko umukarani w'ibarura ariwe waza muri Segiteri noneho abaselire bakaba aribo bamufasha kumenya bimwe mu byo ashaka kuko bo baba bakurikiriye hafi ibiba muri za Serire zabo.

Undi nawe yatanze igitekerezo cy'uko amasegiteri yahabwa iminsi yo kujya mu byerekeye ibarura kuri Komini aho kugira ngo umukarani w'ibarura abe ariwe ujya muri Segiteri kuko n'amafishi ashobora kononekarira mu nzira kubera impamvu nyinshi, ubundi kandi umuturage uje kuri Komini afite ikibazo akumvwa, aho kugira ngo akorerweho umukwabu asoreshwa, asabwa umusanzu kuko mu by'ukuri ibintu nk'ibyo bishobora gutuma abaturage batinya kugeza ibibazo byabo mu butegetsi.

Yunzemo avuga n'ikibazo cy'Abatwa ngo gikwiye kwitabwaho cyane kubera ko bakunda kwizererera muri za Prefegitura bishakiye kandi ntawe babimenyesheje ndetse kwimenyekanisha mu butegetsi bakaba basa nk'aho babizira.

Umuyobozi w'inama amaze kumva ibyo bitekerezo yavuze ko ntacyo arwanya muri byo ariko ko mu magambo ahinnye amategeko ariho, icya ngombwa kikaba ari ukuyubahiriza byaba ari ibyerekeye iby'ibarura, byaba ibyi gutumiza amafishi y'abimukiye mu yindi Komini dore ko agomba gutumizwa na Burgumestri wakiriye abo bantu. Naho ku batwa nabo, yavuze ko uburyo bwa mbere bwo kubafasha ari ukubafata nk'abandi baturage kubera ko mu by'ukuri hariho n'Abahutu ndetse n'Abatutsi bamerewe nabi kurusha Abatwa.

Undi mu bari mu nama nawe yatanze icyifuzo cy'uko umukarani w'ibarura wari mu rwego rwa nyuma rw'abakozi ba Komini, ubu mw'itegeko rishya ritegurwa, yashyirwa mu rwa mbere kubera ko byagaragaye ko asabwa imirimo myinshi kandi ifitiye Komini akamaro gakomeye, bityo nawe byatuma yumva ko yitaweho maze agakora akazi ke neza.

.../...

Icyo cyifuzo cyahise cyemerwa noneho undi abaza kubyerekeye abantu bigira mu mahanga batabivuze Komini ikaba itamenya igihe izahagararira kubabarura, no kubyerekeye iyimurwa ry'amafishi y'abagore ba kabiri batemewe n'amategeko kubera ko mu by'ukuri nta mpamvu yemewe n'amategeko yatuma amafishi yabo yimurwa.

Umuyobozi w'inama yahise asobanura ko ku banyarwanda bagiye mu mahanga, mu gihe bataragaruka, ngo basabe ko bakwamburwa ubwenegihugu bw'u Rwanda, cyangwa ngo bazane inyandiko yemeza ko babonye ubundi bwenegihugu, baba bakiri abanyarwanda kandi bagomba gukomeza kubarurwa.

Naho kubyerekeye iyimurwa ry'amafishi y'abagore batemewe n'amategeko twakwita indaya, Umuyobozi w'inama yemeye ko gikomeye rwose ariko ko mu gihe Burgumestri yemeye ko umugore abana n'umugabo runaka mu buryo butemewe n'amategeko agomba no kumuha uruhusa rwo gucumbika, icyo gihe rero akaba ashobora no kumutumiriza ifishi. Yarangije asobanura ko icyo kibazo kizakomeza kikigwa, kikaba ngo gishingiye kw'itegeko ryashyizweho ariko ridahuje n'umuco w'abanyarwanda bamwe na bamwe.

.../....

Nk'uko byari byifujwe na baSuprefe igihe bigaga gahunda y'ihugurwa kw'itariki ya 24/11/1986, Milita NYEMAZI Primiyani yatangiye ibiganiro byari biteganyijwe kw'itariki ya 25/11/1986 asobanurira abari aho ibyerekeye amategeko mashya azagenga Prefegitura n'ubwo akiri umushinga. Dore uko yabibasobanuriye :

UMUSHINGA W'ITEGEKO RISHYIRAHO IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE YA PREFEGITURA.

Icyatumye Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini isaba ihindurwa ry'Itegeko-Teka ryariho ni uko Ubuzima-gatozi buhabwa Prefegitura butashyizwe mu bikorwa; ariyo mpamvu usanga hakiri ibibazo bimwe na bimwe cyane cyane mu byerekeye imari.

Twashatse rero ko Prefegitura yagira ingengo y'imari yayo yigengaho.

Ikindi twasanze abakozi bakorera mu rwego rwa Prefegitura kuko batahiriza umugozi umwe kandi Prefe akaba ari nawe uhagarariye Ubutegetsi nyubahiriza tegeko wenyine abo bakozi bategekwa na Prefe uretse abasanzwe bagengwa n'Amategeko yabo bwite (Ubucamanza, Uburezi n'Ingabo z'u Rwanda).

Icya gatatu twasanze Inama ya Prefegitura idakwiye gukomeza gukora nk'ubu. Ubu iyo nama itanga ibyifuzo (rôle consultatif), tugashaka ko yajya ifata ibyemezo (rôle délibératif).

Ibindi twahinduye ni ugukura amategeko agenga Suprefe mw'itegeko, akagengwa n'amategeko agenga abakozi ba Prefegitura, kandi akavanaho Suprefe wo kuri Prefegitura. Prefe akunganirwa n'umukozi ufite urwego rw'ubuyobozi bukuru; nawe akunganirwa n'abandi bakozi.

Ku bibazo bike ba Suprefe babajije nko gusobanuza aho amafranga Prefegitura izajya ikoresha azaturuka ndetse n'ukuntu imishinga ihanitse nko gukora umuhanda izajya ikorwa, Umuyobozi mu byerekeye amategeko yabashubije ko amafranga yari asanzwe atangwa kuri za Prefegitura azazihabwa mu guhemba abakozi no kugura ibikoresho nk'uko bisanzwe, gusa noneho akaba ari Prefegitura iyigengaho kuko izaba ifite ubuzima-gatozi. Naho ku mishinga ikomeye yari isanzwe ikorwa na Leta, hateganyijwe ko n'ubundi Leta izayikomeza.

.../...

Umuyobozi w'inama yahise aha ijambo Suprefe BARAVUGA Laurent wagombaga gutanga ikiganiro cyerekeye IMYIYONGERE Y'UMUTUNGO WA KOMINI.

Mu gosoza ikiganiro Milita BARAVUGA yasabye bagenzi be kuza kugira icyo bavuga kuri ibi bitekerezo bye :

- Gushyiraho amashami ya F.D.C. muri Prefegitura,
- Kugira icyo Leta yegurira Komini ku mahôro y'ibintu bigurishirizwa muri Komini,
- Inganda zikorera muri Komini zikagira amafranga zaha Komini.

Milita BAZIMAZIKI nawe yongeye ho ibisobanuro bimwe kur'icyo kiganiro asobanura neza ko umutungo wa Komini ushingiye ku misoro y'abaturage ba Komini no ku mahôro. Yakomeje avuga ko umutungo wa Komini ubu wifashe nabi kubera cyane cyane programu Leta iyiha kandi ntiyihe amafranga. Ibyo bigatuma Komini ikora iyo bwabaga ngo programu ya Leta yubahirizwe ariko bigatera ingorane ku mirimo yari isanzwe ya Komini. Yabwiye abari aho ko bakwiye kwamagana koko abanyereza umutungo wa Komini kandi bakanawugenzura ku buryo bwimazeyo. Ibyo bikaba bigomba guhagurukirwa n'inzego bireba arizo Komini, Prefegitura cyane cyane Leta kuko yo inaniza Komini cyane. Leta ikwiye gutanga programu aho kujya ihora ifatirana Komini nayo ubwayo itishoboye.

Yagize n'icyo avuga kubyerekeye imishinga Komini yakora ikayizanira amafranga no ku mukozi uzajya yakira amafranga akayabika (caissier). Kubyerekeye iyo mishinga, yavuze ko hari iyananiranye kandi ari iya Leta nkanswe rero iya Komini, abasaba kuza kugira icyo babivugaho. Kubyerekeye uwo mukozi, yababwiye ko basanze aribwo buryo bwiza bwo gutuma umutungo wa Komini utanyerezwa kuko abo bakozi bombi bazaba bameza nk'aho bagenzurana. Ndetse bizorohereza na Burgumestri kubagenzura kuko imapuro n'amafranga bizaba bibitse ukubiri.

Yasabye nanone ba Suprefe kuzajya bakoresha abakozi bashinzwe kugenzura imari ya Komini kuko usanga basa nk'aho batabitaho, bakirengagiza ko imirimo bakora bayigengwamo na Prefe mbere ya Ministri.

Nyuma hakurikiyeho umwanya w'ibibazo byabaye byinshi cyane ariko byose bikaba bikubiye mu ngingo indwi gusa kandi bikaba byaraherutswe n'ikibazo kimwe Milita GAHAMANYI Célestin, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Amajyambere ya Komini yabajije ba Suprefe.

Mbere y'uko ibyo bibazo byose bisubizwa nk'uko byari byanditse, Prezida w'inama yabanje gusobanurira ba Suprefe ko iyi nama itateguriwe gushaka ibyifuzo n'ibibazo byo gushyikiriza izindi nzego gusa. Ahubwo iri hugurwa ryari rigamije kurebera hamwe ibisubizo ku bibazo bahura nabyo, bakungurana inama kandi bakumvikana ku buryo bwo kuzajya babikemura. Niyo mpamvu ibiganiro byinshi byateguwe kandi bitangwa na bamwe muri bo.

Yakomeje agira ati : " Muri abafasha ba Prefe. Buri Suprefe kuri Prefegitura afite imirimo ashinzwe ari nayo buri gihe agiramo Prefe inama. Ibibazo byinshi mwavuze, ubwanyu mwasanze biterwa n'uko ahanini ubutegetsi bwa Prefegitura busa nk'aho buterera Komini. Ibyo bibazo mubaza natwe biradutangaza kuko ahubwo nitwe twagombaga kubibabaza. Ntimugomba gukoreshwa gusa, ahubwo namwe mugomba kwikoresha niba muzi imirimo Igihugu cyabashinze, mukareba koko niba namwe ubwanyu mubona mukora akazi uko bikwiye".

Yunze mu kibazo cy'Umuyobozi Mukuru ushinzwe Amajyambere ya Komini, abaza ba Suprefe ati " Iyo uhaye Prefe ingengo ya Komini runaka ngo nayisinye cyangwa ayemeze kandi ubwawe ubona harimo ibinyoma cyangwa amakosa, ubwo uba utekereza iki ? " " Iyo ugeze muri Komini ugasanga ikamyo yinjije amafranga 10.000 nko mu mezi angahe, iyo wicecekeye ntubivugane na Prefe ubwo uba utekereza iki ?".

Yabahaye ingero nyinshi nk'izo kugira ngo barusheho kwumva neza ko nta kuntu za Komini, za Suprefegitra na Prefegitura zizatera imbere igihe ba Suprefe bo kuri Prefegitura badahagurikiye gukora neza bibwirije imirimo bashinzwe.

Ibibazo byatanzwe byari bikubiye mu ngingo ya mbere, byerekeye uburangare cyangwa ukwirengagiza kw'abategetsi.

Nk'uko mw'ijambo rye yari amaze kubivuga Umuyobozi w'inama yabwiye ba Suprefe ko ibyemezo n'amabwiriza byose byo mu makomini biba byanyujijwe ku butegetsi bwa Prefegitura bukabyemera. Abo bategetsi nta bandi atari abari mu nama kuko nibo babyiga bakagira Prefe inama, bakanakurikirana imirimo yose ya za Komini. Yabasabye kuba koko abafasha nyakuri ba Prefe kuko afite imirimo myinshi abazwa buri gihe akaba ari nayo mpamvu bamuhaye abo ba Suprefe ngo bayimufashemo.

.../...

Ibindi bibazo byari bihuriye ku bakozi ba Komini. Kubera ubukene bw'amakomini abakozi bagomba kugabanywa. Ba Suprefe bamwe bati ese ubwo kwirukana umukozi nta kosa nibyo ? Abandi bati uwashyiraho organigramme, Komini ikagira abakozi bahagije bajijutse ndetse bamwe bagahembwa na Leta. Ndetse ngo ba Burgumestri barifuza ba archivistes. Abo bakozi bo kuri organigramme bazaba kavukire ka Komini niba koko Komini ari ishingiro ry'amajyambere.

Umuyobozi w'inama yavuze ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini itavuze ngo birukane abakozi ahubwo yavuze ko bamwe mu bakozi ba Komini bahagarikwa by'agateganyo kugeza igihe umutungo wa Komini uziyongerera bagasubizwa ku kazi kuko Komini igomba gukoresha abo ishoboye guhemba. Ariko birumvikana ko uwakwibonera ahandi akazi yakwigendera.

Urwego rwa gatatu rw'ibibazo usanga rwerekeye ku mfashanyo zitangwa na Prezida wa Repubulika, na M.R.N.D. ndetse na jumelage-coopération. Ba Suprefe bavuze ko izo mfashanyo zidatangwa kimwe ndetse basaba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ko yajya ibanza guhabwa programu y'ukuntu izo mfashanyo zizatangwa. Ngo hari n'ukuntu Komini ifite abantu bakomeye bayivukamo, ihora ifashwa kandi imeze neza naho iyazahajwe n'ubukene ntibayirebeshe n'irihumye.

Prezida w'inama yasubije ko Prezida wa Repubulika cyangwa Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D. bafite uburenganzira n'ububasha bwo guha Komini bashatse imfashanyo. Ariko ahanini biterwa n'ibikorwa by'amajyambere iyo Komini iba imaze kugeraho. Ntawagufasha kandi nawe utifashije. Iyo Komini itumiye Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D., ibishaka kumwereka ibikorwa imaze kugeraho no gusaba ko M.R.N.D. yayitera inkunga mu yindi mishinga iba ifite. Komini idafite umushinga yakoze, idafite n'umwe iteganya gukora ubwo yasaba imfashanyo y'iki ? Ku byerekeye jumelage-coopération, Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Ko Komini igerageza gusaranganya ariko hari za Komini zitarazana MONOGRAPHIE yazo. Yakomeje avuga ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yifuza ko abategetsi ba Komini bakwishakira ubucuti n'amahanga noneho Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ikabafasha nyuma ariko aribo babyitangiriye. Ariko ntibigomba kwitiranwa no kuba umuja w'uwo munyamahanga ushatseho ubucuti. Ak'imuhana kaza imvura ihise.

Ingingo ya kane n'iyerekeye imishinga Komini yakora ikajya iyizanira inyungu. Bamwe mu ba Suprefe bavuze nka za Farumasi, inganda z'isukari, uruganda rw'icyayi n'ibindi. Bifuje kandi ko Leta mu kwemeza imishinga y'abanyamahanga igeza igihe yegurirwa za Komini, yajya ibanza gusuzuma neza uko izakomeza abo banyamahanga bayeguriye Komini. Bati ikunda gutera ibibazo kuko nyuma usanga Komini ziyitangaho amafranga zitayikuramo, ahubwo ugasanga bene iyo mishinga izitera kurushaho gukena.

.../...

Prezida w'inama yabamenyesheje ko kubona umushinga uzagirira Komini akamaro atari ibyo kwirukirwa. Ni ibintu bikomeye, kuko n'iya Leta usanga ifite ingorane. Naho ubundi Komini igize imana yabona nka bene iyo mishinga kuko yayifasha muri byinshi. Nyamara rero ibyashoboka ni imishinga Komini ishoramo imari iyifatanyije n'abikorera ku giti cyabo kandi idacungwa na Komini. Kubyerekeye kwiga imishinga, Umuyobozi w'inama yavuze ko ashyigikiye icyifuzo cya ba Suprefe cy'uko yajya isuzumwa n'akanama k'impuguke bityo bigatuma irushaho kugirira Komini akamaro.

Ku bibazo byerekeye Ikigega Gitsura Amajyambere ya za Komini, ba Suprefe babajije uko gikora n'uko za Komini zifashwa.

Umuyobozi w'inama yababwiye ko ba Prefe bose ndetse na bamwe muri ba Burgumestri bo muri Prefegitura zose uko ari 10 babizi kuko bari mu nama igena uko icyo kigega gikora. Yabahaye imibare y'ukuntu amafranga yagiye asaranganywa muri za Prefegitura, abonaraho n'umwanya wo kubamenyesha ko za Komini nyinshi zidatanga umusanzu muri icyo kigega.

Dore uko amafranga yagiye atangwa kuva muri 1977, kugera mu kwezi kwa 10 uyu mwaka :

<u>AMAFRANGA Y'IMFASHANYO YAHAWE KOMINI.</u>

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | GISENYI | : | 101.534.213 | : | 12 | = | 8.461.184 FRWS |
| 2. | BYUMBA | : | 135.568.675 | : | 17 | = | 7.974.628 FRWS |
| 3. | GIKONGORO | : | 9[illegible].280.552 | : | 13 | = | 7.021.581 FRWS |
| 4. | KIGALI | : | 106.267.048 | : | 17 | = | 6.251.003 FRWS |
| 5. | RUHENGERI | : | 101.336.179 | : | 16 | = | 6.333.511 FRWS |
| 6. | KIBUNGO | : | 60.728.610 | : | 11 | = | 5.520.783 FRWS |
| 7. | GITARAMA | : | 71.224.868 | : | 17 | = | 4.189.698 FRWS |
| 8. | BUTARE | : | 81.9[illegible]3.934 | : | 20 | = | 4.095.697 FRWS |
| 9. | KIBUYE | : | 35.365.666 | : | 9 | = | 3.929.518 FRWS |
| 10. | CYANGUGU | : | 40.680.098 | : | 11 | = | 3.698.191 FRWS |

.../...

AMAFRANGA YAGURIJWE KOMINI.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | KIGALI | : 44.858.447 | : 17 | = 2.638.732 | FRWS |
| 2. | BUTARE | : 44.775.106 | : 20 | = 2.238.755 | FRWS |
| 3. | KIBUNGO | : 23.860.992 | : 11 | = 2.169.181 | FRWS |
| 4. | GISENYI | : 25.487.292 | : 12 | = 2.123.941 | FRWS |
| 5. | CYANGUGU | : 21.971.535 | : 11 | = 1.997.412 | FRWS |
| 6. | GITARAMA | : 30.359.606 | : 17 | = 1.785.859 | FRWS |
| 7. | GIKONGORO | : 22.709.954 | : 13 | = 1.746.920 | FRWS |
| 8. | BYUMBA | : 25.449.015 | : 17 | = 1.497.001 | FRWS |
| 9. | KIBUYE | : 12.179.680 | : 9 | = 1.353.941 | FRWS |
| 10. | RUHENGERI | : 20.280.331 | : 16 | = 1.267.521 | FRWS. |

AMAFRANGA YISHINGIRIWE KOMINI.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | KIGALI | : 118.700.000 | : 17 | = 6.982.353 | FRWS |
| 2. | CYANGUGU | : 25.230.000 | : 11 | = 2.300.455 | FRWS |
| 3. | BUTARE | : 43.315.000 | : 20 | = 2.160.750 | FRWS |
| 4. | GITARAMA | : 27.220.000 | : 17 | = 1.601.176 | FRWS |
| 5. | GISENYI | : 15.977.939 | : 12 | = 1.331.495 | FRWS |
| 6. | KIBUNGO | : 11.560.000 | : 11 | = 1.050.909 | FRWS |
| 7. | BYUMBA | : 13.100.000 | : 17 | = 770.588 | FRWS |
| 8. | GIKONGORO | : 9.850.000 | : 13 | = 757.692 | FRWS |
| 9. | RUHENGERI | : 10.192.000 | : 16 | = 637.000 | FRWS |
| 10. | KIBUYE | : 5.425.000 | : 9 | = 602.778 | FRWS. |

Ikibazo cyerekeye amahôro (taxes) cyabyukije impaka n'ibyifuzo byinshi muri iyo nama. Ba Suprefe basabye ko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini yakora uko ishoboye igashyiraho imibare ntarengwa ku bintu byose Komini isoresha, amategeko n'amabwiriza ya za Komini akazubahiriza iyo mibare.

Umuyobozi w'inama yavuze ko ikibazo aho kiri cyane cyane n'uko ubutegetsi ari ubwa Komini ari n'ubwa Prefegitura butazi neza ibigomba gusoreshwa muri Komini, kandi Komini igashyiraho amahôro akabije Prefegitura ikabyemera kuko ibyihorera. Nyamara umuntu amenye neza umubare w'amafranga agomba kwinjira, akamenya n'agomba gusohoka, ubutegetsi bwa Prefegitura bukabigenzura neza koko, n'uwasaba imfashanyo byamworohera kuko nta kundi byagenda igihe Komini yakoze iyo bwabaga, itagombye kwiyenza ku baturage ibaca amafranga y'ubusa.

.../....

Nta mibare Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini igomba gushyiraho kuko za Komini zishyiraho amahôro zikurikije ubukungu bw'abaturage b'ako karere. Ahubwo ba Prefe, bagomba gusuzuma neza inyandiko-mvugo y'inama yerekeye ayo mahôro. Ni ba Suprefe rero bakunda kwiga ayo madosiye. Ibyo birajyana n'amadosiye yo gutanga akazi muri Komini.

Prezida w'inama yavuze ko mu magambo make ari amahôro, ari n'ibindi bibazo byose bijyana nayo, bigomba gukemurwa n'ubutegetsi bwa Prefegitura kuko aribwo bubyemeza.

Ingingo ya nyuma ni iyerekeye imodoka za Komini. Ba Suprefe bavuze ko zihombya Komini ndetse bakibaza ukuntu Komini zimwe zigira imodoka zirenze 5 kandi hari izidafite n'imwe. Ubwo hari nanone ikibazo cy'imodoka nke kuri Prefegitura. Bifuje kandi ko bajya baha za Prefegitura imodoka zitanywa lisansi nyinshi nk'amajipe ubu bazihaye.

Umuyobozi w'inama yavuze ko nk'amakamyo ya Komini akwiye gukurikiranwa koko kugira ngo akorere Komini aho gukorera umuntu ku giti cye. Ariko byose bizaterwa n'umurava ba Suprefe bazagira wo guhora bagira inama Prefe, bamufasha gushakira icyateza Komini bashinzwe imbere. Iyo za Komini zimeze neza, na Prefegitura iba imeze neza. Ku kibazo cy'imodoka zindi za Komini, Umuyobozi w'inama yavuze ko nta mafranga zigomba kwinjiza, ahubwo zorohereza abayobozi ba Komini mu gutunganya imirimo yabo. Ahubwo imikoreshereze yazo niyo ikwiye kujya isuzumwa neza, na none n'ubutegetsi bwa Prefegitura, kandi bagateganya kuzazisimbura zashaje. Ku kibazo cy'amamodoka yatangwa kuri Prefegitura, amikoro y'Igihugu ntayo ku buryo izo modoka ba Suprefe bifuza zaboneka. Ariko buri gihe Leta ibishoboye itanga uko yifite.

Nyuma ya saa sita, isaa munani nibwo ba Suprefe bagejejweho ikiganiro cyerekeye " Itegurwa n'Irangiza ry'imishinga ya Komini" cyatanzwe na Suprefe BUDARAMANI Gerigori.

Suprefe BUDARAMANI amaze kugeza kuri bagenzi be ikiganiro yari yateguye, ijambo ryahawe Milita MUNYEMANZI Inyasi ukora mu byerekeye kugenzura imishinga muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini ashingira ku nyigisho ya Ministeri yibutsa ba Suprefe ko bagomba kugira uruhare rukomeye mu mishinga y'ubwubatsi muri za Suprefegitura na Prefegitura bakoramo. Yavuze ariko ko akenshi muri Ministeri batangazwa n'ukuntu imishinga imwe n'imwe ituruka muri izo nzego idateguwe neza nyamara urasanga abo bategetsi barashyizeho imikono yabo bikaba rero bituma umuntu yakwibaza ibibazo bitatu :

A/ Kuki Prefegitura itamenya neza uko imishinga yo mu mkomini yifashe ?

B/ Ese imishinga igezwa muri Ministeri iba yaranyuze mu nzego za ngombwa zitegetswe ?

C/ Kuki imishinga yari ikwiye guhahira Komini ariyo iyisonga, iyishora mu myenda ?

Milita MUNYEMANZI yakomeje atanga icyifuzo cy'uko kuri iyo ngingo ya gatatu, hakwiye gusuzumwa uburyo Komini yakwibanda ku mishinga igamije amajyambere y'abaturage noneho kubyerekeye ibyara inyungu, ikaba yashoramo amafranga ikifatanya n'abandi bikorera ku giti cyabo, cyangwa se ikagira inama abikorera ku giti cyabo bakayikora wenda ikabasoresha, nanone kandi ibyo byose bikagira amategeko kugira ngo umushinga nuhomba bibe bigaragara.

Nyuma y'icyo gitekerezo hahawe ijambo Suprefe MUNYESHEMA Yohani Batista ageza kuri bagenzi be ikiganiro cyerekeye " Itegurwa n'ikorwa ry'Umuganda".

Ikiganiro kirangiye, Umuyobozi w'inama yahaye ijambo Milita KARANGWA Ferederiko, Umuyobozi w'Umuganda muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, agira ibisobanuro atanga ku ngingo zimwe na zimwe zari zavuzwe na Suprefe MUNYESHEMA.

Ku byerekeye intego z'umuganda, yashimye ukuntu hasobanuwe ko zifite amashami atatu ariyo ya Politiki, Ubukungu n'Umuco, aboneraho kwibutsa abajya barwanya Umuganda cyane cyane uw'abakozi ba Leta kujya bazirikana izo ntego zose aho kureba ishami rimwe gusa. Yatanze urugero ati ntawamenya agaciro k'amafranga aha igikorwa cya Prezida ufashe isuka akajya guhinga hamwe n'abaturage mu muganda.

Ku byerekeye Komisiyo zishinzwe Umuganda muri Prefegitura no muri Komini, Milita KARANGWA yavuze ko byaba byiza zishoboye guterana igihe cyose zihamagajwe, ndetse zikajya no mu giturage kugira inama abaturage, abazigize kandi akaba ari abantu baboneka nk'uko byifujwe na Komisiyo y'Igihugu y'Umuganda. Yavuze ndetse ko hari n'abatanga icyifuzo cy'uko habaho Komisiyo imwe muri Komini yaba igizwe n'abantu bareba imirimo y'ingeri zose, noneho yaba igiye kubonana n'abaturage ikarebera byose hamwe ( Umuganda, Kurwanya isuri, Isuku n'ibindi).

Milita KARANGWA kandi yavuze ko kwiha umugambi mu buryo bw'imibare ( objectif chiffré ) ari byiza mu byerekeye itegurwa

ry'Umuganda ndetse bikaba byoroshya n'ibarura ry'ibyo Umuganda wagezeho nyuma y'igihe iki n'iki kuko umuntu aba azi umubare w'abaturage bakora umuganda. Yasobanuye kandi ko n'ubwo abantu bafite akamenyero ko gukorera umuganda mu rwego rwa Selire, iyo hari nk'igikorwa cyahuza amaserire menshi ndetse n'amasegiteri menshi nta ngorane bashobora kubahuza, ndetse n'umuntu, byaba ngombwa, akaba yahabwa icyate gihwanye n'umubyizi ushyitse, yarangiza akigendera, ariko na none ntihagire umuntu usabwa gukora ibirengeje ingufu ze kuko abantu badahwana.

Ku kibazo cy'iminsi y'umuganda yahinduye iy'isoko ngo bikaba bibangamiye umutungo wa za Komini zimwe, Umuyobozi w'Umuganda yavuze ko azagisuzumana n'abashinzwe umutungo wa Komini muri Ministeri; ariko kubwe, abona nta shingiro gifite kuko nta kintu kigaragara byagombye guhindura ku mutungo wa Komini, ahubwo ngo asanga uko bimeze byakorohereza abategetsi akazi ko gucunga umuganda kuko ukorwa ku minsi imwe izwi.

Ku byerekeye impanuka ziva ku muganda, Milita KARANGWA yasobanuye ko ku bakozi, Isanduku y'Ubwitegenyirize ibagoboka naho ku bandi baturage Komisiyo y'Igihugu y'Umuganda yasabye Prezidansi ya M.R.N.D. kwiga uko hashyirwaho ikigega cyajya kibagoboka, ubu bikaba bicyigwa neza ariko biri mu nzira nziza.

Ikibazo cy'ibihano bihabwa abadakora umuganda nacyo cyagezweho noneho Umuyobozi w'Umuganda asobanura ko ku bakozi bahanwa nk'abasibye akazi, abihaye Imana nabo bakaba bari bakwiye gusobanurirwa n'abategetsi begeranye ko bakwiye gukurikiza amabwiriza y'Igihugu, naho abaturage bandi bakaba bari bakwiye guhanirwa muri gacaca cyangwa mu muryango, abigize ba kagarara bakagezwa ku butegetsi bwa Komini kuko baba barwanya amatwara y'Igihugu.

Ku byerekeye igipande gihabwa abatanga umuganda, Milita KARANGWA yasobanuye ko muri Ministeri basanga gukora igipande cyakwizwa mu gihugu cyose aribyo byiza kugira ngo bivaneho akajagari, ba Suprefe rero baba babishyigikiye bakazabishyira mu byifuzo byabo kugira ngo bizakorwe vuba.

Naho kubyerekeye gucunga ibivuye ku muganda, hasobanuwe ko ibyiza ari uko ibivuye mu muganda byagurishwa noneho amafranga avuyemo akazashorwa mu bindi bikorwa by'Umuganda, nko kugura amabati yo gusakaza Segiteri cyangwa ishuri. Milita KARANGWA yasobanuye ko aho ikibazo kikiri ari i KIGALI mu byakozwe n'abakozi ba Leta, ariko ko mu gihe ikigega cyo gushyigikira ibikorwa by'Umuganda kitari cyashyirwaho, asanga Service Technique ya Leta yerekeranye n'ibyo bikorwa yabicunga (exploitation) noneho amafranga avuyemo akazashyirwa mw'Isanduku y'Igihugu.

.../....

Nyuma y'ibyo bitekerezo, Umuyobozi w'inama yongeyeho ko Komisiyo y'Umuganda ya Prefegitura itagomba gutegura Umuganda wa Serire Sipesiyarize gusa, ahubwo ko igomba gutegura no kwemeza ibikorwa by'Umuganda byose muri za Komini. Yibukije ko iyo Komisiyo ishinzwe:

- Kureba niba ibikorwa biteganywa ari ngombwa;
- Kureba niba ibikorwa biteganyijwe muri segiteri bifite aho bihuriye n'ibyateganyijwe mu yandi ma segiteri, mbese bakirinda nko gukora imihanda itagira iyo ijya cyangwa igarukira mu rugo rw'umuntu ku buryo ntacyo iba imariye rubanda nyamwinshi;
- Kureba niba ibya ngombwa byo gutuma igikorwa kirangira mbese nk'ibikoresho by'ingoboka byo gukora ibiraro igihe hari umuhanda ukorwa muri segiteri;
- No kureba niba ibikorwa byararangirijwe igihe kandi niba byarakozwe neza.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Amajyambere ya Komini muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, Milita GAHAMANYI Selestini nawe yahawe ijambo, ahoneraho kongera gusaba ba Suprefe kwita ku mishinga yoherezwa muri Ministeri, kugira ngo izajye yoherezwa iteguwe neza koko, mbese ku buryo n'uwashaka kuyitangira imfashanyo atavunika asaba ibindi bisobanuro, ubundi kandi bakajya banafasha za Komini gushakisha imishinga no gukurikirana uko ikorwa noneho bakajya bamenyesha Ministeri aho igeze.

Hakurikiyeho umwanya w'imishyikirano maze umusuprefe wa mbere atanga igitekerezo cy'uko kugira ngo imishinga irusheho gutegurwa no gukurikiranwa neza, abagize utunama tw'Impuguke twa Komini barushaho guterwa inkunga bishyurirwa amafranga y'inzira, abashinzwe iby'imishinga muri Prefegitura nabo bagahabwa uburyo bwo kugera muri za Komini mbese nk'akamodoka gato cyangwa agapikipiki cyangwa se bakagurizwa amafranga yo kwigurira kimwe muri ibyo, kandi na Komini itanze umushinga ariko idafite amafranga ahagije yo kuwurangiza ntiyemererwe kuwutangira.

Umuyobozi w'inama yahise avuga ko kuri icyo cya nyuma, umushinga uterekana uko uzarangira utagomba gutangira, ibyo bikaba bikubiye mu nyigisho ya Ministri, ariko Komini ikaba ahubwo ishobora guteganya imishinga myinshi itekereza kuzageraho mu myaka iri imbere, naho ibindi byo ngo bikaba bishingiye ku mikoro y'Igihugu.

…/…

Undi nawe yatanze icyifuzo cy'uko programu yo gushyiraho ba Burgumestri bashoboye yakomeza kubera ko basabwa byinshi, kandi bagashyirwa mu nzego zo gucunga imishinga iri mu karere bategeka kugira ngo imishinga irusheho kugenda neza.

Undi nawe yifuje ko kuri Prefegitura hakoherezwa umukozi uzobereye mubyo kwiga imishinga wafasha Suprefe cyangwa se uwo mukozi akaba ari muri Ministeri ariko ashinzwe Prefegitura izwi, byaba bidashoboka bagateganya amahugurwa ya ba Suprefe mubyo gutegura no kwiga imishinga kugira ngo imirimo igende neza.

Umuyobozi w'inama yavuze ko ibyo gushyira umukozi muri Ministeri wigira za Komini imishinga atabyemeye kubera ko icyo gihe ba Suprefe babishinzwe baba babaye iposita gusa kandi atari cyo basabwa. Yasabye ahubwo kugerageza kujya bashakashaka ibitabo aho byaboneka, noneho bakihugura ubwabo batagombye gutegereza ko Leta ibakorera byose.

Ku byerekeye Umuganda, Umuyobozi Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, Milita GAHAMANYI Selestini, niwe wabanje gutanga ibisobanuro. Ku byerekeye igipande cy'umuganda ngo mu makomini amwe n'amwe bagurisha kandi Ministeri itarabitegetse, yavuze ko bidakwiye rwose ahubwo ko hari kwigwa ukuntu cyaba ubwoko bumwe mu gihugu hose kandi kikajya gitangirwa ubuntu kubera ko n'Umuganda ubwawo atari agahato ahubwo ari ikintu abaturage basabwa kugira ngo amajyambere yiyongere.

Ku byerekeye ibikorwa by'Umuganda nk'amashyamba, Milita GAHAMANYI yavuze ko ubu hari gutegurwa itegeko rigenga amashyamba, riteganya ko ba Burgumestri bashobora kuyasaba akaba aya Komini, ubu rero n'ubwo ritasasohoka bakaba bashobora kuba banditse.

Ku bavuga ko ngo Umuganda wagira itegeko riwugenga kugira ngo abatawutanze bashobore guhanwa, yavuze ko we abona atari ngombwa ko iryo tegeko rishyirwaho kubera ko Umuganda nyine atari agahato, ibyo ariko bikaba bitavuga ko umuntu yakwirengagiza kwifatanya n'abandi mu bikorwa bifitiye akamaro rubanda nyamwinshi.

Umuyobozi w'inama yunzemo avuga ko abo barwanya Umuganda bitwaza ko ngo atari itegeko, bashobora no kuzawurwanya iryo tegeko riramutse rigiyeho noneho bavuga ko ubaye agahato, ati niyo mpamvu tugomba kubyitondamo, tugakoresha abaturage neza nta gahato, uwuteshutse tukamuhanira mu muryango, mbese ntidukunde umuganda kurusha abawukora.

.../....

Undi mu basuprefe yabajije niba byemewe guhana abatararangiza imiringoti ngo kubera ko Prezida wa Republika yasabye ko byaba byararangiye muri 88, noneho Umuyobozi w'inama asobanura ko ushobora gukoresha abaturage ku gahato noneho n'ibyo bakoze bakagaruka bakabyonona, bityo rero ubu ahubwo abantu bakaba bakwihatira gukoresha inama zigamije gutuma Umuganda ukorwa vuba kandi neza, noneho ibyerekeye ibihano bikazatekerezwa wenda mu mpera za 1988. Icya ngombwa n'uko buri wese yumva ko Umuganda ari ngombwa ariko atari agahato, ubundi kandi abagomba guhanwa cyane bakaba ari abonona ibikorwa by'Umuganda.

Undi mu bari mu nama yagaragaje impungenge z'uko za raporo z'Umuganda zidakorwa neza kubera ko uburyo zigomba gukorwamo butari bwakwira hose, hanyuma avuga ko mu muganda w'amaserire spesiyarize mensh ngiza asobanuza umubyizi ugaragara uwo ariwo n'amasaha umuganda ugomba kumara.

Umuyobozi w'inama yasobanuye ko ibyerekeye raporo ubu bitangiye kugenda neza kubera ko amabwiriza asobanura uko zikorwa ubu yatangiye gukwirakwizwa, naho ibyerekeye kutaza mu muganda kw'"abakomeye" bikaba bikemurwa n'uko hajya hatangwa raporo bityo bigatuma bikosora. Ibyerekeye umubyizi byo, yavuze ko biterwa n'uko uwakoresheje umuganda abibona kuko biterwa n'abawukoze kandi n'icyo bakoze.

Hakurikiyeho igitekerezo cy'uko ibikorwa mu muganda w'abaturage byajya biva mu baturage ubwabo noneho ibitekerezo bibavuyemo bikigirwa muri za Komisiyo zishinzwe Umuganda, icyemezo gifashwe kikamenyeshwa abaturage nanone kugira ngo bakore bazi neza icyo bagamije, aho kugira ngo basabwe gukora ibintu batazi akamaro kabyo cyangwa bo babona hari ibindi birushijeho bari bakwiye gukora.

Umuyobozi w'inama yashimye icyo gitekerezo avuga ko n'ubundi ariko bigomba kugenda naho kubyerekeye Umuganda w'abakozi nawo abayobozi b'amaserire bakaba bagomba guhora bamenyeshwa ibikorwa Serire zabo zizajya zisabwa gukora, gusa ikibazo gihari ubu kikaba ari ukubonera abakozi b'i Kigali bose aho bakorera hamwe.

Undi musuprefe nawe yahawe ijambo avuga ikibazo cy'abanyamadini ngo badakora Umuganda ndetse hakaba n'ubwo bakoresha iminsi mikuru nko kubatiza, gusezeranya, gukomeza, ku minsi y'Umuganda mbese ku buryo bugandisha.

.../...

Umuyobozi w'inama yavuze ko tutagomba gushakira ibibazo aho bitari kuko mu by'ukuri abihaye Imana niba badafata isuka ngo bajye gucukura imirwanyasuri, bakora umuganda ku buryo bwabo mu bigo babamo kandi si na benshi cyane. Yasobanuye ko ahubwo abategetsi bagomba kubegera bagakorana inama, bakumvikana kuri gahunda bagomba gukoreraho ibikorwa byabo ariko bakagerageza koroherana kuko n'abo banyamadini bafitiye akamaro abaturage.

Undi nawe yabajije ikibazo cyerekeranye n'icyate avuga ko ari cyiza ariko kurundi ruhande kikaba gishobora gutuma abantu bakora bya nikize. Yasobanuriwe ko mu by'ukuri icyate atari cya kindi cy'agahato ahubwo ari ukwereka umuntu aho akora hakwiranye n'imbaraga ze, unaniwe akaruhuka, ubundi kandi nyuma y'Umuganda hakavugwa ijambo ndetse n'umutekinisiye nka Monagri akaba yaboneraho gucengeza amabwiriza.

Nyuma y'ibyo bitekerezo, abasuprefe bagejejweho ikiganiro cyerekeranye n'uko ibyifuzo batangiye mw'ihugurwa ryabo ryo muri 1984 byakurikijwe. Cyatanzwe na Milita HARELIMANA François, Umuyobozi muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

.../...

Kuwa 26 Ugushyingo 1986 mbere ya saa sita hari hateganyijwe ibiganiro bibiri :

- KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO, cyatanzwe na Suprefe HATEGEKIMANA Joachim.
- KUJIJURA NO GUHUGURA ABATURAGE, cyatanzwe na Milita KARENZI Daniel, Umuyobozi muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, afashijwe na Milita LIBAKARE Elie, Umukozi muri iyo Ministeri.

Nyuma ya buri kiganiro, Milita NDAGIJIMANA Papias wayoboraga inama mu mwanya w'Umunyamabanga Mukuru, yavuze mu magambo avunaguye ingingo z'ingenzi zikubiye muri ibyo biganiro mbere yo guha abari mu nama urubuga rwo kubitangaho ibibazo n'ibyifuzo.

Ku byerekeye KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO, Prezida w'inama yavuze mu magambo ahinnye ko Umutegetsi agomba gutanga amategeko, kugenzura niba akurikizwa no gusuzuma no gutanga ibitekerezo bye kuri za raporo ahabwa.

Ku kiganiro cyerekeye KUJIJURA NO GUHUGURA ABATURAGE, Umuyobozi w'inama yavuze ingingo z'ingenzi zikurikira :

1. Kujijura abaturage ni ngombwa kugirango tuzagere ku majyambere nyayo;
2. Ihugura ntirireba igitsina gore gusa, n'igitsina gabo kigomba guhugurwa;
3. Ubu za I.G.A. zateye imbere kuko n'ubwo zimwe muri zo zidafite amazu zihariye, I.G.A. z'amakomini 120 zifite abakozi kandi zatangiye amahugurwa;
4. Ubu twakwizera ko ihuzwa ry'imirimo yose yo guhugura abaturage rizubahirizwa mu makomini yose y'u Rwanda kuko ari kimwe mubyo ingendo Ubuyobozi Bukuru bw'Ihugurwa ry'Abaturage muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bumaze iminsi bukora mu ma Prefegitura yose y'u Rwanda, zari zigamije;
5. Leta nayo ikora uko ishoboye igafasha amakomini mu kubaka ibigo bya I.G.A. kuko buri mwaka itanga miriyoni 25.
6. I.G.A. yigisha ibiganiro amajyambere byose;
7. Ingorane I.G.A. ihura nazo zerekeye kutitabira amahugurwa kw'Impuguke zimwe na zimwe n'ibikoresho bikiri bike.

.../....

Umuyobozi w'inama yagize n'icyo avuga kubyerekeye gusoma no kwandika :

1/ Kutajya mw'ishuri nibyo bituma umubare w'abatazi gusoma no kwandika wiyongera.

2/ Ibikorwa byo kwigisha gusoma, kwandika no kubara bidindizwa n'amikoro make y'Igihugu no kubura imfashanyo.

Ba Suprefe bahawe umwanya wo kubaza no gutanga ibyifuzo byabo.

A. <u>KUGENZURA IMIKORERE Y'UBUTEGETSI BWA KOMINI NO GUTEGURA ZA RAPORO.</u>

Abari mu nama bifuje ko amabwiriza bahawe yerekeye igenzura mu makomini yavugururwa kuko adahuje n'igihe tugezemo.

Kuri icyo cyifuzo, Umuyobozi w'inama, Milita NDAGIJIMANA Papiyasi yabemereye ko ayo mabwiriza azavugururwa, hagakorwa indi fishi nshya y'igenzura.

Umwe mu ba Suprefe yongeyeho ko mu RUHENGERI hari ifishi yakozwe muri urwo rwego ishobora gufasha Ministeri muri iryo vugururwa.

Ba Milita Suprefe basabye ko hashyirwaho agatabo (guide pratique ou vade mecum) gakubiyemo amategeko n'amabwiriza akunda gukenerwa mu mirimo y'Ubutegetsi kugira ngo irusheho gukorwa neza, n'abakiyitangira basobanukirwe vuba n'imirimo bashinzwe.

Kuri iyo ngingo, Prezida w'inama yemeye ko ako gatabo kazakorwa, anavuga ko kazaba gakubiyemo ibyerekeye : amategeko, ibarura, abapolisi ba Komini, imikorere ya Komini n'ibindi.

Milita HARELIMANA François, Umuyobozi ushinzwe iby'Ubutegetsi yongeyeho ko bene ako gatabo katangiye gukorwa uretse ko ivugururwa ry'amategeko agenga imitegekere ya Komini na Prefegitura yatumye gahagarara. Ubu, nk'uko byemerewe ba Suprefe ba Suprefegitura, ako gatabo kazakorwa.

Kubera ko kugeza ubu usanga akenshi mu nama ya Komini ari nka Burgumestri ufata wenyine ibyemezo kubera ubumenyi buke bw'abayigize; umwe mu bari mu nama yifuje ko hashyirwaho akandi kanama muri Komini kajya gafata ibyemezo.

.../...

Umuyobozi w'inama yashubije ko gushyiraho akandi kanama byaba ari ukongera umubare w'utunama muri Komini, kandi n'uturiho ubu batwinubira kubera ubwinshi bwatwo. Ahubwo umuti waba uwo gushaka uko abagize iyo nama ya Komini baba ari abantu bajijutse. Ahari umushinga w'ivugururwa ry'imitegekere ya Komini niwemerwa, icyo kibazo kizaba kibonewe umuti, uretse ko Komini ishobora kwitabaza impungenge zayo zose n'izo mu yindi Komini mu gihe yiga ibibazo.

Abari mu nama basanze ko mu bikurikizwa kugira ngo umuntu yiyamamaze ku mwanya wa Konseye hakwiye kongerwaho ko agomba kuba afite nk'amashuri yisumbuye ; ko umushahara bagenera ba Konseye ukwiye kwiyongera noneho hakaboneka abize biyamamariza uwo mwanya; bityo icyo kibazo kikaba kibonewe umuti kuko inama ya Komini yagirwa n'abantu bajijutse.

Ba Suprefe bagaragaje ko amabwiriza yerekana uko raporo y'irangiza ry'imanza igomba gukorwa atumvwa kimwe na bose, bityo raporo zitangwa ugasanga zidahuje n'ukuri. Ndetse rimwe na rimwe ibyo bigaterwa nanone n'ubwumvikane buke hagati y'inkiko n'ubutegetsi bwa Komini.

Kuri iyo ngingo, Prezida w'inama yamenyesheje abari mu nama ko ayo mabwiriza yizwe na ba Prefe bafatanyije n'abakozi ba Ministeri y'Ubucamanza basanga koko hari ibigomba gusubirwamo. Imbonerahamwe(tableau)yongewemo ibyari byibagiranye, inasobanura ibitarumvikana. Abategetsi ba Komini bagomba gufatanya n'abategetsi b'inkiko gukora iyo raporo.

Usanga hari abagiranabi Komini ishyikiriza ubugenza-cyaha ngo bubafunge, bagahita barekurwa ako kanya. Ba Suprefe basabye kuri iyo ngingo ko Inzego zishinzwe ubugenza-cyaha zajya zikorana n'Ubutegetsi bwa Komini kugira ngo umutekano mu baturage urusheho gushinga imizi.

Umuyobozi w'inama yavuze ko icyo kibazo kizwi, ko amategeko ariho ubu agomba gukurikizwa kuko usanga hari bamwe bumva bashaka gukandamiza abandi. Mu gihe umuntu ashyikirijwe ubugenza- cyaha nta bimenyetso bimushinja bigaragara, agomba kurekurwa kuko byagaragaye ko hari abantu bafunga abandi bagira ngo babumvishe gusa.

.../...

Umwe mu bari mu nama yifuje ko hakwigwa uburyo bwatuma abaturage barushaho kwizera ubutegetsi bwa Komini kugira ngo mu gutanga ibibazo byabo batajya basimbuka inzego, n'uburyo barushaho kwi- tabira umutekano.

Kuri icyo cyifuzo, Prezida w'inama yavuze ko aba- tegetsi ubwabo bafite uruhare runini kugira ngo ibyo bigerweho. Bagomba kumvisha abaturage mu manama bakorana ko ari ngombwa kujya mu nzego zo hejuru babanje kunyura mu zo hasi; ko bagomba gutabarana mu gihe ari ngombwa.

B. KUJIJURA NO GUHUGURA ABATURAGE.

Umwe mu bari mu nama yavuze ko havuka ingorane yerekeye ubufatanye hagati ya I.G.A. n'impuguke kuko usanga izo mpuguke zivuga ko nta gihe zifite cyo guhugura abaturage. Yifuje ko hashyirwaho amabwiriza ategeka izo mpuguke gufatanya na I.G.A. kugira ngo ihugurwa ry'abaturage rirusheho gutera imbere.

Umuyobozi w'inama Milita NDAGIJIMANA Papiayasi yavuze ko koko ubufatanye aricyo kibazo kizitira imikorere myiza ya I.G.A. Yakomeje avuga ko hasabwe kandi ko amategeko yanditse abisaba ya- shyirwaho; uretse ko ubu hari inyandiko zisobanura imikorere ya I.G.A. Yongeyeho ko atumva ukuntu izo mpuguke zivuga ko zibura umwanya kandi iyo zigiye mu masegiteri ziba zigiye kwigisha abaturage ! Ingorane aho iri ni uko zidakorana gahunda n'abashinzwe I.G.A. Uretse ko nta gihamya y'uko amategeko aramutse ashyizweho yakurikizwa. Impuguke ubwazo zigomba kubyiyumvisha. Yaboneyeho umwanya wo gusaba ba Suprefe gukora uko basho- boye kugira ngo inzego za I.G.A. zikore neza.

Undi mu bari mu nama yongeyeho ko indi nzitizi y'ubwo bufatanye ari uko imishinga imwe ikoresha uburyo bwo guhugura aba- turage budahuje n'ubwa I.G.A.

Milita KARENZI Daniel yamushubije ko iyo atari inzitizi ikomeye kuko hari imishinga yahinduye uburyo bwayo, ikoresha ubwa I.G.A. kandi bikagenda neza.

Ba Suprefe bavuze ko hari ibibazo byerekeye abi- gisha gusoma, kwandika no kubara, kuko ababikora ku buryo bw'Umuganda hari igihe babiretse kandi ntibahanwe. Hari n'abatazi kwigisha bakwiye guhugurwa. Bifuje ko hakorwa umushinga usobanuye washyikirizwa abagira neza kugira ngo batange imfashanyo yo gushyigikira imirimo yo kwigisha gusoma, kwandika no kubara, kandi umwe mu bagize Komite ya Selire aga- shingwa uwo murimo.

.../...

Umuyobozi w'inama yashubije ko abigisha gusoma, kwandika no kubara babikora kuburyo bw'Umuganda batari bakwiye kureka uwo murimo kuko bategetswe gukora Umuganda. Naho ku batazi kwigisha, ntibyumvikana ukuntu Selire nzima yabura nibura umuntu umwe ubizi; uretse ko akenshi hari abapfa kwemera kandi batazi kwigisha, ibyo bigaca intege abigishwa. Ihugurwa ry'abigisha gusoma, kwandika no kubara ryo ni ngombwa, uretse ko iyo umwigisha ari umwe gusa amasomo ahagarara. Ibyiza ni uko baba ari babiri kugira ngo bigende neza. Icyifuzo cyatanzwe n'uko abigisha gusoma, kwandika no kubara nta gihembo bategereje bajya babanza guhugurwa.

Nyuma ya saa sita, abari mw'ihugurwa basuye aho bubaka ikibuga cy'imikino (Stade National) i REMERA, banasura Ikigo bororeramo amatungo magufi i KABUYE n'Uruganda bengeramo ibitoki (OVIBAR).

.../...

Kw'itariki ya 27 Ugushyingo 1986 hari hateganyijwe ikiganiro kimwe cyerejeye " IMIRIMO YA BA SUPREFE BAKORERA KURI PREFEGITURA " cyatanzwe na ba Suprefe :

- MINANI Athanase, kubyerekeye UBUTEGETSI N'AMATEGEKO
- N.RENZAHO Victoire, kubyerekeye IMIBEREHO Y'ABATURAGE N'UMUCO
- NTAGUGURA Georges, kubyerekeye UBUKUNGU NA TEKINIKI
- RUKABUKIRA Ildephonse, kubyerekeye POLITIKI.

Ibyo biganiro byose uko ari bine birangiye, Umuyobozi w'inama yabwiye abari aho ko ibibazo byinshi byavuzwe muri ibyo biganiro bisanzwe bizwi. Yakomeje ababwira ko muri make ibyo biganiro bikubiye mu ngingo zikurikira :

- Inama za Komini na Prefegitura :

Kuri iyo ngingo Prezida w'inama yagaragaje ko inama aribwo buryo bwiza bufasha Ubutegetsi gukemura ibibazo. Koko byagiye bigaragara kenshi ko komini zidakunda gukoresha inama cyangwa Prefegitura, usanga ariho higanje ingorane nyinshi z'ubutegetsi. Izo nama rero zigomba gukoreshwa na Prefe, ni ba Suprefe bagomba kuzitegura kandi bagahora bagenzura ko n'iza Komini zikorwa nk'uko amategeko abiteganya.

- Kugira ingengabihe y'akazi :

Prefe afite imirimo myinshi imugomba kuburyo akunze kubura umwanya wo kuyitunganya, niyo mpamvu bamuhaye abamufasha aribo ba Suprefe. Umuyobozi w'inama yabwiye abo bafasha ba Prefe ko ibyinshi bikorwa nabo muri Prefegitura ariko bakaba babikora mw'izina rya Prefe. Bagomba rero kwiga, gutunganya no gukurikirana ikintu cyose cyagirira Prefegitura akamaro ariko buri gihe Prefe akaba akizi kandi yacyemeye. Nta kuntu imirimo yagombye kubananira kuko bafite abakozi. Ariko ishobora kubananira igihe bihaye kudakoresha abo bakozi, bagashaka kwikubiraho akazi kose ka Prefegitura. Umuyobozi w'inama yasabye rero abo ba Suprefe kujya bakoresha abo bakozi n'ubwo bwose ahenshi usanga ari bake, ariko rero nibura n'abo bake bagakoreshwa.

- Raporo zigomba gukorwa :

Hakurikijwe nanone ukuntu za raporo zitangwa muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, Umuyobozi w'inama yavuze ko imirimo ya Prefegitura na Komini itajya imenyekana neza muri Ministeri. Koko rero izo raporo niba zitagera muri Ministeri, biramvikana neza ko bigoye kumenya ukuntu amakomini ameze. Ibyo bigatuma umuntu yibaza niba igenzurwa (inspection) Prefegitura igomba gukora mu makomini, rikorwa koko. Ubundu ni Suprefe ugomba kureba impamvu izo raporo zo muri Komini zidakorwa akabimenyesha Prefe, bakarebera hamwe uko babibonera umuti.

.../...

N'aho bagerageza kuzikora, usanga ziza zitameze neza. Niba se Prefegitura ubwayo itazikora, izagenzura Komini ite ? Umuyobozi w'inama yasabye abari aho gushyiraho umurava izo raporo zikajya zitangwa, zigatangirwa igihe, zuzuye neza kandi bakajya bajya no kugenzura za Komini. Bizatuma imirimo irushaho kugenda neza ari muri Komini, Prefegitura ndetse no muri Ministeri.

Prezida w'inama yasabye ba Suprefe kurushaho kwita ku mirimo bashinzwe, bakajya bibwiriza (initiative), bagakora cyane cyane ibyo bashinzwe nta guhimana cyangwa kwivanga mu mirimo itabagenewe.

Yakomeje abamenyesha ko no mu mahugurwa ataha, ibiganiro bizajya bitangwa na bamwe muri bo kugira ngo barusheho kumva neza imirimo bashinzwe kandi barusheho kuyitunganya.

Ku byerekeye abakozi bakenewe muri Prefegitura, Prezida w'inama yavuze ko Ministeri yari yagerageje kubabona ariko abenshi bigiriye kwiga. Yabasezeranyije ko icyo kibazo kizwi kandi ko buri gihe Ministeri ihora igerageza kugishakira umuti. No kubyerekeye imodoka ni kimwe. Amikoro y'Igihugu atuma nibura Prefegitura igira imodoka eshatu. Hariho rero na Prefegitura zifite imodoka zirenze eshatu ariko naho ukumva ibibazo by'imodoka bihari. Mu by'ukuri, izo modoka eshatu zagombye korohereza imirimo ubutegetsi bwa Prefegitura. Ba Suprefe na Prefe bakigira hamwe uko zakoreshwa hakurikijwe gahunda y'imirimo bose basabwa kandi igomba gukorwa. Yakomeje abasaba kutajya bavuga ngo nta modoka, nta bikoresho, nta lisansi igihe cyose bazaba badashaka kubishyira muri za raporo basabwa buri gihe.

Yaboneyeho n'umwanya wo kubamenyesha ko raporo y'umwaka wa 1986 igomba kuzaba yageze muri Ministeri bitarenze ukwezi kwa werurwe 1987, naho iya 1987 ikazatangwa mu kwa Mutarama 1988. Yababwiye ko tugomba kumenyera kujya dutanga raporo y'umwaka mu mpera z'uwo mwaka.

Kubyerekeye imibereho y'abaturage, Umuyobozi w'inama yasabye uwari watanze icyo kiganiro gukora igena-migambi yayo akitabaza Prefe kubyo adasobanukiweho, byaba ngombwa akazitabazana Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Ibyo aribyo byose ababana kuburyo budahuje n'amategeko bagomba kubarurwa, bakamenyekana nk'uko Ministeri y'Ubuzima n'Imibereho y'Abaturage yabisabye ndetse **ba Suprefe bakazatanga** n'ibyifuzo byabo kuri icyo kibazo.

Kuri icyo kiganiro, byagaragaye ko hari abatishoboye benshi usanga buri gihe birukira ubutegetsi akenshi ibibazo ntibibonerwe umuti. Prezida w'inama yasobanuye neza ko uretse no kuri abo batishoboye, n'abandi baturage bose batanga ibibazo ntibibonerwa umuti ako kanya.

Ariko icyangombwa n'uko umuntu yakirwa neza, bakamwumva kandi bakamushakira igisubizo. Akenshi si Prefe wenyine cyangwa Suprefe wenyine uba urebwa n'icyo kibazo runaka, hari n'abakozi b'inzego zo hasi bashobora gukemura ibyo bibazo.

Kubyerekeye ubukungu, Umuyobozi w'inama yasabye ba Suprefe kujya bateganya inama z'abaturage ku buryo bwiza butabuza umuturage gukora indi mirimo yo kuzamura urugo rwe. Nk'uko byari byavuzwe n'uwari watanze ikiganiro, hari inama nyinshi abategetsi bamwe bakoresha kandi bitari ngombwa ahubwo ugasanga abaturage bahagwa. Niyo mpamvu ba Suprefe basabwe kuzita kuri icyo kibazo.

Ku byerekeye Politiki, Umuyobozi w'inama yamenyesheje abari aho ko Suprefe ushinzwe Politiki afite ubutumwa bwo kureba animasiyo no gukurikirana imirimo y'inzego zose za M.R.N.D. Uwo Suprefe niwe muhuza w'Ubutegetsi bwa Prefegitura n'ubwa Komini kubyerekeye imigambi ya M.R.N.D. Agomba no kugenzura niba amabwiriza yose ya M.R.N.D. yubahirizwa. Kubera izo mpamvu rero agomba kumenya ikintu cyose cyaba inkomyi, kigatuma ibyo bitagerwaho kandi akakibwira Umuyobozi wa M.R.N.D. muri Prefegitura.

Mu gusoza icyo kiganiro, Umuyobozi w'inama yabwiye ba Suprefe ati : " Ibi biganiro twashatse ko bitangwa namwe kugira ngo turebe niba mwumva imirimo mushinzwe nk'uko Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini iyumva. Mukwiriye rero kwimitjiramo agafu. Ba Prefe bagomba kubakoresha bakurikije imirimo mushinzwe. Ntimugomba kuvugira mu matamatama. Nimubwire Prefe ikitagenda neza nibiba ngombwa mwake ko mubonana ariko mugomba no kumubwira uko mwe mubona mwabigenza ". Prezida w'inama yabamenyesheje ko Ministeri izasaba ba Prefe kuzajya bakorana inama na ba Suprefe nibura rimwe mu cyumweru.

Nyuma ya saa sita, abari mu nama bateguye ibyemezo n'ibyifuzo by'ihugurwa.

Ku itariki ya 28 Ugushyingo 1986 saa tatu za mugitondo niho habaye umuhango wo gusoza ihugurwa rya ba Suprefe bakorera kuri Prefegitura waranzwe na :

1°. Ibyemezo n'ibyifuzo by'ihugurwa byasomwe na Suprefe RUKABUKIRA Ildephonse.
2°. Ijambo rya ba Suprefe ryavuzwe na Suprefe BUDARAMANI Grégoire.
3°. Ijambo ry'Umunyamabanga Mukuru wari ahagarariye Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.

IBYEMEZO N'IBYIFUZO BY'IHUGURWA RYA BA S/PREFE BAKORERA KURI PREFEGITURA RYABEREYE I KIGALI MURI CENTRE CHRISTUS Y'I REMERA KUVA KUWA 24 UGUSHYINGO KUGEZA KUWA 28 UGUSHYINGO 1986.

==================================

Bashingiye ku byemezo bya Kongre za M.R.N.D. zisaba ko aba Militante n'abamilita bo mu nzego zosebahugurirwa imirimo bashinzwe,

Nyuma y'ihugurwa ryabo rya kabiri ryatangiye kuwa 24 kugeza kuwa 28 Ugushyingo 1986 rikurikira iryabereye mu kigo IWACU ku KABUSUNZU mu Ugushyingo 1984, ba S/Prefe bakorera kuri Prefegitura,

Barashimira Nyakubahwa Milita Prezida wa Republika HABYARIMANA Yuvenali, Prezida Fondateri wa M.R.N.D., ubwitange n'umurava ayoborana igihugu mu mahoro n'ubumwe, n'inkunga adahwema gutera amahugurwa nk'aya.

Barashimira kandi Milita Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kuba adatezuka ku ntego yo guhugura abakozi bo mu nzego zose za Ministeri ashinzwe kuyobora.

Iri hugurwa dushoje none ryatumye turushaho kungurana ibitekerezo mu mirimo dushinzwe cyane cyane ko ibiganiro byatanzwe na bamwe muri twe.

Mu biganiro twagiranye, twemeje kandi twifuza ibi bikurikira :

I. IBYEMEZO.

a) Ku byerekeye Ubutegetsi n'Amategeko.

- Kubera ko inzego zimwe na zimwe z'ubutegetsi zirenganya abaturage, abashinzwe guhana bose bagomba kubikora bakurikije amategeko ariho.
- Inzego zose zishinzwe ibarura ry'abaturage zigomba kwihatira gutunganya imirimo yose iteganywa n'amategeko arigenga.

b) Ku byerekeye Ubukungu.

- Abashinzwe kugenzura umutungo wa Komini bagomba kuyifasha gutegura neza ingengo y'imari yayo, bakanarushaho kuyigira inama igihe bagenzura imikoreshereze yawo.

.../....

c) Ku byerekeye Imibereho y'Abaturage.

- Kugira ngo ibikorwa byo kujijura no guhugura abaturage birusheho kwiyongera, Komini zigomba guteganya mu ngengo y'imari ya buri mwaka amafranga yo kugura ibikoresho.

## II. IBYIFUZO.

a) Ku byerekeye Ubutegetsi n'Amategeko.

- Kubera ko mu nkiko hakiri imanza nyinshi zitaracibwa, inzego zibishinzwe zikwiye kongera abakozi n'ibikoresho kandi aho bibaye ngombwa kuri S/Prefegitura hagashyirwa urugereko rw'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo na Parike.

- Kubera ko itegeko rivuga ko ababuranyi atari bo bakodesha imodoka zijyana abacamanza kureba aho ibiburanwa biri, iryo tegeko rikwiye kwubahirizwa kugira ngo imanza zidindizwa n'iperereza zigabanuke.

- Inzego z'ubutegetsi n'iza Politiki zigomba gukomeza kujijura abaturage kugira ngo akamenyero bafite ko kwirukira mu nzego zo hejuru basebya ubutegetsi gacike burundu kandi utahuweho iyo ngeso mbi akabihanirwa. Bagomba kumenyerezwa kubanza kunyuza ibibazo byabo mu nzego zo hasi.

- Amahugurwa y'abakozi ba Komini bashinzwe ibarura akwiye gukomeza kwitabwaho.

- Umushinga w'amategeko agenga abakozi ba Komini ukwiye kwihutishwa.

- Kubera ko mu rwego rwa Prefegitura na Komini hari utunama twinshi dukora hafi bimwe kandi tugizwe akenshi n'abantu bamwe, inama yifuje ko ibibazo bihuje byajya bihurizwa mu kanama kamwe.

b) Ku byerekeye Ubukungu.

- Kubera ko Komini ariyo shingiro ry'amajyambere kandi ikaba ifite amikoro make, Leta isabwe gushyiraho ingengo y'imari igenewe kuyitera inkunga kugira ngo ibashe kurangiza imirimo yose ishinzwe.

- Abashinzwe gutegura Umuganda bakwiye kurushaho kuwutegura no kuwuyobora neza kugira ngo ibikorwa byawo birusheho kugirira rubanda nyamwinshi akamaro.

.../....

- Abakora Umuganda bakwiye kumenyeshwa ibyavuye mu bikorwa byawo kandi amafranga avuyemo agakoreshwa mu bindi bikorwa bigamije amajyambere.

- Ku byerekeye kugenzura imikorere y'Umuganda, inama yifuje ko hashyirwaho igipande kimwe mu Gihugu hose.

c) <u>Ku byerekeye Imibereho y'Abaturage</u>.

- Inama yifuje ko Abategetsi n'Abakozi b'Inzego zose barushaho gufatanya guhagurukira programu yo kurwanya ubujiji cyane cyane mu rubyiruko.

Kigali, kuwa 28 Ugushyingo 1986.

IJAMBO RY'ABASUPREFE BO KURI PREFEGITURA MU MUHANGO WO GUSOZA IHUGURWA RYABO RYABAYE KUVA KUWA 24 UGUSHYINGO KUGEZA KUWA 28 UGUSHYINGO 1986.-

---

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, umwe mu bagize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.,

Banyakubahwa mugize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.,

Banyakubahwa Militants Ministri,

Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Militantes, Militants,

Nishimiye mu izina rya bagenzi banjye no mu izina ryanjye bwite kubagezaho iri jambo mbere yo gusezeranaho ngo dusubire mu mirimo dushinzwe.

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Banyacyubahiro mwese muri hano,

Mu isoza ry'iri hugurwa tuboneyeho umwanya wo gushimira Nyakubahwa Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D., Militant General-Major HABYARIMANA Yuvenali, kubera intego ye nziza yatoje Abanyarwanda twese yo guhuza abayobozi n'abayoborwa no guhugura abakozi b'inzego zose kugira ngo barusheho kwitangira imirimo bashinzwe.

Turashimira kandi kuba yarahaye buri Munyarwanda wese kuvuga icyo atekereza mu kinyabupfura kandi yubaka igihugu.

Turashimira kandi inkunga adahwema gutera amakomini, kugira ngo abe koko ishingiro ry'amajyambere.

Nyakubahwa Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini,

Banyacyubahiro muteraniye hano,

Ubu bubaye ubwa kabiri Abasuprefe ba Prefegitura bahurira hamwe kugira ngo bahugurwe kandi barusheho kumenya imirimo bashinzwe. Ihugurwa rya mbere ryabaye mu Ugushyingo 1984, rirangira neza. Iri hugurwa turangije ryagize akarusho kuko Abasuprefe ubwabo,

.../...

babifashijwemo n'abakozi bakuru n'impuguke ba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, barebye hamwe uko batunganya imirimo yabo; basuzumira hamwe kandi ingorane bakunda guhura nazo, bagerageza no kuzishakira umuti.

Ibyo tukaba tubikesha ubwitange n'umurava byanyu bidahwema kugira ngo abakozi muyobora barusheho kurangiza imirimo yabo. Tukaba tubasabye ko iyo ntego yo kugumya guhugura abakozi mwazayikomeza igihe cyose amikoro y'igihugu abibemereye.

Nyakubahwa Bwana Ministri,
Banyacyubahiro mwese muri hano,

Turashimira kandi ku buryo bwihariye, Militant TEMAHAGALI Yustini, Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini na Militant NDAGIJIMANA Papias, Umuyobozi Mukuru muri iyo Ministeri, ubuhanga, ubushobozi, ubwitange n'ubwihangane bayoboranye iyi nama turangije.
Ntitwakwibagirwa n'impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini zabibafashijemo.
Tubibashimiye tubikuye ku mutima.
Ntitwakwibagirwa na Fondasiyo ADENOWER yateye inkunga Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini kugira ngo ishobore gutunganya neza iri hugurwa.
Turashimira kandi ubuyobozi bw'iki kigo "Centre Christus y'i REMERA" bwatwitayeho bigatuma turangiza neza imirimo y'iyi nama, tukaba tuboneyeho gusaba imbabazi ku byo twaba twarateshutseho mu mategeko y'iki kigo. Ntitwabura gushimira n'abantu bose bagize uruhare mu mitunganyirize y'iri hugurwa.

Nyakubahwa Bwana Ministri,
Banyacyubahiro mwese muri hano,

Iri hugurwa ryatumye dusobanukirwa kurushaho imirimo dushinzwe. Tubijeje rero ko tuvanye hano umugambi wo kuyitangira kugira ngo imibereho myiza y'abaturage dushinzwe irusheho gutera imbere.

Ntitwarangiza iri jambo tutifurije Umukuru w'Igihugu cyacu, Nyakubahwa General-Major HABYARIMANA Yuvenali n'Umulyango we, kurangiza uyu mwaka neza no kuzatangira utaha wa 1987 mu mahoro.

Harakabaho Prezida wa Republika,
Prezida Fondateri wa Muvoma yacu;

Inzego z'ubutegetsi zose nizisugire,
zisagambe, zitangira amajyambere y'Igihugu.

M U R A K O Z E . -

# IJAMBO RYA MINISTRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU N'AMAJYAMBERE YA KOMINI MU MUHANGO WO GUSOZA IHUGURWA RYA BA SUPREFE BA PREFEGITURA ( 24 - 28 UGUSHYINGO 1986 ).

========================

- Nyakubahwa Milita Munyanabanga Mukuru wa Muvoma yacu;
- Ba Nyakubahwa Milita mugize Komite-Nyobozi ya Muvoma yacu;
- Ba Milita Ministri;
- Ba Sympathisantes ba Sympatisants ba Muvoma yacu;
- Ba Militante ba Milita ba M.R.N.D.,

Kuwa mbere tariki ya 17 z'uku kwezi, nibwo twateraniye mu kigo cy'ahahoze ari Seminali ya Mutagatifu Paulo. Twali mu muhango wo gutangiza ihugurwa rya kabiri ryateganyirijwe abasuprefe bose uko ari 62, barimo abasuprefe 22 bayobora Suprefegitura ziriho muri iki gihe. Izo Suprefegitura zikomatanyirijo zose hamwe amakomini 77. Ihugurwa ry'abasuprefe ba Suprefegitura ryarangiye kuwa gatanu tariki ya 21 Ugushyingo 1986, rikurikirwa n'iryagenewe abasuprefe 40 ba Prefegitura. Abarikurikiye ni 56. Abatashoboye kuza nabo bagize impamvu zumvikana kandi barazigaragaza. Iri hugurwa rero ryabereye hano muri Centre CHRISTUS, naryo rigiye kurangira.

Ba Milita S/Prefe,

Ubu mumaze iminsi ine, mwungurana ibitekerezo, murebera hamwe ibibazo muhura nabyo mu kazi kanyu. Mwagerageje kubishakira umuti, mufatanyije n'impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini. Sinshidikanya ko mwageze ku myanzuro myinshi muzitabaza mu mirimo itoroshye mushinzwe; iyo myanzuro ikaba igomba no kugirira Igihugu cyose akamaro, kuko aricyo dukorera buri wese mu rwego arimo.

.../...

Ubundi muby'ukuri, bene aya mahugurwa yagenewe Abayobozi b'inzego zose,aba agamije guhuriza hamwe ibitekerezo byacu, dusuzuma ibibazo biri mu Gihugu cyacu, cyane cyane ibyo duhura nabyo mu mitunganyirize y'imirimo tubazwa,tugafatanya kubishakira umuti ubwacu. Ibyo nibyo Umukuru w'Igihugu cyacu Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali ahora adutoza iyo atwibutsa buri gihe ko amajyambere y'Igihugu cyacu ari twebwe areba mbere na mbere. Tugomba rero kuyitangira mbere y'abandi, ibituruka hanze bikaza byiyongera ku bibyawe n'ingufu zacu bwite.

Ba Milita Suprefe,

Kimwe na bagenzi banyu bayobora Suprefegitura, namwe muri intumwa z'amajyambere. Mu biganiro mwahawe na bagenzi banyu, mu bitekerezo mwunguranye no mu nama mwagiriwe n'impuguke za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, mwafashe ibyemezo bishimishije kandi byubaka. Dufatane urunana rero dutahirize umugozi umwe. Ibyo muzabigaragaza mukora neza imirimo mwashinzwe n'Umukuru w'Igihugu, muzabigaragaza mwumvira ababayobora, cyane cyane Prefe mugomba kugira inama buri gihe kandi mu buryo bubangutse; muzabigaragaza mubera abandi urugero, haba ku mirimo, ndetse no mu mibereho yanyu bwite. Muri ibyo byose kandi ba Milita Suprefe, ntituyobewe ko kimwe n'abandi bakozi ba Leta, ubutumwa mwahawe butoroshye; ntitunirengagiza imbogamizi muhura nazo, zituruka ku bagomba kubafasha babungiriije bakiri bake cyane cyangwa ndetse ntabo, imbogamizi zituruka kandi ku bikoresho bidahagije, byagombye kuborohereza mu gutunganya neza imirimo mubazwa, buri wese. Izo mbogamizi zirazwi kandi turazisangiye, kuko zituruka ku mikoro make y'Igihugu cyacu mutayobewe. Mukomere, ntituzabatererana, tuzakomeza gukora uko dushoboye, dutera inkunga urwego mukoramo, ni ukuvuga ubutegetsi bwa Prefegitura.

Babasobanuriye uko twagerageje kubahiriza ibyifuzo mwatanze mu ihugurwa ryanyu ryabaye mu Ugushyingo 1984. Ibyemezo mwafashe, kimwe n'ibyifuzo mutanze nyuma y'iri hugurwa, naby nabyo bizasuzumanwa ubwitonzi. Ibireba Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini bishobora kubonerwa umuti bizawuhabwa, naho ibireba izindi Ministeri cyangwa izindi nzego tuzabizishyikiriza.

Ba Milita Suprefe,

Nashimishijwe n'ubwitonzi, umurava n'urukundo mwebwe na bagenzi banyu bayobora Suprefegitura mwagaragaje mu gukurikira iri hugurwa. Ibyo bikaba bigaragaza inkunga namwe mutera ababayobora, cyane cyane abategura bene aya mahugurwa, kimwe n'abandi bagiraneza bayadufashamo, nka Fondation KONRAD ADENAUER. Mwarahuguwe rero, ariko kandi mbatumye guhora muzirikana kwihugura buri gihe namwe ubwanyu.

Ndangije mbasaba gukaza umurego kandi mbizeza ko ibibazo muhura nabyo mu kazi tuzakomeza kubyitaho.

Nshoje iri hugurwa mbasaba gukomeza gushyigikira Muvoma yacu na Prezida Fondateri wayo. Maze Ubumwe n'Amahoro bisagambe mu Rwanda rwacu, byo nkingi y'Amajyambere.

Murakoze.

Kigali, kuwa 28 Ugushyingo 1986.